# *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

## ***Itegeko / Law / Loi***

**Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018**
Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi…………………………………………………2

**Nº 22/2018 of 29/04/2018**
Law relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure……...2

**Nº 22/2018 du 29/04/2018**
Loi portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative…...2

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 22/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RYEREKEYE IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI** | **LAW Nº 22/2018 OF 29/04/2018 RELATING TO THE CIVIL, COMMERCIAL, LABOUR AND ADMINISTRATIVE PROCEDURE** | **LOI Nº 22/2018 DU 29/04/2018 PORTANT CODE DE PROCEDURE CIVILE, COMMERCIALE, SOCIALE ET ADMINISTRATIVE** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **INTERURO YA MBERE: INGINGO Z'IBANZE** | **TITLE ONE: PRELIMINARY PROVISIONS** | **TITRE PREMIER: DISPOSITIONS PRELIMINAIRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier: Objet de la présente loi** |
| **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 2: Definitions** | **Article 2: Définitions** |
| **Ingingo ya 3: Ibisabwa kugira ngo ikirego cyakirwe** | **Article 3: Conditions for admissibility of a claim** | **Article 3: Conditions de recevabilité d'une demande** |
| **Ingingo ya 4: Uburenganzira bw'urega ku kirego cye** | **Article 4: Claimant's prerogatives with regard to his/her claim** | **Article 4: Prérogatives du demandeur** |
| **Ingingo ya 5: Uburenganzira bw'uregwa ku byo aregwa** | **Article 5: Respondent's prerogatives with regard to allegations against him/her** | **Article 5: Prérogatives du défendeur** |
| **Ingingo ya 6: Kugena ikiburanwa no kudahinduka kw'ikirego** | **Article 6: Determination of the subject-matter and unchangeable nature of the claim** | **Article 6: Détermination de l'objet du litige et immutabilité de la demande** |
| **Ingingo ya 7: Inshingano z'urega** | **Article 7: Claimant's obligations** | **Article 7: Obligations du demandeur** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Inshingano z'uregwa** | **Article 8: Respondent's obligations** | **Article 8: Obligations du défendeur** |
| **Ingingo ya 9: Inshingano y'umucamanza yo guca imanza** | **Article 9: Judges' obligation to adjudicate cases** | **Article 9: Obligation pour les juges de juger les causes** |
| **Ingingo ya 10: Guca urubanza ku cyasabwe** | **Article 10: Decide on what has been asked** | **Article 10: Prendre la décision sur ce qui est demandé** |
| **Ingingo ya 11: Ibidashingirwaho mu guca urubanza** | **Article 11: Facts that are not considered while adjudicating a case** | **Article 11: Faits non considérés en statuant sur l'affaire** |
| **Ingingo ya 12: Ugomba kugaragaza ibimenyetso** | **Article 12: Burden of proof** | **Article 12: Charge de la preuve** |
| **Ingingo ya 13: Uburenganzira bwo kwiregura** | **Article 13: Right to be heard** | **Article 13: Droit de défense** |
| **Ingingo ya 14: Agaciro k'urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma** | **Article 14: Decision having acquired the force of res judicata** | **Article 14: Autorité de la chose jugée** |
| **Ingingo ya 15: Kutiyambaza icyarimwe inzira ebyiri zo kujurira** | **Article 15: Prohibition to avail oneself of two remedies at the same time** | **Article 15: Non exercice simultané de deux voies de recours** |
| **Ingingo ya 16: Igihe ntarengwa cyo kuburanisha urubanza** | **Article 16: Time limit for deciding a case** | **Article 16: Délai pour juger une affaire** |
| **Ingingo ya 17: Isubikwa ry'urubanza** | **Article 17: Adjournment of a case** | **Article 17: Remise d'affaire** |
| **Ingingo ya 18: Guhana abatinza urubanza cyangwa ababangamira iperereza** | **Article 18: Punishment for delaying a case or obstructing investigation** | **Article 18: Sanctions contre les manœuvres dilatoires** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 19:</u> Ingaruka zo kutishyura ihazabu mbonezamubano** | **<u>Article 19:</u> Effects of failure to pay a civil fine** | **<u>Article 19:</u> Effets de non-paiement de l'amende civile** |
| **<u>INTERURO YA II:</u> ITANGIRA RY'URUBANZA** | **<u>TITLE II:</u> INSTITUTION OF PROCEEDINGS** | **<u>TITRE II:</u> INTRODUCTION D'INSTANCE** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE:</u> ITANGWA RY'IKIREGO** | **<u>CHAPTER ONE:</u> FILING A CLAIM** | **<u>CHAPITRE PREMIER:</u> REQUETE INTRODUCTIVE D'INSTANCE** |
| **<u>Ingingo ya 20:</u> Uburyo bwo gutanga ikirego n'abemerewe kugitanga** | **<u>Article 20:</u> Filing procedure and persons qualified to file a claim** | **<u>Article 20:</u> Mode de saisine et personnes habilitées à saisir la juridiction** |
| **<u>Ingingo ya 21:</u> Impamvu zo kutandika ikirego** | **<u>Article 21:</u> Grounds for refusal of registration of a claim** | **<u>Article 21:</u> Irrecevabilité de la demande** |
| **<u>Ingingo ya 22:</u> Gutakambira icyemezo cyo kutandika ikirego** | **<u>Article 22:</u> Appealing against a decision to refuse to register a claim** | **<u>Article 22:</u> Appel contre la décision de refus d'acter la demande** |
| **<u>Ingingo ya 23:</u> Ibikubiye mu mwanzuro uregera urukiko** | **<u>Article 23:</u> Contents of a submission instituting proceedings before the court** | **<u>Article 23:</u> Contenu de la conclusion** |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Imanza zirebwa n'inama nteguraruubanza** | **<u>Article 24:</u> Cases subject to pretrial conference** | **<u>Article 24:</u> Instances soumises à la réunion pour la mise en état de l'affaire** |
| **<u>Ingingo ya 25:</u> Gutegura inama ntegurarubanza** | **<u>Article 25:</u> Preparation of the pretrial conference** | **<u>Article 25:</u> Préparation de la réunion pour la mise état de l'affaire** |
| **<u>Ingingo ya 26:</u> Gutumira inama ntegurarubanza** | **<u>Article 26:</u> Convening of the pretrial conference** | **<u>Article 26:</u> Convocation de la réunion pour la mise en état de l'affaire** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 27:</u> Kuyobora inama ntegurarubanza** | **<u>Article 27:</u> Conducting the pretrial conference** | **<u>Article 27:</u> Présider la réunion de mise en état de l'affaire** |
| **<u>Ingingo ya 28:</u> Kunga ababuranyi mu nama ntegurarubanza** | **<u>Article 28:</u> Conciliation of parties during the pretrial conference** | **<u>Article 28:</u> Conciliation des parties à la réunion pour la mise en état de l'affaire** |
| **<u>Ingingo ya 29:</u> Icyemezo cy'ubwumvikane** | **<u>Article 29:</u> Decision of conciliation** | **<u>Article 29:</u> Ordonnance de la conciliation** |
| **<u>Ingingo ya 30:</u> Raporo isoza inama ntegurarubanza iyo hakozwe umuhango w'ubwumvikane** | **<u>Article 30:</u> Final report of the pretrial conference in case of conciliation** | **<u>Article 30:</u> Rapport final de la réunion de mise en état de l'affaire en cas de conciliation** |
| **<u>Ingingo ya 31:</u> Gukemura impaka zishingiye ku gaciro k'ikiburanwa kagira ingaruka ku bubasha bw'urukiko** | **<u>Article 31:</u> Settlement of disputes relating to the value of the subject-matter affecting the jurisdiction of the court** | **<u>Article 31:</u> Règlement des disputes relatives à la valeur de l'objet du litige affectant la compétence de la juridiction** |
| **<u>Ingingo ya 32:</u> Ubundi bubasha bw'umwanditsi mu itegura ry'urubanza** | **<u>Article 32:</u> Other powers of the registrar during the pretrial phase** | **<u>Article 32:</u> Autre compétence du greffier dans la mise en état de l'affaire** |
| **<u>Ingingo ya 33:</u> Abasangiye inyungu mu rubanza** | **<u>Article 33:</u> Parties with shared interests in a case** | **<u>Article 33:</u> Parties ayant les mêmes intérêts au procès** |
| **<u>UMUTWE WA II:</u> GUHAMAGARWA KW'ABABURANYI NO KUBIBAMENYESHA** | **<u>CHAPTER II:</u> SUMMONS AND SERVING SUMMONS ON PARTIES** | **<u>CHAPITRE II:</u> ASSIGNATION ET SIGNIFICATION DES PARTIES** |
| **<u>Ingingo ya 34:</u> Ihamagara cyangwa imenyesha ry'umuburanyi** | **<u>Article 34:</u> Summons or notice to a party** | **<u>Article 34:</u> Assignation ou notification de la partie** |
| **<u>Ingingo ya 35:</u> Ibyangombwa mu kwandika ihamagara** | **<u>Article 35:</u> Requirements for drawing up a summons** | **<u>Article 35:</u> Conditions pour rédiger une assignation** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 36 Uburyo bw'ihamagara ryihariye** | **Article 36: Procedure for special summons** | **Article 36: Procédures particulières d'assignation** |
| **Ingingo ya 37: Kugaragaza uruhare rw'umuburanyi** | **Article 37: Determination of the party's capacity** | **Article 37: Mention de la qualité d'une partie** |
| **Ingingo ya 38: Kumenyesha ababuranyi benshi ihamagara** | **Article 38: Service of summons on several persons** | **Article 38: Assignation destinée à plusieurs personnes** |
| **Ingingo ya 39: Uburyo ihamagara rikorwa** | **Article 39: Modalities for serving a summons** | **Article 39: Modalités de signification d'une assignation** |
| **Ingingo ya 40: Kwanga kwakira kopi y'ihamagara, kwanga gushyira umukono ku rwandiko rw'ihamagara rw'umwimerere no kwanga kuyishyikiriza uwo igenewe** | **Article 40: Refusal to receive a copy of summons, to sign original summons and submit it to the summoned person** | **Article 40 : Refus de recevoir la copie d'assignation ou d'apposer la signature sur cette dernière** |
| **Ingingo ya 41: Ibisobanuro by'aho umuntu atuye n'aho aba** | **Article 41: Meaning of "domicile" and "residence"** | **Article 41: Définition du domicile et de la résidence** |
| **Ingingo ya 42: Ibisabwa mu gushyikiriza ihamagara** | **Article 42: Formalities as to the service of summons** | **Article 42: Mentions à respecter en cas de remise d'assignation** |
| **Ingingo ya 43: Ubundi buryo bw'itangwa ry'ihamagara** | **Article 43: Other means of service of summons** | **Article 43: Autres modes de signification d'assignation** |
| **Ingingo ya 44: Ihamagara ry'umuburanyi uba mu mahanga** | **Article 44: Summoning a party living abroad** | **Article 44: Assignation d'une partie résidant ou domicilié à l'étranger** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 45: Ihamagara ry'umuburanyi udafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi** | **Article 45: Summoning a party with unknown domicile or residence** | **Article 45: Assignation d'une partie sans domicile ou résidence connues** |
| **Ingingo ya 46: Imenyesharuhame** | **Article 46: Service by publication** | **Article 46: Signification de l'assignation par avis public** |
| **Ingingo ya 47: Imenyesha ku mashyirahamwe, imiryango n'ibigo bifite cyangwa bidafite ubuzima gatozi** | **Article 47: Service of a summons on associations, organisations and corporations with or without legal personality** | **Article 47: Signification d'assignation aux associations, organisations et établissements dotés ou non dotés de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 48: Amasaha n'iminsi byo gutangamo imenyesha** | **Article 48: Hours and days of service of summons** | **Article 48: Heures de signification d'assignation** |
| **Ingingo ya 49: Igihe ihamagara rimara** | **Article 49: Period for service of summons** | **Article 49: Délai d'assignation** |
| **Ingingo ya 50: Ihamagara ry' umuburanyi mu gihe cya bugufi** | **Article 50: Summoning a party on short notice** | **Article 50: Assignation à bref délai** |
| **Ingingo ya 51: Ihamagara ridakurikije amategeko** | **Article 51: Illegal summoning** | **Article 51: Assignation irrégulière** |
| **Ingingo ya 52: Uburenganzira bw'umuburanyi wahamagawe binyuranyije n'amategeko** | **Article 52: Rights of an illegally summoned party** | **Article 52: Droit d'une partie assignée irrégulièrement** |
| **INTERURO YA III: IBURANISHA RY'URUBANZA N'INGOBOKA ZIRUVUKAMO** | **TITLE III: HEARING A CASE AND ITS INCIDENTS** | **TITRE III: INSTRUCTION D'AUDIENCE ET INCIDENTS Y RELATIFS** |
| **UMUTWE WA MBERE: IBURANISHA RY'URUBANZA** | **CHAPTER ONE: CASE HEARING** | **CHAPITRE PREMIER: INSTRUCTION D'AUDIENCE** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Iyitaba n'ibura ry'ababuranyi** | **<u>Section One</u>: Appearance and defaulting of parties** | **<u>Section première:</u> Comparution et non comparution des parties** |
| **<u>Ingingo ya 53:</u> Ukwitaba kw'ababuranyi** | **<u>Article 53</u>: Appearance of parties** | **<u>Article 53:</u> Comparution des parties** |
| **<u>Ingingo ya 54:</u> Uburenganzira bw'uregwa iyo urega atitabye** | **<u>Article 54</u>: Rights of a respondent in case of the claimant's default** | **<u>Article 54:</u> Droits du défendeur en cas de non comparution du demandeur** |
| **<u>Ingingo ya 55:</u> Gusaba kubyutsa urubanza rwasibwe** | **<u>Article 55:</u> Application for re-introduction of a case already removed from the list of cases** | **<u>Article 55:</u> Demande de réintroduction d'une affaire après sa radiation du rôle** |
| **<u>Ingingo ya 56:</u> Ukutitaba k'uregwa** | **<u>Article 56:</u> Respondent's failure to appear** | **<u>Article 56:</u> Non comparution du défendeur** |
| **<u>Ingingo ya 57:</u> Ukwitaba kwa bamwe mu baregwa mu biburanwa byinshi bidashobora gutandukanywa** | **<u>Article 57:</u> Appearance of some respondents in indivisible claims** | **<u>Article 57:</u> Comparution de certains des défendeurs en cas de litiges indivisibles** |
| **<u>Ingingo ya 58:</u> Ukwitaba kwa bamwe mu baburanyi mu biburanwa byinshi bishobora gutandukanywa** | **<u>Article 58:</u> Appearance of some respondents in divisible claims** | **<u>Article 58:</u> Comparution de certains défendeurs en cas de litiges divisibles** |
| **<u>Ingingo ya 59:</u> Kwimura cyangwa gusiba urubanza kubera ibura ry'ababuranyi** | **<u>Article 59:</u> Adjournment or removal of the case from the list of cases in the event of absence of parties** | **<u>Article 59:</u> Remise ou radiation d'une affaire en cas de défaut des parties** |
| **<u>Ingingo ya 60:</u> Ukwitaba kw'ababuranyi ubwabo** | **<u>Article 60:</u> Personal appearance of parties** | **<u>Article 60:</u> Comparution personnelle des parties** |
| **<u>Ingingo ya 61:</u> Abandi bantu bashobora guhamagarwa ubwabo** | **<u>Article 61:</u> Other persons that may be personally summoned** | **<u>Article 61:</u> Autres personnes pouvant comparaître personnellement** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 62:</u> Kwitaba kw'imiryango, amashyirahamwe n'ibigo bifite ubuzima gatozi** | **<u>Article 62:</u> Appearance of organisations, associations and corporations with legal personality** | **<u>Article 62:</u> Comparution des associations, organisations et établissements dotés de la personnalité juridique** |
| **<u>Ingingo ya 63:</u> Kwitaba kw'abayobozi cyangwa abakozi b'inzego z'ubutegetsi bwa Leta, ab'imiryango, amashyirahamwe n'ibigo bifite ubuzima gatozi** | **<u>Article 63:</u> Appearance of heads or employees of public institutions, organisations, associations and entities with legal personality** | **<u>Article 63:</u> Assignation pour comparution personnelle des autorités ou employés des institutions publiques, ceux des organisations, associations et des établissements dotés de la personnalité juridique** |
| **<u>Ingingo ya 64:</u> Ingaruka z'ibura ry'uwategetswe kwitaba ubwe** | **<u>Article 64:</u> Effects of summoned person's failure to appear** | **<u>Article 64:</u> Effets du défaut d'une partie** |
| **<u>Ingingo ya 65:</u> Ibikubiye mu cyemezo cy'urukiko gitegeka ababuranyi kwitaba ubwabo** | **<u>Article 65:</u> Content of court's decision ordering parties to appear in person** | **<u>Article 65:</u> Mention de la décision ordonnant la comparution personnelle** |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Iburanisha mu rukiko** | **<u>Section 2</u>: Conduct of hearing** | **<u>Section 2:</u> Tenue de l'audience** |
| **<u>Ingingo ya 66:</u> Abagize inteko iburanisha** | **<u>Article 66:</u> Bench composition** | **<u>Article 66:</u> Composition du siège** |
| **<u>Ingingo ya 67:</u> Igihe n'ahantu iburanisha ribera** | **<u>Article 67:</u> Date and place of hearing** | **<u>Article 67:</u> Date et endroit de l'audience** |
| **<u>Ingingo ya 68</u>: Gukererwa mu iburanisha k'umuburanyi** | **<u>Article 68</u>: Party late for case hearing** | **<u>Article 68</u>: Retard d'une partie de l'audience** |
| **<u>Ingingo ya 69:</u> Ururimi rw'urukiko** | **<u>Article 69:</u> Language of the court** | **<u>Article 69:</u> Langue d'audience** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 70: Iburanisha mu ruhame cyangwa mu muhezo** | **Article 70: Hearing conducted in public or camera** | **Article 70: Audience publique ou à huis-clos** |
| **Ingingo ya 71: Gufata amajwi n'amafoto mu iburanisha** | **Article 71: Audio-visual coverage of court proceedings** | **Article 71: Prise de sons et d'images à l'audience** |
| **Ingingo ya 72: Kuburanisha mu mizi y'urubanza** | **Article 72: Conducting the hearing of the case on the merits** | **Article 72: Déroulement de l'audience sur le fond de l'affaire** |
| **Ingingo ya 73: Isubika ry'urubanza** | **Article 73: Adjournment of a case** | **Article 73: Remise de l'affaire** |
| **Ingingo ya 74: Ihinduka ry'umucamanza cyangwa inteko yari yatangiye urubanza** | **Article 74: Change of a judge or a bench of judges having started to hear the case** | **Article 74: Changement d'un juge ou siège ayant commencé de statuer sur l'affaire** |
| **Ingingo ya 75: Inyandiko itanzwe nyuma y'inama ntegurarubanza** | **Article 75: Document presented after pretrial conference** | **Article 75: Document versé après la réunion de mise en état de l'affaire** |
| **Ingingo ya 76: Ibyandikwa mu nyandikomvugo y'iburanisha** | **Article 76: Content of the hearing minutes** | **Article 76: Mention du procès-verbal d'audience** |
| **Ingingo ya 77: Kugenzura ibyanditse mu nyandikomvugo y'iburanisha** | **Article 77: Verification of the contents of the hearing minutes** | **Article 77: Vérification du contenu du procès-verbal d'audience** |
| **Ingingo ya 78: Ikinyabupfura mu iburanisha** | **Article 78: Being polite during hearing** | **Article 78: Politesse lors de l'audience** |
| **Ingingo ya 79: Kwambara umwambaro uboneye mu rukiko** | **Article 79: Dress code in court** | **Article 79: Habillement respectant l'honneur dû à l'audience** |
| **Ingingo ya 80: Kubahiriza umutekano mu iburanisha** | **Article 80: Respect for order during the hearing** | **Article 80: Respect de l'ordre à l'audience** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 81:</u> Imiburanishirize y'imanza ku byaha bikorewe mu iburanisha** | **<u>Article 81:</u> Trying offences of contempt of court** | **<u>Article 81:</u> Jugement des délits d'audience** |
| **<u>Ingingo ya 82:</u> Kujuririra urubanza ku cyaha cyakorewe mu iburanisha** | **<u>Article 82:</u> Appeal against judgement with respect to the offence of contempt of court** | **<u>Article 82:</u> Appel d'un jugement pour infraction commise dans l'audience** |
| **<u>UMUTWE WA II:</u> INGOBOKA ZIVUKA MU IBURANISHA RY'URUBANZA** | **<u>CHAPTER II:</u> INCIDENTS ARISING DURING THE HEARING** | **<u>CHAPITRE II:</u> INCIDENTS DE L'INSTRUCTION D'AUDIENCE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingingo rusange** | **<u>Section One:</u> General provisions** | **<u>Section première:</u> Dispositions générales** |
| **<u>Ingingo ya 83:</u> Igisobanuro cy'ingoboka** | **<u>Article 81:</u> Definition of incident** | **<u>Article 81:</u> Définition de l'incident** |
| **<u>Ingingo ya 84:</u> Igihe cyo kubyutsa ingoboka ivutse mu rubanza** | **<u>Article 84:</u> Time to raise an incident arising during the hearing** | **<u>Article 84:</u> Moment de soulever un incident** |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Inzitizi mu rubanza** | **<u>Section 2:</u> Objections** | **<u>Section 2:</u> Exceptions** |
| **<u>Akiciro ka mbere:</u> Inzitizi yerekeye ubutumwa bwo kuburanira abandi mu nkiko** | **<u>Subsection One:</u> Objection regarding mandate for legal representation** | **<u>Sous-section première:</u> Exception relative au mandat de représentation en justice** |
| **<u>Ingingo ya 85:</u> Guhagararirwa cyangwa kunganirwa mu nkiko** | **<u>Article 85:</u> Legal representation or assistance in court** | **<u>Article 85:</u> Représentation en justice** |
| **<u>Akiciro ka 2:</u> Inzitizi yerekeye kwambura intumwa urubanza no kuyigarika** | **<u>Subsection 2:</u> Objection regarding revocation and disowning of a representative** | **<u>Sous-section 2:</u> Exception relative à la révocation et au désaveu d'un mandataire** |
| **<u>Ingingo ya 86:</u> Kutarenga imbibi z'ububasha uwunganira undi yahawe** | **<u>Article 86:</u> Counsel's compliance with the limits of the mandate** | **<u>Article 86:</u> Respect des limites du mandat** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 87:</u> Kwambura cyangwa guhindura ububasha bwo guhagararirwa mu nkiko** | **<u>Article 87:</u> Revocation or modification of the mandate of representation** | **<u>Article 87:</u> Révocation ou modification du mandat de représentation** |
| **<u>Ingingo ya 88:</u> Ubushobozi bwo kwigarika intumwa** | **<u>Article 88:</u> Power of disowning a representative** | **<u>Article 88:</u> Possibilité de désavouer un mandataire** |
| **<u>Ingingo ya 89:</u> Uburyo kwigarika bikorwamo** | **<u>Article 89:</u> Disowning procedure** | **<u>Article 89:</u> Procédure du désaveu** |
| **<u>Ingingo ya 90:</u> Kwemeza ko ubwigarike bufite cyangwa budafite ishingiro** | **<u>Article 90:</u> Approval or rejection of disowning** | **<u>Article 90:</u> Valider ou rejeter un désaveu** |
| **<u>Akiciro ka 3:</u> Inzitizi yerekeye ingwate itangwa n'abanyamahanga** | **<u>Subsection 3:</u> Objection regarding security furnished by foreigners** | **<u>Sous-section 3:</u> Exception de caution à fournir par les étrangers** |
| **<u>Ingingo ya 91:</u> Ingwate itangwa n'abanyamahanga** | **<u>Article 91:</u> Furnishing of security by foreigners** | **<u>Article 91:</u> Caution à fournir par les étrangers** |
| **<u>Ingingo ya 92:</u> Kubyutsa inzitizi y'itangwa ry'ingwate ku banyamahanga** | **<u>Article 92:</u> Raising objection regarding the furnishing of security by foreigners** | **<u>Article 92:</u> Soulèvement de l'exception de caution à fournir par les étrangers** |
| **<u>Akiciro ka 4:</u> Inzitizi y'iburabubasha, iy'uburegeke n'iy'isobekerana ry'imanza** | **<u>Subsection 4:</u> Objection regarding the lack of jurisdiction, lis pendens and connexity of cases** | **<u>Sous-section 4:</u> Exception d'incompétence, de litispendance, de connexité et dilatoire** |
| **<u>Ingingo ya 93:</u> Inzitizi y'iburabubasha** | **<u>Article 93:</u> Objection regarding the lack of jurisdiction** | **<u>Article 93:</u> Exception d'incompétence** |
| **<u>Ingingo ya 94:</u> Kujuririra icyemezo ku nzitizi y'iburabubasha** | **<u>Article 94:</u> Appeal against a decision on objection regarding the lack of jurisdiction** | **<u>Article 94:</u> Appel contre la décision sur l'exception d'incompétence** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 95:</u> Inzitizi y'uburegeke n'iy'isobekerana ry'imanza** | **<u>Article 95:</u> Objection of lis pendens and connexity of cases** | **<u>Article 95:</u> Exception de litispendance et de connexité** |
| **<u>Akiciro ka 5:</u> Inzitizi zitesha agaciro inyandiko** | **<u>Subsection 5:</u> Objections of nullity** | **<u>Sous-section 5:</u> Exception de nullité** |
| **<u>Ingingo ya 96:</u> Igihe inyandiko ishobora guta agaciro kubera inenge y'imyandikire** | **<u>Article 96:</u> Circumstances under which an act becomes void on grounds of defects in form** | **<u>Article 96:</u> Cas dans lesquels un acte de procédure peut être déclaré nul pour vice de forme** |
| **<u>Ingingo ya 97:</u> Gukosora inenge y'imyandikire** | **<u>Article 97:</u> Correction of a defect in form** | **<u>Article 97:</u> Régularisation ultérieure de l'acte de procédure pour vice de forme** |
| **<u>Ingingo ya 98:</u> Igihe inenge y'imyandikire ishobora kubyutswa** | **<u>Article 98:</u> Time for raising an objection related to defects in form** | **<u>Article 98:</u> Moment où la nullité d'un acte de procédure pour vice de forme peut être invoquée** |
| **<u>Ingingo ya 99:</u> Inenge iri mu nyandiko y'urukiko yatewe n'uyikemanga** | **<u>Article 99:</u> Objection to the validity of a procedural act based on the party's fault** | **<u>Article 99:</u> Nullité d'un acte de procédure tirée de la faute de celui qui soulève l'exception** |
| **<u>Ingingo ya 100:</u> Inenge iri mu masezerano yarangije kubahirizwa** | **<u>Article 100:</u> Defect in an executed convention** | **<u>Article 100:</u> Nullité d'une convention déjà exécutée** |
| **<u>Ingingo ya 101:</u> Igihe inenge y'iremezo y'inyandiko ishobora kubyutswa** | **<u>Article 101:</u> Time for raising a defect in the substance of a procedural act** | **<u>Article 101:</u> Moment où la nullité pour vice de fond d'un acte de procédure peut être invoquée** |
| **<u>Ingingo ya 102:</u> Kwakira inzitizi zishingiye ku nenge y'iremezo** | **<u>Article 102:</u> Admissibility of objections based on a substantive defect** | **<u>Article 102:</u> Recevabilité de l'exception de nullité pour vice de fond** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 6:</u> Inzitizi ijyanye no kwihana abacamanza** | **<u>Subsection 6:</u> Objection based on the disqualification of judges** | **<u>Sous-section 6:</u> Exception relative à la récusation des juges** |
| **<u>Ingingo ya 103:</u> Impamvu zo kwihana umucamanza** | **<u>Article 103:</u> Reasons to disqualify a judge** | **<u>Article 103:</u> Motifs de récusation du juge** |
| **<u>Ingingo ya 104:</u> Kwivana mu rubanza ku bushake** | **<u>Article 104:</u> Voluntary withdrawal from a case** | **<u>Article 104:</u> Déport volontaire** |
| **<u>Ingingo ya 105:</u> Ububasha bwo gufata ibyemezo by'agateganyo iyo hatanzwe ikirego cy'ubwihane** | **<u>Article 105:</u> Powers to take protective measures in case of disqualification claim** | **<u>Article 105:</u> Pouvoir de prendre des mesures conservatoires en cas de récusation** |
| **<u>Ingingo ya 106:</u> Uburyo ubwihane bukorwa** | **<u>Article 106:</u> Procedure for disqualification** | **<u>Article 106:</u> Procédure de récusation** |
| **<u>Ingingo ya 107:</u> Isuzuma ry'iyakira ry'ubwihane bw'umucamanza** | **<u>Article 107:</u> Examining the admissibility of an application for disqualification of a judge** | **<u>Article 107:</u> Examen de l'admissibilité de la demande en récusation d'un juge** |
| **<u>Ingingo ya 108:</u> Icibwa ry'urubanza ku kirego cy'ubwihane bw'umucmanza** | **<u>Article 108:</u> Ruling on the application for disqualifying a judge** | **<u>Article 108:</u> Jugement sur la demande en récusation d'un juge** |
| **<u>Ingingo ya 109:</u> Ubujurire bw'icyemezo gifashwe ku bwihane bw'umucamanza** | **<u>Article 109:</u> Appeal against a judgement on disqualification of a judge** | **<u>Article 109:</u> Appel de la décision sur la récusation d'un juge** |
| **<u>Akiciro ka 7:</u> Inzitizi zijyanye no kwagura urubanza** | **<u>Subsection 7:</u> Objections relating to the extension of a case** | **<u>Sous-section 7:</u> Exceptions relatives à l'élargissement d'instance** |
| **<u>Ingingo ya 110:</u> Ikirego kiregera kwiregura** | **<u>Article 110:</u> Counterclaim** | **<u>Article 110:</u> Demande reconventionnelle** |
| **<u>Ingingo ya 111:</u> Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza** | **<u>Article 111:</u> Claim for represenation fees** | **<u>Article 111:</u> Demande de frais de représentation** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 112:</u> Ibirego by'inyongera ku birego by'iremezo** | **<u>Article 112:</u> Claims arising from the principal claim** | **<u>Article 112:</u> Demandes additionnelles à la demande principale** |
| **<u>Ingingo ya 113:</u> Kugoboka mu rubanza** | **<u>Article 113:</u> Intervention in a case** | **<u>Article 113:</u> Intervention dans un procès** |
| **<u>Ingingo ya 114:</u> Kugoboka ku bushake** | **<u>Article 114:</u> Voluntary intervention in a case** | **<u>Article 114:</u> Intervention volontaire dans un procès** |
| **<u>Ingingo ya 115:</u> Kugobokeshwa ku gahato** | **<u>Article 115:</u> Forced intervention** | **<u>Article 115:</u> Intervention forcée dans un procès** |
| **<u>Ingingo ya 116:</u> Kugobokeshwa ku gahato mu rwego rw'ubujurire** | **<u>Article 116:</u> Forced intervention in appeal** | **<u>Article 116:</u> Intervention forcée au niveau d'appel** |
| **<u>Ingingo ya 117:</u> Igihe kugoboka mu rubanza bitabuza icibwa ry'urubanza rw'iremezo** | **<u>Article 117:</u> Cases where intervention in a case does not prevent the judgement of the principal case** | **<u>Article 117:</u> Cas où l'intervention ne peut retarder le jugement de la demande originaire** |
| **<u>Ingingo ya 118:</u> Guhamagaza umwishingizi mu rubanza** | **<u>Article 118:</u> Summoning the warrantor in the case** | **<u>Article 118:</u> Mise en cause du garant** |
| **<u>Akiciro ka 8:</u> Inzitizi yerekeranye no kohereza urubanza mu rundi rukiko** | **<u>Subsection 8:</u> Objections relating to case transfer** | **<u>Sous-section 8:</u> Exceptions relatives au renvoi** |
| **<u>Ingingo ya 119:</u> Kwambura urubanza urukiko no kurwohereza mu rundi rukiko** | **<u>Article 119:</u> Removal of a case from a court and transfer it to another court** | **<u>Article 119:</u> Dessaisissement et renvoi** |
| **<u>Ingingo ya 120:</u> Kohereza urubanza mu rundi rukiko** | **<u>Article 120:</u> Transfering a case to another court** | **<u>Article 120:</u> Renvoie d'une affaire dans une autre juridiction** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 121:</u> Inzitizi yo guhindura irangamimerere, kuva ku mirimo cyangwa urupfu rw'umuburanyi** | **<u>Article 121:</u> Objection relating to change of civil status, termination of employment or death of one party** | **<u>Article 121:</u> Exception de changement d'état civil, cessation d'emploi ou la mort d'une partie** |
| **<u>Akiciro ka 9:</u> Inzitizi zikuraho urubanza** | **<u>Subsection 9:</u> Objections relating to extinction of proceedings** | **<u>Sous-section 9:</u> Exceptions relatives à l'extinction de l'instance** |
| **<u>Ingingo ya 122:</u> Kureka ikirego** | **<u>Article 122</u>: Withdrawal of a claim** | **<u>Article 122:</u> Désistement d'action** |
| **<u>Ingingo ya 123:</u> Kureka urubanza** | **<u>Article 123:</u> Withdrawal of a case** | **<u>Article 123:</u> Désistement d'instance** |
| **<u>Ingingo ya 124:</u> Ingaruka zo kureka ikirego no kureka urubanza** | **<u>Article 124:</u> Effects of withdrawal of a claim and case** | **<u>Article 124:</u> Effets du désistement d'action et d'instance** |
| **<u>Ingingo ya 125:</u> Kwemera ikirego** | **<u>Article 125:</u> Admission of a claim** | **<u>Article 125:</u> Acquiescement de l'action** |
| **<u>Ingingo ya 126</u>: Ubusaze bw'urubanza rwaregewe** | **<u>Article 126</u>: Prescription of an instituted case** | **<u>Article 126</u>: Péremption d'instance** |
| **<u>Ingingo ya 127</u>: Gusaba ko urubanza rusibwa** | **<u>Article 127</u>: Application for removal of a case from the list of cases** | **<u>Article 127</u>: Demande de radiation d'une affaire** |
| **<u>Ingingo ya 128</u>: Inkurikizi zo kwemeza ko urubanza rwashaje** | **<u>Article 128</u>: Effects of deciding the prescription of a case** | **<u>Article 128</u>: Effets de la péremption d'instance** |
| **<u>Ingingo ya 129:</u> Inzitizi yo kutakira ikirego** | **<u>Article 129</u>: Objection of inadmissibility of a claim** | **<u>Article 129</u>: Exception de fins de non-recevoir** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA III: ICIBWA RY'URUBANZA** | **CHAPTER III: JUDGEMENT** | **CHAPITRE III: JUGEMENT** |
| **Icyiciro cya mbere: Gusuzuma no gufata icyemezo mu guca urubanza** | **Section One: Deliberations** | **Section première: Délibéré** |
| **Ingingo ya 130: Uburyo icyemezo cyo guca urubanza gifatwamo** | **Article 130: Procedure for deliberation of a case** | **Article 130: Procédure du délibéré** |
| **Ingingo ya 131: Umushinga w'urubanza** | **Article 131: Draft judgement** | **Article 131: Projet de jugement ou arrêt** |
| **Icyiciro cya 2: Isomwa ry'urubanza** | **Section 2: Pronouncement of judgement** | **Section 2: Prononcé du jugement ou arrêt** |
| **Ingingo ya 132: Isomwa ry'urubanza mu ruhame** | **Article 132: Pronouncement of judgement in public** | **Article 132: Prononcé en audience publique** |
| **Ingingo ya 133: Inyandikomvugo y'isomwa ry'urubanza** | **Article 133: Minutes of pronouncement of judgement** | **Article 133: Procès-verbal du prononcé de jugement** |
| **Ingingo ya 134: Isubikwa ry'isomwa ry'urubanza** | **Article 134: Postponement of pronouncement of judgement** | **Article 134: Remise du prononcé de jugement** |
| **Ingingo ya 135: Gusubika isomwa ry'urubanza kugira ngo hagire ibibanza gukorwa** | **Article 135: Postponement of pronouncement of judgement for further steps** | **Article 135: La remise du prononcée de jugement pour autres démarches** |
| **Ingingo ya 136: Ibigize kopi y'urubanza** | **Article 136: Contents of the copy of judgement** | **Article 136: Contenu de la copie de jugement** |
| **Ingingo ya 137: Incamake y'urubanza** | **Article 137: Summary of the jugement** | **Article 137: Résumée du jugement** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 3: Ibirego bisaba gusobanura cyangwa gukosora amakosa ari mu rubanza** | **Section 3: Application for interpretation or correction of a judgement** | **Section 3: Demandes en interprétation ou en rectification de jugement ou arrêt** |
| **Ingingo ya 138: Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego bisaba gusobanura cyangwa gukosora amakosa ari mu rubanza** | **Article 138: Competent court to judge applications for interpretation or correction errors in judgement** | **Article 138: Juridiction compétente pour juger les demandes en interprétation ou en rectification des erreurs qui sont dans un jugement** |
| **Ingingo ya 139: Uburyo ibirego bisobanura cyangwa bikosora bitangwamo** | **Article 139: Procedure for filing applications for interpretation or correction of a judgement** | **Article 139: Forme d'introduction des demandes en interprétation ou en rectification** |
| **Ingingo ya 140: Iburanisha ku birego bikosora n'ibisobanura urubanza** | **Article 140: Hearing of applications for correction or interpretation of judgement** | **Article 140: Audience sur les demandes en rectification ou en interprétation** |
| **Ingingo ya 141: Gukosora cyangwa gusobanura urubanza rwajuririwe** | **Article 141: Rectification or interpretation of judgement in appeal** | **Article 141: Rectification or interprétation du jugement en appel** |
| **INTERURO YA IV: INZIRA ZO KUJURIRA** | **TITLE IV: PROCEDURES FOR APPEAL** | **TITRE IV: VOIES DE RECOURS** |
| **UMUTWE WA MBERE: INZIRA ZO KUJURIRA ZISANZWE** | **CHAPTER ONE: ORDINARY PROCEDURES OF APPEAL** | **CHAPITRE PREMIER: VOIES DE RECOURS ORDINAIRES** |
| **Icyiciro cya mbere: Gusubirishamo urubanza** | **Section One: Opposition** | **Section première: Opposition** |
| **Ingingo ya 142: Gusubirishamo urubanza rwaciwe uregwa adahari** | **Article 142: Opposition** | **Article 142: Opposition d'un jugement rendu par défaut** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 143: Kwemera ko urubanza rusubirishwamo** | **Article 143: Admissibility of opposition** | **Article 143: Recevabilité de l'opposition** |
| **Ingingo ya 144: Iyakirwa ry'ikirego gisubirishamo urubanza** | **Article 144: Admissibility of an application for opposition** | **Article 144: Recevabilité d'une demande en opposition** |
| **Ingingo ya 145: Inkurikizi z'urubanza rwasubirishijwemo** | **Article 145: Effects of the judgement upon opposition** | **Article 145: Effet du jugement rendu sur opposition** |
| **Ingingo ya 146: Ihagarikwa ry'irangiza ry'urubanza rwaciwe uregwa atitabye** | **Article 146: Suspending the execution of a default judgement as a result of opposition** | **Article 146: Effet suspensif de l'exécution de jugement par le défaut du défendeur** |
| **Icyiciro cya 2: Ubujurire** | **Section 2: Appeal** | **Section 2: Appel** |
| **Ingingo ya 147: Umuburanyi ushobora kujurira** | **Article 147: Party with the capacity to appeal** | **Article 147: Partie pouvant interjeter appel** |
| **Ingingo ya 148: Igihe cyo kujurira** | **Article 148: Time limit for lodging an appeal** | **Article 148: Délai d'appel** |
| **Ingingo ya 149: Uburyo bwo kujurira** | **Article 149: Form of appeal** | **Article 149: Forme d'appel** |
| **Ingingo ya 150: Ibikubiye mu mwanzuro w'ubujurire** | **Article 150: Contents of an application for appeal** | **Article 150: Contenu de l'acte d'appel** |
| **Ingingo ya 151: Gusubiza umwanzuro w'ubujurire** | **Article 151: Submissions to reply in appeal** | **Article 151: Conclusions en réplique en appel** |
| **Ingingo ya 152: Ubujurire bwuririye ku bundi** | **Article 152: Filing a cross appeal** | **Article 152: Appel incident** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 153:</u> Ubujurire bukozwe na bamwe mu baburanyi** | **<u>Article 153:</u> Appeal of some of the parties** | **<u>Article 153:</u> Appel fait par certains des parties** |
| **<u>Ingingo ya 154</u>: Ibuzwa ry'ibirego bishya ku rwego rw'ubujurire** | **<u>Article 154</u>: Prohibition of filing new claims at the appeal level** | **<u>Article 154</u>: Interdiction des demandes nouvelles en appel** |
| **<u>Ingingo ya 155</u>: Inkurikizi y'ikirego cy'ubujurire** | **<u>Article 155</u>: Effect of an appeal suit** | **<u>Article 155</u>: Effet de l'appel** |
| **<u>Ingingo ya 156</u>: Kuburanisha mu bujurire mu mbibi z'icyajuririwe** | **<u>Article 156</u>: Adjudication of appeal in the limit of the appeal subject matter** | **<u>Article 156</u>: Jugement en appel limité par l'objet du litige** |
| **<u>Ingingo ya 157</u>: Icyemezo ku rubanza rwajuririwe** | **<u>Article 157</u>: Decision on the appealed judgement** | **<u>Article 157</u>: Décision sur le jugement faisant objet d'appel** |
| **<u>Ingingo ya 158</u>: Gutesha agaciro urubanza rwajuririwe** | **<u>Article 158:</u> To set aside the appealed judgement** | **<u>Article 158</u>: Annuler le jugement faisant objet d'appel** |
| **<u>Ingingo ya 159</u>: Ihagarikwa ry'irangiza ry'urubanza kubera ubujurire** | **<u>Article 159</u>: Suspension of execution of judgement due to appeal** | **<u>Article 159</u>: Suspension de l'exécution de jugement pour Appel** |
| **<u>Ingingo ya 160</u>: Ingingo zihuriweho ku rwego rw'ibanze no ku rwego rw'ubujirire** | **<u>Article 160</u>: Common provisions to first instance and appeal level** | **<u>Article 160</u>: Dispositions communes au premier degré et au degré d'appel** |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INZIRA ZO KUJURIRA ZIDASANZWE** | **<u>CHAPTER II</u>: EXTRAORDINARY PROCEDURES OF APPEAL** | **<u>CHAPITRE II</u>: VOIES DE RECOURS EXTRAORDINAIRES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Gutambamira urubanza** | **<u>Section one</u>: Third party opposition** | **<u>Section première</u>: Tierce opposition** |
| **<u>Ingingo ya 161</u>: Gutambamira urubanza** | **<u>Article 161</u>: Third party opposition** | **<u>Article 161</u>: Tierce opposition** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 162</u>: Abemerewe gutambamira urubanza** | **<u>Article 162</u>: Persons allowed to exercise a third party opposition** | **<u>Article 162</u>: Personnes pouvant faire la tierce opposition** |
| **<u>Ingingo ya 163</u>: Itambamirwa ry'urubanza rusangiwe n'ababuranyi benshi** | **<u>Article 163</u>: Third party opposition against several joint parties** | **<u>Article 163</u>: Tierce opposition en cas d'indivisibilité des parties** |
| **<u>Ingingo ya 164</u>: Igihe cyo gutambamira urubanza** | **<u>Article 164</u>: Time limit for filing a third party opposition** | **<u>Article 164</u>: Délai pour faire une tierce opposition** |
| **<u>Ingingo ya 165</u>: Uburyo gutambamira urubanza bikorwamo** | **<u>Article 165</u>: Procedure for third party opposition** | **<u>Article 165</u>: Mise en œuvre de la tierce opposition** |
| **<u>Ingingo ya 166</u>: Gutambamira urubanza rushamikiye ku rundi** | **<u>Article 166</u>: Third party opposition incidental to another case** | **<u>Article 166</u>: Tierce opposition incidente sur une autre contestation** |
| **<u>Ingingo ya 167</u>: Inkurikizi z'urubanza rwemera ko itambama rifite ishingiro** | **<u>Article 167</u>: Effects of judgement accepting grounds of a third party opposition** | **<u>Article 167</u>: Effets du jugement faisant droit à la tierce-opposition** |
| **<u>Ingingo ya 168</u>: Inzira zo kujurira ku rubanza ruciwe n'urukiko habaye itambamirarubanza** | **<u>Article 168</u>: Procedures of appeal against a third party opposition judgement** | **<u>Article 168</u>: Voies de recours contre une décision rendue sur tierce opposition** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Section 2</u>: Case review** | **<u>Section 2</u>: Recours en révision** |
| **<u>Ingingo ya 169</u>: Abemerewe gusaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 169</u>: Persons allowed to exercise application for review** | **<u>Article 169</u>: Personnes autorisées à faire le recours en révision** |
| **<u>Ingingo ya 170</u>: Impamvu zituma habaho gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 170</u>: Reasons for application for review** | **<u>Article 170</u>: Causes d'ouverture du recours en révision** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 171</u>: Igihe cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 171</u>: Time limit to apply for review** | **<u>Article 171</u>: Délai pour former le recours en révision** |
| **<u>Ingingo ya 172</u>: Urukiko ruburanisha ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 172</u>: Competent court to hear an application for review** | **<u>Article 172</u>: Juridiction compétente pour connaître d'une demande en révision** |
| **<u>Ingingo ya 173</u>: Irangizwa ry'urubanza mu gihe cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 173</u>: Execution of a contested judgement pending the application for review** | **<u>Article 173</u>: Exécution du jugement en cas de recours en révision** |
| **<u>Ingingo ya 174</u>: Kwakira gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 174</u>: Admissibility of the application for review** | **<u>Article 174</u>: Recevabilité du recours en révision** |
| **<u>Ingingo ya 175</u>: Igihe ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya kitakirwa** | **<u>Article 175</u>: Inadmissibility of the application for review** | **<u>Article 175</u>: Cas d'irrecevabilité du recours en révision** |
| **<u>Ingingo ya 176</u>: Ukutajuririrwa kw'icyemezo gifashwe mu gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 176</u>: Lack of procedures of appeal against a decision on the application for review** | **<u>Article 176</u>: Absence de recours contre la décision rendue en matière de révision** |
| **<u>INTERURO YA V</u>: IMIBURANISHIRIZE YIHARIYE** | **<u>TITLE V</u>: SPECIAL PROCEEDINGS** | **<u>TITRE V</u>: PROCEDURES PARTICULIERES** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'UBUTEGETSI** | **<u>CHAPTER ONE</u>: PROCEDURES IN ADMINISTRATIVE MATTERS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: PROCEDURE EN MATIERE ADMINISTRATIVE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ikirego gisaba gukuraho ibyemezo by'ubutegetsi n'iburanisha ry'urubanza mu mizi yarwo** | **<u>Section One</u>: Application for annulment of administrative decisions and full jurisdiction action** | **<u>Section première</u>: Recours en annulation des décisions administratives et recours de pleine juridiction** |

| | | |
|---|---|---|
| **Akiciro ka mbere: Ikirego gisaba gukuraho ibyemezo by'ubutegetsi** | **Sub section One: Action for annulment of administrative decisions** | **Sous-section première: Recours en annulation des décisions administratives** |
| **Ingingo ya 177: Umwihariko w'ikirego cy'ubutegetsi** | **Article 177: Speciality of an administrative claim** | **Article 177: Spécialité de la requête administrative** |
| **Ingingo ya 178: Iyakirwa ry'ikirego gisaba gukuraho icyemezo** | **Article 178: Admissibility of the action for annulment of a decision** | **Article 178: Recevabilité du recours en annulation d'une décision** |
| **Ingingo ya 179: Inkurikizi zo gutakambira icyemezo cy'umuyobozi cyangwa kukiregera** | **Article 179: Effects of an appeal against an administrative decision or suing in court** | **Article 179: Effets du recours administratif ou saisine de la juridiction** |
| **Akiciro ka 2: Ikirego cyerekeye iburanisha ry'urubanza rw'ubutegetsi mu mizi yarwo** | **Subsection 2: Action relating to proceedings in an administrative case on merits** | **Sous-section 2: Action relative au jugement d'une demande administrative** |
| **Ingingo ya 180: Ikirego kigamije gusaba indishyi** | **Article 180: Action for damages** | **Article 180: Demande en réclamation des dommages-intérêts** |
| **Icyiciro cya 2: Igihano gihatira ubuyobozi kubahiriza icyemezo cy'urukiko** | **Section 2: Sanction forcing an administrative authority to execute a court decision** | **Section 2: Astreinte administrative** |
| **Ingingo ya 181: Icyemezo mu manza z'ubutegetsi** | **Article 181: Decision in administrative matters** | **Article 181: Décision en matière administrative** |
| **Ingingo ya 182: Itangwa ry'igihano gihatira kurangiza urubanza** | **Article 182: Imposition of a sanction forcing execution** | **Article 182: Condamnation à l'astreinte** |
| **Ingingo ya 183: Igihe amafaranga yagenywe n'urukiko yishyurirwamo** | **Article 183: Period of paying the money fixed by the decision of court** | **Article 183: Délais de payement de l'argent fixé par la décision de la juridiction** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 184</u>: Ibihano ku muyobozi wanze gushyira mu bikorwa ibyategetswe mu rubanza** | **<u>Article 184</u>: Sanctions against an administrative authority for non execution of a judgement** | **<u>Article 184</u>: Non-exécution du jugement par une autorité administrative** |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA ZISABA UBWIHUTIRWE BWIHARIYE** | **<u>CHAPTER II</u>: PROCEEDINGS RELATED TO SUMMARY PROCEDURE** | **<u>CHAPITRE II</u>: JUGEMENT DES REFERES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ingingo zerekeye ibirego byihutirwa** | **<u>Section One</u>: Provisions relating to summary procedure** | **<u>Section première</u>: Dispositions relatives à la procédure de référé** |
| **<u>Ingingo ya 185</u>: Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego byihutirwa** | **<u>Article 185</u>: Competent court in terms of summary procedure** | **<u>Article 185</u>: Juridiction compétente en matière de référé** |
| **<u>Ingingo ya 186</u>: Ihamagara n'iburanisha ry'ikirego cyihutirwa** | **<u>Article 186</u>: Summons and proceedings in summary procedure** | **<u>Article 186</u>: Assignation et jugement des référés** |
| **<u>Ingingo ya 187</u>: Irangizwa ry'agateganyo ry'icyemezo ku kirego cyihutirwa** | **<u>Article 187</u>: Provisional execution of summary procedure orders** | **<u>Article 187</u>: Exécution provisoire des ordonnances de référé** |
| **<u>Ingingo ya 188</u>: Gusubirishamo no kujuririra ibyemezo byafashwe ku birego byihutirwa** | **<u>Article 188</u>: Opposition and appeal against summary procedure orders** | **<u>Article 188</u>: Opposition et appel des ordonnances de référé** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe n'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'ababuranyi bombi** | **<u>Section 2</u>: Exparte application and exparte application by both parties** | **<u>Section 2</u>: Requête unilatérale et requête conjointe** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 189</u>: Igisobanuro cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe** | **<u>Article 189</u>: Definition of exparte application** | **<u>Article 189</u>: Définition de la requête unilatérale** |
| **<u>Ingingo ya 190</u>: Iburanisha ry'inyandiko nsobanurakirego gitanzwe n'umuburanyi umwe** | **<u>Article 190</u>: Proceedings for an ex parte application** | **<u>Article 190</u>: Introduction de la requête unilatérale** |
| **<u>Ingingo ya 191</u>: Irangizwa ry'agateganyo ry'icyemezo cy'umucamanza** | **<u>Article 191</u>: Provisional execution of the judge's order** | **<u>Article 191</u>: Exécution provisoire de l'ordonnance du juge** |
| **<u>Ingingo ya 192</u>: Kujuririra icyemezo cy'umucamanza** | **<u>Article 192</u>: Appeal against the judge's order** | **<u>Article 192</u>: Appel de l'ordonnance** |
| **<u>Ingingo ya 193</u>: Gutambamira icyemezo cy'umucamanza** | **<u>Article 193</u>: Third party opposition against the judge's order** | **<u>Article 193</u>: Tierce opposition à l'ordonnance** |
| **<u>Ingingo ya 194</u>: Ihindura n'ikurwaho ry'icyemezo cy'umucamanza** | **<u>Article 194</u>: Modification and revocation of the order** | **<u>Article 194</u>: Réformation et rétractation de l'ordonnance** |
| **<u>Ingingo ya 195</u>: Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'ababuranyi bombi** | **<u>Article 195</u>: Joint application by parties** | **<u>Article 195</u>: Requête conjointe** |
| **<u>UMUTWE WA III:</u> IMIBURANISHIRIZE Y'IBIREGO BISHINGIYE KU KIBURANWA GIFITE AGACIRO GATO** | **<u>CHAPTER III:</u> SMALL CLAIM PROCEDURE** | **<u>CHAPTER III</u>: PROCEDURE REGISSANT LES PETITS LITIGES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingingo rusange** | **<u>Section One</u>: General provisons** | **<u>Section première</u>: Dispositions générales** |
| **<u>Ingingo ya 196:</u> Igisobanuro cy' urubanza rushingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **<u>Article 196:</u> Definitions of "Small claim case"** | **<u>Article 196:</u> Définitions du «petit litige»** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 197:Ababuranyi barebwa n'imiburanishirize y'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **Article 197: Litigants subject to small claim case procedure** | **Article 197: Parties soummises à la procédure régissant les petits litiges** |
| **Ingingo ya 198: Gusubizwa ikiburanwa** | **Article 198: Restitution of the claimed property** | **Article 198: Restitution de l'objet du litige** |
| **Ingingo ya 199: Ukudatangwa kw'indishyi** | **Article 199: Non-payment of moral damages** | **Article 199: Non-octroi des dommages moraux** |
| **Ingingo ya 200: Umubare ntarengwa w'amafaranga y'ikurikiranarubanza** | **Article 200: Maximum of procedural fees** | **Article 200: Maximum des frais de procédure** |
| **Icyiciro cya 2: Imanza ziburanishwa mu buryo bw'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **Section 2: Cases governed by the small claim procedure** | **Section 2: Affaires soumises à la procédure applicable aux petits litiges** |
| **Ingingo ya 201: Imanza z'imbonezamubano n'iz'ubucuruzi** | **Article 201: Civil and commercial cases** | **Article 201: Affaires civiles et commerciales** |
| **Ingingo ya 202: Imanza zigamije kugaruza umutungo wibwe, wambuwe, warengerewe cyangwa wangijwe** | **Article 202: Cases aimed at recovering stolen, extorted, encroached on or damaged assets** | **Articles 202: Action en recouvrement des biens volés, extorqués, empiétés ou abimés** |
| **Ingingo ya 203: Ibirego bisaba ko sheki itazigamiwe cyangwa izindi nyandiko mvunjafaranga byishyurwa** | **Article 203: Claims requesting payment of bouncing cheque or other negotiable instruments** | **Article 203: Actions en paiement des chèque sans provision ou d'autres titres négociables** |
| **Icyiciro cya 3: Itangwa ry'ikirego gishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato n'imiburanishirize yacyo** | **Section 3: Case filing and proceedings under small claim procedure** | **Section 3: Introduction d'une action en justice et procédure applicable en matière de petits litiges** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 204: Itangwa ry'ikirego gishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **Article 204: Case filing under small claim procedure** | **Article 204: Introduction d'une action en justice en matière de petits litiges** |
| **Ingingo ya 205: Ingwate y'amagarama** | **Article 205: Court fees deposit** | **Article 203: Frais de consignation** |
| **Ingingo ya 206: Gusubiza imyanzuro y'urega** | **Article 206: Reply to the claimant pleadings** | **Article 206: Repondre aux conclusions du requérant** |
| **Ingingo ya 207: Igihe cy'iburanisha** | **Article 207: Time for case hearing** | **Article 207: Délai pour tenir l'audience** |
| **Ingingo ya 208: Uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa** | **Article 208: Right to be assisted or represented** | **Article 208: Droit d'être assisté ou représenté** |
| **Ingingo ya 209: Uko iburanisha riyoborwa** | **Article 209: Conducting the hearing** | **Article 209: Conduite de l'audience** |
| **Ingingo ya 210: Ibigomba kugaragazwa muri kopi y'urubanza** | **Article 210: Content of a judgement** | **Article 210: Contenu du jugement** |
| **Ingingo ya 211: Ubujurire** | **Article 211: Appeal** | **Article 211: Appel** |
| **INTERURO YA VI: GUSHINGANISHA IMITUNGO, KUYIFATIRA NO KURANGIZA IMANZA** | **TITLE VI: SURETY, SEIZE AND EXECUTION OF JUDGEMENTS** | **TITLE V: SURETE, SAISIE ET EXECUTION DES JUDGEMENTS** |
| **UMUTWE WA MBERE: GUSHINGANISHA NO GUFATIRA IMITUNGO** | **CHAPTER ONE: SURETY AND SEIZURE** | **CHAPITRE PREMIER: SURETE ET SAISIE** |
| **Icyiciro cya mbere: Gushinganisha umutungo** | **Section One: Surety of property** | **Section première: Sûreté de la propriété** |
| **Ingingo ya 212: Gushinganisha umutungo** | **Article 212: Surety of property** | **Article 212: Sûreté de la propriété** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 213: Gutambamira ihinduzamutungo ry'ibintu bitimukanwa** | **Article 213: Preventing the transfer of the immovable property** | **Article 213: Opposition à la mutation d'un immeuble** |
| **Ingingo ya 214: Inkurikizi y'ishinganishamutungo** | **Article 214: Effets of the surety of property** | **Article 214: Effets de la sûreté de la propriété** |
| **Icyiciro cya 2: Ifatira ry'umutungo** | **Section 2: Seizure of property** | **Section 2: Saisie de la propriété** |
| **Akiciro ka mbere: Ingingo rusange** | **Subsection One: General provisions** | **Sous-section première: Dispositions générales** |
| **Ingingo ya 215: Ifatira** | **Article 215: Seizure** | **Article 215: Saisie** |
| **Ingingo ya 216: Igice cy'ibintu byimukanwa kidashobora gufatirwa** | **Article 216: Unseizable movable property** | **Article 216: Propriété mobilière insaisissable** |
| **Ingingo ya 217: Uburyo ifatira rikorwa** | **Article 217: Seizure procedure** | **Article 217: Procédure de saisie** |
| **Ingingo ya 218: Gutegekwa kugaragaza umutungo ugomba gufatirwa** | **Article 218: Order to indicate proprety for seizure** | **Article 218: Ordre d'indiquer la propriété à saisir** |
| **Ingingo ya 219: Kurinda ibyafatiriwe** | **Article 219: Appointment of a custodian of a seized property** | **Article 219: Constitution d'un gardien des biens saisis** |
| **Ingingo ya 220: Kugenzura ko ibyafatiriwe bikiriho n'uko bimeze** | **Article 220: Verifying the existence and state of seized property** | **Article 220: Vérification de l'existence et de l'état des objets saisis** |
| **Ingingo ya 221: Ibihano by'umuntu urigisa cyangwa wonona umutungo ufatiriwe** | **Article 221: Penalties for concealing or damaging the seized property** | **Article 221: Sanctions pour la personne qui dissimule ou endommage la propriété saisie** |
| **Ingingo ya 222: Irangira ry'ifatira** | **Article 222: End of seizure** | **Article 222: Fin de la saisie** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 223</u>: Gusaba urukiko kuvanaho icyemezo cy'ifatira ryakozwe ku mutungo w'utarebwa n'umwenda** | **<u>Article 223</u>: Request the court to lift the decision of seizure operated to the property not belonging to the debtor** | **<u>Article 223</u>: Demande faite à la juridiction pour mainlevée de la mesure de saisie faite sur une propriété n'appartenant pas au débiteur** |
| **<u>Ingingo ya 224</u>: Abashinzwe kurangiza imanza n'izindi nyandikompesha n'uburyo barengerwa mu nshingano zabo** | **<u>Article 224</u>: Staff in charge of execution of judgements and other enforcement orders** | **<u>Article 224</u>: Agents chargés de l'exécution des décisions judiciaires et autres titres exécutoires** |
| **<u>Ingingo ya 225</u>: Ububasha bw'umuhesha w'inkiko** | **<u>Article 225</u>: Competence of bailiffs** | **<u>Article 225</u>: Compétence des huissiers** |
| **<u>Ingingo ya 226</u>: Uburyo abahesha b'inkiko barengerwa mu nshingano zabo** | **<u>Article 226</u>: Protection of bailiffs** | **<u>Article 226</u>: Protection des huissiers de justice** |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Amoko y'ifatira n'uko ashyirwa mu bikorwa** | **<u>Subsection 2</u>: Types of seizure and their execution** | **<u>Sous- section 2</u>: Types de saisie et leur exécution** |
| **<u>Ingingo ya 227</u>: ifatira ry'umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko y'undi muntu** | **<u>Article 227</u>: Seizure of the property of the debtor in the hands of a third party** | **<u>Article 227</u>: Saisie de la propriété du débiteur dans les mains d'un tiers** |
| **<u>Ingingo ya 228</u>: Gufatira umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko ya Leta cyangwa imiryango yigenga cyangwa ibigo bya Leta bifite ubuzimagatozi** | **<u>Article 228</u>: Seizure of the property of the debtor in the hands of the Government or non governmental organizations or public institutions with legal personality** | **<u>Article 228</u>: Saisie de la propriété du débiteur dans les mains du Gouvernement ou des organisations non gouvernementales ou des institutions publiques dotées de la personnalité juridique** |
| **<u>Ingingo ya 229</u>: Ifatira ngaruzamutungo** | **<u>Article 229</u>: Seizure of recovered property** | **<u>Article 229</u>: Saisie-revendication** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 230: Ifatira ry'ibintu by'umugenzi** | **Article 230: Seizure of an itinerant's property** | **Article 230: Saisie foraine** |
| **Ingingo ya 231: Ifatira ry'ibyimukanwa by'utishyuye ubukode** | **Article 231: Seizure of a tenant's movable property** | **Article 231: Saisie des biens meubles d'un locataire** |
| **Ingingo ya 232: Ifatira ry'umwenda w'ubucuruzi** | **Article 232: Commercial seizure** | **Article 232: Saisie commerciale** |
| **Ingingo ya 233: Ifatira ry'umutungo utimukanwa usangiwe n'abantu benshi** | **Article 233: Seizure of immovable property belonging to several joint owners** | **Article 233: Saisie de biens immobiliers en indivision** |
| **Ingingo ya 234: Ifatirabwishyu** | **Article 234: Distraint** | **Article 234: Saisie-exécution** |
| **UMUTWE WA II: KURANGIZA IMANZA** | **CHAPTER II: EXECUTION OF JUDGEMENTS** | **CHAPITRE II: EXECUTION DES JUGEMENTS** |
| **Icyiciro cya mbere: Irangiza ry'urubanza ry'agateganyo** | **Section One: Provisional execution of judgement** | **Section Première: Exécution provisoire du jugement** |
| **Ingingo ya 235: Igihe irangizwa ry'urubanza ry'agateganyo ribujijwe** | **Article 235: Prohibition of provisional execution of judgement** | **Article 235: Interdiction d'exécution provisoire d'un jugement** |
| **Ingingo ya 236: Igihe irangiza ry'urubanza ry'agateganyo ari itegeko** | **Article 236: Case of compulsory provisional execution** | **Article 236: Cas où l'exécution provisoire est de droit** |
| **Ingingo ya 237: Igihe irangiza ry'urubanza ry'agateganyo ritangwa ntawe urisabye** | **Article 237: Provisional execution ordered by court** | **Article 237: Cas où l'exécution provisoire est accordée d'office** |
| **Ingingo ya 238: Igihe irangiza ry'urubanza ry'agateganyo ritangwa ari uko risabwe n'umwe mu baburanyi** | **Article 238: Provisional execution upon application by one party** | **Article 238: Exécution provisoire sur demande d'une partie** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 239: Guhagarika irangizarubanza by'agateganyo mu rukiko rwajuririwe** | **Article 239: Suspension of provisional execution before the appeal court** | **Article 239: Suspension de l'exécution provisoire devant la cour d'appel** |
| **Ingingo ya 240: Icungwa ry'ingwate n'inshingano z'umwishingizi** | **Article 240: Management of securities and obligations of guarantor** | **Article 240: Dépôt de titres** |
| **Icyiciro cya 2: Irangiza rya burundu ry'urubanza rwabaye itegeko n'iry'izindi nyandikompesha** | **Section 2: Execution of final judgements and enforcement orders** | **Section 2: Exécution des jugements définitifs et des titres exécutoires** |
| **Ingingo ya 241: Igisobanuro n'amoko y'inyandikompesha** | **Article 241: Definition and types of enforcement orders** | **Article 241: Définition et types de titres exécutoires** |
| **Ingingo ya 242: Inyandikompuruza** | **Article 242: Enforcement formula** | **Article 242: Formule exécutoire** |
| **Ingingo ya 243: Gutesha agaciro inyandikompuruza** | **Article 243: Invalidation of an Enforcement formula** | **Article 243: Invalidation d'une formule exécutoire** |
| **Icyiciro cya 3: Ingaruka z'urubanza rubaye itegeko cyangwa indi nyandikompesha** | **Section 3: Effects of a definitive judgement or other enforcement order** | **Section 3: Effets d'un jugement définitif ou d'un autre titre exécutoire** |
| **Ingingo ya 244: Irangizwa ry'imanza n'izindi nyandikompesha n'ifasi zirangirizwamo** | **Article 244: Execution of judgements and other enforcement orders and territorial jurisdiction** | **Article 244: Exécution des jugements et autres titres exécutoires et compétence territoriale** |
| **Ingingo ya 245: Ingaruka ku mutungo w'ugomba kwishyura** | **Article 245: Effects on the property of the debtor** | **Article 245: Effets sur la propriété du débiteur** |
| **Ingingo ya 246: Ingaruka zo kurenga ku mategeko agenga ibyashinganishijwe** | **Article 246: Effects of violating provisions related to surety** | **Article 246: Effets de la violation des dispositions relatives à la caution** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 247: Irangiza ry'urubanza cyangwa indi nyandikompesha ku bushake** | **Article 247: Voluntary execution of a judgement or other enforcement order** | **Article 247: Exécution volontaire d'un jugement ou d'un autre titre exécutoire** |
| **Ingingo ya 248: Ingaruka zo kutubahiriza ibyumvikanyweho cyangwa kutagaragaza ubushake bwo kumvikana** | **Article 248: Effects of noncompliance with an agreement or lack of will of agreement** | **Article 248: Effets du non-respect d'un accord ou absence de volonté d'accord** |
| **Ingingo ya 249: Gusaba kurangiza urubanza cyangwa indi nyandikompesha ku gahato** | **Article 249: Request for compulsory execution of a judgement or other enforcement order** | **Article 249: Requête en exécution forcée d'un jugement ou d'un autre titre exécutoire** |
| **Ingingo ya 250: Kurangiriza mu Rwanda imanza n'inyandikomvaho byo mu mahanga** | **Article 250: Exequatur** | **Article 250: Exequatur** |
| **Icyiciro cya 4: Guteza cyamunara umutungo w'ugomba kwishyura** | **Section 4: Auctioning the property of a debtor** | **Section 4: Vente aux enchères de la propriété d'un débiteur** |
| **Ingingo ya 251: Ufite ububasha bwo guteza cyamunara** | **Article 251: Competent person to conduct public auction** | **Article 251: Personne compétente pour conduire une vente aux enchères publiques** |
| **Ingingo ya 252: Gukora igenagaciro ry'ibyafatiriwe** | **Article 252: Valuation of seized property** | **Article 252: Evaluation des biens saisis** |
| **Ingingo ya 253: Itangazwa rya cyamunara** | **Article 253: Publication of a public auction** | **Article 253: Publication d'une vente aux enchères publiques** |
| **Ingingo ya 254: Gutambamira cyamunara** | **Article 254: Opposition to public auction** | **Article 254: Opposition à la vente aux enchères publiques** |
| **Ingingo ya 255: Uburyo icyamunara gikoreshwa** | **Article 255: Auction modalities** | **Article 255: Modalités de vente aux enchères** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 256: Iyimurwa ry'umunsi wa cyamunara** | **Article 256: Adjournment of a public auction** | **Article 256: Remise d'adjudication** |
| **Ingingo ya 257: Cyamunara ku bintu byinshi bitimukanwa cyangwa ibice byinshi by'ikintu kimwe kitimukanwa gishobora kugurishwa ibice** | **Article 257: Auction of several immovable properties or several parts of an immovable property that may be sold in pieces** | **Article 257: Vente aux enchères de plusieurs biens immeubles ou de plusieurs parties d'un bien immeuble qui peut être vendu en pièces** |
| **Ingingo ya 258: Ingaruka za cyamunara ikozwe ku mutungo uri mu masezerano y'ubukode adafite itariki izwi** | **Article 258: Effects of an auction on a property subject to leases for unspecified duration** | **Article 258: Effets d'une vente aux enchères sur un bien objet de bail pour une durée indéterminée** |
| **Ingingo ya 259: Kutagurisha mu cyamunara inzu umukene atuyemo** | **Article 259: Seizure prohibited on the house of a destitute** | **Article 259: Interdiction de saisir l'habitaion d'un indigent** |
| **Ingingo ya 260: Guhagarika no gutesha agaciro cyamunara** | **Article 260: Staying the auction** | **Article 260: Surseoir à la vente aux enchères** |
| **Ingingo ya 261: Inyandiko y'igurisha n'uburyo bwo kwishyura mu cyamunara** | **Article 261: Deeds of the auction and terms of payment of auction price** | **Article 261: Actes de vente aux enchères et conditions de paiement du prix de la vente aux enchères** |
| **Ingingo ya 262: Iyishyurwa ry'uberewemo umwenda** | **Article 262: Payment of the creditor** | **Article 262: Paiement du créancier** |
| **Ingingo ya 263: Kugabana amafaranga yavuye mu cyamunara ku bandi bagomba kwishyurwa** | **Article 263: Sharing the proceeds of the auction for other creditors** | **Article 263: Partage du produit de la vente aux enchères** |
| **Ingingo ya 264: Kongera guteza cyamura icyari cyaguzwe** | **Article 264: Reauctioning the property** | **Article 264: Remise de l'objet en vente aux enchères** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 265: Gukemura impaka zivutse mu igabana ry'amafaranga ya cyamunara** | **Article 265: Resolution of disputes arise during the distribution of the proceeds of the auction** | **Article 265: Règlement des différends nés lors de la distribution des produits de la vente aux enchères** |
| **Ingingo ya 266: Raporo isoza cyamunara** | **Article 266: Reporting the closing of an auction** | **Article 266: Notification de la clôture d'une vente aux enchères** |
| **Ingingo ya 267: Ibishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa** | **Article 267: Database of Judgements Enforcement** | **Article 267: Base de données d'exécution des Jugements.** |
| **Ingingo ya 268: Ihanwa ry'Umuhesha w'Inkiko utubahirije inshingano ze** | **Article 268: Sanctions against a court bailiff for violation of his/her duties** | **Article 268: Sanctions contre un huissier de justice pour violation de ses devoirs** |
| **INTERURO YA VII: AMAGARAMA Y'URUKIKO** | **TITLE VII: COURT FEES** | **TITRE VII: FRAIS DE JUSTICE** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGWATE Y'AMAGARAMA** | **CHAPTER ONE: COURT FEES** | **CHAPITRE PREMIER: FRAIS DE JUSTICE** |
| **Ingingo ya 269: Itangwa ry'ingwate y'amagarama n'isubizwa ryayo** | **Article 269: Depositing and refunding of court fees** | **Article 269: Dépôt et remboursement des frais de justice** |
| **Ingingo ya 270: Abantu basonewe gutanga ingwate y'amagarama** | **Article 270: Persons exempted from depositing court fees** | **Article 270: Personnes exemptées de la consignation de frais de justice** |
| **UMUTWE WA II: UMUBARE W'AMAFARANGA Y'URUKIKO** | **CHAPTER II: SCALE OF COURT FEES** | **CHAPITRE II: TARIF DES FRAIS DE JUSTICE** |
| **Ingingo ya 271: Ikiguzi cy'inyandiko zitangwa mu nkiko** | **Article 271: Fees for documents submitted to court** | **Article 271: Tarifs des documents soumis à la justice** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 272</u>: Igenwa ry'amafaranga y'ibyakoreshejwe mu iburanisha** | **<u>Article 272</u>: Determination of court proceedings expenses** | **<u>Article 272</u>: Détermination des frais de procédure judiciaire** |
| **<u>Ingingo ya 273</u>: Ibishingirwaho mu kugena amafaranga akoreshwa mu iburanisha** | **<u>Article 273</u>: Methods for calculating fees spent during the hearings** | **<u>Article 273</u>: Méthodes de calcul des frais dépensés lors des audiences** |
| **<u>INTERURO YA VIII</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>TITLE VIII</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>TITRE VIII</u>: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO ZINYURANYE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: MISCELLANEOUS PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS DIVERSES** |
| **<u>Ingingo ya 274</u>: Ingingo zigenga ibihe byagenwe** | **<u>Article 274</u>: Provisions governing fixed time limits** | **<u>Article 274</u>: Dispositions régissant les délais établis** |
| **<u>Ingingo ya 275</u>: Ibarwa ry'ibihe bibarwa mu minsi cyangwa mu masaha** | **<u>Article 275</u>: Calculating time limits set in terms of days or hours** | **<u>Article 275</u>: Computation des délais fixés en jours ou en heures** |
| **<u>Ingingo ya 276</u>: Ibarwa ry'ibihe ku birebana n'iminsi y'ikiruhuko yemewe n'iminsi y'impera y'icyumweru** | **<u>Article 276</u>: Calculating official public holidays and week ends** | **<u>Article 276:</u> Computation des jours fériés officiels et weekends** |
| **<u>Ingingo ya 277</u>: Ibarwa ry'ibihe byagenwe mu mezi no mu mwaka** | **<u>Article 277</u>: Counting periods fixed in months and years** | **<u>Article 277</u>: Computation des délais établis en mois et en années** |
| **<u>Ingingo ya 278</u>: Igihe umuburanyi yakererewe kwiyambaza inzira zo kujurira** | **<u>Article 278</u>: Delay in filing an appeal** | **<u>Article 278</u>: Introduction d'un recours tardif** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER II:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE II:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 279</u>: Cyamunara ikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga** | **<u>Article 279</u>: Auction by electronic means** | **<u>Article 279:</u> Vente aux enchères fait par voie électronique** |
| **<u>Ingingo ya 280</u>: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu Nkiko** | **<u>Article 280</u>: Law applicable to pending cases** | **<u>Article 280</u>: Loi applicable aux affaires pendantes** |
| **<u>Ingingo ya 281</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **<u>Article 281</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 281</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi.** |
| **<u>Ingingo ya 282</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 282</u>: Repealing provision** | **<u>Article 282</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 283</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 283</u>: Commencement** | **<u>Article 283</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 22/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RYEREKEYE IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI** | **LAW Nº 22/2018 OF 29/04/2018 RELATING TO THE CIVIL, COMMERCIAL, LABOUR AND ADMINISTRATIVE PROCEDURE** | **LOI Nº 22/2018 DU 29/04/2018 PORTANT CODE DE PROCEDURE CIVILE, COMMERCIALE, SOCIALE ET ADMINISTRATIVE** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT :** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 25 Mata 2018; | The Chamber of Deputies, in its session of 25 April 2018; | La Chambre des Députés, en sa séance du 25 avril 2018; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 61, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93 iya 106, iya 120, iya 151 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 61, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 151 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 61, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 119, 120, 151 et 176; |

| | | |
|---|---|---|
| Isubiye ku itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi; | Having reviewed Law n° 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure; | Revu la Loi n° 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **<u>INTERURO YA MBERE:</u> INGINGO Z'IBANZE** | **<u>TITLE ONE</u>: PRELIMINARY PROVISIONS** | **<u>TITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS PRELIMINAIRES** |
| **<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije** | **<u>Article One:</u> Purpose of this Law** | **<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi** |
| Iri tegeko rigenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Ni na ryo rigenga imiburanishirize y'izindi manza mu gihe nta yandi mategeko yihariye agenga iyo miburanishirize keretse mu gihe ibiteganywa n'iri tegeko bidashobora gukoreshwa mu zindi manza. | This Law governs the civil, commercial, labour and administrative procedure. It also governs the procedure applicable to other cases in the event such procedure is not governed by any other specific laws except where the provisions of this Law cannot apply to such other cases. | La présente loi régit la procédure en matière civile, commerciale, sociale et administrative. Elle constitue également à l'égard des autres matières non soumises à une procédure prévue par des lois spéciales, le droit commun de la procédure, sauf dans les cas où les dispositions de la présente loi ne peuvent s'appliquer à d'autres matières. |
| **<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 2</u>: Definitions** | **<u>Article 2:</u> Définitions** |
| Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira: | As used in this Law, the following terms have the meanings ascribed to them below : | Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après, ont les significations suivantes: |
| 1° **amategeko ndemyagihugu:** urusobe rw'amahame agenga uburyo bw'imibereho muri sosiyete ashyirwaho hagamijwe inyungu rusange ababuranyi badashobora | 1° **public order :** a set of rules governing life in society that are set out for reasons of public interest and from which parties cannot mutually agree to derogate ; | 1° **ordre public:** ensemble de règles régissant la vie en société et édictées dans l'intérêt général et au regard desquelles les parties ne peuvent s'entendre pour y déroger ; |

| | | |
|---|---|---|
| kumvikanaho ngo bayanyure iruhande**;** | | |
| 2° **iburabubasha:** icyemezo urukiko rufata rugaragaza ko hashingiwe ku mategeko, rudashobora gusuzuma ikirego rwashyikirijwe; | 2° **lack of jurisdiction :** a decision by which the court declares itself legally incompetent to examine a claim referred to it; | 2° **incompétence :** décision par laquelle la juridiction déclare ne pas avoir la capacité du point de vue légal d'examiner une demande dont elle est saisie ; |
| 3° **icyumba cy'iburanisha:** ahantu urukiko ruburanishiriza imanza haba ku cyicaro cyarwo cyangwa ahandi rwagena; | 3° **courtroom :** a place where the court conducts its hearings, whether at its seat or in such other location as may be determined by the court ; | 3° **salle d'audience** : lieu de tenue des audiences par une juridiction soit à son siège ou en tout autre lieu qu'elle détermine ; |
| 4° **imenyesharuhame:** uburyo umuburanyi amenyeshwa ibijyanye n'urubanza rumureba adahawe inyandiko ubwe kubera ko aho atuye cyangwa aba hatazwi bigashyirwa ahantu hagaragarira bose; | 4° **service by publication :** a procedure whereby a party is officially informed about a case in which he/she is involved when such a party is not personally served the summons because of his/her domicile or residence being unkown ; | 4° **avis public** : procédure par laquelle une partie est informée officiellement à propos d'une affaire qui la concerne sans que l'assignation lui soit signifiée en personne en raison d'absence de domicile ou de résidence connus ; |
| 5° **imyanzuro:** inyandiko ikubiyemo ingingo ababuranyi bashaka kumvikanisha hagamijwe gutuma umucamanza yemera ishingiro ry'ibyo bashaka kumvikanisha mu rubanza; | 5° **submissions :** a document in which parties put forth their means of defence to convince the judge as to the merits of their position; | 5° **conclusions:** document dans lequel sont exposés les moyens de défense des parties tendant à convaincre le juge du bien-fondé de leur prétention; |
| 6° **inyandiko ihamagara ababuranyi**: inyandiko iteganywa n'amategeko itangwa n'umuhesha w'inkiko cyangwa undi muntu wabiherewe | 6° **summons :** a procedural document issued by a court bailiff or any other authorized person to order any person | 6° **assignation:** acte de procédure délivré par l'huissier de justice ou toute autre personne habilitée permettant de citer à comparaître en justice quiconque |

| | | |
|---|---|---|
| ububasha ikaba yifashishwa mu guhamagara uwo ariwe wese ukenewe mu rubanza; | whose presence is required at the hearing to appear in court; | dont la présence est nécessaire dans un procès ; |
| 7° **ububasha bw'umuburanyi:** uburenganzira umuntu ahabwa n'amategeko akabukoresha arengera inyungu iyi n'iyi mu rukiko cyangwa yumvikanisha ibyo asaba cyangwa arwanya ibisabwa n'undi; | 7° **standing** : legal ability to defend a specific interest or raise or defy a claim before court; | 7° **qualité d'une partie**: habilitation légale à défendre en justice un intérêt déterminé ou à alléguer ou refuter une prétention; |
| 8° **ubushobozi bw'umuburanyi:** ububasha buteganywa n'amategeko butuma umuntu yagira ibikorwa akora ku buryo bwemewe n'amategeko kandi mu izina rye akirengera ingaruka z'ibyo akoze**;** | 8° **capacity of a party:** the ability provided for by law by virtue of which an individual performs legal acts on his/her own behalf while taking personal responsibility for such acts; | 8° **capacité d'une partie**: aptitude reconnue par la loi à une personne physique à poser des actes juridiques tout en assumant personnellement la responsabilité de ses actes ; |
| 9° **ubwunzi:** inzira yo gukemura amakimbirane ikoreshwa mu gufasha abafitanye ikibazo kugira ibyo bumvikanaho bitanyuze mu rubanza; | 9° **conciliation:** conflict resolution process enabling parties to reach amicable settlement of some issues on which they disagree. | 9° **conciliation:** processus de résolution des conflits permettant aux parties de parvenir à un accord amiable sans passer par une juridiction; |
| **<u>Ingingo ya 3:</u> Ibisabwa kugira ngo ikirego cyakirwe** | **<u>Article 3:</u> Conditions for admissibility of a claim** | **<u>Article 3:</u> Conditions de recevabilité d'une demande** |
| Ikirego cyakirwa mu rukiko iyo urega afite ububasha, inyungu n'ubushobozi b**y**o kurega, keretse igihe itegeko ribiteganya ukundi. | Unless otherwise provided by law, a claim is admissible in court only if the claimant has standing, interest and capacity to sue. | La demande en justice ne peut être recevable que si le demandeur a la qualité, l'intérêt et la capacité pour exercer l'action en justice, sauf si la loi en dispose autrement. |

| | | |
|---|---|---|
| Ku mashyirahamwe, imiryango n'ibigo bidafite ubuzima gatozi, harega kandi hakaregwa abayobozi babyo mu izina ry'ababigize. | In the case of associations, organizations and institutions without legal personality, their leaders sue and are sued on behalf of their members. | Lorsqu'il s'agit des associations, organisations et établissements non dotés de la personnalité juridique, leurs dirigeants estent et sont traduits en justice au nom de leurs membres. |
| **<u>Ingingo ya 4:</u> Uburenganzira bw'urega ku kirego cye** | **<u>Article 4:</u> Claimant's prerogatives with regard to his/her claim** | **<u>Article 4:</u> Prérogatives du demandeur** |
| Uretse iyo itegeko ribiteganya ukundi, urega afite uburenganzira ku kirego cye bukurikira: | Unless otherwise provided by law, the claimant has the following prerogatives with regard to his/her claim: | Sauf dispositions contraires de la loi, le demandeur jouit des prérogatives suivantes relatives à la demande: |
| 1° gutanga ikirego; | 1° to initiate legal proceedings; | 1° introduire l'instance; |
| 2° guhagarika ikirego igihe cyose urubanza rutarasomwa cyangwa ngo kizime ku bw'itegeko; | 2° to terminate legal proceedings at any time before the pronouncement of judgement or before the prescription period of the legal proceedings; | 2° mettre fin à l'instance à tout moment avant le prononcé du jugement ou avant sa prescription légale; |
| 3° kumvikana n'uwo baburana igihe cyose urubanza rutarasomwa. | 3° to reach an amicable settlement with the respondent at any time before the pronouncement of judgement. | 3° trouver un arrangement à l'amiable avec le défendeur à tout moment avant le prononcé du jugement. |
| **<u>Ingingo ya 5:</u> Uburenganzira bw'uregwa ku byo aregwa** | **<u>Article 5:</u> Respondent's prerogatives with regard to allegations against him/her** | **<u>Article 5:</u> Prérogatives du défendeur** |
| Uretse iyo itegeko ribiteganya ukundi, uregwa afite uburenganzira ku byo aregwa bukurikira: | Unless otherwise provided by law, the respondent has the following prerogatives with regard to allegations against him/her: | Sauf dispositions contraires de la loi, le défendeur jouit des prérogatives suivantes relatives aux prétentions alléguées à son encontre: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° kwemera ikirego mu gihe cyose urubanza rutarasomwa;<br><br>2° gusaba kumvikana n'uwo baburana igihe cyose urubanza rutarasomwa. | 1° to admit the claim at any time before the pronouncement of judgement;<br><br>2° to seek amicable settlement with the respondent at any time before the pronouncement of judgement. | 1° acquiescer à la demande à tout moment avant le prononcé du jugement;<br><br>2° trouver un arrangement à l'amiable avec le demandeur à tout moment avant le prononcé du jugement. |
| **<u>Ingingo ya 6:</u> Kugena ikiburanwa no kudahinduka kw'ikirego** | **<u>Article 6:</u> Determination of the subject-matter and unchangeable nature of the claim** | **<u>Article 6:</u> Détermination de l'objet du litige et immutabilité de la demande** |
| Ikiburanwa kigenwa n'ibisabwa na buri muburanyi. Ibisabwa bigaragarira mu myanzuro iregera urukiko n'imyanzuro yo kwiregura, bigashimangirwa burundu mu nama ntegurarubanza ku manza iteganyijwemo. | The subject-matter of the claim is determined by parties' respective arguments. Arguments are laid down in the document instituting proceedings and in the defence submissions and are definitely confirmed during the pretrial conference, where applicable. | L'objet du litige est déterminé par les prétentions respectives des parties. Ces prétentions sont fixées par l'acte introductif d'instance et par les conclusions en défense et sont confirmées définitivement lors de la tenue de la réunion pour la mise en état de l'affaire, le cas échéant. |
| Mu iburanisha, umuburanyi ntashobora guhindura ikiburanwa ababuranyi bose batabyemeye. | No party may modify the subject-matter in the course of the proceedings unless such modification is agreed upon by all parties to the case. | En cours d'instance, aucune partie ne peut modifier l'objet de la demande sans l'accord de toutes les parties en cause. |
| Ikiburanwa ntigishobora guhindurwa mu rukiko rwajuririwe. Icyakora, ikiburanwa gishobora guhindurwa n'ibirego by'imigereka iyo bifitanye isano ihamye n'ibyo ababuranyi basaba. | The subject-matter cannot be changed before the appellate court. However, the subject-matter may be changed by incidental claims if these are sufficiently linked to the original arguments of parties. | L'objet de la demande ne peut être modifié au degré d'appel. Toutefois, l'objet du litige peut être modifié par des demandes incidentes lorsque celles-ci se rattachent aux prétentions originaires par un lien suffisant. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 7:</u> Inshingano z'urega** | **<u>Article 7:</u> Claimant's obligations** | **<u>Article 7:</u> Obligations du demandeur** |
| Urega afite inshingano zikurikira: | The claimant has the following obligations: | Le demandeur a les obligations suivantes: |
| 1° gutanga ingwate y'amagarama, uretse igihe itegeko ribiteganya ukundi; | 1° to deposit court fees, unless otherwise provided by law; | 1° consigner les frais de justice, sauf dispositions contraires de la loi; |
| 2° kugaragaza umwirondoro we wuzuye n'aho abarizwa, harimo *e-mail* na nimero ya telefoni yabarizwaho iyo bishoboka no kumenyesha urukiko igihe uhindutse; | 2° to provide his/her full identity and physical address, including the e-mail and telephone number via which he/she can be reached and notify the court of any change thereto, where applicable; | 2° fournir son identité complète et son adresse, y compris son courrier électronique et le numéro de téléphone au moyen duquel il peut être joignable et en informer la juridiction, en cas de modification; |
| 3° kugaragaza umwirondoro wuzuye w'uwo arega n'aho abarizwa, harimo *e-mail* na nimero ya telefoni yabarizwaho iyo bishoboka; | 3° to provide the respondent's full identity and physical address, including the e-mail and telephone number via which he/she can be reached, where applicable; | 3° fournir l'identité complète du défendeur, y compris le courrier électronique et le numéro de téléphone au moyen duquel il peut être joignable, le cas échéant; |
| 4° kugaragaza abo basangiye umutungo aregera, iyo bahari; | 4° to specify co-owners of the property under litigation, where applicable; | 4° mentionner les copropriétaires de la propriété en litige, le cas échéant; |
| 5° kugaragaza agaciro k'umutungo mu gihe ari wo uburanwa. | 5° specify the value of the property if the subject-matter is the value of the property. | 5° en spécifier la valeur, lorsque l'objet de la demande porte sur la propriété. |
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano z'uregwa** | **<u>Article 8:</u> Respondent's obligations** | **<u>Article 8:</u> Obligations du défendeur** |
| Uregwa afite inshingano zikurikira: | The respondent has the following obligations: | Le défendeur a les obligations suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° kugaragariza urega umwirondoro we wuzuye, aho abarizwa harimo *e-mail* na nimero ya telefoni yabarizwaho no kumenyesha urukiko igihe uhindutse; | 1° to provide the claimant with his/her full identity, and physical address including the e-mail and telephone number via which he/she can be reached and notify the court of any change thereto; | 1° fournir son identité complète au demandeur y compris le courrier électronique et le numéro de téléphone au moyen duquel il peut être joignable et notifier la juridiction de tout changement y afférent; |
| 2° kugaragaza abo basangiye uwo mutungo n'uruhare rwa buri wese; | 2° to specify co-owners of the property and the share of each co-owner; | 2° identifier les copropriétaires et leurs parts respectives; |
| 3° kwakira imyanzuro y'urega no kuyisubiza mu gihe giteganyijwe n'amategeko. | 3° to receive the claimant's submissions and respond to them within the time limit set out by law. | 3° recevoir les conclusions du demandeur et y réserver une suite dans un délai prescrit par la loi. |
| Iyo hari ibyo yanze kubahiriza mu bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, uregwa ashobora gucibwa ihazabu mbonezamubano yo gutinza urubanza y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000) ariko atarenze ibihumbi ijana (100.000). | In case of the respondent's failure to comply with any of the provisions of paragraph One of this Article, the respondent may be liable to a civil fine of not less than twenty thousand (20,000) Rwandan francs and not more than one hundred thousand (100,000) Rwandan francs for delaying tactics. | En cas de violation d'une quelconque disposition de l'alinéa premier du présent article, le défendeur peut être passible d'une amende civile pour manœuvres dilatoires d'au moins vingt mille (20.000) francs rwandais mais n'excédant pas cent mille (100.000) francs rwandais. |
| Ihazabu ivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo isabwa n'umwanditsi uyoboye inama ntegurarubanza, ikemezwa n'icyemezo cya perezida w'urukiko. | The fine referred to in paragraph 2 of this Article is ordered by the court registrar presiding over the pretrial conference and approved by the order of the president of the court. | L'amende visée à l'alinéa 2 du présent article est ordonnée par le greffier présidant la réunion de mise en état et approuvée par une ordonnance du président de la juridiction. |
| Iyo ihazabu ivugwa muri iyi ngingo itishyuwe mbere y'imihango y'iburanisha, yongerwa mu cyemezo cy'urukiko. | If the fine referred to in this Article is not paid before the commencement of the hearing process, the fine is included in the court's decision. | Lorsque l'amende visée au présent article n'est pas payée avant que la procédure d'audience ne se tienne, elle est incluse dans le jugement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano y'umucamanza yo guca imanza** | **<u>Article 9:</u> Judges' obligation to adjudicate cases** | **<u>Article 9:</u> Obligation pour les juges de juger les causes** |
| Umucamanza aca urubanza ashingiye ku ngingo z'amategeko zirebana n'ikirego yaregewe. Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko n'inyandiko z'abahanga mu mategeko. | A judge adjudicates a case on the basis of relevant rules of law. In the absence of such rules, the judge adjudicates according to the rules that he/she would establish if he/she had to act as legislator, relying on precedents, customs, general principles of law and doctrine. | Le juge tranche les litiges conformément aux règles de droit en la matière. À défaut de ces règles, il se prononce selon les règles qu'il établirait s'il avait à faire acte de législateur en s'inspirant de la jurisprudence, de la coutume, des principes généraux du droit et de la doctrine. |
| Umucamanza ntashobora kandi kwanga guca urubanza yitwaje impamvu iyo ari yo yose, n'iyo ntacyo itegeko ryaba riteganya, ridasobanutse mu buryo bwumvikana cyangwa ridahagije. | A judge cannot refuse to decide a case on any pretext of silence, obscurity or insufficiency of the law. | Le juge ne peut refuser de juger sous quelque prétexte que ce soit, même en cas de silence, d'obscurité ou d'insuffisance de la loi. |
| Umucamanza ashobora gushishikariza ababuranyi gukoresha ubwunzi iyo abona ko ari bwo buryo buboneye mu kurangiza impaka. Ashobora kubunga ubwe cyangwa akabohereza mu bwunzi, agasubika urubanza mu gihe ubwunzi burimo gukorwa. | A judge may encourage parties to use conciliation if he/she believes that conciliation is the most appropriate way to resolve the dispute. He/she may him/herself mediate between the parties or help them find a mediator of their choice and postpones the hearing for the entire duration of conciliation. | Le juge peut encourager les parties au procès à recourir à la médiation s'il le considère comme le moyen le plus approprié pour mettre fin au litige. Il peut soit procéder lui-même à leur médiation ou les aider pour trouver un médiateur de leur choix et, dans ce dernier cas, remettre le procès pour toute la durée de médiation. |
| Ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko zo mu mahanga cyangwa n'inyandiko z'abahanga mu mategeko bo mu mahanga ntibishobora | A judge can in no way base on foreign courts' decisions or legal doctrine if such decisions or | En aucun cas, les décisions de jurisprudence ou de la doctrine étrangères dont peuvent s'inspirer les juges ne doivent être en |

| | | |
|---|---|---|
| gushingirwaho n'umucamanza mu guca urubanza **y**aregewe mu gihe binyuranyije n'amahame ndemyagihugu cyangwa imiterere y'amategeko yo mu Rwanda. | doctrine conflict with public order or the Rwandan legal system. | contradiction avec l'ordre public ou le système juridique du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 10:</u> Guca urubanza ku cyasabwe** | **<u>Article 10:</u> Decide on what has been asked** | **<u>Article 10:</u> Prendre la décision sur ce qui est demandé** |
| Umucamanza aca urubanza ku cyasabwe cyose kandi kuri icyo cyonyine. | A judge may not decide more than he/she has been asked to. | Le juge se prononce sur tout ce qui est demandé et seulement sur celui-ci. |
| **<u>Ingingo ya 11:</u> Ibidashingirwaho mu guca urubanza** | **<u>Article 11:</u> Facts that are not considered while adjudicating a case** | **<u>Article 11:</u> Faits non considérés en statuant sur l'affaire** |
| Umucamanza ntashobora gushingira icyemezo cye ku bitagaragajwe mu iburanisha. Ntashobora kandi no guca urubanza ashingiye ku byo aruziho ku giti cye. | A judge cannot base his/her decision on the facts which have not been raised during the hearing. Neither can he/she decide a case on the basis of personal knowledge of the case. | Le juge ne peut fonder sa décision sur des faits qui n'ont pas fait l'objet de débat. Il ne peut non plus statuer sur base des connaissances personnelles qu'il a de l'affaire. |
| **<u>Ingingo ya 12:</u> Ugomba kugaragaza ibimenyetso** | **<u>Article 12:</u> Burden of proof** | **<u>Article 12:</u> Charge de la preuve** |
| Urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera. Iyo abibuze, uwarezwe aratsinda. | The claimant must prove a claim, failing which the respondent wins the case. | Le demandeur doit prouver l'existence de son droit. À défaut de preuve, le défendeur obtient gain de cause. |
| Naho uvuga ko atagitegetswe gukora icyo yategekwaga gukora cyagaragajwe n'ibimenyetso agomba kugaragaza impamvu zakimukuyeho. Iyo abiburiye ibimenyetso, uwo baburana aramutsinda. | Likewise, a party who alleges that he/she has been discharged from an obligation established by evidence must justify the cause as a result of which the obligation has | Réciproquement, celui qui se prétend être libéré d'une obligation établie doit en justifier la cause qui en a produit l'extinction. A défaut de preuve, son adversaire obtient gain de cause. |

| | | |
|---|---|---|
| | extinguished. Failure to do so, the other party wins the case. | |
| **<u>Ingingo ya 13:</u> Uburenganzira bwo kwiregura** | **<u>Article 13:</u> Right to be heard** | **<u>Article 13:</u> Droit de défense** |
| Umuburanyi ntashobora gucirwa urubanza atumviswe cyangwa atahamagawe. | No party can be tried except after having been heard or summoned. | Nulle partie ne peut être jugée sans avoir été entendue ou assignée. |
| **<u>Ingingo ya 14:</u> Agaciro k'urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma** | **<u>Article 14:</u> Decision having acquired the force of res judicata** | **<u>Article 14:</u> Autorité de la chose jugée** |
| Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ntirushobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe. | A case having been definitively decided cannot again be litigated for the same facts, between the same parties acting with respect to the same cause. | Une affaire qui a été définitivement jugée ne peut être jugée de nouveau pour les mêmes faits, entre les mêmes parties agissant pour la même cause. |
| **<u>Ingingo ya 15:</u> Kutiyambaza icyarimwe inzira ebyiri zo kujurira** | **<u>Article 15:</u> Prohibition to avail oneself of two remedies at the same time** | **<u>Article 15:</u> Non exercice simultané de deux voies de recours** |
| Umuburanyi ntashobora, ku rubanza rumwe, kwiyambaza icyarimwe inzira y'ubujurire n'iyo gusubirishamo urubanza. Inzira ya mbere yahisemo ituma atakaza uburenganzira yari afite bwo kwiyambaza indi nzira. | No party can avail him/herself of two remedies or apply for review with respect to the same case. The first remedy chosen causes the party to lose the right to avail him/herself of other remedies. | Une partie ne peut, pour une même affaire, exercer simultanément deux voies de recours ou exercer le recours en révision. La première voie de recours choisie lui fait perdre le droit d'exercer d'autres autres voies de recours. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16:</u> Igihe ntarengwa cyo kuburanisha urubanza**<br><br>Urubanza rwose ruregewe urukiko rugomba kuba rwaburanishijwe mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) kuva urukiko rushyikirijwe ikirego.<br><br>Uretse ibirego byihutirwa n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nyungu z'ubutabera, imanza zose zihabwa itariki yo kuburanishwa hakurikijwe uko zagiye zandikwa. | **<u>Article 16:</u> Time limit for deciding a case**<br><br>Any case referred to the court must be decided within six (6) months from the date the claim is referred to the court.<br><br>With the exception of urgent claims and at any time it is considered necessary in the interests of the administration of justice, the hearing date for all cases is set according to the order of registration thereof on the list of cases. | **<u>Article 16:</u> Délai pour juger une affaire**<br><br>Toute affaire dont la juridiction est saisie doit être jugée dans un délai n'excédant pas six (6) mois à compter de la date de la saisine.<br><br>La fixation d'audience pour toutes les affaires se fait selon l'ordre d'inscription au rôle des demandes à l'exception des demandes qui requièrent célérité et des cas d'intérêt de la justice. |
| **<u>Ingingo ya 17:</u> Isubikwa ry'urubanza**<br><br>Gusubika urubanza ku mpamvu z'ababuranyi bisuzumwa kandi bikemezwa n'urukiko. Izo mpamvu zigomba kuba ari impamvu zitunguranye kandi zidasanzwe.<br><br>Gusubika urubanza ku mpamvu z'ababuranyi ntibirenza inshuro ebyiri (2). Nyuma y'icyo gihe, urubanza ruraburanishwa cyangwa rugasibwa mu gihe nta muburanyi witabye. | **<u>Article 17:</u> Adjournment of a case**<br><br>The adjournment of a case for reasons specific to parties is subject to consideration and approval by the court and can only occur in case of unforeseen and special reasons.<br><br>The adjournment of a case for reasons specific to parties cannot occur more than twice. After the adjournment has taken place twice, the case is heard or removed from the list of cases if no party appears. | **<u>Article 17:</u> Remise d'affaire**<br><br>La remise d'affaire pour des motifs émanant des parties est soumise à l'examen et approbation par la juridiction. Ces motifs doivent être imprévisibles et exceptionnels.<br><br>La remise d'affaire pour des motifs émanant des parties ne peut pas se faire au-delà de deux (2) fois. Au-delà de deux fois, l'instance reprend ou l'affaire est rayée, en cas de défaut de toutes les parties. |
| **<u>Ingingo ya 18:</u> Guhana abatinza urubanza cyangwa ababangamira iperereza**<br><br>Umuburanyi wese utinza ku bushake iburanisha ry'urubanza kimwe n'uwiyambaza | **<u>Article 18:</u> Punishment for delaying a case or obstructing investigation**<br><br>Any party who intentionally delays the hearing of a case or avails him/herself of remedies as a | **<u>Article 18:</u> Sanctions contre les manœuvres dilatoires ou obstruction d'une enquête**<br><br>Toute partie qui, intentionnellement, retarde l'instance ou use des voies de recours pour des |

| | | |
|---|---|---|
| inzira zo kujurira mu buryo bwo gutinza urubanza, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000). | delaying tactic in a case is liable to a civil fine of not less than twenty thousand (20,000) Rwandan francs and not more than two hundred thousand (200,000) Rwandan francs. | fins dilatoires est passible d'une amende civile d'au moins vingt mille (20.000) francs rwandais mais n'excédant pas deux cent mille (200.000) francs rwandais. |
| Iyo gutinza urubanza ku bushake bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umwavoka cyangwa undi muntu uhagarariye umuburanyi, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana abiri (200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000). | If the intentional delaying of the hearing referred to under paragraph One of this Article is caused by a counsel or any other representative of the party, such counsel or representative is liable to a civil fine of not less than two hundred thousand (200,000) Rwandan francs and not more than five hundred thousand (500,000) Rwandan francs. | Lorsque les manoeuvres dilatoires visées à l'alinéa premier du présent article sont exercés par un avocat ou toute autre personne mandatée pour représenter une partie, il est condamné à une amende civile d'au moins deux cent mille (200.000) francs rwandais mais n'excédant pas cinq cent mille (500.000) francs rwandais. |
| Ihazabu ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ni na yo icibwa umuntu wese ubangamiye iperereza ryategetswe n'urukiko. Ihazabu icibwa umuntu ku giti cye, n'iyo yaba ahagarariye urwego rwa Leta cyangwa ikigo cyigenga. Uciwe iyo hazabu anategekwa kubahiriza ibyo iperereza risaba ku ngufu za Leta. | The civil fine referred to under paragraph 2 of this Article also applies to any person who obstructs an investigation ordered by the court. The liability for payment of civil fine is personal, even if the fine is imposed on a representative of a public or private entity. A person punished by such a fine is also required to comply with the investigation requirements. | L'amende civile visée à l'alinéa 2 du présent article est également prononcée contre toute personne qui fait obstacle à une enquête ordonnée par une juridiction. L'amende civile est personnelle, quand bien même la personne contre laquelle elle est prononcée représenterait une institution publique ou privée. Une personne contre laquelle une amende civile est prononcée est également forcée à se conformer aux exigences de l'enquête. |
| **<u>Ingingo ya 19:</u> Ingaruka zo kutishyura ihazabu mbonezamubano** | **<u>Article 19:</u> Effects of failure to pay a civil fine** | **<u>Article 19:</u> Effets de non-paiement de l'amende civile** |
| Iyo umuburanyi aciwe ihazabu mbonezamubano kubera gutinza urubanza, | When a party is punished by a civil fine for delaying a case, a pretrial conference or | Lorsqu'une partie est condamnée au payement d'une amende civile pour l'usage des |

| | | |
|---|---|---|
| inama ntegurarubanza, iburanisha cyangwa kubangamira iperereza, agomba kuyishyura mbere y'uko iburanisha rikomeza. Iyo atabikoze, iyo hazabu ishyirwa mu byo acibwa n'urukiko mu rubanza rw'iremezo kandi igafatwa nk'ikimenyetso uwo baburana yashingiraho asaba indishyi z'igihombo yatewe n'uko gutinza urubanza. | obstructing investigation, the party must pay the fine before the hearing is resumed. Failure to do so, the civil fine is included in the court decision on the merits of the case and serves as evidence which the other party can rely on to claim damages suffered as a result of the delay in the hearing of the case. | manœuvres dilatoires dans une instance, retarder la réunion de mise en état de l'affaire ou pour avoir fait obstacle à une enquête, elle doit payer ladite amende avant de continuer le procès. A défaut de le faire, l'amende civile est incluse dans les chefs de demande principale et est réputée servant de preuve dont l'autre partie peut se prévaloir pour demander les dommages-intérêts résultant des manœuvres dilatoires. |
| Iyo umuburanyi yunganiwe cyangwa ahagarariwe, ihazabu ivugwa mu gika cya mbere icibwa avoka mu gihe bigaragaye ko gutinda k'urubanza ari we byaturutseho. Umwavoka wahanishijwe ihazabu mbonezamubano ntashobora kongera kuburanira mu rukiko urwo arirwo rwose, igihe cyose iyo hazabu itarishyurwa. | If the party is legally assisted or represented, the fine referred to under paragraph One of this Article is imposed on his/her counsel if there is evidence that the counsel is responsible for delaying the case. A counsel punished by a civil fine cannot argue a case before any court unless he/she pays the fine. | Si la partie est légalement assistée ou représentée, l'amende visée à l'alinéa premier du présent article est infligée à son avocat aussi longtemps que celui-ci est réputé responsable des manœuvres dilatoires dans l'instance. Un avocat frappé de l'amende civile ne peut plaider devant une quelconque juridiction aussi longtemps qu'il n'a pas encore payé ladite amende. |
| Icyemezo gitegeka umuburanyi, umuhagarariye cyangwa umwunganira gutanga ihazabu kubera gutinza urubanza gifatwa ako kanya kandi kigasobanura impamvu zashingiweho mu kugifata. Icyo cyemezo kimenyeshwa inkiko zose n'umuyobozi w'Urugaga rw'abavoka. | The decision ordering a party, his/her representative or counsel to pay a civil fine for delaying the case is immediately taken and indicates reasons therefor. Such a decision is notified to all courts and the President of the Bar Association. | La décision ordonnant à une partie, une personne légalement assistant ou représentant une partie au procès de payer une amende civile pour cause d'user les manœuvres dilatoires est prise sur les bancs et doit justifier les motifs qui en ont servi la base. Cette décision est notifiée à toutes les juridictions et au bâtonnier. |
| Icyemezo gitegeka umuburanyi, umuhagarariye cyangwa umwunganira | The decision ordering a party, his/her representative or a counsel to pay a fine for | La décision ordonnant à une partie, une personne légalement assistant ou représentant |

| | | |
|---|---|---|
| gutanga ihazabu kubera gutinza urubanza ni icyemezo cy'ubuyobozi. Icyo cyemezo gishobora gutakambirwa kwa perezida w'urukiko mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24); icyemezo na cyo kigafatwa mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye igihe cyatakambiwe. | delaying the case is an administrative decision. Such a decision is open to appeal before the President of the court within twenty-four (24) hours, and the decision thereon is taken within twenty-four (24) hours from the receipt of appeal. | une partie au procès de payer une amende civile pour cause d'user les manœuvres dilatoires est une décision administrative. Cette décision est susceptible d'appel devant le président de la juridiction endéans vingt-quatre (24) heures et la décision y relative est prise endéans vingt-quatre (24) heures de la réception de l'appel. |
| Iyo icyo cyemezo cyafashwe na perezida w'urukiko gitakambirwa kwa perezida w'urukiko rwisumbuyeho. | If such a decision is taken by the president of the court, it is open to appeal before the president of the next upper court. | Si la décision a été prise par le président de la juridiction, elle susceptible d'appel devant le président de la juridiction immédiatement supérieure. |
| **<u>INTERURO YA II:</u> ITANGIRA RY'URUBANZA** | **<u>TITLE II:</u> INSTITUTION OF PROCEEDINGS** | **<u>TITRE II:</u> INTRODUCTION D'INSTANCE** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE:</u> ITANGWA RY'IKIREGO** | **<u>CHAPTER ONE:</u> FILING A CLAIM** | **<u>CHAPITRE PREMIER:</u> REQUETE INTRODUCTIVE D'INSTANCE** |
| **<u>Ingingo ya 20:</u> Uburyo bwo gutanga ikirego n'abemerewe kugitanga** | **<u>Article 20:</u> Filing procedure and persons qualified to file a claim** | **<u>Article 20:</u> Mode de saisine et personnes habilitées à saisir la juridiction** |
| Urukiko ruregerwa hakoreshejwe imyanzuro iregera urukiko hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwabigenewe bikozwe n'urega ubwe, umwunganira cyangwa umuhagarariye. | A claimant him/herself, his/her counsel or representative files a claim by submitting submissions in a court through an approved electronic means. | Une juridiction est saisie aux moyens des conclusions présentées à travers le système électronique autorisé, par le demandeur lui-même, son avocat ou son fondé de pouvoir. |
| Icyakora, iyo bidashoboka, ikirego gishobora gutangwa urega ashyikirije urukiko imyanzuro iregera urukiko bitangiwe uburenganzira mu | However, if this is not possible, the claim can be filed by the claimant by presenting submissions to the court after obtaining | Toutefois, une instance peut, en cas d'impossibilité, être introduite par le demandeur en présentant les conclusions à la |

| | | |
|---|---|---|
| nyandiko n'umwanditsi mukuru w'urukiko ruregerwa. Icyo gihe, urega ategetswe kohereza urukiko kopi y'iyo myanzuro akoresheje umurongo wa interineti usanzwe, ikibazo cy'ikoranabuhanga cyakemuka, akabyuzuza nk'uko biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. | written approval from the chief registrar of the court to which the case is referred. In this case, the claimant is required to send to the court a copy of his/her submissions through available electronic means and refer the case as provided for under paragraph One of this Article, once the electronic problem ceases to exist. | juridiction et sur approbation écrite du greffier en chef de la juridiction saisie. Dans ce cas, le demandeur doit envoyer à la juridiction, une copie de ses conclusions à travers le moyen électronique disponible et compléter le dossier comme prévu à l'alinéa premier du présent article, une fois que le problème est réglé. |
| **<u>Ingingo ya 21:</u> Impamvu zo kutandika ikirego** | **<u>Article 21:</u> Grounds for refusal of registration of a claim** | **<u>Article 21:</u> Irrecevabilité de la demande** |
| Umwanditsi w'Urukiko ntashobora kwandika ikirego mu gihe urega: | The court registrar cannot register a claim if the claimant: | Le greffier ne peut pas recevoir et acter une demande si le demandeur: |
| 1° atatanze ingwate y'amagarama y'urubanza, keretse igihe abisonewe; | 1° does not deposit court fees, except where he/she is granted exemption therefrom; | 1° n'a pas consigné les frais de justice, sauf en cas d'exonération; |
| 2° atanze ikirego kitari mu bubasha bw'urukiko; | 2° files a claim that does not fall within the jurisdiction of the court; | 2° introduit une demande qui n'est pas dans la compétence de la juridiction; |
| 3° atagaragaje umwirondoro wuzuye abarizwaho; | 3° fails to provide his/her full identity and address; | 3° n'a pas indiqué son identité et adresse complètes; |
| 4° atagaragaje umwirondoro w'uwo arega cyangwa icyemezo kigaragaza ko uregwa yawumwimye; | 4° fails to provide the respondent's full identity and address or a certificate attesting to the respondent's refusal to provide him/her with such identity and address; | 4° n'a pas indiqué l'identité du défendeur ou une preuve attestant que celui-ci a refusé de la lui communiquer; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° atatanze ikirego mu buryo no mu gihe giteganywa n'amategeko; | 5° files a claim without compliance with modalities and time limit provided for by law; | 5° introduit une instance en violation des modalités et délais prévus par la loi; |
| 6° atanze ubujurire bwa kabiri ku birego byihutirwa n'ibirego bitanzwe n'umuburanyi umwe; | 6° files a second appeal in case of urgent applications and unilateral applications; | 6° introduit le deuxième appel en cas de demande en référé et de requête unilatérale; |
| 7° atanze ubujurire ku cyemezo cyafashwe ku mpaka zivutse mu irangiza ry'urubanza; | 7° appeals against a decision rendered in a dispute arising from the execution of judgement; | 7° interjette un appel contre une décision rendue en matière de contestation de l'exécution de jugement; |
| 8° atanze ubujurire ku cyemezo cyafashwe cyo gusiba urubanza rwashaje; | 8° appeals against a decision ordering the removal of a case from the list of cases is such a case has been time-barred; | 8° interjette un appel contre une décision de radiation du rôle d'une affaire, en cas de péremption d'instance; |
| 9° atanze ubujurire ku cyemezo cy'urukiko rwemeza ko rufite ububasha bwo kuburanisha; | 9° appeals against a court's decision declaring its jurisdiction; | 9° fait un appel contre une décision de juridiction confirmant sa compétence ; |
| 10° atanze ubujurire mu Rukiko rw'Ubujurire ku manza zatangiriye mu Nkiko z'Ibanze; | 10° appeals before the Court of Appeal in cases that originate from Primary Courts; | 10° fait un appel devant la Cour d'Appel contres des affaires introduites au premier degré devant les Tribunaux de Base; |
| 11° atanze ubujurire ku manza zibanziriza izindi budakorewe hamwe n'urubanza rwose; | 11° appeals against interlocutory judgements filed before the final judgement; | 11° interjette un appel contre les jugements avant dire droit interjeté avant le jugement définitif; |
| 12° atanze ubujurire ku rubanza rwaciwe nyuma yo gusubirishamo ingingo nshya; | 12° appeals against a judgement given on an application for review; | 12° interjette un appel contre un jugement rendu sur recours en révision; |

| | | |
|---|---|---|
| 13° atanze ubujurire ku rubanza rwabaye itegeko; | 13° appeals against a judgement having become final; | 13° intente un appel contre le jugement coulé en force de chose jugée; |
| 14° atanze ubujurire bwakererewe mu buryo buteganywa n'amategeko; | 14° files an appeal beyond the time limit prescribed by law; | 14° intente un appel formulé après forclusion de délais; |
| 15° atanze ikirego atabifitiye ububasha, ubushobozi cyangwa inyungu; | 15° files a claim while having no standing, capacity or interest to sue; | 15° intente une demande en justice sans qualité, capacité ou intérêt; |
| 16° atanze ikirego kigomba kubanza gukemurwa na Komite y'Abunzi; | 16° files a claim that has to be first heard by Abunzi Committee. | 16° intente une demande en justice devant préalablement être entendue par le Comité d'Abunzi; |
| 17° atanze ikirego atagaragaje ko ubwumvikane bwananiranye kandi amategeko abuteganya; | 17° files a claim without first proving that amicable settlement, if required by law, has been undertaken and failed; | 17° intente une demande en justice sans prouver que le règlement à l'amiable a échoué, alors qu'il est prévu par la loi; |
| 18° atanze ikirego atagaragaje ko ubwumvikane buteganyijwe cyangwa ubukemurampaka mu masezerano butakozwe; | 18° files a claim without demonstrating that he/she has used amicable settlement or arbitration specified in the contract; | 18° intente une demande sans avoir recouru au règlement à l'amiable ou l'arbitration prévu dans le contrat; |
| 19° atanze ikirego ku bibazo byakemuwe n'ubukemurampaka ku byerekeye imizi y'urubanza. | 19° files a claim with respect to matters already resolved through arbitration with respect to the merits of the case. | 19° intente une demande en justice sur les cas déjà résolus au moyen de l'arbitrage, en ce qui concerne le fond. |
| Umwanditsi wanze kwakira ikirego akora icyemezo asobanura impamvu yanze kucyakira. | A registrar who refuses to register a claim makes a decision justifying reasons for his/her refusal to register the claim. | Le greffier qui refuse d'acter une demande, en fait une ordonnance en justifiant les raisons de son irrecevabilité. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 22:</u> Gutakambira icyemezo cyo kutandika ikirego** | **<u>Article 22:</u> Appealing against a decision to refuse to register a claim** | **<u>Article 22:</u> Appel contre la décision de refus d'acter la demande** |
| Umuburanyi utishimiye icyemezo cy'umwanditsi w'urukiko atakamba kwa Perezida w'Urukiko mu nyandiko isobanura uburyo yarenganyijwe mu gihe kitarengeje iminsi itanu (5) uhereye igihe yamenyeye icyo cyemezo. | A party that is dissatisfied with the decision of a court registrar appeals in writing to the president of the court, indicating the reasons for his/her dissatisfaction, within five (5) days of his/her being notified of the decision. | La partie non satisfaite de la décision du greffier fait un recours hiérarchique par écrit, devant le Président de la juridiction indiquant ses motifs endéans cinq (5) jours à compter de la date à laquelle elle a eu connaissance de la décision. |
| Perezida w'urukiko afata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye igihe ashyikirijwe uko gutakamba. | The president of the court makes a decision within five (5) days from receipt of the appeal. | Le président de la juridiction prend la décision endéans cinq (5) jours de la réception de la demande. |
| Icyemezo cya perezida ntikijurirwa. Icyakora, ashobora kugihindura igihe cyose agaragarijwe ko yibeshye. | The decision of the president of the court is not open to appeal. However, he/she may revisit his/her decision at any time it is proven that he/she has erred in such a decision. | La décision du président n'est pas susceptible d'appel. Toutefois, le président peut réviser sa décision chaque fois qu'il lui est prouvé qu'il l'a faussement prise. |
| **<u>Ingingo ya 23:</u> Ibikubiye mu mwanzuro uregera urukiko** | **<u>Article 23:</u> Contents of a submission instituting proceedings before the court** | **<u>Article 23:</u> Contenu de la conclusion** |
| Umwanzuro uregera urukiko ugaragaza ibi bikurikira: | The submission instituting proceedings before the court indicates: | La conclusion contient: |
| 1° urukiko rushyikirijwe ikirego; | 1° the court to which the case is referred; | 1° la juridiction saisie; |
| 2° umwirondoro wuzuye w'utanze ikirego, amazina, umwuga, imyaka na nimero y'irangamuntu ye, Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere atuyemo hamwe na *e-mail* na | 2° the claimant's full identity, names, profession, age and identity card number, his/her village, cell, sector, district of residence, e-mail and telephone number via which he/she | 2° l'identité complète, les noms et prénoms, la profession, le numéro de la carte d'identité, le Village, la Cellule, le Secteur, le District de résidence, le courrier électronique du demandeur |

| | | |
|---|---|---|
| nimero ya telefoni yabarizwaho. Iyo ahagarariwe, hagaragazwa umwirondoro n'ububasha bw'abamuhagarariye; | can be reached. If the claimant is represented, the identity and capacity of his/her legally recognized representatives are indicated; | ainsi que le numéro de téléphone au moyen duquel il peut être joignable. Si le demandeur est représenté, l'identité et la qualité de ses représentants légaux sont mentionnés; |
| 3° umwirondoro wuzuye w'uregwa nk'uko uvugwa mu gace kabanziriza aka; | 3° the respondent's full identity as provided for in the preceding item; | 3° l'identité complète du défendeur telle qu'elle ressort au point précédent; |
| 4° ikiburanwa n'agaciro kacyo mu mafaranga iyo bishoboka kugenwa n'impamvu zihinnye zisobanura ikirego; | 4° the subject-matter and its value in cash where possible, and a brief description of the reasons for the claim; | 4° l'objet de la demande et sa valeur, le cas échéant, et les motifs succincts du litige; |
| 5° ibyerekeye iyakirwa ry'ikirego; | 5° matters concerning the admissibility of the claim; | 5° la recevabilité de la demande; |
| 6° imiterere y'ikibazo; | 6° the nature of the claim; | 6° les faits ; |
| 7° urutonde rw'ibibazo yifuza ko urukiko rusuzuma; | 7° the list of matters at issue he/she wants the court to examine; | 7° la liste des chefs de demande devant être examinés par la juridiction; |
| 8° ibisobanuro kuri buri kibazo, ibimenyetso n'amategeko ashingiraho kuri buri kibazo; | 8° details of each element of the claim, evidence and the legal basis for each element; | 8° les détails sur chaque chef de demande, les moyens en fait et en droit servant de fondement pour chaque chef de demande; |
| 9° umwanzuro ugaragaza muri make ibyo asaba urukiko; | 9° a submission briefly indicating what he/she asks the court; | 9° la conclusion indiquant brièvement ce qui est démandé à la cour; |
| 10° umukono cyangwa igikumwe by'urega cyangwa umuhagarariye. | 10° the signature or fingerprint of the claimant or his/her representative. | 10° la signature ou l'empreinte digitale du demandeur ou de son conseil. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Imanza zirebwa n'inama ntegurarubanza** | **<u>Article 24:</u> Cases subject to pretrial conference** | **<u>Article 24:</u> Instances soumises à la réunion pour la mise en état de l'affaire** |
| Imanza zose zigomba gukorerwa inama ntegurarubanza mbere y'uko ziburanishwa. Icyakora imanza zirebana n'ibirego bifite ubwihutirwe bwihariye ntizikorerwa inama ntegurarubanza. | All cases must be subject to pretrial conference before hearing. However, summary cases are not subject to pretrial conference. | Avant l'audience, toutes les affaires doivent préalablement être soumises à la réunion pour la mise en état de l'affaire. Toutefois, les instances en matière de référé ne font pas l'objet de la réunion pour la mise en état de l'affaire. |
| **<u>Ingingo ya 25:</u> Gutegura inama ntegurarubanza** | **<u>Article 25:</u> Preparation of the pretrial conference** | **<u>Article 25:</u> Préparation de la réunion pour la mise état de l'affaire** |
| Umwanditsi ushinzwe ubwoko bw'imanza bireba, akora umushinga wa raporo y'inama ntegurarubanza yifashishwa mu gihe cyo kuyobora iyo nama. | A court registrar in charge of the cases concerned prepares a draft pretrial conference report to be used in the conduct of the pretrial conference. | Le greffier chargé des affaires concernées prépare un projet de rapport de la réunion pour la mise en état de l'affaire devant être utilisé au cours de la direction de cette réunion : |
| Uwo mushinga wa raporo ugomba kugaragaza: | The draft pretrial conference report must indicate: | Le projet de rapport doit indiquer: |
| 1° umwirondoro wuzuye w'ababuranyi;<br><br>2° ikiregerwa;<br>3° ibyerekeye iyakirwa ry'ikirego ari byo:<br><br>a) ingwate y'amagarama;<br>b) ububasha bw'urukiko;<br>c) ububasha n'inyungu by'ababuranyi; | 1° the full identity and address of the parties;<br>2° the subject-matter;<br>3° facts relating to the admissibility of the claim:<br>a) court fees deposit;<br>b) jurisdiction of the court;<br>c) standing and interest of the parties; | 1° l'identité et adresse complètes des parties ;<br>2° l'objet du litige ;<br>3° les faits relatifs à la recevabilité de la demande:<br>a) les frais de justice;<br>b) la compétence de la juridiction;<br>c) la qualité et l'intérêt des parties; |

| | | |
|---|---|---|
| d) ingoboka n'inzitizi zagaragajwe n'ababuranyi cyangwa izo abona zishobora kuvuka. | d) incidents and objections raised by parties or those he/she believes they may arise. | d) les incidents et exceptions soulevés par les parties ou ceux qu'il estime pouvant surgir. |
| 4° incamake y'ikiburanwa; | 4° a brief description of the subject-matter; | 4° l'exposé sommaire de l'objet du litige; |
| 5° urutonde rw'ibyo ababuranyi batajyaho impaka bidakwiye kugarukwaho mu iburanisha iyo bihari; | 5° a list of facts which cannot be debated by parties during hearing, if any; | 5° la liste des faits ne davant pas faire objet de débats lors de l'audience, s'il y en a; |
| 6° urutonde rw'ibibazo ababuranyi bifuza ko urukiko rubakiranuraho; | 6° a list of facts constituting the subject-matters; | 6° la liste des chefs de demande faisant l'objet du litige; |
| 7° icyo buri mu buranyi avuga kuri buri kibazo, ibimenyetso n'amategeko ashingiraho; | 7° any allegation of each party with respect to each matter at issue in the case, evidence and legal basis; | 7° la défense de chaque partie sur chaque chef de la demande, les moyens en fait et en droit servant de fondement pour chaque chef de demande; |
| 8° urutonde rw'ibindi bibazo asanga ababuranyi bakwiye gusobanura cyangwa ibindi bimenyetso bakwiye kuza bitwaje. | 8° a list of other matters at issue which, in his/her opinion, must be clarified by parties or other pieces of evidence parties should bring. | 8° la liste d'autres faits dont le juge requiert la clarification de la part des paries ou autres preuves méritant d'être présentées. |
| Umwanditsi asuzuma uwo mushinga wa raporo n'inyandiko ziwuherekeje, akawohereza ababuranyi maze akabahamagaza mu nama ntegurarubanza mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) bawohererejwe. | The registrar examines the draft report and related documents and send them to parties, inviting parties to attend a pretrial conference within fifteen (15) days of receipt of the draft report. | Le greffier examine le projet de rapport et les documents y relatifs, les soumet aux parties au procès et invite ces dernières à la réunion pour la mise en état de l'affaire endéans quinze (15) jours de la réception du projet de rapport. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 26:</u> Gutumira inama nteguraribanza** | **<u>Article 26:</u> Convening of the pretrial conference** | **<u>Article 26:</u> Convocation de la réunion pour la mise en état de l'affaire** |
| Inyandiko itumira ababuranyi mu nama nteguraribanza yandikwa kandi igatangwa mu buryo busanzwe bw'ihamagaza ry'imanza. | The summons addressed to parties to appear for a pretrial conference is written and submitted under the same conditions as those applicable to the summoning of parties to the case. | L'assignation pour des parties à la réunion de la mise en état de l'affaire est rédigée et soumise dans les mêmes formalités que celles de l'assignation au procès. |
| Inyandiko itumira igaragaza umunsi n'isaha inama ntegura rubanza izaberaho. | The summons indicates the date and time of the pretrial conference. | L'assignation indique le jour et l'heure de la tenue de réunion de la mise en état de l'affaire. |
| Iyo bigaragaye ko uregwa adafite aho abarizwa hazwi, umwanditsi amuhamagaza ahatazwi. | If it appears that the respondent's address is unknown, the registrar summons as a person with no known address for service of the summons. | Lorsque l'adresse du défendeur est inconnue, le greffier lui assigne à domicile inconnu. |
| Iyo ababuranyi bamenyeshejwe ku buryo bwemewe n'amategeko umunsi w'inama nteguraribanza, nta yindi nyandiko yo kubahamagara mu iburanisha yongera gutangwa. Inama nteguraribanza zitumizwamo ababuranyi, ababunganira cyangwa ababahagarariye iyo babafite. | If parties have been notified of the date of the pretrial conference according to the procedures provided for by law, no other summons to appear is addressed. Parties, counsels or their representatives, if any, are summoned to attend the pretrial conference. | Lorsque les parties ont été notifiées de la date de la réunion de la mise en état de l'affaire dans les procédures prévues par la loi, aucune autre assignation n'est faite. Les parties, les personnes légalement assistant ou représentant les parties le cas échéant, sont invitées à la réunion de la mise en état de l'affaire. |
| Umuburanyi utitabye nta mpamvu yatanze ashobora gusabirwa n'Umwanditsi gutanga ihazabu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 18 y'iri tegeko, bitabujije umuburanyi witabye gusaba indishyi z'ibyo yatakaje. | A party who fails to attend without valid reasons may, at the request of the registrar's request, be punished by a fine as provided for in Article 18 of this Law, without prejudice to the appearing party's right to apply for damages for any loss suffered. | Une partie qui, sans raisons valables, ne comparait pas, peut, à la demande du greffier en chef ou d'un autre greffier compétent, être condamnée à une amende conformément à l'article 18 de la présente loi, sans préjudices des dommages intérêts pour perte subie en faveur de la partie ayant comparue. |

| | | |
|---|---|---|
| Umubare w'amafaranga y'ihazabu Umwanditsi asabye ko umuburanyi acibwa yandikwa muri raporo y'inama nteguraruba nza, ukemezwa mu cyemezo cya Perezida w'Urukiko. | The amount of the fine imposed on the party at registrar's request is recorded in the pretrial conference report and approved in the order of the president of the court. | Le montant de l'amende civile dont le greffier requiert l'imposition à une partie au procès est acté dans le rapport de réunion de mise en état de l'affaire et est approuvé par l'ordonnance du président de la juridiction. |
| **<u>Ingingo ya 27:</u> Kuyobora inama nteguraruba nza** | **<u>Article 27:</u> Presiding over the pretrial conference** | **<u>Article 27:</u> Présider la réunion de mise en état de l'affaire** |
| Umwanditsi w'urukiko yifashishije raporo y'inama nteguraruba nza, asomera ababuranyi buri ngingo mu zigize umushinga wa raporo, akabaza buri muburanyi niba hari icyo ashaka guhinduraho, agakosora aho bikenewe. | The court registrar, using the pretrial conference report, reads to the parties each point of the draft report and asks each party if he/she wants to make any modification thereto, and makes corrections if necessary. | Le greffier, à l'aide du rapport de la réunion de mise en état de l'affaire, procède à la lecture de chaque point contenu dans le projet de rapport et demande à chacune des parties si elle veut en faire un changement et fait des rectifications, en cas de besoin. |
| Iyo amaze kwemeranya n'ababuranyi ku ngingo zose zigize urubanza, Umwanditsi w'urukiko ababaza niba ashobora kubunga, akandika ko babyemeye cyangwa babyanze. | The court registrar, after agreeing with parties on all elements of the case, asks the parties if they agree to conciliation and indicates in writing whether or not they agree thereto. | Dès qu'il tombe d'accord avec les parties sur tous les faits du procès, le greffier leur demande s'il peut procéder à leur médiation et fait mention de leur consentement ou refus. |
| Iyo batemeye kumvikana, umwanditsi abaha itariki n'isaha urubanza ruzaburanishirizwaho mu mizi ndetse bakumvikana ku gihe iburanisha rizamara. Raporo yo kutemera kumvikana isinywaho n'ababuranyi bose n'umwanditsi wayoboye inama nteguraruba nza.<br>Iyo ababuranyi bemeye kumvikana byandikwa ko bemeye kumvikana, ababuranyi bose bagasinya hamwe n'umwanditsi. | If parties fail to reach a compromise, the court registrar notifies them of the date and time of the hearing on the merits of the case and agrees with them on the duration of the hearing. A report on the failure to reach a compromise is jointly signed by all parties and the registrar having presided over the pretrial conference.<br>If parties agree to reach a compromise, a written statement is made to that effect and signed by all parties as well as the registrar. | Si les parties n'arrivent pas à se mettre d'accord, le greffier leur donne la date, l'heure et la durée d'audience sur le fond de l'affaire. Le rapport sur le refus de médiation est signé à la fois par les parties et le greffier qui a présidé la réunion de mise en état de l'affaire.<br><br>Si les parties consentent pour la médiation, une mention de consentement est faite à cet effet et est signée conjointement par toutes les parties et le greffier. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| Inama nteguraribanza iyoborwa n'umwanditsi yambaye umwambaro w'akazi kimwe n'abavoka bayitabiriye. | The pretrial conference is presided over by the registrar dressed in professional attire and counsels attending the conference. | La réunion de mise en état de l'affaire est présidée par le greffier en costume professionnel ainsi que les avocats qui doivent également être en costume professionnel. |
| Inama nteguraribanza igibwamo n'ababuranyi, ababunganiye cyangwa ababahagarariye. | The pretrial conference is attended by parties, their counsels or representatives. | Ne prennent part à la réunion de mise en état de l'affaire que les parties ainsi que les personnes qui les assistent ou les représentent. |
| **<u>Ingingo ya 28:</u> Kunga ababuranyi mu nama nteguraribanza** | **<u>Article 28:</u> Conciliation of parties during the pretrial conference** | **<u>Article 28:</u> Conciliation des parties à la réunion pour la mise en état de l'affaire** |
| Kunga ababuranyi bikorwa mu muhango wihariye bigakorerwa na raporo yihariye. Umwanditsi ashobora no kubohereza ku bunzi bigenga cyangwa agasaba perezida w'urukiko kugena umucamanza wakumvikanisha ababuranyi igihe babishaka. | Conciliation of parties is carried out subject to special formalities and a special report is drawn up to that effect. The registrar may also refer them to private mediators or ask the president of the court to designate a judge to mediate between them if they so wish. | La médiation des parties suit une procédure particulière et fait objet d'un rapport spécial. Le greffier peut également renvoyer les parties devant les médiateurs privés ou demander au président de la juridiction de désigner un juge pour concilier les parties si elles le veulent. |
| Mu manza z'ubutane, kumvikana bikorwa gusa ku byerekeye: | In divorce proceedings, conciliation applies only to the following: | En matière de divorce, la médiation ne s'applique qu'aux cas suivants: |
| 1° kugabana umutungo w'abashakanye; | 1° partition of marital property; | 1° le partage du patrimoine des époux; |
| 2° kugena urera abana n'uburyo bafatanya inshingano yo kubarera; | 2° determination of the spouse to be granted custody of children and of how spouses jointly carry out the responsibility to raise them; | 2° la désignation de l'époux ayant la garde des enfants et les modalités d'acquittement de l'obligation conjointe des époux sur l'éducation des enfants; |
| 3° indezo. | 3° alimony. | 3° la pension alimentaire. |

| | | |
|---|---|---|
| Igihe cyose bishoboka, nyir'urubanza agomba kuba ahari, cyangwa umuhagariye akagaragaza uburenganzira bwanditse yahawe na nyir'urubanza bugaragaza ko yemeye ko ibigize ikirego bishobora gukemuka mu bwumvikane. | If possible, the concerned party must be present or be represented by a person with a power of attorney given by the concerned party and which indicates that elements of the claim may be resolved through amicable settlement. | Si possible, la partie concernée doit être présent, à défaut de quoi, son représentant doit présenter une procuration écrite lui délivrée pour attester le consentement de de la partie au procès à l'accord de faire la conciliation sur tous les faits du procès. |
| **<u>Ingingo ya 29:</u> Icyemezo cy'ubwumvikane** | **<u>Article 29:</u> Decision of conciliation** | **<u>Article 29:</u> Ordonnance de la conciliation** |
| Ashingiye kuri raporo y'ubwumvikane, Umwanditsi ategurira perezida w'Urukiko icyemezo cy'ubwumvikane bw'ababuranyi. Icyo cyemezo gisinywaho n'umwanditsi hamwe na Perezida w'Urukiko cyangwa ababasimbura. Icyo cyemezo ntikijuririrwa, kandi gihita gishyirwaho kashe mpuruza kugira ngo ikibazo kijyanye na cyo gishobore guhita kirangizwa. | The registrar, based on the conciliation report, prepares the decision of conciliation to be submitted to the president of the court. The registrar and the President of the Court or their representatives sign the decision. Such a decision is not subject to appeal and an enforcement order is immediately affixed to the decision for immediate enforcement thereof. | Sur base du rapport de médiation, le greffier prépare le rapport de conciliation des parties pour le président de la juridiction. Le greffier ainsi que le président de la juridiction ou leurs représentants signent cette ordonnance. Cette ordonnance n'est pas susceptible d'appel et porte une formule exécutoire pour son exécution immédiate. |
| Icyakora, iyo ubwumvikane bukozwe gusa ku gice cy'ibintu bisabwa mu rubanza, hakorwa icyemezo cy'ibyumvikanyweho. Umwanditsi ashyikiriza Perezida w'urukiko iyo nyandikomvugo hamwe na dosiye yose, uyu na we akagena umucamanza uzaburanisha urubanza. | However, if the conciliation relates only to a part of main points of the claim, the decision is issued with respect to such a part only. The registrar submits the minutes and entire file to the president of the court who in turn designates a judge to hear the case. | Cependant, si la conciliation ne porte que sur une partie des chefs de demande, l'ordonnance n'est établie que pour cette partie. Le greffier soumet ce procès-verbal et le dossier complet au président de la juridiction et ce dernier désigne le juge pour statuer sur l'affaire. |
| Umucamanza aburanisha urubanza gusa ku bitarumvikanyweho. | The judge only hears the case with respect to matters for which a compromise is not reached. | Le juge statue seulement sur les faits qui n'ont pas faits objet de conciliation. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 30:</u> Raporo isoza inama ntegurarubanza iyo hakozwe umuhango w'ubwumvikane** | **<u>Article 30:</u> Final report of the pretrial conference in case of conciliation** | **<u>Article 30:</u> Rapport final de la réunion de mise en état de l'affaire en cas de conciliation** |
| Mu gihe ababuranyi bumvikanye ku bibazo byose bigize urubanza, umwanditsi agaragaza muri raporo ko urubanza rurangiye burundu. | If parties reach an amicable settlement of all heads of the claim, the registrar draws up a report thereon, indicating that the case is definitely closed. | En cas d'accords de toutes les parties sur tous les chefs de demande, le greffier fait un rapport constatant que l'instance est définitivement clôturée. |
| Iyo ababuranyi bumvikanye ku bibazo bimwe mu bigize urubanza, umwanditsi agaragaza muri raporo ibyo bumvikanyeho n'ibyo batumvikanyeho. Ibibazo batumvikanyeho ni byo byonyine biburanishwa mu mizi y'urubanza. | If parties agree on a part of issues in the case, the registrar records them in the report indicating issues they have agreed upon and those which remain unresolved. The case is heard on the merits only with respect to unresolved matters. | Si les parties ne se mettent d'accord que sur certains chefs de demande, le greffier constate dans un rapport les faits faisant objet de conciliation et ceux pour lesquelles elles ne se mettent pas d'accord. Seuls les faits n'ayant pas fait objet de conciliation sont examinés sur le fond lors de l'audience. |
| Iyo nta kibazo na kimwe ababuranyi bashoboye kumvikanaho, umwanditsi agaraza muri raporo ko ntacyo bumvikanyeho. | If there is no single issue in respect of which parties reach a compromise, the court registrar makes a report thereon. | Lorsqu'aucun fait n'a fait l'objet de conciliation, le greffier en fait rapport. |
| Iyo hari ibyo ababuranyi batumvikanyeho, bahabwa itariki yo kuburana, raporo igasinywaho n'impande zose ndetse n'umwanditsi. | If there are matters in respect of which parties fail to reach a compromise, parties are notified of the hearing date, and a report thereon is signed by all parties and the registrar. | En cas d'échec de conciliation, les parties sont notifiées de la date d'audience et le rapport est à la fois signé par toutes les parties et le greffier. |
| Inyandiko zose zigize raporo y'inama ntegurarubanza zishyirwa muri dosiye ikohererezwa Perezida w'Urukiko ngo agene inteko iruburanisha. Icyakora, imvugo z'ababuranyi mu muhango wo | All documents that make up the pretrial conference report are included in a file which is submitted to the president of the court for him/her to designate a bench of judges to hear the case. However, documents containing | Tous les documents constituant le rapport sur la réunion de mise en état de l'affaire sont mis dans le dossier et ce dernier est soumis au président de la juridiction afin que ce dernier désigne le siège devant statuer. Toutefois, les |

| | | |
|---|---|---|
| kubumvikanisha, iyo babyumvikanye ntizishyirwa muri dosiye y'urubanza. | discussions of parties during the pretrial conference are excluded from the file if parties so agree. | documents constituant les débats des parties lors de la procédure de conciliation ne sont pas mis dans le dossier si les parties en conviennent ainsi. |
| **<u>Ingingo ya 31:</u> Gukemura impaka zishingiye ku gaciro k'ikiburanwa kagira ingaruka ku bubasha bw'urukiko** | **<u>Article 31:</u> Settlement of disputes relating to the value of the subject-matter affecting the jurisdiction of the court** | **<u>Article 31:</u> Règlement des disputes relatives à la valeur de l'objet du litige affectant la compétence de la juridiction** |
| Iyo icyo ababuranyi batemeranyaho ari agaciro mu mafaranga k'ikiburanwa kagira ingaruka ku bubasha bw'urukiko, umwanditsi ategeka ababuranyi gushyiraho umuhanga mu kugena agaciro wabafasha. | If the dispute not agreed upon between parties consists in the cash value of the subject- matter which may affect the jurisdiction of the court, the registrar orders parties to have recourse to a property valuer. | Si le fait sur lequel les parties ne se mettent pas d'accord consiste en la valeur en espèce de l'objet du litige pouvant affecter la compétence de la juridiction, le greffier ordonne les parties à recourir à un évaluateur des biens. |
| Iyo ababuranyi bananiwe kwemeranya ku muhanga wabafasha, umwanditsi abikorera raporo akayishyikiriza Perezida w'urukiko, kugira ngo agene mu bushishozi bwe umuhanga wabafasha kandi akagena uburyo azahembwa. | If the parties fail to agree on a property valuer that may assist them, the registrar makes a report thereon and submits it to the president of the court for him/her to designate a property valuer at his/her sole discretion and determines his/her valuation fee. | Lorsque les parties n'arrivent pas à s'entendre sur un expert pouvant les faciliter, le greffier en fait un rapport qu'il soumet au président de la juridiction afin que ce dernier désigne à sa discrétion un évaluateur ainsi que sa rémunération. |
| Iyo umuhanga wagenwe amaze gutanga raporo mu bwanditsi, umwanditsi yongera gutumiza ababuranyi kugira ngo basubukure imirimo y'inama ntegurarubanza banayisoze. | After the designated property valuer has submitted his/her report to the court registrar's office, the registrar invites parties again to resume and end the pretrial conference. | Le greffier notifie de nouveau les parties pour la réouverture et mettre fin à la réunion de mise en état de l'affaire après que l'évaluateur désigné soumette son rapport à la greffe. |
| Iyo umwanditsi asanze agaciro k'ikiregerwa katari mu bubasha bw'urukiko, afata icyemezo cyo kutandika ikirego bishingiye ku iburabubasha ry'urukiko. | If the registrar finds that the value of the subject-matter does not fall within the jurisdiction of the court, he/she decides not to | Si le greffier constate que la valeur de l'objet du litige n'est pas dans la compétence de la juridiction, il décide de ne pas acter demande sur base de l'incompétence de la juridiction. |

| | | |
|---|---|---|
| | register the claim due to lack of jurisdiction of the court. | |
| **Ingingo ya 32: Ubundi bubasha bw'umwanditsi mu itegura ry'urubanza** | **Article 32: Other powers of the registrar during the pretrial phase** | **Article 32: Autre compétence du greffier dans la mise en état de l'affaire** |
| Mu itegura ry'urubanza, umwanditsi ashobora: | During pretrial phase, the registrar may: | Lors de la mise en état de l'affaire, le greffier peut: |
| 1° gusabira umuburanyi kuburanirwa ku buntu; | 1° apply for legal representation of a party free of charge; | 1° demander la représentation légale en faveur d'une partie; |
| 2° gufata icyemezo cyo kuburanishiriza hamwe imanza zisobekeranye; | 2° decide to combine connected cases into one trial; | 2° prendre la décision d'adjoindre les affaires en cas de la connexité; |
| 3° gufata icyemezo cyo guhamagaza ababuranyi hakoreshejwe ubundi buryo bubereye nko gukoresha radiyo, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga; | 3° decide to summon parties using other appropriate means such as radio, television or other electronic means; | 3° prendre une décision d'assigner les parties à travers d'autres moyens tels que la radio, la télévision ou autres moyens électroniques; |
| 4° gufata icyemezo ku igobokeshwa ry'umuburanyi mu nama nteguraruba nza mu gihe abisabwe n'umuburanyi. | 4° decide with respect to forced intervention of a party in pretrial conference at a party's request. | 4° prendre une décision en rapport avec l'intervention forcée d'une partie à la réunion de mise en état de l'affaire, sur demande d'une partie. |
| **Ingingo ya 33: Abasangiye inyungu mu rubanza** | **Article 33: Parties with shared interests in a case** | **Article 33: Parties ayant les mêmes intérêts au procès** |
| Iyo abasangiye inyungu mu rubanza ari benshi, barega cyangwa baregwa, buri wese ku bimureba afite uburenganzira n'inshingano | If several parties have shared interests in a case, and sue or are sued, each of them assume the rights and obligations of parties to | Lorsque la demande est formée par ou contre plusieurs co-intéressés, chacun d'eux exerce et supporte pour ce qui le concerne, les droits et |

| | | |
|---|---|---|
| by'umuburanyi. Icyakora abasangiye inyungu mu rubanza batanga ibirego byabo mu mwanzuro umwe, bagatanga ingwate y'amagarama imwe. | proceedings on his/her own behalf. However, persons with shared interests in a case file their claims in one motion instituting proceedings and pay only one filing fee. | obligations des parties à l'instance. Toutefois, les personnes ayant un intérêt collectif dans un procès introduisent conjointement leurs demandes au moyen des mêmes conclusions et sous une unique consignation de frais de justice. |
| Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo binareba abazungura cyangwa abibumbiye hamwe baregera mu rubanza rumwe ikirego kimwe. | The provisions of paragraph One of this Article also apply in case of successors or members of associations who file a joint claim. | Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'appliquent également en cas de demande conjointe de successeurs ou de membres d'associations.. |
| Uregwa umutungo asangiye n'abandi, afite inshingano zo kugaragaza abandi bawusangiye. | A person against whom a claim is filed with respect to jointly owned property has the obligations to indicate his/her co-owners. | En cas de la co-propriété, le défendeur a l'obligation de déclarer ses co-copropriétaires. |
| Iyo ikiburanwa gisangiwe n'abantu benshi, urega afite inshingano zo kubagobokesha. | If the subject-matter is jointly owned by many persons, the claimant has the obligation to seek their intervention. | Si la propriété faisant l'objet du litige tombe dans la co-propriété, le demandeur requiert l'intervention forcée des co-propriétaires. |
| **<u>UMUTWE WA II:</u> GUHAMAGARWA KW'ABABURANYI NO KUBIBAMENYESHA** | **<u>CHAPTER II:</u> SUMMONS AND SERVING SUMMONS ON PARTIES** | **<u>CHAPITRE II:</u> ASSIGNATION ET SIGNIFICATION DES PARTIES** |
| **<u>Ingingo ya 34:</u> Ihamagara cyangwa imenyesha ry'umuburanyi** | **<u>Article 34:</u> Summons or notice to a party** | **<u>Article 34:</u> Assignation ou notification de la partie** |
| Guhamagaza cyangwa kumenyesha umuburanyi bikorwa n'urukiko hakoreshejwe ubutumwa butanzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga. Iyo bidashoboka, | The court summons or notifies a party to the case through a message sent by means of electronic system. Where it is not possible, the service of summons is carried out through the | L'assignation ou la notification de la partie est faite par la juridiction à travers un message envoyé par voie de système électronique. En cas d'impossibilité, l'assignation d'une partie |

| | | |
|---|---|---|
| inyandiko ihamagara umuburanyi inyuzwa ku muhesha w'inkiko wabiherewe ububasha igashyikirizwa umuburanyi kugira ngo yitabe urukiko. | competent court bailiff who serves the summons on the party for the party to appear in court. | à comparaître devant la juridiction lui est signifiée par un huissier compétent. |
| **<u>Ingingo ya 35:</u> Ibyangombwa mu kwandika ihamagara** | **<u>Article 35:</u> Requirements for drawing up a summons** | **<u>Article 35:</u> Conditions pour rédiger une assignation** |
| Umuburanyi wese ushaka guhamagaza undi mu rubanza abigaragaza mu mwanzuro uregera urukiko ugaragaza n'ibyangombwa byose byerekeranye n'umwirondoro wuzuye, aho abarizwa harimo *e-mail* na nimero ya telefoni by'uwo ashaka guhamagaza. | Any party wishing to have another party summoned to appear in court indicates it in the submission instituting proceedings which indicates his/her full identity, his/her address including e-mail and telephone number of the person to be summoned. | Toute partie à l'instance qui veut faire assigner une autre partie l'indique dans les conclusions présentées à la juridiction indiquant l'identité et l'adresse complètes de la personne qu'elle veut faire assigner y compris son courrier électronique et son numéro de téléphone. |
| **<u>Ingingo ya 36</u> Uburyo bw'ihamagara ryihariye** | **<u>Article 36:</u> Procedure for special summons** | **<u>Article 36:</u> Procédures particulières d'assignation** |
| Aba bakurikira bahamagazwa mu buryo bukurikira: | The following persons are summoned through the following procedure: | Les personnes suivantes sont assignées comme suit: |
| 1° mu rubanza ruregwamo Leta, hahamagazwa Intumwa Nkuru ya Leta mu izina rya Leta; | 1° in a case where the Government is the respondent, the Attorney General is summoned on behalf of the Government; | 1° dans une instance administrative dans laquelle l'Etat est le défendeur, le Garde des Sceaux est assigné au nom de l'Etat; |
| 2° mu rubanza ruregwamo Umujyi wa Kigali, hahamagazwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, mu izina ryawo; | 2° in a case where the City of Kigali is the respondent, the Mayor is summoned on behalf of the City of Kigali; | 2° dans une instance administrative dans laquelle la Ville de Kigali est le défendeur, le Maire de la Ville de Kigali est assigné au nom de la Ville de Kigali; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° mu rubanza ruregwamo Akarere, hahamagazwa Umuyobozi w'Akarere mu izina ryako; | 3° in a case where the District is the respondent, the Mayor is summoned on behalf of the District; | 3° dans une instance administrative dans laquelle le District est le défendeur, le Maire est assigné au nom du District; |
| 4° mu rubanza ruregwamo ibigo bya Leta bifite ubuzima gatozi, hahamagazwa ababihagarariye mu izina ryabyo; | 4° in a case where public entities with legal personality are respondents, their representatives are summoned on their behalf; | 4° dans une instance administrative dans laquelle les entites dotés de la personnalité juridique sont défendeurs, leurs représentants sont assignés en leur nom; |
| 5° mu rubanza ruregwamo ibigo, sosiyete n'imiryango bitari ibya Leta bifite ubuzima gatozi hahamagazwa ababihagarariye mu izina ryabyo; | 5° in a case where private corporations, companies and organisations with legal personality are respondents, their representatives are summoned on their behalf; | 5° dans une instance administrative dans laquelle des établissements privés dotés de la personnalité juridique sont des défendeurs, leurs représentants légaux sont assignés en leur nom; |
| 6° mu manza ziregwamo abahombye, hahamagazwa Abashinzwe gucunga igihombo mu izina ry'abahombye; | 6° in cases where bankrupts are respondents, receivers are summoned on their behalf; | 6° dans des instances dans lesquelles les faillis sont défendeurs, les curateurs de faillite sont assignés au nom des faillis ; |
| 7° mu manza ziregwamo amashyirahamwe, ibigo n'imiryango bidafite ubuzima gatozi hahamagazwa abayobozi babyo mw'izina ry'ababigize. | 7° in cases where associations, corporations and organisations without legal personality are respondents, their leaders are summoned on behalf of their members. | 7° dans des instances dans lesquelles les associations et entités non dotées de la personnalité juridique sont des défendeurs, les dirigeants sont assignés aux noms de ces entités et associations. |
| **<u>Ingingo ya 37:</u> Kugaragaza uruhare rw' umuburanyi** | **<u>Article 37:</u> Determination of the party's capacity** | **<u>Article 37:</u> Mention de la qualité d'une partie** |
| Igihe umuburanyi atarega mu izina rye cyangwa uregwa atatumijwe ku giti cye, | In case a party is not suing on his/her behalf or the respondent is not summoned in his/her | Lorsque le demandeur n'agit pas en son nom personnel ou lorsque le défendeur n'est pas assigné en son nom personnel, l'assignation |

| | | |
|---|---|---|
| ihamagara rigaragaza uruhare afite mu rubanza. | own name, the summons specifies the capacity in which he/she appears in court. | mentionne la qualité en vertu de laquelle il apparaît au procès. |
| **<u>Ingingo ya 38:</u> Kumenyesha ababuranyi benshi ihamagara** | **<u>Article 38:</u> Service of summons on several persons** | **<u>Article 38:</u> Assignation destinée à plusieurs personnes** |
| Ihamagara rigenewe ababuranyi benshi batangiye ikirego hamwe rimenyeshwa ubahagarariye. | A summons meant for several persons having filed a joint claim is served on their representative. | L'assignation destinée à plusieurs parties ayant introduit une action collective est signifiée à leur représentant. |
| Iyo ababuranyi benshi batatangiye ikirego hamwe, buri muburanyi amenyeshwa ukwe. | When several parties have not filed a joint claim, the summons is served on each of them. | En cas de plusieurs parties n'ayant pas introduit une action collective, l'assignation est individuellement faite. |
| **<u>Ingingo ya 39:</u> Uburyo ihamagara rikorwa** | **<u>Article 39:</u> Modalities for serving a summons** | **<u>Article 39:</u> Modalités de signification d'une assignation** |
| Ihamagara rikorwa n'umwanditsi w'urukiko mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri aderesi yatanzwe n'umuburanyi cyangwa iyo asanzwe abarizwaho. Iyo uburyo bw'ikoranabuhanga budashobotse, urwandiko ruhamagara rutangwa n'umuhesha w'inkiko rugahabwa umuburanyi ubwe, yabura rugashyirwa iwe mu rugo cyangwa mu icumbi rye, rugashyikirizwa umuntu uhaba ufite nibura imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko. | A summons is served by a court registrar throughout an electronic system at the address provided by the party or at his/her habitual address. In case summoning through electronic system is impossible, the summons is served by a court bailiff on the respondent in person or, in his/ her absence, at his/her residence or domicile, and handed to a person aged at least sixteen (16) years residing there. | Une assignation est signifiée par le greffier à travers le système électronique sur l'adresse donnée par la partie ou à la résidence habituelle de celle-ci. Si la signification à travers le système électronique s'avère impossible, l'assignation est signifiée par un huissier à la personne du défendeur ou à défaut, remise à son domicile ou à sa résidence, à une personne qui y réside âgée de seize (16) ans au moins. |
| Iyo kurushyikiriza uregwa ubwe cyangwa umuntu wavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo binaniranye, urwandiko ruhamagara | If the service of summons on the respondent in person or on the person referred to under paragraph One of this Article is impossible, | A défaut de signification à la personne du défendeur ou à la personne désignée à l'alinéa premier du présent article, l'assignation peut |

| | | |
|---|---|---|
| rushobora gusigirwa umukoresha we nawe akarumushyikiriza, umunyamabanga nshingwabikorwa ku rwego rw'Akagari, byananirana rugasigirwa umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge amaze gushyira umukono ku nyandiko y'umwimerere y'iryo hamagara. | the summons may be handed to his/her employer who in turn serves it on him/her, to the Executive Secretary of the Cell or, failing that, to the Executive Secretary of the Sector after signing the original copy of the summons. | être remise, moyennant signature de l'original, à son employeur pour le remettre à la personne, au Secrétaire Exécutif de Cellule, ou à défaut, au Secteur Exécutif du Secteur de l'assigné. |
| Iyo abayobozi b'inzego z'ibanze bamaze gushyira umukono ku rwandiko ruhamagara, bageza kopi yarwo kuri nyir'uguhamagarwa kandi igasubizwa uwayibagejejeho. | After local authorities sign the summons, they take all measures necessary to ensure the copy of the summons is delivered to the summoned party and is returned to the person having handed it to them. | Après signature de l'original, les autorités des instances de base font parvenir à la personne assignée la copie de l'assignation et celle-ci est retournée à la personne leur en ayant fait remise. |
| Iyo uregwa atagira aho atuye mu Rwanda hazwi, ariko aho aba hazwi, urwo rwandiko rushyirwa aho aba. | If the respondent has no known address in Rwanda while his/her residence is known, the summons is taken to his/her residence. | Lorsque le défendeur n'a pas le domicile connu au Rwanda, mais a la résidence connue, l'assignation est faite à sa résidence. |
| **<u>Ingingo ya 40:</u> Kwanga kwakira kopi y'ihamagara, kwanga gushyira umukono ku rwandiko rw'ihamagara rw'umwimerere no kwanga kuyishyikiriza uwo igenewe** | **<u>Article 40:</u> Refusal to receive a copy of summons, to sign original summons and submit it to the summoned person** | **<u>Article 40</u> : Refus de recevoir la copie d'assignation ou d'apposer la signature sur cette dernière** |
| Kwanga kwakira kopi y'ihamagara, kwanga gushyira umukono ku rwandiko rw'ihamagara rw'umwimerere no kwanga kuyishyikiriza uwo igenewe bikozwe n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa w'Akagari bihanishwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000) ariko | The Executive Secretary of the Sector or Cell who refuses to receive a copy of summons or sign an original copy of summons and hand it to the person to the summoned person is liable to a civil fine of not less than a hundred thousand (100,000) Rwandan francs and not more than two hundred thousand (200,000) Rwandan francs which is determined by an | Le refus de recevoir la copie d'assignation ou d'apposer la signature sur l'original de l'assignation ou le refus de faire parvenir au destinataire la copie de l'original fait par le Secrétaire Exécutif de Secteur ou le Secrétaire Exécutif de Cellule est puni d'une amende civile d'au moins cent mille (100.000) francs rwandais mais ne dépassant pas deux cent |

| | | |
|---|---|---|
| atarenze ibihumbi magana abiri (200.000) agenwa n'icyemezo cya perezida w'urukiko, bimaze gutangirwa raporo n'umwanditsi w'urukiko. | order of the president of the court after a report thereon submitted by the court registrar. | mille (200.000) francs rwandais déterminée par une ordonnance du président de la juridiction, sur base du rapport du greffier. |
| Ihazabu ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibuza utakoze ibiteganywa muri icyo gika kuba yacibwa indishyi z'akababaro zikwiye umuburanyi byagizeho ingaruka mu gihe abiregeye murundi rubanza. | The fine provided under paragraph One of this Article does not relieve a person who fail to comply with the provisions of this paragraph from the liability to pay adequate damages to the aggrieved party in case such a party files a claim in a separate case. | L'amende visée à l'alinéa premier du présent article n'empêche pas que la partie ayant failli aux dispositions de cet alinéa d'être condamnée au payement de dommages-intérêts dus à la partie lésée, au cas où cette dernière en fait une requête dans une demande séparée. |
| Ihazabu ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo icibwa na perezida w'urukiko ni icyemezo cy'ubuyobozi. | The fine provided under paragraph One of this Article that is ordered by the president of the court is an administrative decision. | L'amende visée à l'alinéa premier du présent article ordonnée par le président de la juridiction est une décision administrative. |
| **<u>Ingingo ya 41:</u> Ibisobanuro by'aho umuntu atuye n'aho aba** | **<u>Article 41:</u> Meaning of "domicile" and "residence"** | **<u>Article 41:</u> Définition du domicile et de la résidence** |
| Muri iri tegeko, aho umuntu atuye bisobanura ahantu yanditse mu bitabo by'irangamimerere cyangwa aho yahisemo kujya abarizwa. | As used in this Law, the term "domicile" means the place where a person is registered in civil registers or address where he/she choses to be accessed. | Au sens de la présente loi, il faut entendre par domicile, le lieu où une personne est inscrite au registre de l'état civil ou le lieu où elle a élu domicile. |
| Aho umuntu aba ni ahantu umuntu atuye kubera imirimo akora cyangwa se kubera izindi mpamvu ariko atariho yanditse mu bitabo bimuranga. | The term "residence" means any other place where a person lives because of his/her duties or any other reason without his/her being registered in civil registers of such a place. | Il faut entendre par résidence, tout autre lieu où une personne a son établissement par suite de ses activités ou toute autre raison mais elle n'y est pas inscrite au registre de l'état civil. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 42:</u> Ibisabwa mu gushyikiriza ihamagara**<br><br>Iyo ihamagara rikoreshejwe ikoranabuhanga ridashoboka, urwandiko ruhamagara na kopi yarwo zandikwamo izina ry'uwashyikirijwe ihamagara n'isano afitanye n'uregwa. Iyo kopi idashoboye gutangwa, impamvu yabyo yandikwa ku rwandiko ruhamagara na kopi yarwo.<br><br>Urwandiko ruhamagara na kopi yarwo byandikwaho itariki kopi itangiweho n'umwirondoro w'umenyesha ihamagara n'uwo ari we kandi akazishyiraho umukono. | **<u>Article 42:</u> Formalities as to the service of summons**<br><br>If the service of summons through electronic system is impossible, the name of the person having received the summons and his/her relationship with the respondent must be indicated on the summons and its copy. If the copy is not served, the reasons therefor are indicated on the summons and its copy.<br><br>The original and copy of a summons indicate the date of service, the identity and capacity of the person serving the summons and are signed by him/her. | **<u>Article 42:</u> Mentions à respecter en cas de remise d'assignation**<br><br>Lorsque l'usage de la voie du système électronique est impossible, il est fait mention tant à l'original qu'à la copie de l'assignation, des noms de la personne qui l'a reçue et ses relations avec le défendeur. Si la copie n'a pas été remise, les motifs sont indiqués sur l'original ainsi qu'à cette copie.<br><br>L'original et la copie de l'assignation mentionnent la date de signification ainsi que l'identité et la qualité de celui qui procède à la signification et sont signés par lui. |
| **<u>Ingingo ya 43:</u> Ubundi buryo bw'itangwa ry'ihamagara**<br><br>Ihamagara rishobora kumenyeshwa bohereje kopi y'ihamagara mu ibahasha ishinganye mu iposita kandi igatanga icyemezo cy'uko yakiriwe.<br><br>Iyo iposita ishyikirije ihamagara umuburanyi asinyira ko aribonye n'itariki ariboneyeho. Iminsi y'ihamagarwa itangira kubarwa uhereye icyo gihe. | **<u>Article 43:</u> Other means of service of summons**<br><br>A summons may be served by sending its copy by registered mail with acknowledgment of receipt.<br><br>Where the post office delivers a summons, the summoned party acknowledges receipt by signing and indicating the date of receipt. The period prescribed for the service of summons runs from that moment. | **<u>Article 43:</u> Autres modes de signification d'assignation**<br><br>L'assignation peut aussi être signifiée par l'envoi de sa copie, par voie recommandée à la poste contre récépissé.<br><br>Lorsque la poste remet l'assignation à la partie assignée, cette dernière signe pour réception et mentionne la date de réception. Le délai d'assignation commence à courir à partir de ce moment. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 44:</u> Ihamagara ry'umuburanyi uba mu mahanga**<br><br>Umuburanyi udafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi mu Rwanda ariko afite ahandi atuye cyangwa aba hazwi mu mahanga, kandi adashobora guhamagarwa hakoreshejwe ikoranabuhanga, yohererezwa kopi y'ihamagara aho atuye cyangwa aba mu ibahasha ifunze kandi ishinganye mu iposita itangiwe icyemezo ko yakiriwe, indi kopi ikamanikwa ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe mu kibanza cyarwo kandi n'inyandukuro yayo mu magambo ahinnye ikamanikwa aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera, mu gihe cy'amezi abiri (2). | **<u>Article 44:</u> Summoning a party living abroad**<br><br>If the party has no known domicile or residence in Rwanda but has a known domicile or residence abroad, and when it is not possible to summon him/her through the electronic system, a copy of the summons is sent to his/her domicile or residence in a sealed envelope by registered mail with acknowledgment of receipt, and another copy is posted in a public place within the court premises as determined by the seised court and its summarized written form is posted at the seats of all Intermediate Courts for a period of two (2) months. | **<u>Article 44:</u> Assignation d'une partie résidant ou domicilié à l'étranger**<br><br>Une partie n'ayant ni domicile ni résidence connue au Rwanda mais ayant un domicile ou une résidence connue à l'étranger et ne pouvant pas être assignée par voie de système électronique est assignée par voie d'expédition à son domicile ou sa résidence d'une copie d'assignation délivrée sous pli fermé et recommandé à la poste et sous condition d'accusée de réception et dont une autre copie est affichée à un endroit public déterminé par la juridiction saisie dans son enceinte et un extrait est affiché aux valves des sièges de tous les Tribunaux de Grande Instance pendant deux (2) mois. |
| **<u>Ingingo ya 45:</u> Ihamagara ry'umuburanyi udafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi**<br><br>Iyo umuburanyi adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi, umwanditsi w'urukiko amuhamagara akoresheje uburyo bw'imenyesharuhame. | **<u>Article 45:</u> Summoning a party with unknown domicile or residence**<br><br>If the respondent has unknown domicile or residence, the court registrar summons him/her through service by publication. | **<u>Article 45:</u> Assignation d'une partie sans domicile ou résidence connues**<br><br>Si la partie assignée n'a ni domicile ni résidence connue, elle est assignée par le greffier au moyen de la signification par voie d'avis public. |
| **<u>Ingingo ya 46:</u> Imenyesharuhame**<br><br>Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe | **<u>Article 46:</u> Service by publication**<br><br>Service by publication is made by posting a copy of a summons in a public place within the court premises as determined by the seised | **<u>Article 46:</u> Signification de l'assignation par avis public**<br><br>La signification d'une assignation par avis public se fait par l'affichage d'une copie de l'assignation dans un endroit public déterminé |

| | | |
|---|---|---|
| mu kibanza cyarwo n'aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera, mu gihe cy'amezi abiri (2). | court and at the seats of all Intermediate Courts for a period of two (2) months. | par la juridiction saisie dans son enceinte et aux valves des sièges de tous les Tribunaux de Grande Instance pendant une période de deux (2) mois. |
| Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akanasabwa kugaragaza umurongo wa interineti azajya amenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwe. | The provisions of paragraph One of this Article are accompanied by the publication of an order of the president of the court compelling the respondent to appear in court within a specified period and specify the e-mail to serve as the communication channel with regard to his/her case. | Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'accompagnent de la publication d'une ordonnance du Président de la juridiction enjoignant le défendeur de comparaître dans le délai lui imparti et lui ordonnant d'indiquer son e-mail pour servir comme le moyen de communication en rapport avec l'instance. |
| Icyemezo gitangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza, ku rubuga rw'imanza zirangizwa, ndetse no mu kindi kinyamakuru cyagenwe na Perezida w'Urukiko. | The order is published on the website of the judiciary, on the website on which cases to be executed are posted as well as in any other newspaper determined by the president of the court. | L'ordonnance est publiée au site web de l'organe judiciaire, au site web des jugements à exécuter et dans un autre journal désigné par le Président de la juridiction. |
| Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radio, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. | The president of the court may order that service by publication be carried out through any other appropriate means such as radio, television or any other electronic means. | Le Président de la juridiction peut ordonner que la publication se fasse par tout autre moyen approprié, notamment par l'annonce à la radio et à la télévision ou par tout autre procédé électronique. |
| Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda. Icyakora, rishobora no gukorwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi iyo bibaye ngombwa. | The publication of the order is made in Ikinyarwanda. However, it may be made in any other official language where necessary. | La publication de l'ordonnance est faite en Kinyarwanda. Cependant, elle peut être faite dans une autre langue officielle, en cas de besoin. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 47:</u> Imenyesha ku mashyirahamwe, imiryango n'ibigo bifite cyangwa bidafite ubuzima gatozi** | **<u>Article 47:</u> Service of a summons on associations, organisations and corporations with or without legal personality** | **<u>Article 47:</u> Signification d'assignation aux associations, organisations et établissements dotés ou non dotés de la personnalité juridique** |
| Imenyesha ku mashyirahamwe, imiryango n'ibigo bifite ubuzima gatozi rikorwa ku buryo bw'ikoranabuhanga. Iyo bidashobotse, imenyesha rikorerwa ku cyicaro gikuru cyabyo cyangwa aho ishami ryabyo rikorera. | Service of a summons on associations, organisations and corporations with legal personality is made through electronic system. If it is impossible, the summons is delivered at their registered head office or branch. | La signification aux associations, organisations et établissements dotés de la personnalité juridique est faite au moyen du système électronique. En cas d'impossibilité, la signification est faite à leur siège principal ou à leur agence. |
| Urwandiko ruhamagara rushyikirizwa ushinzwe kwakira amabaruwa. | A summons is delivered to the person responsible for receiving mails. | La signification est délivrée au chargé du courrier. |
| Iyo aho ayo mashyirahamwe, imiryango n'ibigo bikorera hadashoboye kumenyekana hakoreshwa uburyo buteganywa mu ngingo ya 46 y'iri tegeko. | If such associations, organisations and corporations have no known offices, the service of summons is made in the manner provided under Article 46 of this Law. | Lorsque le siège des personnes morales n'est pas connu, il est procédé au mode de signification prévu à l'article 46 de la présente loi. |
| Urwandiko rumenyesha amashyirahamwe, imiryango n'ibigo bidafite ubuzima gatozi rushyikirizwa abayobozi babyo. Iyo aho abayobozi babyo batuye cyangwa baba hatazwi, hakoreshwa uburyo buteganywa mu ngingo ya 46 y'iri tegeko. | The summons addressed to associations, organisations and corporations without legal personality is served on their leaders. If the place of domicile or residence of such leaders is unknown, the summons is served in the manner provided under Article 46 of this Law. | La signification des associations, organisations et établissements non dotés de la personnalité juridique est remise à leurs dirigeants. Lorsque ces dirigeants n'ont ni domicile ni résidence connu (s), il est procédé au mode visé à l'article 46 de la présente loi. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 48:</u> Amasaha n'iminsi byo gutangamo imenyesha** | **<u>Article 48:</u> Hours and days of service of summons** | **<u>Article 48:</u> Heures de signification d'assignation** |
| Uretse igihe imenyesha rikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga, imenyesha ntirishobora gukorwa mbere ya saa kumi n'imwe za mu gitondo, nyuma ya saa moya z'ijoro no ku minsi y'ikiruhuko. | Except in cases where the summons is served through electronic means, the summons cannot be served before 5.00 a.m. and after 7.00 p.m. and on public holidays. | A l'exception de la signification est faite au moyen du système électronique, aucune signification ne peut être faite avant cinq heures du matin ni après dix-neuf heures du soir ni le jour férié. |
| **<u>Ingingo ya 49:</u> Igihe ihamagara rimara** | **<u>Article 49:</u> Period for service of summons** | **<u>Article 49:</u> Délai d'assignation** |
| Ihamagara rimara iminsi umunani (8) y'akazi yuzuye kuva umunsi umuburanyi yamenyesherejweho itumirwa rye n'uwo agomba kwitabaho. | The summons lasts for eight full (8) working days running from the date of service to the party by the summoning person. | Le délai d'assignation est de huit (8) jours francs entre la signification de l'assignation et le jour de la comparution. |
| Ihamagara ry'abantu badafite aho batuye cyangwa baba mu Rwanda hazwi ariko bafite aho batuye hazwi mu mahanga rimara amezi abiri (2), baba badafite aho batuye cyangwa baba hazwi mu mahanga rikamara amezi atatu (3). | The service of summons to persons with unkown domicile or residence in Rwanda but who have a known domicile abroad lasts for a period of two (2) months, and for three (3) months for people with unknown domicile or residence. | Le délai d'assignation est de deux (2) mois pour les personnes qui n'ont ni domicile, ni résidence connu au Rwanda mais qui ont une adresse connue à l'étranger, et de trois (3) mois pour celles dont le domicile et la résidence sont inconnus. |
| Igihe ihamagara ry'utuye mu mahanga aryiherewe ubwe ari mu Rwanda, agomba kwitaba mu gihe cyateganyirijwe ihamagara ku bafite aho baba cyangwa batuye mu Rwanda hazwi. | When a summons addressed to a person residing abroad is served on him/ her in person while in Rwanda, he/she is required to appear in court within the period applying to people with known domicile or residence in Rwanda. | Lorsque l'assignation à une personne domiciliée à l'étranger lui est remise au Rwanda, elle doit comparaître dans le délai prévu pour les personnes ayant domicile ou résidence connu au Rwanda. |
| Iyo ihamagara rikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga, igihe gitangira kubarwa | If the summons is served through electronic system, the period starts to run from the day the court has sent the summons. | Lorsque la signification est faite au moyen du système électronique, le délai d'assignation |

| | | |
|---|---|---|
| guhera ku munsi urukiko rwohereje ihamagara. | | commence à courir à partir de la date à laquelle la juridiction a envoyé l'assignation. |
| Icyakora iyo ihamagara ritanzwe mu gihe cya bugufi, rimara nibura iminsi itatu (3) ku manza zahamagajwe mu buryo busanzwe, n'iminsi cumi n'itanu (15) ku manza zahamagajwe ahatazwi mu Rwanda no ku manza z'ufite aho abarizwa hazwi mu mahanga. | However, if the summons is served on short notice, it lasts for at least three (3) days with regard to cases summoned in normal way, and fifteen (15) days with regard to cases for which the summons is addressed to unknown address in Rwanda and known address abroad. | Toutefois, si signification est faite à bref délai, l'assignation dure au moins trois (3) jours pour les affaires assignées par la voie normale et quinze (15) jours pour les affaires assignées l'adresse inconnue au Rwanda et à l'adresse connue à l'étranger. |
| **<u>Ingingo ya 50:</u> Ihamagara ry'umuburanyi mu gihe cya bugufi** | **<u>Article 50:</u> Summoning a party on short notice** | **<u>Article 50:</u> Assignation à bref délai** |
| Mu manza zigomba kuburanishwa mu gihe cya bugufi, Perezida w'urukiko rubifitiye ububasha, akoresheje icyemezo yatanze abisabwe, ashobora gutanga uruhushya rwo guhamagara umuburanyi mu gihe cya bugufi. Inyandiko ibisaba n'icyemezo kibitanga bimenyeshwa ababuranyi bose. | For cases requiring urgent hearing, the president of the competent court may, by use of an order issued upon application, authorize the summoning of a party on short notice. Such an application and and an order granting it are notified to all parties. | Dans les cas qui requièrent célérité, le Président de la juridiction compétente, peut, par ordonnance rendue sur requête, permettre d'assigner une partie à bref délai. La demande y relative et l'ordonnance sont notifiées à toutes les parties. |
| **<u>Ingingo ya 51:</u> Ihamagara ridakurikije amategeko** | **<u>Article 51:</u> Illegal summoning** | **<u>Article 51:</u> Assignation irrégulière** |
| Mu gihe ihamagara ritakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga, urwandiko ruhamagara rugomba gutangwa n'umuntu ubifitiye ububasha. | When the summons is served without using electronic means, the summons must be issued by an authorized person. | Lorsque signification n'a pas été faite au moyen du système électronique, la signification doit être remise par une personne habilitée. |

| | | |
|---|---|---|
| Urwandiko ruhamagara rutanzwe n'umuntu utabifitiye ububasha cyangwa rutagaragaza itariki rwahereweho umuburanyi ntirugira agaciro imbere y'urukiko. | The summons issued by an unauthorized person or one which does not indicate the date of service on the party is invalid. | Une assignation remise par une personne non compétente ou qui ne porte pas de date de signification est irrégulière. |
| Umuntu wese ugira umwete muke mu guhamagara, uwanga guhamagara cyangwa kumenyesha ihamagara cyangwa uhamagara umuburanyi mu buryo bunyuranyije n'amategeko ahanishwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000), bitabujije kuba yacibwa indishyi zikwiye umuburanyi warenganijwe n'iryo kosa. | Any person who demonstrates negligence in terms of summoning, refuses to summon or serve summons or illegally summons a party is liable to a civil fine of not less than a hundred thousand (100,000) Rwandan francs and not more than two hundred thousand (200,000) Rwandan francs, and can be ordered to pay fair damages to the aggrieved party. | Toute personne qui se rend coupable de la négligence lors de l'assignation, refuse de procéder à l'assignation, refuse d'en faire la notification ou assigne irrégulièrement une partie est passibles d'une amende civile d'au moins cent mille (100.000) francs rwandais mais n'excédant pas deux cent mille (200.000) francs rwandais, sans préjudice au payement des dommages-intérêts qui peuvent être dus à la partie lésée. |
| **<u>Ingingo ya 52:</u> Uburenganzira bw'umuburanyi wahamagawe binyuranyije n'amategeko** | **<u>Article 52:</u> Rights of an illegally summoned party** | **<u>Article 52:</u> Droit d'une partie assignée irrégulièrement** |
| Umuburanyi warenganye mu rubanza azize ko yahamagawe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ashobora gusaba ko urwo rubanza rusubirwamo iyo atabashije kwitaba urukiko. Muri icyo gihe abigaragariza ibimenyetso. | Any party aggrieved in a case as a result of illegal summons may apply for case review if he/she did not appear in court. In this case, he/she furnishes relevant proofs. | La partie lésée par un procès consécutif à une assignation irrégulière peut faire opposition au jugement si elle n'a pas pu comparaître. Dans ce cas, elle en fournit les preuves. |

| | | |
|---|---|---|
| **INTERURO YA III: IBURANISHA RY'URUBANZA N'INGOBOKA ZIRUVUKAMO** | **TITLE III: HEARING A CASE AND ITS INCIDENTS** | **TITRE III: INSTRUCTION D'AUDIENCE ET INCIDENTS Y RELATIFS** |
| **UMUTWE WA MBERE: IBURANISHA RY'URUBANZA** | **CHAPTER ONE: CASE HEARING** | **CHAPITRE PREMIER: INSTRUCTION D'AUDIENCE** |
| **Icyiciro cya mbere: Iyitaba n'ibura ry'ababuranyi** | **Section One: Appearance and defaulting of parties** | **Section première: Comparution et non comparution des parties** |
| **Ingingo ya 53: Ukwitaba kw'ababuranyi** | **Article 53: Appearance of parties** | **Article 53: Comparution des parties** |
| Ababuranyi bitaba urukiko ubwabo cyangwa bakitabirwa n'ababahagarariye. Muri icyo gihe, ababahagarariye bubahiriza nabo amategeko akurikizwa ku baburanyi. | Parties appear in person or through their counsels. In the latter case, the counsels are also required to comply with procedures that apply to the parties. | Les parties comparaissent en personne ou par leurs conseils. Dans ce dernier cas, toute la procédure applicable aux parties est appliquée aux conseils. |
| **Ingingo ya 54: Uburenganzira bw'uregwa iyo urega atitabye** | **Article 54: Rights of a respondent in case of the claimant's default** | **Article 54: Droits du défendeur en cas de non comparution du demandeur** |
| Iyo urega atitabye urukiko nta mpamvu, uregwa ashobora gusaba ko urubanza rusibwa cyangwa agasaba ko ruburanishwa mu mizi yarwo, urubanza ruciwe rukazafatwa nk'aho rwaburanishijwe ababuranyi bahari, keretse iyo urukiko, ku nyungu z'ubutabera kandi mu buryo buteganywa n'iri tegeko, rusanze ari ngombwa ko urubanza rwimurirwa ku yindi tariki kugira ngo urega yongere ahamagazwe. | If the claimant fails to appear before the court without valid reason, the respondent may apply to the court for the removal of the case from the list of cases or for the hearing of the case on the merits, and the judgement is considered as having been rendered after hearing both parties, except when the court finds it necessary to adjourn the case in order to re-summon the claimant in the interests of the administration of justice and in the manner provided under this law. | Si, sans motif légitime, le demandeur ne comparaît pas, le défendeur peut, soit demander défaut congé, soit requérir un jugement sur le fond qui sera réputé contradictoire, sauf la faculté pour le juge de remettre l'affaire à une audience ultérieure s'il estime que la présence du demandeur est nécessaire, pour une bonne administration de la justice et dans le cas prévu par la présente loi. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo urubanza rusibwe, icyo cyemezo kiba kivanyeho urubanza n'amagarama yatanzwe yose agaherera k'urega. | If the case is removed from the list of cases, proceedings are terminated and all court fees already incurred are borne by the claimant. | Si l'affaire est rayée du rôle, l'instance est éteinte et tous les frais déjà occasionnés sont mis à la charge du demandeur. |
| <u>Ingingo ya 55:</u> **Gusaba kubyutsa urubanza rwasibwe** | <u>Article 55:</u> **Application for re-introduction of a case already removed from the list of cases** | <u>Article 55:</u> **Demande de réintroduction d'une affaire après sa radiation du rôle** |
| Iyo urubanza rwasibwe mu bitabo by'urukiko, mu rwego urwo ari rwo rwose, ku mpamvu z'ushaka kurubyutsa, icyo kibazo cye nticyakirwa atabanje kugaragaza impamvu idasanzwe kandi ikomeye yamubujije kuza kuruburana mbere. | When a case is removed from the list of cases, a party may not, at any time, have the case reintroduced, unless he/she provides an exceptional and serious reason having led to his/her previous failure to appear in court. | Lorsqu'une affaire a été rayée du rôle, à quelque degré que ce soit, la réintroduction ne sera recevable que si la partie demanderesse excipe une cause exceptionnelle et grave de nature à justifier pleinement sa défaillance antérieure. |
| Kurubyutsa bikorwa mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kuva umunsi urubanza rwasibiweho. | The application for reintroduction of proceedings is made within fifteen (15) days from the removal of the case from the list of cases. | La réintroduction d'instance ne sera recevable que dans un délai de quinze (15) jours à compter du jour de la radiation. |
| Urukiko rwaregewe ni rwo rufite ububasha bwo kubimwemerera iyo rusanze impamvu atanga zumvikana. | The seised court has full discretion to approve the reintroduction of the case if it finds that the reasons for failure to appear are founded. | La juridiction saisie apprécie souverainement l'admissibilité des causes de défaillance alléguées. |
| Ibyo ari byo byose, ntabwo urubanza rwasibwe umuburanyi akarubyutsa rushobora kongera kubyutswa ku nshuro ya kabiri mu gihe atitabye rugasibwa. | In any case, a case that has been removed from the list of cases, and reintroduced upon application by a party can be reintroduced for the second time and be removed from the list of cases if such a party fails to appear. | Dans tous les cas, la réintroduction sur réintroduction d'instance rayée du rôle pour défaut de comparution ne vaut. |
| Icyemezo rufashe ntikijuririrwa. | The decision rendered by the court to that effect is not subject to appeal. | La décision rendue n'est pas susceptible de recours. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora urega afite uburenganzira bwo kongera gutanga ikirego bundi bushya, mu gihe nta cyemezo mu mizi cyafashwe ku rubanza rwasibwe. | However, the claimant has the right to reintroduce proceedings in case no decision on the merits is rendered with respect to the case removed from the list of cases. | Toutefois, le demandeur se réserve le droit de réintroduire l'instance de nouveau, lorsqu'aucune décision définitive n'a été prise sur l'affaire rayée du rôle. |
| **<u>Ingingo ya 56:</u> Ukutitaba k'uregwa** | **<u>Article 56:</u> Respondent's failure to appear** | **<u>Article 56:</u> Non comparution du défendeur** |
| Iyo mu iburanisha uregwa atitabye nta mpamvu, urega ashobora gusaba ko urubanza rwimurirwa ku yindi tariki cyangwa gusaba ko ruburanishwa uregwa adahari, hasuzumwa imyanzuro yatanze. | If the respondent fails to appear without valid reason, the claimant may apply for the adjournment of the case or apply for the hearing of the case in the respondent's absence by considering the respondent's submissions. | Si le défendeur ne comparaît pas sans motif légitime, le demandeur peut, soit solliciter une remise d'audience, soit requérir qu'il soit statué par défaut au fond en considérant les conclusions du défendeur. |
| **<u>Ingingo ya 57:</u> Ukwitaba kwa bamwe mu baregwa mu biburanwa byinshi bidashobora gutandukanywa** | **<u>Article 57:</u> Appearance of some respondents in indivisible claims** | **<u>Article 57:</u> Comparution de certains des défendeurs en cas de litiges indivisibles** |
| Iyo ku birego bidashobora gutandukanywa, hariho abaregwa benshi bamwe bakitaba abandi ntibitabe, urukiko rubisabwe n'umwe mu bitabye cyangwa rubyibwirije rushobora gusubika urubanza mu nyungu z'ubutabera cyangwa kuruburanisha badahari. | If, in indivisible claims, some respondents appear, the court either on its own motion or upon application by one of the parties present, may adjourn the hearing in the interests of the administration of justice or hear the case in their absence. | Si, en cas de litiges indivisibles, certains défendeurs comparaissent et d'autres pas, la juridiction de jugement, à la requête d'une des parties comparantes, ou même d'office, remet l'affaire dans l'intérêt de la justice ou statue en leur absence. |
| Iyo ruburanishijwe ababuranyi bamwe badahari, urubanza ruciwe rufatwa nk'aho bose bari bahari. | If the court hears the case in the absence of some respondents, the judgement is considered as having been rendered after hearing all of them. | Lorsque la juridiction statue en l'absence de certains défendeurs, le jugement rendu est réputé contradictoire. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 58:</u> Ukwitaba kwa bamwe mu baburanyi mu biburanwa byinshi bishobora gutandukanywa** | **<u>Article 58:</u> Appearance of some respondents in divisible claims** | **<u>Article 58:</u> Comparution de certains défendeurs en cas de litiges divisibles** |
| Iyo mu rubanza rumwe rufite ibiburanwa byinshi kandi bishobora gutandukanwa, bamwe mu baregwa bitabye abandi ntibitabe, urukiko rubisabwe n'umwe mu baburanyi bitabye cyangwa rubyibwirije, rushobora gutandukanya ibirego, rukabiburanisha mu manza zitandukanye, hubahirijwe amategeko agenga ububasha bw'Inkiko, cyangwa se rukimurira urubanza ku yindi tariki, ababuranyi bagahamagarwa. | If, in divisible cases, some of the respondents appear and others do not appear, the court may, upon application by any of the parties present or its own motion, separate the claims and try them in separate proceedings, subject to the laws governing the jurisdiction of courts, or reschedule the case for another date and summon parties. | Si, en cas de litiges divisibles, certains défendeurs comparaissent et que d'autres ne comparaissent pas, la juridiction de jugement, à la requête d'une des parties comparantes ou d'office, peut soit disjoindre l'instance et juger séparément ces litiges dans des audiences différentes, dans le respect des règles relatives à la compétence des juridictions, soit remettre l`affaire à une autre date et assigner les parties. |
| **<u>Ingingo ya 59:</u> Kwimura cyangwa gusiba urubanza kubera ibura ry'ababuranyi** | **<u>Article 59:</u> Adjournment or removal of the case from the list of cases in the event of absence of parties** | **<u>Article 59:</u> Remise ou radiation d'une affaire en cas de défaut des parties** |
| Iyo ku munsi w'iburanisha nta muburanyi n'umwe witabye urukiko kandi ababuranyi baramenyeshejwe umunsi w'iburanisha mu buryo bukurikije amategeko, urukiko rushobora kwimurira urubanza ku wundi munsi, cyangwa gusiba urubanza mu gihe bigaragarira urukiko ko ababuranyi badafite inyungu yo gukurikirana urubanza rwabo. | If, on the hearing date, none of legally summoned parties appears, the court may adjourn the case or remove it from the list of cases when it appears to the court that the parties have no interest to pursue their case. | Si, au jour de l'audience, aucune des parties régulièrement assignées ne comparaît, le juge peut, soit remettre l'affaire à un autre jour, soit la rayer du rôle quand il apparaît à la juridiction qu'aucune des parties n'est plus intéressée à poursuivre l'affaire. |
| Iyo rusubitswe, ababuranyi nibo bafite inshingano yo kuza kureba itariki rwimuriweho. Ntibiba ngombwa ko ababuranyi bongera guhamagazwa. | If the case is adjourned, it is for the parties to come and check the rescheduled date of hearing. There is no requirement to summon parties again. | En cas de remise d'affaire, la charge de s'enquérir sur la date de remise revient aux parties. La réassignation des parties n'est pas nécessaire. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 60:</u> Ukwitaba kw'ababuranyi ubwabo** | **<u>Article 60:</u> Personal appearance of parties** | **<u>Article 60:</u> Comparution personnelle des parties** |
| Ku nyungu z'imigendekere myiza y'ubutabera, Perezida w'urukiko cyangwa inteko iburanisha bashobora igihe cyose kandi mu rubanza rwose gutegeka, nta n'uwiriwe abisaba, ko ababuranyi barwitaba ubwabo. | For the interests of the administration of justice, the president of the court or the bench itself may, at any time and on own initiative, at any stage of the proceedings and in any case, order the personal appearance of parties before the court. | Pour une bonne administration de la justice, le Président de la juridiction ou le siège peut, en tout état de cause et en toute matière, ordonner même d'office, la comparution personnelle des parties devant la juridiction. |
| **<u>Ingingo ya 61:</u> Abandi bantu bashobora guhamagarwa ubwabo** | **<u>Article 61:</u> Other persons that may be personally summoned** | **<u>Article 61:</u> Autres personnes pouvant comparaître personnellement** |
| Perezida w'urukiko cyangwa inteko iburanisha bashobora guhamagara ku giti cyabo abadashobora kwiburanira, ababafasha cyangwa ababahagarariye ku bw'amategeko. | The president of the court or the bench may summon persons declared incapable, their counsels or legally-recognized representatives to appear in person. | Le Président de la juridiction ou le siège peut ordonner la comparution personnelle des incapables, de leurs assistants ou de leurs représentants légaux. |
| **<u>Ingingo ya 62:</u> Kwitaba kw'imiryango, amashyirahamwe n'ibigo bifite ubuzima gatozi** | **<u>Article 62:</u> Appearance of organisations, associations and corporations with legal personality** | **<u>Article 62:</u> Comparution des associations, organisations et établissements dotés de la personnalité juridique** |
| Perezida w'urukiko cyangwa inteko iburanisha bashobora guhamagaza amashyirahamwe, imiryango n'ibigo bifite ubuzima gatozi. Bene ayo mashyirahamwe, imiryango n'ibigo byitaba bihagarariwe n'umwe mu babikorera wabiherewe ububasha cyangwa umwe mu bayobozi babyo cyangwa ufite ububasha bwo guhagararira ibyo bigo, amashyirahamwe n'imiryango ku bw'itegeko | The president of the court or the bench may order the appearance of organisations, associations and corporations with legal personality. Such organisations, associations and corporations appear either through an authorized employee or through a member of their management or a person empowered to represent such organisations, associations and corporations by virtue of law or their statutes or other specific regulations governing them. | Le président de la juridiction ou le siège peut ordonner la comparution des associations, organisations et établissements dotés de la personnalité juridique. Ceux-ci comparaissent, soit par un de leurs préposés muni d'une procuration spéciale, soit par un membre de leur organe de gestion désigné par ceux-ci ou ayant qualité pour les représenter en vertu de la loi ou des statuts. |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa amategeko shingiro yabyo cyangwa andi yihariye abigenga. | | |
| **<u>Ingingo ya 63:</u> Kwitaba kw'abayobozi cyangwa abakozi b'inzego z'ubutegetsi bwa Leta, ab'imiryango, amashyirahamwe n'ibigo bifite ubuzima gatozi** | **<u>Article 63:</u> Appearance of heads or employees of public institutions, organisations, associations and entities with legal personality** | **<u>Article 63:</u> Comparution personnelle des autorités ou employés des institutions publiques, ceux des organisations, associations et des établissements dotés de la personnalité juridique** |
| Perezida w'urukiko cyangwa inteko iburanisha bashobora guhamagaza ku giti cyabo abayobozi cyangwa abakozi b'inzego z'ubutegetsi bwa Leta, ab'imiryango, amashyirahamwe cyangwa ibigo bifite ubuzimagatozi kugira ngo ababaze ibiberekeye ubwabo cyangwa ibyo bamenye biturutse ku mirimo yabo, haseguriwe ibanga ry'akazi. | The president of the court or the bench may order the personal appearance of heads or employees of public institutions, organisations, associations or entities with legal personality for them to be heard by the president of the court as to the facts which concern them individually or which came to their knowledge in the course of their duties, subject to the respect for professional secrecy. | Le Président de la juridiction ou le siège peut ordonner la comparution personnelle des autorités ou employés des institutions publiques, ceux des organisations, associations et des établissements dotés de la personnalité juridique pour être entendues tant sur les faits qui les concernent individuellement que sur ceux qu'ils ont connus en raison de leurs fonctions, sous réserve du respect du secret professionnel. |
| **<u>Ingingo ya 64:</u> Ingaruka z'ibura ry'uwategetswe kwitaba ubwe** | **<u>Article 64:</u> Effects of summoned person's failure to appear** | **<u>Article 64:</u> Effets du défaut d'une partie** |
| Iyo uwategetswe kwitaba ubwe abuze nta mpamvu yumvikana, urukiko rumutegeka kwishyura ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000), bitabujije indishyi yacibwa bisabwe n'undi muburanyi zikomoka kuri iryo tinza | If a party ordered to appear in person fails to do so, the court orders him/her to pay a civil fine of not less than twenty thousand (20,000) Rwandan francs and not more than two hundred thousand (200,000) Rwandan francs without prejudice to damages for which the other party may apply due to such delay of proceedings. If the party does not appear at the | Lorsque la partie appelée à comparaître personnellement fait défaut, le juge lui ordonne le paiement d'une amende civile d'au moins vingt mille (20.000) francs rwandais mais n'excédant pas deux cent milles (200.000) francs rwandais, sans préjudice des dommages et intérêts qui peuvent être requis par l'autre partie pour cause de ces moyens dilatoires. Si à la prochaine date fixée, cette partie ne |

| | | |
|---|---|---|
| ry'urubanza. Iyo mu iburanisha rikurikiyeho atabonetse, urubanza ruburanishwa adahari. | following hearing, the case is heard in his/her absence. | comparaît pas, le jugement est rendu par défaut. |
| **<u>Ingingo ya 65:</u> Ibikubiye mu cyemezo cy'urukiko gitegeka ababuranyi kwitaba ubwabo** | **<u>Article 65:</u> Content of court's decision ordering parties to appear in person** | **<u>Article 65:</u> Mention de la décision ordonnant la comparution personnelle** |
| Icyemezo cy'urukiko gitegeka ababuranyi ngo barwitabe ubwabo kigaragaza umunsi, isaha n'aho bazitabira urukiko. Icyo cyemezo ntigishobora kujuririrwa. | A court's decision ordering parties to appear in person indicates the date, time and place of appearance before the court. Such a decision is not subject to appeal. | La décision ordonnant la comparution personnelle des parties devant la cour en fixe le jour, l'heure et le lieu. Elle n'est pas susceptible de recours. |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Iburanisha mu rukiko** | **<u>Section 2</u>: Conduct of hearing** | **<u>Section 2:</u> Tenue de l'audience** |
| **<u>Ingingo ya 66:</u> Abagize inteko iburanisha** | **<u>Article 66:</u> Bench composition** | **<u>Article 66:</u> Composition du siège** |
| Inteko iburanisha iba igizwe n'umucamanza umwe cyangwa benshi. | The bench is composed of one or several judges. | Le siège est composé d'un seul ou plusieurs juges. |
| **<u>Ingingo ya 67:</u> Igihe n'ahantu iburanisha ribera** | **<u>Article 67:</u> Date and place of hearing** | **<u>Article 67:</u> Date et endroit de l'audience** |
| Iburanisha rikorwa ku munsi n'ahantu hagenwe n'urukiko. Iburanisha rishobora gukomeza na nyuma y'igihe cyari giteganyijwe cyangwa rikimurirwa ku wundi munsi, iyo urukiko n'ababuranyi babyumvikanyeho. | The hearing takes place on the date and place determined by the court. The hearing may continue after the previously scheduled date be rescheduled for another date upon agreement between the court and parties. | Les débats ont lieu au jour et à l'endroit fixés par la juridiction de jugement. Ils peuvent se poursuivre même après le temps initialement prévu ou être remis à un autre jour, en cas d'accord des parties avec la juridiction. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 68</u>: Gukererwa mu iburanisha k'umuburanyi** | **<u>Article 68</u>: Party late for case hearing** | **<u>Article 68</u>: Retard d'une partie de l'audience** |
| Iyo umwe mu baburanyi asanze iburanisha ryatangiye, hamaze gufatwa icyemezo ko iburanisha riba adahari, ashobora gusaba inteko iburanisha uburenganzira bwo kwinjira mu iburanisha. Inteko iburanisha ishobora kubumuha cyangwa kubumwima bitewe n'aho iburanisha rigeze. | If one of the parties arrives late for the hearing after the court decides that the hearing proceeds in his/her absence, he/she may apply to the presiding bench for the right to take part in debates. The presiding bench may grant or deny him/her such right depending on the stage of the hearing. | Lorsqu'une partie comparaît en audience en retard et constate que la juridiction a ordonné de statuer en son absence, elle peut faire recours au siège pour l'autoriser à prendre part aux débats. Le siège peut en accepter ou refuser l'autorisation, compte tenu de l'état d'avancement de l'audience. |
| Iyo imwemereye, iburanisha rikomereza aho ryari rigeze, kandi ibyaburanishijwe kugeza ubwo bigafatwa nk'aho byaburanishijwe ahari, keretse inteko iburanisha isanze hari icyo ikeneye kumusobanuza ku byaburanishijwe adahari. | If the presiding bench grants such a right, the hearing resumes from the stage at which it was suspended and all prior proceedings are considered to be held in his/ her presence except where the presiding bench finds that it needs to seek some clarifications from him/her with regard to the proceedings held in his/her absence. | Lorsque le siège en donne l'autorisation, l'audience continue son cours à partir de phare à laquelle elle s'était arrêtée et la procédure jusqu'alors clôturée est considérée contradictoire, sauf dans les cas où le siège estime qu'il a besoin de clarifications de la part de la partie défaillante sur débats survenus en son absence. |
| Ibi ni na ko bigenda iyo umuburanyi aje mu iburanisha harabaye isubikwa cyangwa ukwimurwa k'urubanza inshuro imwe cyangwa nyinshi ku wundi munsi. | This also applies to a party who joins the hearing after one or more prior adjournments of the case. | Il en est de même lorsqu'une partie apparaît dans l'audience d'une affaire ayant fait l'objet d'une ou de plusieurs remises. |
| **<u>Ingingo ya 69:</u> Ururimi rw'urukiko** | **<u>Article 69</u>: Language of the court** | **<u>Article 69</u>: Langue d'audience** |
| Ururimi rw'urukiko ni Ikinyarwanda. Icyakora, urukiko rushobora kuburanisha mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi. Umuburanyi ashobora kuburana mu rundi rurimi yumva neza akishakira umusemuzi. | The language of the court is Ikinyarwanda. However, the court may conduct the hearing in any other official language of Rwanda. A party may plead in another language he/she understands well, provided that he/ she | La langue d'audience est le kinyarwanda. Cependant, la juridiction peut siéger dans n'importe quelle langue officielle du Rwanda. Une partie peut plaider dans une autre langue |

| | | |
|---|---|---|
| | him/herself finds an interpreter at his/her own expenses. | de son choix, pourvu qu'elle cherche pour elle-même un interprète. |
| Uko byagenda kose imyanzuro ishyikirizwa urukiko itangwa mu Kinyarwanda. | In any case, the submissions to be filed to the court are in Ikinyarwanda. | Dans tous les cas, les conclusions présentées à la juridiction sont soumises en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 70:</u> Iburanisha mu ruhame cyangwa mu muhezo** | **<u>Article 70:</u> Hearing conducted in public or camera** | **<u>Article 70:</u> Audience publique ou à huis-clos** |
| Iburanisha ry'urubanza ribera mu ruhame. | The hearing of a case is conducted in public. | Les audiences sont publiques. |
| Icyakora, iyo urukiko rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'ababuranyi bombi cyangwa umwe muri bo, rusanga kuburanisha mu ruhame byatera impagarara cyangwa byabangamira umuco w'imbonezabupfura n'uburenganzira bw'abantu mu mibereho yabo, rufata icyemezo ko iburanisha ribera mu muhezo kandi rugasobanura n'impamvu yabyo. | However, if the court, upon its own motion or upon application by both parties or any of them, believes that the hearing conducted in public may disrupt public order or good morals or if it is against people's right to privacy, it may decide that the hearing be conducted in camera and the explanation thereof is given. | Toutefois, si, d'office ou à la demande de l'une des parties ou des deux à la fois, la juridiction trouve que la tenue de l'audience publique enfreindrait l'ordre public ou les bonnes mœurs et le droit des personnes à la vie privée, elle décide le huis-clos et en donne la motivation. |
| Kuburanishiriza mu muhezo ntibireba abunganizi mu rubanza. | In camera hearing does not apply to parties' counsels in proceedings. | Le huis clos ne concerne pas les conseils des parties au procès. |
| **<u>Ingingo ya 71:</u> Gufata amajwi n'amafoto mu iburanisha** | **<u>Article 71:</u> Audio-visual coverage of court proceedings** | **<u>Article 71:</u> Prise de sons et d'images à l'audience** |
| Uretse ababiherewe uburenganzira bwihariye na Perezida w'urukiko, undi wese ushaka gufata amajwi n'amashusho mu cyumba cy'iburanisha abikora mbere y'uko inteko iburanisha yinjira cyangwa nyuma iburanisha | With the exception of persons granted special authorization by the president of the court, any other person who seeks to make audio and video recordings in the courtroom does so before the panel of judges enters the | A l'exception des personnes ayant reçu l'autorisation spécifique par le Président de la juridiction, toute autre personne désireuse de prendre des sons et des images à l'audience le fait avant l'entrée des membres du siège ou |

| | | |
|---|---|---|
| rishojwe, inteko y'urukiko imaze gusohoka mu cyumba cy'iburanisha. | courtroom or after the closure of hearing after the panel of judges exits the courtroom. | après la clôture des débats après la sortie des membres du siège. |
| Nta muntu wemerewe kwinjirana telefoni n'ibindi bikoresho bifata amajwi n'amashusho birangaza mu cyumba cy'iburanisha, uretse ababuranyi n'ababunganira babikoresha mu nyungu z'urubanza. Iyo babikoresheje mu buryo bunyuranye n'amategeko bacibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y' u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana abiri (200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000). | No person is allowed to enter the courtroom with a telephone and other audio and video recording devices which cause distraction in the courtroom except parties and their representatives who may use the devices for the purpose of the hearing. If any of parties or representatives use such devices in breach of the law, they are punished by a civil fine of not less than two hundred thousand (200,000) Rwandan francs and not more than five hundred thousand (500,000) Rwandan francs. | Aucune personne n'est autorisée à entrer dans l'audience avec un téléphone ou autre dispositif audio-visuel qui peut déranger, à l'exception des parties et leurs représentants pouvant les utiliser pour des fins de l'audience. Lorsque les parties ou leurs représentants utilisent ces dispositifs à l'encontre de la loi, le juge inflige une amende civile d'au moins deux cent mille (200.000) francs rwandais mais n'excédant pas cinq cent mille (500.000) francs rwandais. |
| Iyo hari ufatanywe ibikoresho bibujijwe mu iburanisha nta ruhushya, arabyamburwa bigafatirwa akabisubizwa byamaze kugenzurwa, byaba ngombwa bigafatirwa burundu bigashyirwa mu mutungo wa Leta.<br>Umucamanza afata icyemezo kigaragaza ibyafatiriwe n'aho bigomba kujya. | If a person is found with any prohibited device in the hearing without authorization, such a device is confiscated and the person regains possession of the device after the device is checked and, where necessary, the device is definitely seized and put into public patrimony. The Judge takes a decision showing seized devices and their destination. | Si une personne est trouvée en possession des dispositifs prohibés dans l'audience sans autorisation, ils sont arrachés et confisqués, ils lui sont remis après inspection et le cas échéant saisis et mis définitivement dans le patrimoine public. Le juge prend une décision indiquant les dispositifs saisis et leur ressort. |
| Icyakora abashaka kugira icyo bandika bijyanye n'iburanisha bemerewe kwandika. | However, any person interested in writing down anything relating to the hearing is authorized to do so. | Toutefois la prise de notes relatives à l'audience est permise. |
| Uburenganzira bwo gufata amajwi n'amashusho mu cyumba cy'iburanisha busabwa mu nyandiko nibura mu masaha | Authorization to make audio and video recordings in the courtroom is applied for in writing at least forty-eight (48) hours before the hearing. | L'autorisation de prendre des sons et des images à l'audience est demandée par écrit au moins quarante-huit (48) heures avant le commencement de l'audience. |

| | | |
|---|---|---|
| mirongo ine n'umunani (48) mbere y'uko iburanisha ritangira. | | |
| Perezida w'urukiko afata icyemezo mu nyandiko cyemera cyangwa cyimana uburenganzira bwo gufata amajwi n'amashusho amaze gusuzuma ko nta ngaruka byagira ku nyungu z'ubutabera, umutekano w'Igihugu n'uw'ababuranyi n'umuco mbonezabupfura. | The president of the court decides in writing to grant or reject the application for making audio and video recordings after examining whether the granting of such application cannot adversely affect the interests of the administration of justice, national security, safety of parties and morals. | Le Président de la juridiction prend la décision accordant ou refusant l'autorisation de prise de sons ou d'image après avoir examiné que cela ne porte pas de conséquence contre les intérêts de la justice, la sécurité nationale et des parties et les bonnes mœurs. |
| **<u>Ingingo ya 72:</u> Kuburanisha mu mizi y'urubanza** | **<u>Article 72:</u> Conducting the hearing of the case on the merits** | **<u>Article 72:</u> Déroulement de l'audience sur le fond de l'affaire** |
| Perezida w'inteko y'urukiko ni we uyobora iburanisha akanarisoza. | The presiding judge presides over proceedings and declare them closed. | Le président du siège dirige les débats et les déclare clos. |
| Iburanisha rikorwa mu buryo bukurikira: | The hearing is conducted in the following order: | Les débats se font dans l'ordre ci-après: |
| 1° perezida w'inteko avuga ko iburanisha ritangiye; | 1° the presiding judge declares the hearing open; | 1° le Président du siège déclare les débats ouverts; |
| 2° Umwanditsi w'Urukiko ahamagara ababuranyi kandi agasoma ikirego cy'ibanze; | 2° the court registrar calls the parties and reads the original claim; | 2° le greffier appelle la cause et donne lecture de la demande originaire; |
| 3° umucamanza agenzura imyirondoro y'ababuranyi, agasuzuma ko yuzuye, akayemeranyaho na bo; | 3° the judge examines whether the identities of the parties are complete and agrees with the parties on their identities; | 3° le juge examine si l'identification des parties est complète et en conviennent avec celles-ci; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° agenzura imyirondoro y'abatangabuhamya iyo bahari, akabaza ababuranyi niba hari abadakwiye kwemerwa nk'abatangabuhamya, akemeza abo ari bwumve, akabaheza, abatandukanyije; | 4° the judge examines the identities of the witnesses, if present, and asks the parties if there are any witnesses that are not accepted and confirms those who will be heard, keep them separately outside the courtroom; | 4° le juge examine les pièces d'identification des témoins s'il y en a, il demande aux parties ceux qui peuvent être refusés, décide des témoins à entendre et les met à l'écart séparément; |
| 5° ku bibazo asanga bishobora gukemurwa neza binyuze mu buryo bw'ubwumvikane, abaza niba ashobora kubunga, babyemera iburanisha rigasubikwa, akabanza kubunga, batabyemera iburanisha rigakomeza; | 5° for issues the judge believes that they may be amicably settled, the judge asks parties if he/she can be of help in conciliating them and, if they so agree, the judge adjourns the hearing, helping first in conciliating them and, if not agreed upon, the hearing continues; | 5° pour des questions qu'il estime pouvant être tranchées à l'amiable, le juge demande aux parties s'il peut procéder à leur médiation; si les parties en sont d'accord, l'audience est reportée et le juge procède à leur médiation; si elles n'en sont pas d'accord, l'audience se poursuit; |
| 6° asuzumira hamwe n'ababuranyi inzitizi ku rubanza, zaba zitarakemuwe mu nama ntegurarubanza, akazifataho icyemezo. Nta nzitizi zindi zakirwa uretse izishingiye ku mategeko ndemyagihugu zishobora kwakirwa igihe icyo ari cyo cyose; | 6° the judge, together with the parties, examines any incidents that may not have been cleared in the pretrial conference and takes a decision thereon. No any other incidents are admitted except those based on public order which may be admitted at any time; | 6° le juge examine avec les parties s'il y a des exceptions non levées lors de la réunion de mise en état de l'affaire et en prend une décision. Aucune autre exception n'est recevable à l'exception des exceptions d'ordre public qui sont recevables à tout moment de la procédure; |
| 7° iyo nta kibazo cy'inzitizi gihari cyangwa gisigaye, umucamanza avuga mu magambo make ibikubiye mu myanzuro y'ababuranyi bombi, yarangiza akavuga ingingo z'ingenzi urubanza rugomba gukemura akurikije ibyo yateguye, akabaza ababuranyi | 7° in case there is no incident or if no incident is pending, the judge summarizes the submissions of both parties, after which he/she announces the main questions of the case that the court has to settle at the end of the proceedings, asks both parties whether | 7° lorsqu'il ne subsiste plus d'exception, le juge donne le résumé du contenu des conclusions des deux parties et poursuit en indiquant les questions essentielles auxquels l'issue du procès doit donner réponse et, en se basant sur le rapport préparatif, demande aux |

| | | |
|---|---|---|
| bombi ko bemera ko ari zo zikwiye gusuzumwa koko. Iyo basabye ko zuzuzwa, cyangwa ko zivugwa mu bundi buryo, umucamanza arabikosora kugeza igihe ibibazo bigize urubanza, ari na byo urukiko rugomba gufataho umwanzuro, ababuranyi bireba babyemeranyijweho; | they really agree that only those main questions be examined. If the parties request to complete or express those questions in other words, the judge corrects them until the concerned parties to the case agree with the court on the main issues in the case that the court should examine; | deux parties si elles consentent à ce que ces questions sont les seules devant réellement être examinées. Lorsque les parties en sollicitent les suppléments ou les reformulations, le juge en fait des corrections jusqu'à ce que toutes les parties concernées se mettent d'accord sur les questions du litige auxquelles la cour est appelée à prendre une décision; |
| 8° ahereye ku rutonde rw'ibibazo byagaragajwe hashingiwe ku biteganyijwe mu gace ka 7°, umucamanza yibutsa ibyo buri muburanyi yavuze kuri buri kibazo kigize urubanza, akabaza buri muburanyi ahereye ku wareze niba hari icyo yifuza gusobanura kirenze ku byo yavuze mu nama ntegurarubanza; | 8° basing on the list of questions raised in accordance with the provisions of item 7°, the judge provides a reminder of parties' allegations with respect to each matter at issue in the case and, starting with the claimant, asks parties if they have any clarifications to make beyond what they have said during the pretrial conference; | 8° en se référant sur les liste des questions soulevées sur base des disposions du point 7°, le juge fait le rappel de chacune des prétentions des parties sur chaque question du litige et, en commençant par le demandeur, il demande aux parties si elles auraient une quelconque clarification à faire allant au-delà de ce qui a été dit lors de la réunion de mise en état de l'affaire; |
| 9° iyo babisabye, ababuranyi bahabwa umwanya wo kuvuguruzanya hagati yabo; | 9° if so requested by parties, parties are given time for cross-examining each other; | 9° lorsqu'elles en font la demande, les parties sont confrontées entre elles; |
| 10° umucamanza abaza ibibazo bigamije kumufasha gusobanukirwa neza icyo ababuranyi bashatse kuvuga no gusuzuma neza niba ibimenyetso n'amategeko buri ruhande rushingiraho kuri buri kibazo kigize | 10° the judge asks questions aimed at assisting him/her in better understanding the allegations of parties, and with respect to each matter at issue in the case, examines whether the factual and legal evidence on which | 10° le juge pose des questions visant sa meilleure compréhension sur les prétentions des parties et si, pour chaque question du litige, les preuves en fait en droit sur lesquelles chaque partie s'est fondée ont été bien |

| | | |
|---|---|---|
| urubanza ruburanishwa byumvikanye neza kandi kimwe, haba ku baburanyi bose no ku mucamanza; | each party has relied is clear to all parties and the judge; | compris, tant pour le juge que pour les parties; |
| 11° iyo hari abatangabuhamya babazwa umwe ukwe n'undi ukwe kandi bamaze kurahira. Iyo bibaye ngombwa bahabwa umwanya wo kuvuguruzanya mu maso y'ababuranyi cyangwa badahari iyo uko kuhaba byababuza kuvuga ukuri; | 11° where there are witnesses, they give their testimony separately after taking oath. When it is necessary, witnesses are given the opportunity to cross-examine each other in the presence of parties or in their absence if the presence of parties may compromise the truth; | 11° lorsqu'il y a les témoins, ceux-ci donnent séparément leurs témoignages, après avoir prêté serment. Si nécessaire, les témoins sont confrontés en présence des parties ou à leur absence, au cas où la présence de ces derniers peut préjudicier la vérité; |
| 12° ababuranyi bahabwa umwanya wo gusubiza ku buhamya bwatanzwe, byaba ngombwa bakavuguruzanya hagati yabo cyangwa bo n'abatangabuhamya; | 12° parties are given an opportunity to react to testimonies, and where necessary, to cross-examine each other or engage in cross-examination with witnesses; | 12° les parties ont l'occasion de réagir sur les témoignages donnés et peuvent se confronter entre elles ou avec les témoins; |
| 13° iyo arangije kumva ababuranyi ku ngingo zose zigize urubanza, umucamanza amenyesha ababuranyi ko iburanisha rirangiye, akababwira umunsi n'isaha urubanza ruzasomerwaho. | 13° after hearing parties with respect to all the facts of the case, the judge informs the parties that the hearing is closed and notify them of the date and time of the pronouncement of judgement. | 13° après avoir entendu les parties sur tous les faits de l'affaire, le juge annonce que les débats sont clos et informe les parties du jour et de l'heure du prononcé du jugement. |
| Igihe cyose, umucamanza yirinda kubaza ibibazo bigaragaza ko hari uruhande yaba abogamiyeho cyangwa kugaragaza aho urubanza rwerekeza igihe rutaracibwa. | At all times, a judge is required to refrain from asking questions that demonstrate he/she is favourably disposed to either party or which may indicate the direction of the case before the pronouncement. | Le juge se garde toujours de poser des questions qui feraient preuve de son penchant pour une partie ou de la tendance de la décision du jugement avant son prononcé. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 73:</u> Isubika ry'urubanza** | **<u>Article 73:</u> Adjournment of a case** | **<u>Article 73:</u> Remise de l'affaire** |
| Iyo hagize impamvu ituma gahunda urukiko rwatanze ihinduka, haba ku nama ntegurarubanza, iburanisha, iperereza cyangwa isomwa ry'urubanza, umwanditsi w'urukiko abimenyesha ababuranyi mbere y'itariki iyo gahunda yari iteganyirijweho, akabamenyesha umunsi n'isaha yimuriweho. | When there is a reason for change of the previously communicated court schedule with respect to pretrial conference, hearing, investigations or pronouncement of judgement, the court registrar informs the parties in advance before the previously scheduled date and notifies them of the rescheduled date and time of the hearing. | Lorsqu'il y a un changement sur le calendrier communiqué par la juridiction, tant pour l'audience préliminaire, l'audience au fond, l'investigation que pour le prononcé du jugement, le greffier en informe les parties avant la date prévue et leur communique la date et l'heure de remise. |
| Iyo isubika rikozwe igikorwa giteganyijwe cyatangiye, umucamanza cyangwa umwanditsi amenyesha abo bireba umunsi n'isaha cyimuriweho, bakagenda babisinyiye. Nta rindi hamagara cyangwa imenyesha bihabwa ababuranyi batitabye, bapfa kuba bari baramenyeshejwe iyo gahunda mbere mu buryo bukurikije amategeko. | When the adjournment occurs after the planned act has started, the judge or court registrar informs concerned parties of the rescheduled date and time for them to sign it before leaving. No other summons or notice is addressed to parties having failed to appear provided that they had been regularly notified of the schedule. | Lorsque la remise survient alors que l'acte prévu est en cours, le juge ou le greffier informe les parties concernées du jour et de l'heure de remise afin qu'elles ne partent pas sans avoir signé à cet effet. Aucune autre assignation ou notification n'est faite aux parties n'ayant pas comparu, pourvu que celles-ci aient été régulièrement informées du calendrier auparavant. |
| **<u>Ingingo ya 74:</u> Ihinduka ry'umucamanza cyangwa inteko yari yatangiye urubanza** | **<u>Article 74:</u> Change of a judge or a bench of judges having started to hear the case** | **<u>Article 74:</u> Changement d'un juge ou siège ayant commencé de statuer sur l'affaire** |
| Iyo umucamanza cyangwa umwe mu bacamanza batangiye urubanza adashoboye kurukomeza kubera impamvu zinyuranye, asimburwa n'undi mucamanza byemejwe na Perezida w'urukiko bireba. | When a judge or one of the judges having sat in a case is unable to continue to sit in the same case due to various reasons, he/she is replaced with another judge upon decision by the president of the court concerned. | Lorsque le juge ou un des juges ayant siégé dans une affaire ne peut pas poursuivre son jugement pour diverses raisons, il est remplacé par son pair, sur décision du président de la juridiction concernée. |

| | | |
|---|---|---|
| Muri icyo gihe, iburanisha rikomereza aho ryari rigeze, kandi ibyemezo byafashwe mu rubanza bikagumana agaciro kabyo. | In such a case, the hearing resumes from where it had stopped and decisions taken in the proceedings remain valid. | Dans ce cas, l'audience reprend son cours à partir d'où il s'est achevé, et les décisions prises sur l'affaire restent valides. |
| Icyakora iyo asanze hari ibyakozwe binyuranyije n'amategeko, hashobora gufatwa icyemezo cyo gutangira iburanisha bundi bushya cyangwa kugira ibihindurwa, hamaze kumvwa ababuranyi, hagasobanurwa impamvu. | However, if a judge believes that there are acts performed in breach of the law, he/she may decide the reopening of the hearing or modify some acts after hearing parties and provide reasons therefor. | Toutefois, lorsqu'il constate qu'il existe des actes accomplis en contradiction avec la loi, il peut être procédé à réouverture des débats ou à la modification de certains actes, après avoir attendu les parties et en donné la motivation. |
| Umuburanyi utishimiye icyo cyemezo, ashobora kukijuririra hamwe n'urubanza mu mizi. | A party who is not satisfied with such a decision may lodge an appeal against it together with the case on the merits. | La partie qui n'est pas satisfaite de cette décision peut en interjeter appel avec le jugement au fond. |
| **Ingingo ya 75: Inyandiko itanzwe nyuma y'inama ntegurarubanza** | **Article 75: Document presented after pretrial conference** | **Article 75: Document versé après la réunion de mise en état de l'affaire** |
| Muri rusange nta nyandiko, imyanzuro y'urubanza cyangwa inyandiko ikubiyemo ingingo ziburanishwa bishobora koherererezwa urukiko nyuma y'inama ntegurarubanza. | In general, no documents, submission, brief or pleading notes may be deposited with the court after the pretrial conference. | En principe, aucune pièce, conclusion ou mémoire, note de plaidoirie ne peut être déposée à la juridiction après la réunion de mise en état de l'affaire. |
| Icyakora, igihe cyose urubanza rutaracibwa, iyo habonetse inyandiko cyangwa se ikindi kintu gishya cyafasha mu kugaragaza ukuri kivumbuwe n'umwe mu baburanyi, ashobora kugishyikiriza urukiko, rugasuzuma niba cyakwakirwa. Iyo iburanisha ryari ryarapfundikiwe, umuburanyi asaba ko ripfundurwa. | However, any time before the hearing, if there is a new and relevant document or fact which can help to demonstrate the truth that is discovered by one of the parties, the concerned party may present it to the court for it to decide on its admission. If the hearing is closed, the party applies for the re-opening thereof. | Toutefois, avant le jugement, si une pièce ou un fait nouveau et pertinent devant servir à la manifestation de la vérité est découvert par l'une des parties, elle peut le déposer à la juridiction et demander de trancher sur son recevabilité. Si les débats ont été clôturés, la partie en demande la réouverture. |

| | | |
|---|---|---|
| Urukiko ubwarwo ni rwo rusuzuma niba ari ngombwa gupfundura iburanisha, iyo rusanze ruzashingira kuri icyo kintu gishya mu guca urwo rubanza. | The court determines at its sole discretion whether it is necessary to re-open the hearing when it finds that it will rely on the new fact to decide the case. | La juridiction de jugement apprécie souverainement l'opportunité de réouverture des débats si le juge estime qu'il doit trancher le litige sur base de ce fait nouveau. |
| Mbere yo gufata icyemezo kandi rubyibwirije, urukiko rushobora gupfundura iburanisha mu gihe rusanga hari ibyo rukeneye gusobanukirwa kurushaho bitasobanutse mu iburanisha kugira ngo ukuri kugaragare. | Before taking the decision and upon its own motion, the court may re-open the hearing if it finds that it needs further clarifications on some facts which remained unclarified in the hearing for the establishment of the truth. | Avant le délibéré et d'office, la juridiction peut décider de la réouverture des débats lorsqu'elle estime qu'il y a des faits non clarifiés lors de l'audience alors que leur clarification est jugée opportune pour la manifestation de la vérité. |
| Iyo ipfundurwa ry'urubanza ritegetswe, urukiko rugena umunsi, ahantu n'isaha ababuranyi bazitabira kugira ngo baburane. | If the reopening of the hearing is ordered, the court determines the date, place and time of appearance of parties for the hearing. | Si la réouverture des débats est ordonnée, la juridiction fixe le jour, le lieu et l'heure auxquels les parties seront entendues. |
| **<u>Ingingo ya 76:</u> Ibyandikwa mu nyandikomvugo y'iburanisha** | **<u>Article 76:</u> Content of the hearing minutes** | **<u>Article 76:</u> Mention du procès-verbal d'audience** |
| Umwanditsi w'urukiko akora inyandikomvugo y'iburanisha ikubiyemo ibyavuzwe mu rubanza kimwe n'ibyarukozwemo bifitanye isano na rwo, uretse mu gihe iburanisha ryakozwe hari uburyo bwo gufata amajwi n'amashusho. | The court registrar writes the minutes of the hearing which include what is said and done in the hearing in relation to the hearing, except in case of audio and video recording of the hearing. | Sauf en cas de plaidoirie par enregistrement audio-visuel, le greffier dresse le procès-verbal d'audience qui doit comprendre tout ce qui est dit ou fait à l'audience relative à l'instruction. |
| Inyandikomvugo y'iburanisha igaragaza: | The hearing minutes indicates: | Le procès-verbal d'audience mentionne: |
| 1° izina ry'urukiko n'aho rwaburanishirije; | 1° the name of the court and place of hearing; | 1° le nom de la juridiction et lieu de l'audience; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° umunsi n'isaha iburanisha ritangiriyeho; | 2° the day and time of the opening of the hearing; | 2° le date et heure d'ouverture de l'audience; |
| 3° umwirondoro wuzuye w'ababuranyi; | 3° the full identification of parties; | 3° l'identité complète des parties; |
| 4° icyaregewe; | 4° the subject-matter; | 4° l'objet de la demande; |
| 5° ko urubanza rwaburanishijwe mu ruhame cyangwa mu muhezo; | 5° whether the hearing is conducted in public or in camera; | 5° la mention de la publicité ou du huis clos de toutes les audiences; |
| 6° ibyavuzwe na buri muburanyi kuri buri kibazo kigize urubanza n'ibyemezo by'Inteko byafatiwe mu iburanisha; | 6° all declarations of each party with respect to every matter at issue in the case and decisions taken by the presiding bench during the hearing; | 6° toutes les déclarations des parties au procès sur toute question à l'affaire et les décisions prises par le siège dans l'audience; |
| 7° umwirondoro wuzuye w'abatangabuhamya n'ibyo bavuze; | 7° the full identification of witnesses and their testimonies; | 7° l'identité complète des témoins et leurs témoignages; |
| 8° isaha iburanisha rirangiriyeho; | 8° the closing time of the hearing; | 8° l'heure de la clôture des débats; |
| 9° itariki urubanza rugomba gusomerwaho; | 9° the scheduled date of the pronouncement of judgement; | 9° la date du prononcé du jugement; |
| 10° amazina n'imikono y'abagize inteko iburanisha n'iby'umwanditsi hamwe n'amazina n'umukono cyangwa igikumwe cy'ababuranyi n'abatangabuhamya. | 10° names and signatures of members of the presiding bench, the court registrar together with names and signatures or fingerprints of parties and witnesses. | 10° les noms et signatures des membres du siège, le greffier avec les noms et signatures ou empreintes digitales des parties et témoins. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 77:</u> Kugenzura ibyanditse mu nyandikomvugo y'iburanisha** | **<u>Article 77:</u> Verification of the contents of the hearing minutes** | **<u>Article 77:</u> Vérification du contenu du procès-verbal d'audience** |
| Mbere yo gushyira imikono cyangwa igikumwe ku nyandikomvugo z'iburanisha, ababuranyi kimwe n'abatangabuhamya bemerewe gusoma cyangwa gusomesha kugira ngo bagenzure niba ibyanditse bihwanye koko n'ibyo bavuze mu iburanisha. Iyo bafite icyo babivugaho bishyirwa mu nyandiko kuri izo nyandikomvugo iburanisha ritarasozwa. | Before signing or fingerprinting the hearing minutes, parties and witnesses are permitted to read the minutes or have them read in order to verify whether its contents correspond to their statements in court. Their objections, if any, are entered in the minutes before the closing of the hearing. | Avant d'apposer leurs signatures ou empreintes digitales sur le procès-verbal d'audience, les parties et les témoins sont autorisés à le lire ou le faire lire afin de vérifier si son contenu correspond exactement à leurs interventions lors des débats. Leurs objections, s'il y'en a, sont actées au procès-verbal d'audience, séance tenante. |
| **<u>Ingingo ya 78:</u> Ikinyabupfura mu iburanisha** | **<u>Article 78:</u> Being polite during hearing** | **<u>Article 78:</u> Politesse lors de l'audience** |
| Mu migirire yabo no mu magambo yabo, abafite ijambo mu rubanza bose bagomba kugirira ikinyabupfura abacamanza, abanditsi, abo baburana n'abantu bari aho. | In their gestures and words, all those taking part in the court's proceedings must be polite towards judges, court registrars, their opposing parties and the public. | Dans leurs gestes et paroles tous ceux qui prennent part aux débats doivent faire preuve de la politesse et du respect tant envers les juges qu'envers leurs adversaires et le public. |
| Bavuga ibyerekeye urubanza ntacyo bishisha ariko bavugana icyubahiro gikwiye ubutabera kandi bagasobanura neza ingingo zabo kugira ngo abacamanza babashe kuzumva. | They speak freely about matters relating to their cases, but with the respect due to justice and the clarity necessary for the understanding of judges. | Ils parlent librement avec tout le respect dû à la justice et toute la clarté nécessaire pour faciliter la compréhension des juges. |
| Utandukiriye akavuga ibidahuye n'ikiburanwa cyangwa ugira ikinyabupfura gike, uyoboye iburanisha aramucyaha. Yakomeza cyangwa yavuga amagambo atarimo ikinyabupfura, akamucecekesha akanya, akabigira mu buryo | A speaker who deviates from the subject-matter of the case or who transgresses the rules of decency is called to order by the presiding judge. If he/she persists with digressions and discourteous comments, the presiding judge | L'orateur qui s'écarte du sujet ou qui manque aux règles de bienséance, est ramené à l'ordre par le Président du siège. Celui-ci, tout en évitant toute mesure d'intimidation ou de vexation, peut lui retirer momentanément la |

| | | |
|---|---|---|
| bwiza yirinda guhutaza umuburanyi cyangwa kumubabaza.<br><br>Ibyo umucamanza ategetse byose byerekeye umutekano kugira ngo iburanisha rigende neza bihera ko bikurikizwa nk'uko abitegetse. | may momentarily cut him/her off, while avoiding intimidating or offending him/her.<br><br>Whatever the judge orders to maintain order for the smooth conduct of the hearing is promptly complied with. | parole, s'il persiste dans ses digressions ou dans ses propos discourtois.<br><br>Tout ce que le juge ordonne pour le maintien de l'ordre en vue du bon déroulement de l'audience est immédiatement mis en exécution dans toute sa teneur. |
| **<u>Ingingo ya 79:</u> Kwambara umwambaro uboneye mu rukiko** | **<u>Article 79:</u> Dress code in court** | **<u>Article 79:</u> Habillement respectant l'honneur dû à l'audience** |
| Birabujijwe kwambara imyambaro ibangamiye icyubahiro kigomba Urukiko ahabera imirimo y'iburanisha.<br><br>Amabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw''ikirenga agaragaza imyambarire ibujijwe mu iburanisha. | It is prohibited to any person to be dressed in a manner that compromises the honor due to court while in the place of hearing.<br><br>The President of the Supreme Court's instructions determine the clothing that is not allowed in court. | Il est interdit de porter sur le lieu où se tient l'audience, les habits portant atteinte au respect devant être dû à la cour.<br><br>Une instruction du Président de la Cour Suprême détermine une tenue interdite à l'audience. |
| **<u>Ingingo ya 80:</u> Kubahiriza umutekano mu iburanisha** | **<u>Article 80:</u> Respect for order during the hearing** | **<u>Article 80:</u> Respect de l'ordre à l'audience** |
| Iyo mu rukiko cyangwa ahandi hose abacamanza baburanishiriza, umwe cyangwa benshi mu bantu bahari bateye urusaku, bagaragaza ko bagize icyo bashima cyangwa bagaya, bagatera cyangwa bagakongeza imvururu mu buryo ubwo aribwo bwose, uyobora iburanisha arabacyaha, bakomeza akabirukana byaba ngombwa akitabaza inzego z'umutekano, bitabujije ibindi bihano biteganywa n'amategeko. | If one or several persons present make noise in a court or in any other place where the hearing is being held, outwardly express approval or disapproval, or cause or encourage any disturbances in any manner whatsoever, the presiding judge calls them to order and if they persist, expels them and if necessary, calls on the security personnel to intervene without prejudice to other penalties provided for by law. | Si, à la salle d'audience ou en tous lieux où se fait publiquement une instruction judiciaire, l'un ou plusieurs des assistants interrompent le silence, donnent des signes extérieurs d'approbation ou de désapprobation, causent de trouble ou du tumulte de quelque manière que ce soit, le président du siège les ramène à l'ordre par avertissement, et s'ils persistent, les fait expulser et en cas de nécessité, recourt aux |

| | | |
|---|---|---|
| | | forces de l'ordre, sans préjudice d'autres sanctions prévues par la loi. |
| Iyo imvururu zitewe n'umuburanyi, uyoboye iburanisha aramucyaha, akamumenyesha ko nakomeza amwirukana urubanza rugakomeza kuburanishwa nk'aho ahari. Iyo bamusohoye akanga, uyoboye iburanisha yitabaza ushinzwe umutekano akamusohora ku ngufu, bitabujije ibindi bihano biteganywa n'amategeko. | If a party to the case causes trouble, the presiding judge calls him/her to order and, if he/she persists, the judge warns that he/she can expel him/her and let the hearing continue as if he/she is present. If he/she is expelled and refuses to leave, the presiding judge calls on the security personnel to intervene and expel him/her by force, without prejudice to other penalties provided for by law. | Si les troubles sont causés par une partie au procès, le Président du siège la ramène à l'ordre et lui avertit que, si elle persiste, il l'expulsera et que le jugement sera réputé contradictoire. Si elle oppose une résistance à son expulsion, le Président du siège fait recours aux forces de l'ordre qui la mettent dehors sans préjudice d'autres sanctions prévues par la loi. |
| Iyo imvururu zitewe n'umuntu ufite umurimo mu rukiko cyangwa uwunganira abandi mu nkiko, hatirengagijwe ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ashobora gusabirwa no guhagarikwa ku murimo hakurikijwe amategeko agenga umurimo we. | If the trouble is caused by a person in charge of any functions in court or a counsel, those concerned may be asked to suspend such a person or counsel from duty in accordance with relevant laws without prejudice to the provisions of paragraph One of this Article. | Si le trouble est causé par un individu remplissant une fonction près la juridiction saisie ou un avocat, il peut, sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, être suspendu de ses fonctions suivant les dispositions légales en la matière. |
| Ibivugwa kuva ku ngingo ya 78 kugeza kuya 80 z'iri tegeko, bikurikizwa no mu nama ntegurarubanza. | The provisions from 78 to 80 Articles also apply to the pretrial conference. | Les dispositions de l'article 78 jusqu'à l'article 80 s'appliquent aussi à la réunion de mise en état de l'affaire. |
| **<u>Ingingo ya 81:</u> Imiburanishirize y'imanza ku byaha bikorewe mu iburanisha** | **<u>Article 81:</u> Trying offences of contempt of court** | **<u>Article 81:</u> Jugement des délits d'audience** |
| Mu gihe cy'iburanisha iyo hakozwe icyaha gihanishwa igihano kitarenga igifungo cy'imyaka itanu (5), urukiko, rushobora guhera ko ruhana uwagikoze kabone n'ubwo rwaba rudasanganywe ububasha bwo | A person who, during the hearing, commits an offence punishable by a maximum sentence of imprisonment for five (5) years, the court may immediately sentence the perpetrator even if in | Si pendant l'audience une personne commet une infraction punissable de cinq (5) ans d'emprisonnement au maximum, la juridiction de jugement peut condamner immédiatement l'auteur de l'infraction même si en pratique |

| | | |
|---|---|---|
| kuburanisha mu rwego rwa mbere bene ibyo byaha. | practice the court has not jurisdiction to hear such an offence in the first instance. | cette juridiction n'avait pas la compétence de juger au premier degré telle infraction. |
| Muri icyo gihe, umucamanza ahagarika iburanisha, agategeka ushinzwe umutekano gusohora uwakoze icyaha, agasaba abari mu iburanisha kugira ituze. Umwanditsi akora inyandiko mvugo y'ibyabaye. Umucamanza ahita yandika urubanza ashingiye ku byabaye n'amategeko yishwe, hanyuma agahamagaza uwo bari basohoye, akamusomera urubanza amuciriye mu ngingo zarwo zose, agasubukura iburanisha. Nta yindi mihango ikorwa cyangwa ngo ababuranyi bahabwe ijambo kugira ngo bagire icyo bavuga ku cyaha cyakozwe. | In such a case, the judge adjourns the hearing and orders security personnel to take the perpetrator out of the courtroom and calls the public in the hearing to order. The court registrar takes minutes of what has happened. The judge immediately writes a judgement basing on the facts and violated legal provisions, then gets the person having been expelled back to courtroom and reads to him/her the judgement rendered against him/ her in all its provisions, and re-opens the hearing. No other formalities take place and the parties are not allowed to take the floor with regard to the offence committed. | Dans ce cas, le juge arrête l'audience, et ordonne les forces de l'ordre de faire sortir l'auteur de l'infraction, ramène l'ordre au public présent dans l'audience. Le greffier fait un procès-verbal des faits. Le juge établit immédiatement un jugement en se basant sur les faits et les dispositions de la loi violée, appelle celui qui était expulsé, prononce le jugement rendu contre lui dans toutes ses dispositions, et ré-ouvre les débats d'audience. Aucune autre cérémonie n'a lieu et les parties ne sont pas autorisées à prendre la parole concernant l'infraction commise. |
| Iyo icyaha cyakorewe mu iburanisha gihanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5), Umucamanza ategeka ko abashinzwe umutekano bafata uwagikoze, akandika inyandikomvugo isobanura neza ibyabaye, uwakoze icyaha akohererezwa Umushinjacyaha ubifitiye ububasha hamwe na dosiye ye kugira ngo itegurwe, izaregerwe urukiko. | If the offence committed in the hearing is punishable by a sentence of imprisonment for more than five (5) years, the court orders security personnel to arrest the perpetrator and makes a statement detailing the facts, and the perpetrator together with his/ her file are taken to the competent public prosecutor in order to prepare the file and submits it to the court. | Si l'infraction commise dans l'audience est punissable de plus de cinq (5) ans d'emprisonnement, le juge ordonne aux forces de l'ordre d'arrêter l'auteur de l'infraction, dresse un procès-verbal du déroulement des faits et, l'auteur de l'infraction et son dossier sont déférés devant l'Officier de l'Organe National de Poursuite compétent aux fins de la préparation du dossier et de la saisine de la juridiction. |
| Ibyemezo bifashwe hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo bihita bishyirwa mu bikorwa nta kuzuyaza. | Decisions taken according to the provisions of this Article are enforced with immediate effect. | Les décisions prises sur base des dispositions du présent article sont d'application immédiate. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 82:</u> Kujuririra urubanza ku cyaha cyakorewe mu iburanisha** | **<u>Article 82:</u> Appeal against judgement with respect to the offence of contempt of court** | **<u>Article 82:</u> Appel d'un jugement pour infraction commise dans l'audience** |
| Iyo uwahungabanyije umutekano ahawe igihano cy'igifungo kivugwa mu ngingo ya 81 y'iri tegeko, ashobora kujuririra urukiko rwisumbuyeho mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). | When a person who commits the contempt of court is punished with the penalty of imprisonment provided for in Article 81 of this Law, he/she may appeal to the next upper court within five (5) days. | Lorsque l'auteur de l'infraction d'audience est puni d'une peine d'emprisonnement prévue dans l'article 81 de la présente loi, il peut interjeter appel dans une juridiction supérieure dans cinq (5) jours. |
| Iyo inyandiko y'ubujurire igeze mu rukiko, Urukiko rwajuririwe rutumiza kopi y'inyandikomvugo y'iburanisha ry'urubanza rwakorewemo intugunda na kopi y'urubanza rwafunze uwo wajuriye. | If the appeal file is submitted to the court, the appellate court asks to be given a copy of the minutes of the hearing during which the trouble was caused and a copy of the judgement in the case in which the imprisonment of the appellant was ordered. | Lorsque le dossier d'appel arrive dans la juridiction, la juridiction d'appel demande d'être envoyé la copie du procès-verbal de l'audience pendant lequel l'infraction a été commise et la copie du jugement emprisonnant l'appelant. |
| Dosiye yose yoherererezwa Ubushinjacyaha kugira ngo bwitegure kuzaza kuyiburana. | The entire file is sent to the National Public Prosecution Authority for preparation of the subsequent hearing. | Le dossier complet est transmis à l'Organe National de Poursuite Judiciaire pour préparation de la prochaine audience. |
| Ubushinjacyaha, buhereye kuri dosiye bwashyikirijwe, bushobora gukora iperereza ryuzuza ibiyikubiyemo. | The National Public Prosecution Authority, basing on the file received, may conduct further investigation. | L'Organe National de Poursuite Judiciaire peut, en se basant sur le dossier reçu, faire des investigations complémentaires. |
| Muri urwo rubanza rw'ubujurire, hatumizwamo uwajuriye, ubushinjacyaha n'abatangabuhamya iyo bakenewe. Urwo rubanza rucibwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe iburanisha ryarwo ryarangiriye kandi ntirushobora kongera kujuririrwa. | The appellant, the National Public Prosecution Authority and, if necessary, witnesses are invited to the hearing in the appellate court. The appeal judgement is rendered within fifteen (15) days from the closing of the hearing and cannot be open to another appeal. | L'appelant, l'Organe National de Poursuite Judiciaire et si nécessaire les témoins sont invités à l'audience. Le jugement d'appel est rendu dans quinze (15) jours à partir de la clôture des débats et ne peut pas être frappé d'appel une nouvelle fois. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA II:</u> INGOBOKA ZIVUKA MU IBURANISHA RY'URUBANZA** | **<u>CHAPTER II:</u> INCIDENTS ARISING DURING THE HEARING** | **<u>CHAPITRE II:</u> INCIDENTS DE L'INSTRUCTION D'AUDIENCE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingingo rusange** | **<u>Section One:</u> General provisions** | **<u>Section première:</u> Dispositions générales** |
| **<u>Ingingo ya 83:</u> Igisobanuro cy'ingoboka** | **<u>Article 81:</u> Definition of incident** | **<u>Article 81:</u> Définition de l'incident** |
| Muri iri tegeko, ijambo ingoboka risobanura impamvu izo arizo zose zivuka mu iburanisha ry'urubanza zigahagarika imigendekere y'urubanza cyangwa zigahindura imiterere y'ikirego. | As used in this Law, the term "incident" means any issues which arise in the hearing that lead to the suspension of the proceedings or to changes in the nature of the claim. | Au sens de la présente loi, le terme incident signifie toute question soulevée ou tout événement survenu au cours d'une instance déjà ouverte et qui a pour effet, soit de suspendre ou d'arrêter la marche de l'instance, soit de modifier la nature de la demande. |
| Ingoboka zivugwa muri uyu mutwe ni inzitizi n'impamvu zituma ikirego kitakirwa. | The incidents provided under this Chapter are objections and pleas of inadmissibility of a claim. | Les incidents prévus dans le présent chapitre sont les exceptions et les fins de non-recevoir. |
| Muri iri tegeko, inzitizi ni impamvu umuburanyi atanga, atagamije kunenga urubanza mu mizi yarwo, ahubwo agamije gusaba gusubikisha iburanisha mu mizi ryarwo. | As used in this Law, the term "objection" is a means by which a party, without challenging the merits of the case, applies for the adjournment of the hearing of the case on the merits. | Dans la présente loi, une exception est un moyen par lequel une partie, sans s'attaquer au fond du droit, demande l'ajournement de la discussion sur le fond de la demande. |
| Impamvu ituma ikirego kitakirwa ni ingingo yose isaba kutakira ikirego cy'umuburanyi, hatinjiwe mu mizi yacyo, kubera ko adafite uburenganzira bwo kurega, nko kuba adafite ububasha n'inyungu zo kurega, ubusaze | The plea of inadmissibility of a claim is any plea seeking to have the other party's claim declared inadmissible without being heard on the merits considering such other party as having no right to act such as lack of standing, | Une fin de non-recevoir est tout moyen qui tend à faire déclarer la partie adverse irrecevable en sa demande, sans examen au fond, pour défaut de droit d'agir, tels que notamment le défaut de qualité, de capacité et |

| | | |
|---|---|---|
| bw'ikirego, kurenza igihe cyo kurega, urubanza rwabaye itegeko cyangwa kudatanga amagarama, harabayeho amasezerano yo kwikiranura cyangwa iyo hari imihango itarubahirijwe iteganywa n'itegeko. | capacity and interest to sue, prescription of the claim, expiry of the prescribed period for filing a claim, the effect of res judicata or failure to pay court fee deposits, case of amicable settlement agreement or that of formalities provided for by law which have not been complied with. | d'intérêt d`agir, la prescription de l'action, la forclusion des délais, la chose jugée ou le défaut de consignation préalable des frais de justice, cas d'accord sur règlement à l'amiable du litige ou de formalités prévues par la loi non respectée. |
| **<u>Ingingo ya 84:</u> Igihe cyo kubyutsa ingoboka ivutse mu rubanza** | **<u>Article 84:</u> Time to raise an incident arising during the hearing** | **<u>Article 84:</u> Moment de soulever un incident** |
| Umuburanyi agomba kugaragaza mu myanzuro cyangwa mu nama nteguraruba nza inzitizi cyangwa impamvu ituma ikirego kitakirwa, haseguriwe ibiteganywa n'amategeko ndemyagihugu. | A party must raise an objection or plea of inadmissibility of a claim in the submissions or in the pretrial conference subject to the provisions of public order laws. | Une partie est tenue de soulever une exception ou une fin de non-recevoir dans ses conclusions ou au cours de la réunion de mise en état de l'affaire, sous réserve des dispositions de lois d'ordre public. |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Inzitizi mu rubanza** | **<u>Section 2:</u> Objections** | **<u>Section 2:</u> Exceptions** |
| **<u>Akiciro ka mbere:</u> Inzitizi yerekeye ubutumwa bwo kuburanira abandi mu nkiko** | **<u>Subsection One:</u> Objection regarding mandate for legal representation** | **<u>Sous-section première:</u> Exception relative au mandat de représentation en justice** |
| **<u>Ingingo ya 85:</u> Guhagararirwa cyangwa kunganirwa mu nkiko** | **<u>Article 85:</u> Legal representation or assistance in court** | **<u>Article 85:</u> Représentation en justice** |
| Umuburanyi afite uburenganzira bwo kwiburanira, guhagararirwa cyangwa kunganirwa na avoka mu nkiko. | A party has the right to plead for him/herself, to be represented or assisted by a counsel in court. | Une partie a droit de plaider elle -mêmes, être représentée ou assistée en justice par un avocat. |
| Umuburanyi ashobora kandi guhagararirwa n'uwo yabihereye ububasha, amaze | A party may also be represented by a duly autorized person, after proving his/ her family | Une partie peut aussi être représentée par une personne régulièrement mandatée, après avoir |

| | | |
|---|---|---|
| kugaragaza ko bafitanye isano ya hafi, nibura kugeza ku gisanira cya kane. | relationship of at least up to the fourth degree with such a person. | prouvé leur relation familiale au moins jusqu'au quatrième degré. |
| Ibigo cyangwa amashyirahamwe bifite ubuzima gatozi, bishobora guhagararirwa n'abemerewe kubihagararira mu mategeko cyangwa abo byabihereye ububasha bwanditse. | Entities or associations with legal personality may be represented by their legal representatives or other persons they have mandated in writing. | Les personnes morales sont représentées par leurs représentants légaux ou par d'autres personnes mandatées par elles et par écrit. |
| Abana batarageza ku myaka y'ubukure n'abadafite ububasha bwo kwirengera bahagararirwa n'ababahagarariye mu mategeko. | Children who have not yet reached the age of majority and persons declared incapacitated are represented by their legally recognized representatives. | Les enfants qui n'ont pas encore atteint l'âge de majorité et les personnes déclarées incapables sont représentés par leurs représentants légaux. |
| Icyakora, mu Rukiko rw'Ikirenga no mu Rukiko rw'Ubujurire nta muburanyi wemerewe kwiburanira atunganiwe na avoka. | However, no party can appear before the Supreme Court and the Court of Appeal without the assistance of a counsel. | Cependant, dans la Cour Suprême et la Cour d'Appel, aucune partie n'est autorisée de plaider sans assistance d'un avocat. |
| Iyo umwe mu bashakanye aburana umutungo w'umuryango, aba ahagarariye uwo muryango muri byose, keretse iyo mu bo baburana harimo abawugize. | One of the spouses pleading with respect to family property represents the entire family in all affairs except in cases where a member of the family is among the opposing parties. | Lorsqu'un des conjoints plaide sur un patrimoine de la famille, il représente cette famille en tous, sauf si un membre de la famille fait partie la partie adverse. |
| **<u>Akiciro ka 2:</u> Inzitizi yerekeye kwambura intumwa urubanza no kuyigarika** | **<u>Subsection 2:</u> Objection regarding revocation and disowning of a representative** | **<u>Sous-section 2:</u> Exception relative à la révocation et au désaveu d'un mandataire** |
| **<u>Ingingo ya 86:</u> Kutarenga imbibi z'ububasha uwunganira undi yahawe** | **<u>Article 86:</u> Counsel's compliance with the limits of the mandate** | **<u>Article 86:</u> Respect des limites du mandat** |
| Abunganira ababuranyi n'ababahagararira ntacyo bashobora gukora ngo cyemerwe iyo | Counsels and representatives of parties cannot validly undertake any act which would exceed | L'avocat et tout autre représentant en justice ne peut, sous peine de désaveu, poser aucun |

| | | |
|---|---|---|
| kirenze ububasha bahawe n'amategeko cyangwa kirenze ubutumwa bwabo. | the limits of their powers as provided for by law or by the terms of their mandate. | acte de procédure qui excéderait les limites de leurs pouvoirs tels que fixés par la loi ou par les termes de leur mandat. |
| **<u>Ingingo ya 87:</u> Kwambura cyangwa guhindura ububasha bwo guhagararirwa mu nkiko** | **<u>Article 87:</u> Revocation or modification of the mandate of representation** | **<u>Article 87:</u> Révocation ou modification du mandat de représentation** |
| Umuntu ufite umuhagarariye mu rubanza ashobora, aho urubanza rwaba rugeze hose ruburanishwa, kwambura cyangwa guhindura ububasha yari yahaye umuhagarariye cyangwa uwo yahaye urubanza, kugira ngo yiburanire ubwe cyangwa ashyireho undi umuburanira. Uwahawe umwunganira, ashobora kumuhindura abyemerewe n'urukiko. | Any person who is represented in a case may, at any stage of the proceedings, revoke or modify the mandate conferred upon his/her representative or counsel in order to plead personally or replace him/her with another counsel. A party having been provided with a counsel can change the counsel after authorization from court. | Une personne représentée peut, en tout état de procédure, révoquer ou modifier le mandat confié à son fondé de pouvoir, à son mandataire ad litem ou à son défenseur légal, pour défendre elle-même ses intérêts ou pourvoir à son remplacement. Une personne pourvue d'un assistant *pro bono* ne peut révoquer ce dernier que sous l'autorisation de la cour. |
| Icyakora, mbere y'uko uwari wahawe ububasha mu buryo bwemewe abwamburwa, ibyo yakoze byose mu rubanza mu buryo bwemewe n'amategeko kandi iyo atarengeje ububasha bigumana agaciro kabyo kandi bishobora kugira ingaruka kuri nyir'urubanza. | However, the procedural acts legally made by a duly mandated representative before the revocation and within the limits of his/her mandate remain valid and may have effects on the concerned party. | Toutefois, les actes de procédure légalement posés avant la révocation par un représentant dûment mandaté et dans les limites de son mandat restent valables et peuvent être invoqués contre la partie concernée. |
| **<u>Ingingo ya 88:</u> Ubushobozi bwo kwigarika intumwa** | **<u>Article 88:</u> Power of disowning a representative** | **<u>Article 88:</u> Possibilité de désavouer un mandataire** |
| Umuntu ufite umuhagararira mu rubanza ashobora kwanga kwemera ibyakozwe n'umuhagarariye cyangwa uwo yahaye urubanza wakoze ibirenze ububasha yahawe, | A person represented in a case may reject the acts of his/her representative or one to whom he/she gave powers of representation in a case | La personne représentée peut désavouer son fondé de pouvoir ou son mandataire qui a outrepassé son mandat ou agi par dol ou qui a compromis ses intérêts. |

| | | |
|---|---|---|
| wagize uburiganya cyangwa wabangamiye inyungu ze. | who exceeded his/her mandate, acted fraudulently or prejudiced his/her interests. | |
| **<u>Ingingo ya 89:</u> Uburyo kwigarika bikorwamo** | **<u>Article 89:</u> Disowning procedure** | **<u>Article 89:</u> Procédure du désaveu** |
| Umuburanyi ashobora kwigarika umuhagarariye mu iburanisha, mbere yaryo cyangwa nyuma yaryo, abikoze mu nyandiko mu gihe cyose urubanza rutarasomwa, kandi akabikorera mu rukiko rurimo kuburanisha urwo rubanza. | A party may, in writing, disown his/ her legal representative during, before or after the hearing and before the pronouncement of the judgement at any time in the court which is hearing the case. | Une partie peut désavouer son mandataire dans l'audience, avant ou après sous forme d'un écrit dans la juridiction devant laquelle l'affaire est pendante aussi longtemps que le jugement n'est pas encore prononcé. |
| Iyo umuburanyi yigaritse umuhagarariye mu iburanisha umucamanza: | In case a party disowns his/ her representative during the hearing, the judge: | Lorsqu'une partie désavoue son mandataire dans l'audience, le juge: |
| 1° ahagarika iburanisha ry'urubanza rw'ibanze, umwanditsi akabikorera inyandiko mvugo yihariye; | 1° suspends the main hearing and the court registrar takes special minutes thereof; | 1° arrête de statuer sur l'instance principale et le greffier en dresse un procès-verbal spécial; |
| 2° agena umunsi w'iburanisha ry'urubanza rw'ubwigarike. | 2° fixes the date for the hearing of disowning case. | 2° fixe le jour de l'audience de la demande en désaveu. |
| Iyo umuburanyi yigaritse umuhagarariye mbere y'iburanisha cyangwa nyuma yaryo, abikora mu nyandiko, bigashyirwa muri dosiye, hifashishijwe ikoranabuhanga, ariko urubanza rutarasomwa. | If a party disowns his/her representative before or after the hearing, he/she does so through a written document which is put in the file by means of the electronic system, but before the pronouncement of the judgement. | Lorsqu'une partie désavoue son mandataire avant ou après l'audience, elle le fait au moyen d'un écrit qui est versé dans le dossier à l'aide du système électronique mais avant le prononcé du jugement. |
| Iyo umuburanyi yigaritse umuhagarariye mbere y'iburanisha mu mizi, umucamanza agena umunsi n'isaha by'iburanisha | If a party disowns his/her representative before the hearing on the merits, the judge fixes the date and time of the hearing of the disowning | Lorsqu'une partie désavoue son mandataire avant le jugement au fond, le juge fixe le jour et l'heure de l'audience sur la demande de |

| | | |
|---|---|---|
| ry'urubanza rw'ubwigarike, akabifataho icyemezo mbere y'urubanza rw'iremezo. Icyo gihe urubanza rw'iremezo ruhabwa indi gahunda y'iburanisha, bikamenyeshwa ababuranyi. | case, and takes a decision before the main hearing. In that case, the main hearing is rescheduled with parties being notified accordingly. | désaveu et en prend décision avant l'instance principale. Dans ce cas, l'instance principale est dotée d'un autre calendrier d'audience qui est notifié aux parties. |
| Iyo ubwigarike bukozwe nyuma y'iburanisha ariko urubanza rutarasomwa, umucamanza ahagarika ibijyanye n'imikirize y'urubanza rw'iremezo, agahamagaza ababuranyi bose mu iburanisha ry'urubanza rw'ubwigarike, akabanza kurufataho icyemezo, hanyuma agasubukura iburanisha ry'urubanza rw'iremezo kugirango aruhe icyerekezo. | If the disowning occurs after the hearing but before the pronouncement of the judgement, the judge suspends the proceedings and judgements relating to the main hearing and orders all parties to appear for the hearing of the case related to disowning, first decides on the disowning and then re-open the main hearing in order to provide direction for it. | Lorsque le désaveu est fait après l'audience mais avant le prononcé du jugement, le juge arrête les procédures et jugements relatifs à l'instance principale, invite toutes les parties dans l'audience sur le désaveu, décide sur le désaveu d'abord et procède par la réouverture de l'instance principale pour en donner une orientation. |
| **<u>Ingingo ya 90:</u> Kwemeza ko ubwigarike bufite cyangwa budafite ishingiro** | **<u>Article 90:</u> Approval or rejection of disowning** | **<u>Article 90:</u> Valider ou rejeter un désaveu** |
| Iyo byemejwe ko ubwigarike bufite ishingiro, urubanza cyangwa ingingo zarwo zatumye ubwo bwigarike bubaho biraseswa. | If the disowning is declared valid, the judgement or those provisions of the judgement having given rise to the disowning are quashed. | Si le désaveu est déclaré valable, le jugement ou les dispositions du jugement relatives aux chefs qui ont donné lieu au désaveu sont annulés. |
| Uwigaritswe ashobora gucibwa indishyi z'akababaro zigahabwa uwamwigaritse n'abandi baburanyi yarenganyije. | The disowned person may be ordered to pay damages to the claimant and other prejudiced parties. | Le désavoué peut être condamné aux dommages-intérêts envers le demandeur et les autres parties préjudiciées. |
| Iyo ubwigarike butemewe, imikirize y'urubanza rubuhakana igaragazwa mu rubanza rw'iremezo, kandi uwaburegeye agashobora gucibwa indishyi z'akababaro | If the disowning is rejected, mention of the judgement rejecting it is made in the main case and the claimant may be ordered to pay fair damages to the disowned person and other prejudiced parties. | Si le désaveu est rejeté, il est fait mention du jugement de rejet dans le jugement de l'affaire principale et le demandeur peut être condamné, envers le désavoué et les autres parties lésées, à des dommages-intérêts. |

| | | |
|---|---|---|
| zikwiye zo guha uwo yigaritse n'abandi baburanyi yarenganyije. | | |
| **<u>Akiciro ka 3:</u> Inzitizi yerekeye ingwate itangwa n'abanyamahanga** | **<u>Subsection 3:</u> Objection regarding security furnished by foreigners** | **<u>Sous-section 3:</u> Exception de caution à fournir par les étrangers** |
| **<u>Ingingo ya 91:</u> Ingwate itangwa n'abanyamahanga** | **<u>Article 91:</u> Furnishing of security by foreigners** | **<u>Article 91:</u> Caution à fournir par les étrangers** |
| Usibye igihe baregera ibyabo bavukijwe kandi babifitiye ibimenyetso, umunyamahanga wese uretse uwo mu bihugu by'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, ureze bwa mbere cyangwa ugobotse mu rubanza, bisabwe n'uregwa, mbere y'iyindi nzitizi mu rubanza, agomba gutanga amafaranga y'ingwate ashobora kuvamo amagarama n'indishyi z'akababaro ashobora gucibwa, uretse igihe haba hariho amasezerano ibihugu by'amahanga byaba byaragiranye n'u Rwanda asonera abaturage babyo ingwate. | With the exception of cases where they file a claim with respect to their property they have been deprived of, and after providing sufficient evidence thereof, foreign nationals other than those from the East African Community, whether acting as original claimants or intervening in the case upon application by the claimant, before any other objections raised in the case, must deposit an amount of security which is enough to satisfy the costs and damages that might arise from the case, unless there are agreements entered into between foreign States and Rwanda which exempt their nationals from depositing such security. | Sauf lorsqu'ils sont demandeurs en restitution de leur dû avec preuves suffisantes, tous les étrangers, à l'exception des ressortissants des pays de la Communauté de l'Afrique de l'Est, demandeurs principaux ou intervenants, sont tenus, si le défendeur le requiert avant toute autre exception, de fournir au préalable une certaine caution devant servir de payement des frais et dommages-intérêts résultant du procès, auxquels ils peuvent être condamnés sous réserve des conventions par lesquelles des Etats auraient stipulé pour leurs ressortissants la dispense de la caution judicatum solvi. |
| Uregwa ashobora gusaba kandi ko ingwate itangwa bwa mbere mu rwego rw'ubujurire. | The respondent may also request that the security be furnished for the first time on appeal. | Le défendeur peut requérir que la caution soit fournie, même pour la première fois en appel. |
| Umunyamahanga uregwa asonerwa gutanga ingwate mu mafaranga, iyo yatanze ingwate | A foreign respondent in a case is exempted from furnishing monetary security if he/she has given his/her immovable property located | Un étranger qui défendeur est dispensé de fournir la caution demandée s'il justifie que |

| | | |
|---|---|---|
| y'umutungo utimukanwa afite mu Rwanda ushobora kuvamo ingwate isabwa. | in Rwanda as security in case such property is sufficient to cover the required security. | ses immeubles situés au Rwanda sont suffisants pour la couvrir. |
| **<u>Ingingo ya 92:</u> Kubyutsa inzitizi y'itangwa ry'ingwate ku banyamahanga** | **<u>Article 92:</u> Raising objection regarding the furnishing of security by foreigners** | **<u>Article 92:</u> Soulèvement de l'exception de caution à fournir par les étrangers** |
| Umuburanyi wifuza kubyutsa inzitizi irebana n'ingwate itangwa n'abanyamahanga abikora mu myanzuro yo kwiregura. Umwanditsi uyoboye inama ntegurarubanza abaza ababuranyi icyo bayivugaho, akabifataho icyemezo. | A party seeking to raise an objection relating to the furnishing of security by foreigners does it in his/her defense submissions. The court registrar presiding over the pretrial conference asks parties to provide observations on the objection and decides thereon. | Une partie qui désire soulever l'exception de caution à fournir par les étrangers, le fait dans ses conclusions de défense. Le greffier qui préside la réunion de mise en état de l'affaire demande aux parties leurs observations sur cette exception et en prend une décision. |
| Icyemezo gitegetse ko ingwate itangwa kigaragaza uburyo itangwamo n' agaciro kayo. | The decision ordering the payment of security determines modalities for payment and amount thereof. | La décision qui ordonne la caution en fixe la forme et le montant jusqu'à concurrence duquel elle est fournie. |
| Umuburanyi utishimiye icyemezo cy'umwanditsi ku ngwate itangwa n'abanyamahanga ashobora kukijuririra mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) kwa perezida w'urukiko, akagifataho icyemezo mu rwego rw'ubuyobozi. Ubwo bujurire butuma inama ntegurarubanza iba isubitswe kugeza igihe icyemezo gifatiwe. | A party dissatisfied with the decision of the court registrar on the security to be furnished by foreigners, may appeal to the president of the court within forty-eight (48) hours and the president take an administrative decision on the appeal. Such an appeal entails suspension of the pretrial conference until the decision is taken. | Une partie qui n'est pas satisfaite de la décision du greffier concernant la caution à fournir par les étrangers, peut interjeter appel au Président de la juridiction dans quarante-huit (48) heures, et le Président doit prendre une décision administrative à l'appel. Cet appel suspend l'audience préliminaire jusqu'à la prise de la décision. |
| Icyemezo kuri ubwo bujurire gifatwa mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48). Icyo cyemezo gishyirwa muri dosiye kikamenyeshwa ababuranyi bose. | The decision on such appeal is taken within forty-eight (48) hours. Such decision is put into the file and communicated to all parties. | La décision sur cet appel est prise dans quarante-huit (48) heures. Cette décision est versée dans le dossier et communiquée à toutes les parties. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo hemejwe ko ingwate itangwa, inama ntegurarubanza irasubikwa kugeza itanzwe. Iyo hemejwe ko ntayigomba gutangwa, inama ntegurarubanza irakomeza. | If the furnishing of security is decided, the preliminary hearing is suspended until payment. If it is decided that no security has to be furnished, the preliminary hearing continues. | Lorsqu'il est décidé que la caution doit être fourni, l'audience préliminaire est suspendu jusqu'au payement. Lorsqu'il est décidé que la caution ne doit pas être fournie, l'audience préliminaire continue. |
| **<u>Akiciro ka 4:</u> Inzitizi y'iburabubasha, iy'uburegeke n'iy'isobekerana ry'imanza** | **<u>Subsection 4:</u> Objection regarding the lack of jurisdiction, lis pendens and connexity of cases** | **<u>Sous-section 4:</u> Exception d'incompétence, de litispendance, de connexité et dilatoire** |
| **<u>Ingingo ya 93:</u> Inzitizi y'iburabubasha** | **<u>Article 93:</u> Objection regarding the lack of jurisdiction** | **<u>Article 93:</u> Exception d'incompétence** |
| Umuburanyi ubyukije inzitizi y'iburabubasha agomba kuyisobanura no kugaragaza urukiko avuga ko rufite ububasha bwo kumuburanisha. Urukiko rugafata icyemezo kubijyanye n'Ububasha bwarwo. Icyemezo gifatwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15). | Any party raising an objection regarding the lack of jurisdiction justifies the objection and specifies the court he/she considers to be competent to hear the case. The court decides on its jurisdiction. The order is rendered within fifteen (15) days. | La partie qui soulève l'exception d'incompétence doit la justifier et indiquer la juridiction devant laquelle elle demande que l'affaire soit renvoyée. La juridiction prend une décision sur la sa compétence. La décision est prise endéans quinze (15) jours. |
| **<u>Ingingo ya 94:</u> Kujuririra icyemezo ku nzitizi y'iburabubasha** | **<u>Article 94:</u> Appeal against a decision on objection regarding the lack of jurisdiction** | **<u>Article 94:</u> Appel contre la décision sur l'exception d'incompétence** |
| Iyo umwe mu baburanyi atishimiye icyemezo ku nzitizi y'iburabubasha cyemeza ko urukiko rudafite ububasha, agomba kukijuririra mu gihe cy'iminsi itanu (5). Urukiko rufata icyemezo kuri ubwo bujurire mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi bwakoreweho. | A party dissatisfied with the court's decision on the objection regarding the lack of jurisdiction must appeal against the decision within five (5) days. The appellate court decides on the appeal within fifteen (15) days from the filing of the appeal. | Si l'une des parties n'est pas satisfaite de la décision sur l'exception d'incompétence affirmant que la juridiction n'est pas compétente elle doit interjeter l'appel endéans cinq (5) jours. La juridiction d'appel statue dans un délai de quinze (15) jours à compter de la saisine. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo urukiko rwemeje ko rufite ububasha, umuburanyi utishimiye icyo cyemezo akijuririra hamwe n'urubanza rw'iremezo. | If the court holds that it has jurisdiction, the dissatisfied party appeals against it together with the case on the merits. | Si la juridiction se déclare compétente, la partie qui n'est pas satisfaite de cette décision interjette appel avec le jugement au fond. |
| Iyo rusanze urukiko rubanza rwarafashe icyemezo kivuga ko nta bubasha rufite, nyamara rwari rubufite, urukiko rwajuririwe rurusubiza urukiko rwari rwaruciye ku rwego rwa mbere kugira ngo ruruburanishe mu mizi, nta yindi ngwate y'amagarama itanzwe. | If the appellate court concludes that the trial court ruled that it has no jurisdiction while it was competent, the appellate court resends the file to the court having heard the case in the first instance for hearing the case on the merits without paying other court fees. | Si elle conclut que la juridiction au premier degré a décidé qu'elle n'est pas compétente, alors qu'elle était compétente, la juridiction d'appel renvoie le dossier à la juridiction de premier degré pour être jugé au fond sans payement d'autres frais de consignation. |
| Urukiko rwohererejwe urwo rubanza ntirushobora kwanga kuruburanisha rwitwaje ko rwafashe icyemezo kuri iryo bura bubasha. | The court to which the case is transferred cannot refuse to hear the case under pretext that it has decided on its lack of jurisdiction. | La juridiction à qui le renvoi du dossier a été fait ne peut refuser de statuer sur l'affaire sous prétexte qu'elle a rendu une décision sur cette incompétence. |
| Iyo Urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwararegewe mu rwego rwa mbere mu buryo budakurikije amategeko, nyamara urukiko rukaba rwarafashe icyemezo cyo kurwakira kandi rutaragombaga kurwakira, urukiko rwajuririrwe rwakira icyo kirego, rukagaragaza ko urwo rubanza rwajuririwe rwari rwararegewe urukiko rwa mbere mu buryo bunyuranyije n'amategeko, rugatesha agaciro ibyemezo byose byashingiye kuri iryo kosa; ubifitemo inyungu akaba yakongera agatanga ikirego bundi bushya. | If the appellate court finds that the case was filed with the trial court contrary to law, but the court has admitted the case while it should not, the appellate court admits such a case and rules that the case was filed with the first court in a manner contrary to law and invalidates all decisions taken on the basis of that mistake and any interested party may file the case afresh. | Si la juridiction conclut que le demande a été introduit à la juridiction au premier degré contrairement aux dispositions de loi, mais que la juridiction a décidé de recevoir la demande au lieu de la rejeter, la juridiction d'appel reçoit cette demande, juge que la demande avait été introduite dans la première juridiction contrairement à la loi, et invalide toutes décisions prises sur base de cette erreur; la partie intéressée peut réintroduire l'instance de nouveau. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 95:</u> Inzitizi y'uburegeke n'iy'isobekerana ry'imanza** | **<u>Article 95:</u> Objection of lis pendens and connexity of cases** | **<u>Article 95:</u> Exception de litispendance et de connexité** |
| Umuburanyi wifuza kubyutsa inzitizi y'uburegeke n'iy'isobekerana ry'imanza, abikora mu myanzuro yo kwiregura. | A party seeking to raise an objection relating to lis pendens and connexity of cases does it in his/her defense submissions. | Une partie qui désire soulever l'exception de litispendance et de connexité le fait dans ses conclusions de défense. |
| Umwanditsi uyoboye inama ntegurarubanza abaza ababuranyi icyo bayivugaho, akabifataho icyemezo. Umuburanyi utacyishimiye ashobora gutakamba ako kanya kwa perezida w'urukiko, agafata icyemezo mu rwego rw'ubuyobozi. | The court registrar presiding over the pretrial conference asks parties to provide observations on the objection and takes a decision. A party dissatisfied with the decision of the court registrar may immediately appeal to the president of the court and the president takes an administrative decision. | Le greffier qui préside l'audience préliminaire demande aux parties leurs opinions sur cette exception and en prend une décision. Une partie qui n'est pas satisfaite de la décision du greffier, peut interjeter appel au Président de la juridiction, et le Président rend une décision administrative à l'appel. |
| Icyemezo kuri uko gutakamba gifatwa mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48), kandi nticyongera kujuririrwa. Icyo cyemezo gishyirwa muri dosiye kikamenyeshwa ababuranyi bose. | The decision on such appeal is taken within forty-eight (48) hours, and is not open to another appeal. The decision is put into the case file and communicated to all parties. | La décision sur cet appel est prise dans quarante-huit (48) heures et ne peut pas être frappée d'appel une nouvelle fois. Cette décision est glissée dans le dossier et communiquée à toutes les parties. |
| Iyo izo nzitizi zihawe agaciro hakemezwa ko hari ibirego bibiri (2) ku kiburanwa kimwe mu nkiko zitandukanye cyangwa ko hariho imanza zifitanye isano hagati yazo imbere y'inkiko zitandukanye, icyemezo gifashwe kigaragaza urukiko rugomba kuziburanisha. | If such objections are admitted and it is concluded that there are two claims concerning the same subject-matter which are pending before different courts, or that there are related claims which are pending before different courts, the decision taken indicates the competent court to hear those cases. | Lorsque ces exceptions sont admises et qu'il est conclu qu'il existe devant différentes juridictions deux demandes ayant le même objet, ou que la contestation est connexe à une cause déjà pendante devant des juridictions différentes, la décision prise indique la juridiction compétente à statuer sur ces demandes. |
| Muri icyo gihe, izo manza zihabwa urukiko rugomba kuziburanisha nta rindi garama | In that case, the cases are forwarded to the court which must decide them without | Dans ces cas, ces demandes sont envoyées devant la juridiction qui doit statuer sans pour |

| | | |
|---|---|---|
| ritanzwe, byaba ngombwa ababuranyi bakuzuza imyanzuro yabo, mbere yo kongera guhamagarwa mu nama ntegurarubanza. | payment of any other court fees and, where necessary, parties complement their submissions before being invited to the pretrial conference. | autant payer d'autres frais de consignation, et le cas échéant, les parties apportent des compléments à leurs conclusions avant d'être invitées à l'audience préliminaire. |
| Iyo hemejwe ko izo nzitizi zidahawe agaciro, inama ntegurarubanza irasubukurwa. | If it is ruled that the objections are not admitted, the pretrial conference resumes. | Lorsque ces exceptions ne sont pas admises, l'audience préliminaire continue. |
| **Akiciro ka 5: Inzitizi zitesha agaciro inyandiko** | **Subsection 5: Objections of nullity** | **Sous-section 5: Exception de nullité** |
| **Ingingo ya 96: Igihe inyandiko ishobora guta agaciro kubera inenge y'imyandikire** | **Article 96: Circumstances under which an act becomes void on grounds of defects in form** | **Article 96: Cas dans lesquels un acte de procédure peut être déclaré nul pour vice de forme** |
| Inyandiko ntishobora gufatwa nk'aho nta gaciro ifite kubera inenge y'imyandikire keretse mu bihe bikurikira: | No procedural act is declared null and void on grounds of a defect in form except in the following circumstances: | Un acte de procédure ne peut être déclaré nul pour vice de forme, sauf dans les cas ci- après: |
| 1° iyo biteganyijwe n'itegeko ku buryo budashidikanywa; | 1° if the voidance is explicitly provided for by law; | 1° si la nullité est expressément prévue par la loi; |
| 2° iyo hari umuhango simusiga cyangwa w'indemyagihugu utubahirijwe; | 2° in case of non-compliance with any substantial formality or public order; | 2° en cas d'inobservation d`une formalité substantielle ou d`ordre public; |
| 3° iyo umuburanyi ubisaba agaragaje icyo bimwangiriza. | 3° if the party requesting for it indicates the loss he/ she may suffer. | 3° si la partie qui l'invoque prouve le grief qui en résulte. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 97:</u> Gukosora inenge y'imyandikire** | **<u>Article 97:</u> Correction of a defect in form** | **<u>Article 97:</u> Régularisation ultérieure de l'acte de procédure pour vice de forme** |
| Ukutagira agaciro kw'inyandiko y'urukiko kubera inenge y'imyandikire bikurwaho no kubikosora nyuma iyo hari icyo bikimaze kandi kubikosora bikaba ntacyo byangije. | Procedural acts nullified on grounds of a defect in form regains validity by subsequent correction if the latter occurs within the prescribed period and leaves no room for objection. | La nullité des actes de procédure pour vice de forme est couverte par la régularisation ultérieure de l`acte si aucune forclusion n`est intervenue et si la régularisation ne laisse subsister aucun grief. |
| **<u>Ingingo ya 98:</u> Igihe inenge y'imyandikire ishobora kubyutswa** | **<u>Article 98:</u> Time for raising an objection related to defects in form** | **<u>Article 98:</u> Moment où la nullité d'un acte de procédure pour vice de forme peut être invoquée** |
| Ukutagira agaciro kw'inyandiko y'urukiko kubera inenge y'imyandikire bishobora kubyutswa igihe cyose inkurikizi z'iyo nyandiko zikiriho. Bikurwaho iyo ubibyutsa nyuma y'aho yireguye mu rubanza nyirabayazana cyangwa akabyutsa inzitizi ituma ikirego kitakirwa ntacyo avuze ku iburagaciro ry'inyandiko. | The nullity of procedural acts on grounds of a defect in form may be raised at any time as long as the effects of such acts still exist. Such nullity is cured if, after the act challenged, a person who invokes it asserts his/her defence as to the merits or dismisses the claim without raising the nullity. | La nullité des actes de procédure peut être invoquée à tout moment lorsque les effets de ces actes subsistent. Elle est couverte si celui qui l'invoque a, postérieurement à l`acte critiqué, fait valoir des défenses au fond ou oppose une fin de non-recevoir sans soulever la nullité. |
| **<u>Ingingo ya 99:</u> Inenge iri mu nyandiko y'urukiko yatewe n'uyikemanga** | **<u>Article 99:</u> Objection to the validity of a procedural act based on the party's fault** | **<u>Article 99:</u> Nullité d'un acte de procédure tirée de la faute de celui qui soulève l'exception** |
| Ntawe ushobora gusaba gutesha agaciro inyandiko y'urukiko kubera inenge ifite ubwe yateje. | No person may invoke the nullity of a procedural act due to his/her own fault. | Nul ne peut invoquer la nullité d'un acte de procédure tirée de sa propre faute. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 100:</u> Inenge iri mu masezerano yarangije kubahirizwa** | **<u>Article 100:</u> Defect in an executed convention** | **<u>Article 100:</u> Nullité d'une convention déjà exécutée** |
| Ntawe ushobora gusaba gutesha agaciro amasezerano kubera inenge afite kandi yarayirenzeho akayubahiriza. | No person can apply for the nullification of a convention on grounds of a defect therein if he/she executed the convention while being aware of the defect. | Aucune nullité ne peut être opposée par celui qui a exécuté de sa part la convention sachant qu'elle est entachée de vice. |
| **<u>Ingingo ya 101:</u> Igihe inenge y'iremezo y'inyandiko ishobora kubyutswa** | **<u>Article 101:</u> Time for raising a defect in the substance of a procedural act** | **<u>Article 101:</u> Moment où la nullité pour vice de fond d'un acte de procédure peut être invoquée** |
| Inzitizi zishingiye ku nenge z'iremezo zerekeye inyandiko zo mu rukiko zishobora kubyutswa aho urubanza rwaba rugeze hose, bitabujije urukiko kuba rwaca ihazabu mbonezamubano ku mpamvu zo gutinza urubanza n'indishyi z'akababaro mu gihe zasabwe. | Objections based on the non-observance of the substantive rules relating to pleadings may be raised at any stage of the proceedings, without prejudice to a civil fine the court may impose for delaying tactics and to damages awarded upon application. | Les exceptions de nullité fondées sur l'inobservation des règles de fond relatives aux actes de procédure peuvent être soulevées en tout état de cause, sans préjudice à l'amende civile qui peut être condamnée par le juge pour moyens dilatoires et dommages-intérêts requis. |
| Zigomba kubyutswa n'urukiko rubyibwirije iyo ari iz'indemyagihugu. | The court must raise sua ponte such objections where they are of public order in nature. | Elles doivent être soulevées d'office par la juridiction lorsqu'elles ont un caractère d'ordre public. |
| **<u>Ingingo ya 102:</u> Kwakira inzitizi zishingiye ku nenge y'iremezo** | **<u>Article 102:</u> Admissibility of objections based on a substantive defect** | **<u>Article 102:</u> Recevabilité de l'exception de nullité pour vice de fond** |
| Inzitizi zishingiye ku nenge z'iremezo zerekeye inyandiko zo mu rukiko zishobora kwakirwa uzibyutsa atiriwe asobanura icyo zimwangiriza n'iyo kutagira agaciro bitaba | Objections based on the non-observance of substantive rules relating to pleadings may be admissible without the party raising them having to prove damage caused to him/her | Les exceptions de nullité fondées sur l'inobservation des règles de fond relatives aux actes de procédure doivent être recevables sans que celui qui les invoque ait à justifier d'un grief et alors même que la nullité ne |

| | | |
|---|---|---|
| biteganywa n'amategeko ku buryo budashidikanywa. | even where the nullity does not result from any express legal provision. | résulterait d'aucune disposition légale expresse. |
| **<u>Akiciro ka 6:</u> Inzitizi ijyanye no kwihana abacamanza** | **<u>Subsection 6:</u> Objection based on the disqualification of judges** | **<u>Sous-section 6:</u> Exception relative à la récusation des juges** |
| **<u>Ingingo ya 103:</u> Impamvu zo kwihana umucamanza** | **<u>Article 103:</u> Reasons to disqualify a judge** | **<u>Article 103:</u> Motifs de récusation du juge** |
| Umucamanza bashobora kumwihana iyo: | Any judge may be disqualified if: | Un juge peut être récusé si: |
| 1° ubwe cyangwa uwo bashakanye n'abana babo, bafite inyungu bwite mu rubanza; | 1° the judge, his/her spouse and their children have a personal interest in the case; | 1° lui-même, son conjoint ou leurs enfants ont un intérêt personnel dans l'affaire; |
| 2° ubwe, cyangwa uwo bashakanye afitanye isano y'amaraso cyangwa yo gushyingiranwa ku buryo butaziguye cyangwa afitanye isano ku buryo buziguye kugeza ku gisanira cya kane n'umwe mu bagize inteko y'urukiko, n'umwe mu baburanyi, n'umwunganira cyangwa umuhagarariye; | 2° the judge or his/her spouse has a direct kinship or marriage relationship or a direct relationship up to fourth degree of the collateral line with one of the members of the bench, one of the parties, his/her counsel or representative; | 2° lui-même ou son conjoint est lié à l'un des membres du siège, de l'une des parties, de son conseil ou de son mandataire par un lien de mariage ou de parente en ligne directe ou en ligne collatérale jusqu'au quatrième degré, |
| 3° umwe mu baburanyi agaragaje ishingiro ry'urwango afitanye n'umucamanza; | 3° one of the parties demonstrates the existence of enmity between him/her and the judge; | 3° il existe une inimitié entre le juge et l'une des parties; |
| 4° umwe mu baburanyi agaragaje ko umucamanza afitanye ubucuti bwihariye n'undi mu baburanyi | 4° one of the parties proves particular friendship between the judge and the other party or if, since the | 4° le juge a manifesté son amitié à l'égard de l'une des parties, ou si, depuis le commencement du procès il a été reçu |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa kuva aho urubanza rutangiriye, yarigeze kwakirwa mu buryo bwihariye n'umwe mu baburanyi ku mafaranga ye, cyangwa yaremeye impano ahawe n'umuburanyi; | commencement of the case, the judge has been entertained at one of the parties's own costs or has ever accepted a gift from the party; | par l'une des parties, aux frais de celle-ci, ou agréé d'elle des cadeaux; |
| 5° yigeze kugira icyo avuga cyangwa agatanga inama kuri urwo rubanza mbere y'uko ruburanishwa; | 5° the judge has already given an opinion or advice on the case before the hearing of the case; | 5° il a déjà donné un avis ou un conseil à propos du différend; |
| 6° yigeze kuba mu rubanza ari umucamanza, umwunzi, umushinjacyaha, umugenzacyaha, umuburanyi, umutangabuhamya, , umusemuzi, inzobere cyangwa umukozi wo mu butegetsi bwa Leta; | 6° the judge once intervened in the case as a judge, a mediator, a prosecutor, a judicial police officer, a party, a witness, an arbitrator, an interpreter, an expert or as a public servant; | 6° il est déjà intervenu dans l'affaire comme juge, conciliateur, officier de l'Organe National de Poursuite, Officier de Police Judiciaire, partie, mandataire, témoin, arbitre, interprète, expert ou agent de l'administration publique; |
| 7° habayeho urubanza rw'ishinjabyaha cyangwa rw'imbonezamubano, hagati y'umucamanza cyangwa uwo bashakanye, abafitanye n'umucamanza isano ishingiye ku maraso cyangwa ku gushyingirwa ku buryo butaziguye cyangwa ku buryo buziguye kugeza ku gisanira cya kane n'umwe mu baburana, uwo bashakanye cyangwa abo bafitanye isano ishingiye ku maraso cyangwa ku gushyingirwa ku buryo butaziguye | 7° there has been a criminal or civil case between the judge or his/her spouse, direct blood or marital relative or an indirect relative up to the fourth degree of the collateral lineage and one of the parties, his/ her spouse or a person related to him/her on basis of blood or marriage directly or indirectly up to fourth degree of colateral lineage. | 7° il y a eu un jugement répressif ou civil, entre le juge ou son conjoint, ses parents ou alliés en ligne directe ou en ligne collatérale jusqu'au quatrième degré et l'une des parties, son conjoint ou ses parents ou alliés de sang ou par mariage en ligne directe ou en ligne collatérale jusqu'au quatrième degré. |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa ku buryo buziguye kugeza ku gisanira cya kane. | | |
| **<u>Ingingo ya 104:</u> Kwivana mu rubanza ku bushake** | **<u>Article 104:</u> Voluntary withdrawal from a case** | **<u>Article 104:</u> Déport volontaire** |
| Iyo umucamanza asanze hari imwe cyangwa nyinshi mu mpamvu zavuzwe mu ngingo ya 103 y'iri tegeko imureba, yivana mu rubanza abimenyesheje Perezida w'Urukiko mu nyandiko. Izindi mpamvu zitari izo, umucamanza azigena akurikije ubushishozi bwe kandi nazo akazimenyesha perezida w'urukiko mu nyandiko. | In case a judge finds him/her concerned with one or several of circumstances provided for under Article 103 of this Law, he /she withdraws from the case by informing the President of the court in writing. The judge assesses cases other than those at his/her sole discretion informs the president of the court thereof in writing. | Lorsqu'un juge se trouve dans l'un ou plusieurs des cas énumérés à l'article 103 de la présente loi, il peut se déporter volontairement en adressant une lettre au Président de la juridiction. Le juge apprécie discrétionnairement des cas autres que ceux-là et en informe le président de la juridiction par écrit. |
| **<u>Ingingo ya 105:</u> Ububasha bwo gufata ibyemezo by'agateganyo iyo hatanzwe ikirego cy'ubwihane** | **<u>Article 105:</u> Powers to take protective measures in case of disqualification claim** | **<u>Article 105:</u> Pouvoir de prendre des mesures conservatoires en cas de récusation** |
| Iyo ikirego cyo kwihana umucamanza gitanzwe, Perezida w'Urukiko cyangwa undi yabihereye ububasha ashobora gufata ibyemezo abona ko ari ngombwa kugira ngo inyungu z'ababuranyi zitabangamirwa. | If an application for disqualification of a judge is submitted, the president of the court or any other person authorized by the president, may take such measures as he/she considers necessary for the protection of the interests of parties. | Lorsque l'exception de récusation d'un juge est soulevée, le président de la juridiction ou une autre personne autorisée par lui, peut prendre des mesures conservatoires pour la sauvegarde des intérêts des parties. |
| **<u>Ingingo ya 106:</u> Uburyo ubwihane bukorwa** | **<u>Article 106:</u> Procedure for disqualification** | **<u>Article 106:</u> Procédure de récusation** |
| Kwihana umucamanza bikorwa mu nyandiko igihe cyose urubanza rutaracibwa. Uwihannye Umucamanza mu iburanisha agomba kwandikira perezida w'urukiko inyandiko | The disqualification of a judge is done in writing any time before the delivery of the judgement. A party applying for the disqualification of a judge during the hearing | La récusation du juge est faite par écrit dans tous les cas avant le délibéré sur le jugement. Une partie qui récuse un juge doit écrire au président de la juridiction en expliquant les |

| | | |
|---|---|---|
| isobanura impamvu z'ubwihane mu gihe kitarenze umunsi umwe (1) ukurikira uwo iburanisha ryabereyemo ubwihane. Iyo icyo gihe kirenze ataratanga iyo nyandiko, bifatwa nk'aho nta bwihane bwabaye, urubanza rugasubukurwa. | must address a letter to the president of the court explaining the reasons for disqualification no later than one (1) day from the day of the hearing in which the disqualification is raised. If that time elapses without submitting the letter, the disqualification is considered as not having been raised, and the hearing resumes. | raisons de la récusation dans un délai ne dépassant pas un (1) jour à partir du jour de l'audience dans laquelle la récusation est survenue. Si ce temps écoule sans soumettre cet écrit, il est considère qu'aucune récusation n'a intervenue et l'instance est reprise. |
| Iyo umucamanza yihanwe mu iburanisha, umwanditsi yandika ko habaye ubwihane, inteko iburanisha igasubika urubanza nta mpaka. | If a judge is disqualified during the hearing, the court registrar records such disqualification, and the presiding bench automatically adjourns the proceedings. | Lorsqu'un juge est récusé pendant l'audience, le greffier acte cette récusation et le siège ajourne les débats sur l'affaire. |
| Iyo umucamanza yihanwe iburanisha ryarapfundikiwe, inteko iburanisha ihagarika ica ry'urubanza, igategereza icyemezo kuri ubwo bwihane. | If a judge is disqualified after the closing of the hearing, the presiding bench suspends the delivery of judgement pending the decision on disqualification. | Lorsque le juge est récusé après la clôture des débats, le siège ajourne le délibéré du jugement, et attend la décision sur la récusation. |
| Iyo ubwihane bwemewe, umucamanza wihanwe ava mu rubanza agasimbuzwa undi, urubanza rukongera guhamagazwa mbere yo kuruca. | If the disqualification is found admissible, the disqualified judge is replaced and the case is reconvened before it is adjudicated. | Lorsque la récusation est admise, le juge récusé est remplacé, et l'affaire est réappelée avant le délibéré. |
| Iyo ubwihane butemewe kandi iburanisha ryapfundikiwe, inteko iburanisha ikomeza ica ry'urubanza, byaba ngombwa ikimura isomwa ryarwo, bitabaye ngombwa kongera guhamagaza ababuranyi. | If the disqualification is found inadmissible while the hearing has been closed, the presiding bench continues deliberations on the case, and where necessary, postpones the delivery of judgement without resummoning the parties. | Lorsque la récusation n'est pas admise et que les débats sont clôturés, le siège poursuit le délibéré sur l'affaire, et le cas échéant, ajourne le délibéré sans qu'il soit nécessaire de réassigner les parties. |

| | | |
|---|---|---|
| Mu gihe uwihanwe ari perezida w'urukiko, ubwo bwihane abumenyesha Perezida w'Urukiko rumukuriye akaba ari we ubifataho icyemezo. | If the president of the court is the one disqualified, he/she notifies the president of the next upper court of the disqualification for decision. | Lorsque c'est le président de la juridiction qui est récusé, il informe cette récusation au Président de la juridiction hiérarchiquement supérieure qui prend une décision. |
| **<u>Ingingo ya 107:</u> Isuzuma ry'iyakira ry'ubwihane bw'umucamanza** | **<u>Article 107:</u> Examining the admissibility of an application for disqualification of a judge** | **<u>Article 107:</u> Examen de l'admissibilité de la demande en récusation d'un juge** |
| Urukiko umucamanza wihanwe arimo, rusuzuma ako kanya niba ubwo bwihane bushobora kwakirwa. | The court to which the disqualified judge belongs immediately examines the admissibility of the application for such disqualification. | La juridiction à laquelle appartient le juge en cause statue immédiatement sur l'admissibilité de la demande en récusation. |
| Iyo rusanze ubwo bwihane budashobora kwakirwa, urubanza rurakomeza. | If the court finds that such application is inadmissible, the proceedings continue. | Si la demande en récusation est déclarée non admissible, la procédure en cours est poursuivie. |
| Iyo rusanze ubwo bwihane bushobora kwakirwa, Perezida w'urukiko yohereza bidatinze umucamanza wihanwe kopi y'inyandiko y'ubwo bwihane akagira icyo abuvugaho mu nyandiko, mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48). Iyo ari perezida w'urukiko wihanwe, ibyo bisobanuro abisabwa na perezida w'urukiko rwisumbuyeho. | If the court finds that the application for disqualification is admissible, the president of the court immediately sends a copy of the application to the concerned judge for him/her to react to the application in writing within fourty- eight hours (48). If the disqualification concerns the president of the court, the president of the next upper court asks him/her to react to the application for his/her disqualification. | Si la demande est déclarée admissible, l'expédition de l'acte de récusation est remise sans délai par le président de la juridiction au juge récusé qui doit, dans un délai de quarante-huit (48) heures, présenter par écrit les moyens de défense à sa récusation. Lorsque c'est le président de la juridiction qui est récusé, c'est le Président de la juridiction hiérarchiquement supérieure de lui demande ces explications. |
| Umucamanza wihanwe ntashobora gusuzuma ikirego cy'ubwihane yakorewe. | The disqualified judge cannot examine the application for his/her own disqualification. | Le juge récusé ne peut statuer sur la demande en récusation. |

| | | |
|---|---|---|
| Mu gusuzuma iyakirwa ry'ikirego cy'ubwihane no mu kugifataho icyemezo, hashingirwa gusa ku nyandiko zashyikirijwe urukiko, bitabaye ngombwa ko ababuranyi bahamagazwa. Iyo bigaragaye ko umuburanyi yihannye umucamanza agamije kudindiza iburanisha, ashobora gucibwa ihazabu mbonezamubano. | The examination of and decision on the admissibility of the application for disqualification is done based on documents submitted to the court without summoning parties. If it is concluded that a party disqualified a judge for the purpose of delaying the proceedings, he/she may be punished with a civil fine. | Dans l'examen de la recevabilité de la demande en récusation du juge, on se base seulement sur les documents soumis à la juridiction sans pour autant assigner les parties. Lorsqu'il est conclu qu'une partie a récusé un juge pour des fins dilatoires, elle peut être punie d'une amende civile. |
| Ibirego byerekeranye no kwihana umucamanza bihabwa nimero yihariye ishamikiye ku rubanza rw'iremezo. | Claims relating to disqualification of judge are numbered with special number related to the principal case. | Les demandes relatives à la récusation du juge sont numérotées des numéros spéciaux connexes à la demande principale. |
| **<u>Ingingo ya 108:</u> Icibwa ry'urubanza ku kirego cy'ubwihane bw'umucmanza** | **<u>Article 108:</u> Ruling on the application for disqualifying a judge** | **<u>Article 108:</u> Jugement sur la demande en récusation d'un juge** |
| Mu minsi umunani (8) ikurikira iyakirwa ry'inyandiko y'umucamanza wihanwe, urukiko ruca urubanza rwerekeye ubwo bwihane mu nama y'abacamanza. | The court sits in chamber to decide on the application for disqualification within eight (8) days of receipt of a written reaction from the disqualified judge. | Dans les huit (8) jours de la déclaration du juge récusé, la juridiction statue en chambre du conseil sur la demande en récusation. |
| Iyo umucamanza wihanwe yemeye impamvu z'ubwihane, cyangwa izo mpamvu basanze zifite ishingiro, urukiko rwemeza ko uwo mucamanza ava mu rubanza. | When the disqualified judge accepts the grounds for disqualification, or if the court finds that such grounds are proven, the court orders that the judge withdraws from the case. | Si le juge récusé convient des motifs de sa récusation ou si ces motifs sont prouvés, il est ordonné que le juge se retire de l'affaire. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 109:</u> Ubujurire bw'icyemezo gifashwe ku bwihane bw'umucamanza** | **<u>Article 109:</u> Appeal against a judgement on disqualification of a judge** | **<u>Article 109:</u> Appel de la décision sur la récusation d'un juge** |
| Imanza zemeza ko ubwihane budashobora kwakirwa cyangwa ko budafite ishingiro ntizijuririrwa. | Judgements declaring inadmissible or rejecting applications disqualifying are not subject to appeal. | Les décisions déclarant la demande en récusation non admissible ou rejetant la récusation ne sont pas susceptibles d'appel. |
| **<u>Akiciro ka 7:</u> Inzitizi zijyanye no kwagura urubanza** | **<u>Subsection 7:</u> Objections relating to the extension of a case** | **<u>Sous-section 7:</u> Exceptions relatives à l'élargissement d'instance** |
| **<u>Ingingo ya 110:</u> Ikirego kiregera kwiregura** | **<u>Article 110:</u> Counterclaim** | **<u>Article 110:</u> Demande reconventionnelle** |
| Ikirego kiregera kwiregura ni igitangwa n'uregwa agamije gusaba ko urega agira ibyo acibwa muri urwo rubanza. | A counterclaim is any claim filed by the respondent against the claimant, seeking judgement against the claimant during the same case. | La demande reconventionnelle est toute condamnation sollicitée à charge du demandeur par le défendeur dans une même affaire. |
| Ikirego kiregera kwiregura cyakirwa gusa iyo kiri mu bubasha bw'urukiko rwaregewe kandi kigamije nibura kimwe muri ibi bikurikira: | A counterclaim is admissible only if it is within the jurisdiction of the court to which the principal claim is referred and has to fulfill at least one of the following: | La demande reconventionnelle n'est recevable que si, étant de la compétence de la juridiction saisie de la demande principale, elle tend à l'un quelconque des actes suivants: |
| 1° kwiregura k'uregwa ku kirego cy'iremezo cyangwa ibifitanye isano nacyo; | 1° defence with repect to the principal claim or ancilliary claims; | 1° la défense à la demande principale ou les demandes accessoires; |
| 2° guhwanya imyenda kugira ngo ababuranyi babe bishyuranye. | 2° judicial set-off. | 2° la compensation judiciaire. |
| Ibirego bigamije kwiregura bigaragazwa mu myanzuro yo kwiregura kandi ntibitangirwa ingwate y'amagarama. | Counterclaims are expressed within the defense submissions and are not subject to payment of cout fees. | Les demandes reconventionnelles sont formulées dans les conclusions de la défense sans consignation des frais de justice. |

| | | |
|---|---|---|
| Urukiko rwaregewe ruca urubanza rumwe ku kirego cy'iremezo no ku kirego kigamije kwiregura. | The court the matter is referred to decides the principal claim and the counterclaim in the same case. | La juridiction saisie statue par un seul et même jugement sur la demande principale et sur la demande reconventionnelle. |
| Ikirego kigamije kwiregura ntigishobora gukurikiranwa iyo ikirego cy'iremezo kitakiriho. | A counterclaim is not admissible if the principal claim no longer exists. | La demande reconventionnelle ne peut subsister si la demande principale n'est plus. |
| **<u>Ingingo ya 111:</u> Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza** | **<u>Article 111:</u> Claim for represenation fees** | **<u>Article 111:</u> Demande de frais de représentation** |
| Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ni ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe mu rubanza. | The claim for representation fees is an incidental claim to the principal claim aiming to repay expenses incurred during judicial proceedings. | La demande de frais de représentation est une demande incidente à la demande principale qui a pour objet le remboursement des dépenses encourues lors des procédures judiciaires. |
| Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza kiburanishirizwa rimwe n'ikirego cy'iremezo. Gishobora kandi kwakirwa kikanaburanishwa n'iyo ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe. | The claim for legal costs is adjudicated at the same time with the principal claim. It can also be admitted and adjudicated even if the principal claim has not been admitted. | La demande en payement des dépens est jugée en même temps que la demande principale. Elle peut aussi être recevable et jugée même si la demande principale n'aurait pas été recevable. |
| **<u>Ingingo ya 112:</u> Ibirego by'inyongera ku birego by'iremezo** | **<u>Article 112:</u> Additional claims in relation to the principal claim** | **<u>Article 112:</u> Demandes additionnelles à la demande principale** |
| Ibirego by'inyongera ni ibishamikira ku birego by'iremezo bigamije gusaba inyongera ku byasabwe mbere mu itangwa ry'ikirego bicyuzuza cyangwa bicyongera bitewe ahanini n'ibyavutse mu iburanisha hagati bigomba gufatwaho icyemezo n'urukiko. | Additional claims are those which arise from the principal claim which complete it or extend it to take into account facts that arose after the filing of the claim on which the court has to decide. | Les demandes additionnelles sont celles qui constituent le prolongement immédiat de la demande introductive d'instance, qui la complètent par une réclamation accessoire ou qui la font évoluer pour tenir compte de faits |

| | | |
|---|---|---|
| | | survenus en cours de procédure et sur lesquelles la juridiction doit statuer. |
| Ibirego by'inyongera bitangirwa icyarimwe mu iburana bitagombye gutangirwa indi ngwate y'amagarama. | Additional claims are instituted cumulatively in the course of the proceedings, without having to pay additional court fees. | Les demandes additionnelles sont formées cumulativement par simples conclusions sans consignation d'autres frais de justice. |
| Byakirwa gusa iyo urukiko rwaregewe ikirego cy'iremezo rufite ububasha bwo kubiburanisha, kandi bishingiye ku mpamvu imwe. | Additional claims are admissible only if they are within the jurisdiction of the court deciding the principal claim and if they are based on the same cause. | Elles ne sont recevables que si, étant de la compétence de la juridiction saisie de la demande principale, elles procèdent de la même cause. |
| **<u>Ingingo ya 113:</u> Kugoboka mu rubanza** | **<u>Article 113:</u> Intervention in a case** | **<u>Article 113:</u> Intervention dans un procès** |
| Kugoboka mu rubanza ni ugusaba kuba umuburanyi cyangwa kugirwa we mu rubanza ataregeye cyangwa atarezwemo. | Intervention in a case is a request to be a party in a case where a person is neither a claimant nor a respondent. | Intervention dans un procès est la demande par une personne d'être partie dans un procès qu'elle n'a pas introduit ou qui n'est pas dirigé contre elle. |
| **<u>Ingingo ya 114:</u> Kugoboka ku bushake** | **<u>Article 114:</u> Voluntary intervention in a case** | **<u>Article 114:</u> Intervention volontaire dans un procès** |
| Ushaka kuburana mu rubanza ataregeye cyangwa atarezwemo abikora mu buryo bwo kuregera inkiko kandi agatanga ingwate y'amagarama. | A person who needs to intervene in a case where he/ she is neither a claimant nor a respondent has to file a case to the court and pays court fee deposits. | Toute personne qui veut être partie dans un procès dans lequel elle n'est pas demandeur ou défendeur doit saisir la juridiction et payer les frais de consignation. |
| Kugira ngo ikirego cye cyakirwe, ugoboka ku bushake agomba kugaragaza inyungu yemewe n'amategeko, itaziguye kandi ye bwite. | In order for his/her claim to be admitted, the intervening party must prove legitimate, direct and personal interest. | Pour être recevable, l'intervenant doit justifier d'un intérêt légitime, direct et personnel. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 115:</u> Kugobokeshwa ku gahato** | **<u>Article 115:</u> Forced intervention** | **<u>Article 115:</u> Intervention forcée dans un procès** |
| Kugobokesha ku gahato umuburanyi mu rubanza bisabwa n'umuburanyi ushaka ko umuntu utari mu rubanza aruzanwamo kugira ngo na we aburane, hato atazatambamira imikirize yarwo. | Forced intervention in a case is requested by a party who whishes to call upon a person who is not party to the case to intervene and take part in the case so that he/she does not lodge third party opposition. | L'intervention forcée dans un procès est demandée par une partie qui veut qu'une personne qui n'est pas partie au procès y intervienne et prenne part afin qu'elle ne fasse pas une tierce opposition. |
| Umuburanyi ushaka kugobokesha undi muntu mu rubanza abigaragaza mu mwanzuro utanga ikirego cyangwa wo kwiregura, akabimenyesha ugobokeshwa. Icyakora, iyo habonetse impamvu yihariye ituma kugobokesha biba mu gihe cy'iburanisha, umucamanza ashobora kubisuzuma akabifataho icyemezo. | A party seeking another person's intervation in the case must mention it in the submissions presented in the document instituting proceedings or in reply submissions and make copy thereof to the person summoned to intervene. However, when a special cause for intervention during the hearing arises, the judge may consider and decide on it. | Une partie qui veut faire intervenir une autre personne doit le mentionner dans les conclusions introductives d'instance ou de réplique et en fait copie à la personne assignée pour intervenir. Cependant, lorsqu'il s'avère qu'il y a un motif particulier justifiant une intervention forcée dans un procès en cours, le juge peut en faire l'examen et en prendre une décision. |
| **<u>Ingingo ya 116:</u> Kugobokeshwa ku gahato mu rwego rw'ubujurire** | **<u>Article 116:</u> Forced intervention in appeal** | **<u>Article 116:</u> Intervention forcée au niveau d'appel** |
| Umuburanyi ugobokeshejwe ku gahato ku rwego rw'ubujurire amenyeshwa imyanzuro y'abandi baburanyi, agahabwa umwanya wo gukora imyanzuro ye kandi akanahamagazwa mu nama ntegurarubanza kimwe n'abandi baburanyi. | A person who is summoned in case of forced intervention at appeal level is notified of submissions of other parties, given time to prepare his/her submissions and is invited to the pre-trial conference m along with other parties. | Une personne faisant objet d'intervention forcée au niveau d'appel est notifiée des conclusions d'autres parties, accordée un temps pour la préparation de ses conclusions et est invitée dans la réunion de mise en état de l'affaire au même titre que les autres parties. |
| Kabone n'aho urubanza rwaba ruciwe ku rwego rwa nyuma, umuburanyi yemerewe | Even if the case is decided at the last instance, a party is authorized to appeal against a case he/she was summoned to intervene only once. | Même en dernier dégrée, s'il y a des condamnations dont elle fait objet, une partie n'est autorisée qu'une seule fois à faire appel |

| | | |
|---|---|---|
| kujuririra urubanza yagobokeshejwemo inshuro imwe iyo hari ibyo yaciwe. | | à un procès dont elle fait partie suite à une intervention forcée, sauf si le jugement y relatif a été rendu. |
| Kugobokeshwa ku gahato ntibyemewe mu Rukiko rw'Ubujurire cyangwa mu Rukiko rw'Ikirenga. | It is prohibited to seek forced intervention in the Court of Appeal or Supreme Court. | L'intervention forcée n'est pas admise devant la Cour d'Appel ou la Cour Suprême. |
| **<u>Ingingo ya 117:</u> Igihe kugoboka mu rubanza bitabuza icibwa ry'urubanza rw'iremezo** | **<u>Article 117:</u> Cases where intervention in a case does not prevent the judgement of the principal case** | **<u>Article 117:</u> Cas où l'intervention ne peut retarder le jugement de la demande originaire** |
| Kugoboka ku gahato cyangwa ku bushake mu rubanza umuntu ataburanye ntibyemewe ku rubanza rugeze igihe cyo gucibwa, kereka iyo gutandukanya urwo rubanza n'uko kugoboka bishobora kugira icyo byakwangiriza uwagobotse ku buryo budasubirwaho. | Forced or voluntary intervention in a case in which the intervenor did not plead is not allowed in a case whose judgement is due, unless the disjunction of the case and the intervention are likely to jeopardize the interests of the intervenor. | L'intervention forcée ou volontaire dans une affaire dans laquelle l'intervenant n'a pas été partie n'est pas autorisée pour un procès qui est sur le point d'être clôturé, excepté le cas où la disjonction de cette affaire et cette intervention risque de compromettre les intérêts de l'intervenant. |
| **<u>Ingingo ya 118:</u> Guhamagaza umwishingizi mu rubanza** | **<u>Article 118:</u> Summoning the warrantor in the case** | **<u>Article 118:</u> Mise en cause du garant** |
| Umuburanyi ushaka ko uwishingiye ko amasezerano urubanza rushingiyeho yubahirizwa ahamagarwa mu rubanza, abisaba mu mwanzuro wo kwiregura. | A party applying for the summoning of the guarantor includes such application in his/her defence submissions. | Une partie qui demande à mettre le garant en cause formule sa requête dans ses conclusions en défense. |
| Guhamagara uwishingiye bikorwa mbere y'inama ntegurarubanza, hakurikijwe amategeko asanzwe. | Summoning the garantor is done before the pretrial conference in accordance with the ordinary procedure. | L'assignation du garant est faite avant la réunion de mise en état de l'affaire, suivant la procédure ordinaire. |

| | | |
|---|---|---|
| Kutaboneka k'umwishingizi ntibibuza urubanza gucibwa. | The absence of the guarantor does not obstruct the adjudication of the case. | L'absence du garant n'empêche pas l'affaire d'être jugée. |
| **<u>Akiciro ka 8:</u> Inzitizi yerekeranye no kohereza urubanza mu rundi rukiko** | **<u>Subsection 8:</u> Objections relating to case transfer** | **<u>Sous-section 8:</u> Exceptions relatives au renvoi** |
| **<u>Ingingo ya 119:</u> Kwambura urubanza urukiko no kurwohereza mu rundi rukiko** | **<u>Article 119:</u> Removal of a case from a court and transfer it to another court** | **<u>Article 119:</u> Dessaisissement et renvoi** |
| Perezida w'Urukiko rwo ku rwego rwisumbuye ashobora kwambura urubanza urukiko rwo munsi y'urwo ayobora akarwohereza mu rundi rukiko rwo mu rwego rumwe na rwo iyo: | The president of the immediate superior court may remove a case from a lower court and transfer it to another court of the same level if: | Le Président de la juridiction supérieure peut dessaisir une juridiction qui lui est inférieure et renvoyer la connaissance de l'affaire à une autre juridiction inférieure du même degré si: |
| 1° urukiko rwari rufite ububasha bwo kuburanisha urubanza rudafite abacamanza bahagije bo kuburanisha cyangwa iyo hari indi mpamvu irubuza gukomeza gukora imirimo yarwo uko bisanzwe; | 1° the court with jurisdiction to try the case cannot be legally constituted or if the normal course of justice in such a court is otherwise interrupted; | 1° la juridiction normalement compétente ne peut être légalement composée ou si le cours normal de la justice s'y trouve autrement interrompu; |
| 2° urubanza rwasabiwe kujyanwa mu rundi rukiko kubera impamvu z'umudendezo wa rubanda; | 2° an application for transfer has been made on grounds of public order; | 2° il y a une demande de renvoi pour cause de sûreté publique; |
| 3° inkiko ebyiri cyangwa nyinshi zaregewe icyarimwe urubanza rumwe kandi ntihagire urwemera kururekera urundi cyangwa iyo izo nkiko zose zasiganiye kuruburanisha; | 3° one case is referred to two or more courts at the same time and none of them accepts to withdraw or when there is conflict between the two courts regarding the hearing of the case; | 3° deux ou plusieurs juridictions sont simultanément saisies d'un même litige dont aucune d'elles ne veut pas se dessaisir ou en cas de conflit de compétence; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° urubanza rusobekeranye n'urundi rukiburanishwa mu rundi rukiko. | 4° the dispute is interconnected with another case already pending before another court. | 4° la contestation est connexe à une cause déjà pendante devant une autre juridiction. |
| **<u>Ingingo ya 120:</u> Kohereza urubanza mu rundi rukiko** | **<u>Article 120:</u> Transfering a case to another court** | **<u>Article 120:</u> Renvoie d'une affaire dans une autre juridiction** |
| Kohereza urubanza mu rundi rukiko bishobora gutegekwa na Perezida w'urukiko rwo ku rwego rwisumbuye, urukiko rubyibwirije, cyangwa bisabwe n'umuburanyi ndetse n'uwagobotse mu rubanza, cyangwa se urukiko rwaregewe rwemeje kwiyaka urwo rubanza rubitangiye impamvu. | The transfer of a case to another court may be ordered by the president of the immediate superior court, on the court's initiative, at the request of any of the parties including the intervenor or because of the decision of the court to withdraw itself after giving reasons therefor. | Le renvoi d'une affaire dans une juridiction peut être ordonné par le Président de la juridiction de degré supérieur, sur l'initiative de la juridiction, soit sur requête d'une partie ou même l'intervenant, soit sur la décision motivée de dessaisissement de la juridiction intéressée. |
| Kohereza urubanza mu rundi rukiko bisabwa mu nyandiko igenewe Perezida w'urukiko rubifitiye ububasha, yanditswe n'umuburanyi ubwe, umwunganiye cyangwa intumwa ye, Perezida w'urukiko urubanza rurimo akagenerwa kopi. | The transfer of a case to another court is made by written application to the president of the competent court, issued by a party him/herself, his/her counsel or representative. A copy of the application is sent to the president of the court before which the case is pending. | Le renvoi d'affaire est fait au moyen d'une déclaration adressée au Président de la juridiction compétente, écrit par la partie elle-même, son avocat ou son fondée de pouvoir. Une copie de la déclaration est faite au Président de la juridiction auprès de laquelle l'affaire est pendante. |
| Iyo nyandiko igaragaza impamvu n'ingingo zisobanutse uyitanze ashingiraho asaba ko urubanza rwimurirwa mu rundi rukiko. | Such an application contains pleas and clear submissions of the applicant, justifying his/her application for transfer to another court. | Ladite déclaration contient les moyens et conclusions justifiant la demande de renvoi dans une autre juridiction. |
| Perezida w'urukiko afata icyemezo mu rwego rw'ubuyobozi cyohereza iyo dosiye cyangwa kibihakana mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48). | The president of the court takes an administrative decision to send the case file or deny the application within fourty-eight (48) hours. | Le président du tribunal prend une décision administrative d'envoyer le dossier ou de rejeter la demande dans un délai n'excédant pas quarante-huit heures (48). |

| | | |
|---|---|---|
| Urubanza rwasabiwe kujyanwa mu rundi rukiko ruba ruhagaritswe gucibwa kugeza igihe habonekeye igisubizo kuri icyo kibazo. | A case in respect of which an application for transfer to another court is filed is suspended until the application is decided on. | Une affaire pour laquelle une demande de renvoi a été faite suspend la poursuite du jugement jusqu'à la décision sur le renvoi. |
| **<u>Ingingo ya 121:</u> Inzitizi yo guhindura irangamimerere, kuva ku mirimo cyangwa urupfu rw'umuburanyi** | **<u>Article 121:</u> Objection relating to change of civil status, termination of employment or death of one party** | **<u>Article 121:</u> Exception de changement d'état civil, cessation d'emploi ou la mort d'une partie** |
| Iyo iburanisha ry'urubanza ritarapfundikirwa, urukiko rukamenya ko habonetse inzitizi yo guhindura irangamimerere, kuva ku mirimo cyangwa urupfu rw'umuburanyi, umuburanyi usigaye agaragariza urukiko abafite ububasha bwo kurukomeza rukabahamagara, rukurikije amategeko yerekeye ihamagara. | If the judicial proceedings are not yet closed and the court finds that an objection regarding the change of civil status, termination of employment or the death of one of the parties, the surviving party informs the court of those having capacity to take over the case and these are summoned according to the summoning procedure. | Lorsque les débats judiciaires ne sont pas encore clos et que la juridiction constate qu'une exception de changement d'état civil, celle de cessation d'emploi ou de la mort de l'une des parties a été soulevée, la partie restante indique à la juridiction les personnes ayant la capacité de reprendre l'action et ceux-ci sont assignées suivant la procédure d'assignation. |
| Iyo abahamagawe bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bataje gukomeza urubanza mu gihe bahawe, urubanza rucibwa badahari, hubahirizwa amategeko agenga ababuranyi banze kwitaba urukiko. | If the summoned persons referred to in Paragraph One of this Article do not appear to take over the case within the time-limit allowed, the case is tried in default in accordance with laws applicable to parties having refused to appear before court. | Lorsque les personnes assignées mentionnées à l'alinéa premier du présent article ne se présentent pas pour reprendre l'instance au temps leur indiqué, l'affaire est jugée par défaut, conformément à la procédure applicable aux parties ayant refusé de comparaître devant la cour. |
| Inzitizi zivugwa mu gika cya mbere, ntizibuza urukiko guca urubanza, iyo rwaburanishijwe rugapfundikirwa ariko rutarasomwa. Icyakora urubanza ruguma ku mazina y'abaruburanye. | The objections referred to in paragraph One do not prevent the court from rendering judgement if the case was tried and closed pending the pronouncement of judgement. However, the case remains registered under | Les exceptions mentionnées à l'alinéa premier n'empêchent pas la juridiction de statuer sur l'affaire lorsque celle-ci a été jugée et clôturée et qu'elle n'a cependant pas fait l'objet du |

| | | |
|---|---|---|
| | the names of This judgement remains in the names of the parties to the case. | prononcé. Cependant, l'affaire reste enrôlée sous les noms des parties en cause. |
| **<u>Akiciro ka 9:</u> Inzitizi zikuraho urubanza** | **<u>Subsection 9:</u> Objections relating to extinction of proceedings** | **<u>Sous-section 10:</u> Exceptions relatives à l'extinction de l'instance** |
| **<u>Ingingo ya 122:</u> Kureka ikirego** | **<u>Article 122</u>: Withdrawal of a claim** | **<u>Article 122:</u> Désistement d'action** |
| Kureka ikirego ni ukwiyambura ububasha bwo kuburana. Bijyana no kwiyambura uburenganzira umuntu yari afite bwo gukomeza gukurikirana icyo kirego. Ukwemera k'undi muburanyi si ngombwa. | The withdrawal of a claim entails renunciation of one's capacity to plead. It also implies renunciation of the right to pursue such a claim. It is not subject to the other party's consent. | Le désistement d'action est l'abandon du pouvoir d'agir. Il comporte la renonciation au droit que cette action avait pour objet de mettre en œuvre. Il n'est pas conditionné par le consentement de l`autre partie. |
| **<u>Ingingo ya 123:</u> Kureka urubanza** | **<u>Article 123:</u> Withdrawal of a case** | **<u>Article 123:</u> Désistement d'instance** |
| Kureka urubanza ni uburenganzira umuburanyi afite bwo kuvuga ko aretse urubanza yari yaregeye, uwo yaregaga akabyemera. | The withdrawal of a case is the claimant's right to announce his/her decision to withdraw a case he/she had instituted, subject to the respondent's consent. | Le désistement d'instance est le droit dont le demandeur dispose pour dire qu'il abandonne l'action après l'avoir engagé lorsque le défendeur l'a admis. |
| Kureka urubanza bishobora gukorwa no kwemerwa aho urubanza rwaba rugeze hose bikozwe mu nyandiko iriho umukono w'umuburanyi ubwe cyangwa w'umwunganira kandi bikamenyeshwa uwo baburana. | The withdrawal of a case may take place and approved at any stage of the proceedings by a simple written declaration signed by the interested party or his/her counsel and the notice of which is served to the other party. | Le désistement d'instance peut être fait et accepté en tout état de cause par simple déclaration signée par la partie intéressée ou son conseil et signifiée à la partie adverse. |
| Bishobora kandi kuvugirwa mu nama ntegurarubanza cyangwa mu iburanisha. | The withdrawal of a case may also be discussed in the pre-trial conference or during the hearing. | Il peut aussi être discuté dans la réunion de mise en état de l'affaire ou en cours d'audience. |

| | | |
|---|---|---|
| Kureka urubanza no kureka ikirego bikozwe mbere cyangwa bikorewe mu nama ntegurarubanza, umwanditsi abikorera raporo, perezida w'urukiko akabifataho icyemezo kirangiza urwo urubanza. | The withdrawal of a case or claim before or during the pretrial conference is subject to a report made by the court registrar and the president of the court takes a decision on the closure of the case. | Le désistement d'instance ou d'action fait avant ou pendant la réunion de mise en état de l'affaire fait l'objet d'un rapport établi par le greffier et d'une décision prise par président de la juridiction et mettant fin à l'affaire. |
| **<u>Ingingo ya 124:</u> Ingaruka zo kureka ikirego no kureka urubanza** | **<u>Article 124:</u> Effects of withdrawal of a claim and case** | **<u>Article 124:</u> Effets du désistement d'action et d'instance** |
| Kureka ikirego no kureka urubanza bituma ibintu bisubira uko byari bimeze ku mpande zombi mbere y'uko urukiko ruregerwa. | The withdrawal of a claim and case makes the situation return to the way it was before filing the case with the court with respect to all parties. | Le désistement d'action et d'instance emporte, de part et d'autre, la remise des choses au même état que celui dans lequel elles étaient avant la demande. |
| Uretse ikirego cyangwa urubanza ashobora gucibwa amafaranga y'amagarama cyangwa igihembo cy'avoka n'andi yose yatanzwe n'uwo yari yareze mu gukurikirana urubanza. | A party who withdraws a claim or case may be ordered to pay court fees or lawyers' fees and other costs incurred by the respondent as a result of getting involved in the case. | Une partie qui fait le désistement d'action ou d'instance peut être soumise à payer les frais de consignation ou d'honoraires d'avocat et d'autres dépens encourus par la partie défenderesse pour la poursuite de l'affaire. |
| Uretse urubanza aba afite uburenganzira bwo kuzongera kururegera, mu gihe uretse ikirego aba yiyambuye uburenganzira bwo kongera kururegera. | A party who withdraws from a case has the right to file a claim, while the person who withdraws the case renounces the right to reintroduce the case. | Une partie qui fait le désistement d'instance a le droit de réintroduire cette instance, tandis qu'une partie qui fait le désistement d'action renonce au droit de réintroduire cette affaire. |
| **<u>Ingingo ya 125:</u> Kwemera ikirego** | **<u>Article 125:</u> Admission of a claim** | **<u>Article 125:</u> Acquiescement de l'action** |
| Uregwa aba yemeye ikirego iyo yemeye ibyo umurega asaba urukiko cyangwa icyo urubanza rumutsinda rwategetse. | The admission of a claim is where the respondent agrees that the claimant's submissions are true or accepts the judgement against him/her. | L'acquiescement est l'acte par lequel le défendeur accepte les conclusions du demandeur ou la décision qui le condamne. |

| | | |
|---|---|---|
| Kwemera ikirego bikorwa ku bushake bw'umuntu ku giti cye, bigira agaciro bitagombye kwemerwa n'uwo baburana. | The admission of a claim is unilateral. It is not subject to the opposing party's consent. | L'acquiescement est unilatéral. Il n'est pas conditionné par l'acceptation de la partie adverse. |
| Umuntu ashobora kwemera icyo aregwa aho urubanza rwaba rugeze hose. Ashobora kucyemera yeruye cyangwa ateruye akabigaragaza mu migirire ye yerekana neza ko yemeye ibyo umuburanyi we amurega cyangwa arangiza ibyo urukiko rumutegetse. | A person may admit a claim at any stage of the proceedings. The admission may be explicit or implicit and results from a set of circumstances involving the intention to execute the claimant's submissions or the execution of the court's decision. | L'acquiescement peut intervenir en tout état de cause. Il peut être exprès ou tacite et résulter d'un ensemble de circonstances impliquant l'intention d'exécuter la décision de la juridiction ou les conclusions du demandeur. |
| Uwemeye ikirego aba yemeye no kurangiza urubanza uko rwaciwe mu ngingo zarwo zose. | The admission of a claim entails an obligation of the execution of the judgement in its entire form and content. | L'acquiescement emporte l'obligation d'exécuter la décision dans sa forme et teneur. |
| Kwemera ikirego bikozwe mbere cyangwa bikorewe mu nama ntegurarubanza, bikorerwa raporo n'umwanditsi w'urukiko, perezida w'urukiko akabifataho icyemezo kirangiza urwo urubanza. | The admission of a claim before or during the pretrial conference is subject to a report written by the court registrar, and the president of the court decides on the closure of the case. | L'acquiescement d'action fait avant ou pendant la réunion de mise en état de l'affaire fait objet d'un rapport établi par le greffier et d'une décision prise par le président de la juridiction et mettant fin à l'affaire. |
| **<u>Ingingo ya 126</u>: Ubusaze bw'urubanza rwaregewe** | **<u>Article 126</u>: Prescription of an instituted case** | **<u>Article 126</u>: Péremption d'instance** |
| Urubanza rwose rwaregewe rugahagarara amezi atandatu (6) rutaburanywe biturutse ku bushake buke bw'urega ntiruba rukiburanishijwe rutongeye gutangirwa ingwate y'amagarama bundi bushya. | Any case that is stayed for a period of six (6) months without judgement due to negligence of the claimant cannot be re-adjudicated unless new court fees are paid. | Toute instance dont les poursuites sont suspendues pendant six (6) mois suite à la négligence du demandeur est frappée de la péremption d'instance, à moins qu'elle ne soit réintroduite moyennant paiement des frais de consignation. |

| | | |
|---|---|---|
| Urubanza rusaza iyo ababuranyi bahawe itariki, bagahamagarwa mu buryo bukurikije amategeko ntihagire uwitaba, hakaba harafashwe icyemezo cyo kurwimura, cyangwa se iyo bitabye, uwareze agatumwa ikimenyetso runaka, akagenda agahera, ntihagire ugaruka gusaba ko ruhamagazwa kugeza ubwo amezi atandatu (6) ashize uhereye umunsi rwasubikiweho. | The prescription of a case occurs when parties have been communicated the date, regularly summoned and have not appeared in court and the postponement of the case is decided or when parties appear in court, and the claimant is required to produce any evidence and does not show up again and no one else appears to apply for the reintroduction of the case until the expiration of six (6) months from the postponement of the case. | L'instance est périmée lorsque les parties ont été communiquées de la date, assignées régulièrement et qu'elles ne se sont pas présentées et qu'une décision de remise a été faite ou, au cas où elles se sont présentés, le demandeur est requis de présenter un moyen de preuve quelconque ne revient pas et personne d'autre ne se présente pour sa réintroduction jusqu'à l'expiration de six (6) mois à compter de la date de remise. |
| Iyo icyo gihe kirangiye, umwanditsi abikorera raporo, perezida w'urukiko agafata icyemezo kirusiba bitabaye ngombwa ko ababuranyi bongera guhamagazwa. | When this period expires, the court registrar makes a report thereon, and the president of the court orders the removal of the case from the list of cases without summoning parties again. | Quand ce délai expire, le greffier en fait le rapport, et le président de la juridiction prend une décision de radiation sans que les parties soient encore assignées |
| **<u>Ingingo ya 127</u>: Gusaba ko urubanza rusibwa** | **<u>Article 127</u>: Application for removal of a case from the list of cases** | **<u>Article 127</u>: Demande de radiation d'une affaire** |
| Iyo urubanza rwashaje urukiko rukaba rutararusibye, umuburanyi ubifitemo inyungu ashobora gusaba ko rusibwa, urukiko rugahita rurusiba rutagombye guhamagara ababuranyi. | When the case becomes time-barred and the court has not yet removed it from the list of cases, the interested party may apply to the court for removal of the case, and the court immediately removes it from the list of cases without summoning parties. | Quand l'instance est en péremption et que la juridiction ne l'a pas encore radiée, la partie intéressée peut requérir sa radiation, et la juridiction peut procéder à la radiation sans avoir assigné les parties. |
| Iyo uwareze asabye ko urubanza rwashaje ruburanishwa, rurahamagazwa. Uwarezwe ashobora guhitamo ko rusibwa cyangwa ko ruburanishwa iyo aribyo afitemo inyungu. | When the claimant applies for the hearing of a case that has been time-barred, the case is called. The respondent may request that the case be removed from the list of cases or be judged if he/she has interest therein. | Quand le demandeur requiert que l'instance en péremption soit jugée, l'affaire est appelée. Le défendeur peut demander que l'affaire soit radiée ou qu'elle soit jugée, s'il en a intérêt. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo rusibwe, uwareze ashobora gucibwa amagarama, igihembo cya avocat n'amafaranga y'ikurikiranarubanza iyo bisabwe. | When the case is removed from the list of cases, the applicant may be required to pay court fees, lawyer's fees and other costs of proceedings when required. | Quand l'affaire est radiée, le demandeur peut être requis de payer les frais de justice, les honoraires d'avocat et autres frais de procédure, en cas de leur demande. |
| **<u>Ingingo ya 128</u>: Inkurikizi zo kwemeza ko urubanza rwashaje** | **<u>Article 128</u>: Effects of deciding the prescription of a case** | **<u>Article 128</u>: Effets de la péremption d'instance** |
| Iyo urukiko rwemeje ko urubanza rwashajishijwe no kutaburanwa rubyibwirije cyangwa rubisabwe, ibyo ntibyarubuza kongera kuregerwa bundi bushya. Bituma gusa ibyakozwe muri urwo rubanza mbere bivaho kandi rugasibwa mu gitabo cy'ibirego, ntihagire ubyitwaza ngo abyireguze. | If a court, on its own motion or upon application, decides that a case is time-barred as a result of not being heard; this does not prevent the court from be seised once again. It merely entails termination of the previous procedure and removal of the case from the list of cases, without any possibility of invoking them for defence. | La péremption constatée par la juridiction saisie d'office ou sur requête n'éteint pas l'action. Elle emporte seulement extinction de la procédure et radiation du rôle sans qu'on puisse, dans aucun cas, opposer aucun des actes de la procédure éteinte ni s'en prévaloir. |
| Icyakora iyo ubusaze bubaye ku rubanza rwasubirishijwemo, rwajuririwe cyangwa rwasabiwe gusubirishwamo ingingo nshya, ruhama uko rwaciwe, ntirushobora kongera kuregerwa bundi bushya. | However, if the case that is time-barred has been subject to opposition, appeal or application for review, it acquires the force of res judicata, and cannot be brought before the court again. | Cependant si la péremption d'instance affecte un procès qui est en opposition, en appel ou en recours en révision, cela donne force de chose jugée à la décision rendue et le procès ne peut en aucun cas être réintroduit. |
| Icyemezo cyafashwe ku busaze bw'urubanza ntigishobora gusubirwamo hakoreshejwe inzira z'ubujurire. | The decision establishing that a case is time-barred cannot be subject to appeal. | La décision intervenue en péremption n'est susceptible d'aucune voie de recours. |
| **<u>Ingingo ya 129:</u> Inzitizi yo kutakira ikirego** | **<u>Article 129</u>: Objection of inadmissibility of a claim** | **<u>Article 129</u>: Exception de fins de non-recevoir** |
| Impamvu ituma ikirego kitakirwa igaragazwa mu myanzuro yo kwiregura. | The reasons for inadmissibility of a case are indicated in writing in the defence submissions. | Les motifs d'inadmissibilité d'une instance sont mis à l'écrit dans les conclusions de la défense. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo ari indemyagihugu, nko kurenza igihe cyo kujurira, kutagira ububasha, ubushobozi cyangwa inyungu byo kurega, ishobora kubyutswa n'umuburanyi cyangwa urukiko rubyibwirije igihe icyo aricyo cyose. | If the objection is of a public order nature such as going beyond time limits for appeal, lack of standing, capacity or interest to act, the objection may be raised by a party or the court on its initiative at any time. | Lorsque l'exception est d'ordre public tel que le dépassement des délais d'appel, le défaut de qualité ou de capacité ou d`intérêt d'agir, elle peut être soulevée par la partie ou par la juridiction d'office et à tout moment. |
| Icyemezo gifashwe ku mpamvu zituma ikirego kitakirwa gishobora kujuririrwa cyonyine mu gihe icyo cyemezo gifashwe gituma iburanisha rirangirira aho. | The decision establishing the inadmissibility of a claim may be subject to a separate appeal if such a decision can lead to the termination of proceedings. | La décision rendue sur une fin de non-recevoir est susceptible d'appel séparée si elle peut mettre fin à l'instance. |
| Iyo icyo cyemezo gifashwe kitabuza urubanza gukomeza mu mizi, kukijuririra bikorerwa hamwe n'urubanza rw'iremezo. | If such a decision cannot prevent the continuation of the hearing of the case on the merits, the appeal against it is filed together with the judgement on the merits. | Si une telle décision ne peut pas mettre fin à une telle décision, l'appel contre une telle décision est interjeté conjointement au jugement sur le fond. |
| **<u>UMUTWE WA III:</u> ICIBWA RY'URUBANZA** | **<u>CHAPTER III:</u> JUDGEMENT** | **<u>CHAPITRE III:</u> JUGEMENT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Gusuzuma no gufata icyemezo mu guca urubanza** | **<u>Section One:</u> Deliberations** | **<u>Section première:</u> Délibéré** |
| **<u>Ingingo ya 130:</u> Uburyo icyemezo cyo guca urubanza gifatwamo** | **<u>Article 130:</u> Procedure for deliberation of a case** | **<u>Article 130:</u> Procédure du délibéré** |
| Gufata icyemezo cyo guca urubanza bikorerwa mu muhezo. | Judges deliberate in secret. | Le délibéré est secret. |
| Iyo iburanisha ryari rigizwe n'abacamanza barenze umwe, umucamanza ushyizweho | When the bench consists of more than one judge, the most junior judge gives his/her | En cas de collégialité, le délibéré est ouvert par le juge le moins ancien qui prend la parole et |

| | | |
|---|---|---|
| vuba ni we ubanza kuvuga icyo arutekerezaho, hagakurikiraho undi mucamanza muto, bose bagasozerezwa n'umuyobozi w'iburanisha. | opinion first, followed by another judge and finally the presiding judge. | donne son avis le premier, suivi de l'autre juge et enfin du président du siège. |
| Icyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi. | The court take decisions by an absolute majority vote. | La décision est prise à la majorité absolue des voix. |
| Iyo mu guca urubanza habonetse ibitekerezo bitandukanye ku buryo ubwiganze burunduye bw'amajwi butabonetse, itora risubirwamo. | When in deliberations, opinions are divided and the required absolute majority vote is not attained, the vote is repeated. | Lorsque le délibéré aboutit à plusieurs avis et que la majorité requise n'est pas atteinte, le vote est repris. |
| Iyo amajwi ya ngombwa atabonekeye ku nshuro ya gatatu, Perezida w'iburanisha abimenyesha Perezida w'urukiko kugira ngo agene undi mucamanza ubafasha gukemura impaka. | If the necessary votes are not obtained after the third round, the presiding judge informs the president of the court who immediately invites another judge to deliberations, and such a judge helps them solve the disagreement. | Si la majorité n'est pas atteinte au troisième tour du scrutin, le Président du siège informe le Président de la juridiction qui, à son tour, invite au délibéré un autre juge qui apporte son aide pour résoudre les mésententes. |
| Icyakora, umucamanza cyangwa abacamanza batemera icyemezo cyafashwe na bagenzi babo, bashobora kwandika igitekerezo cyabo bashyigikiraga, kikagaragara mu rubanza inyuma y'imikono y'abagize inteko. Icyo gitekerezo ntigisomwa mu ruhame mu rubanza. | However, a judge or judges who do not agree with the majority opinion may write their dissenting opinions which form part of the judgement and are recorded after the signatures of the members of the panel. Such opinion is not pronounced in public. | Toutefois, le ou les juges qui ne sont pas d'accord avec la décision de la majorité peuvent rédiger leurs avis dissidents qui apparaissent dans l'arrêt ou jugement après les signatures des membres du siège. Ils ne sont pas lus en public lors du prononcé. |
| **<u>Ingingo ya 131</u>: Umushinga w'urubanza** | **<u>Article 131</u>: Draft judgement** | **<u>Article 131</u>: Projet de jugement ou arrêt** |
| Iyo ubwiganze bw'amajwi bubonetse, hahita handikwa umushinga w'urubanza ushyizweho umukono n'abacamanza bose baruciye. | When the absolute majority vote is attained, the draft of the judgement is immediately prepared and signed by all the judges having heard the case. | Lorsque la majorité requise est obtenue, il est dressé un projet du jugement ou arrêt signé par tous les juges qui ont participé au jugement. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo urubanza rwaburanishijwe n'umucamanza umwe yandika umushinga warwo akawushyiraho umukono. | When the case was heard by one judge, the judge prepares and signs the draft judgement. | Si l'affaire a été connue par un juge unique, celui-ci dresse un projet du jugement et y appose sa signature. |
| Uwo mushinga uhinduka urubanza nyarwo iyo umaze gusomerwa mu ruhame. | The draft judgement takes its final form after its pronouncement in public. | Ce projet de jugement ou arrêt ne revêt sa forme définitive qu'après son prononcé en audience publique. |
| <u>**Icyiciro cya 2:**</u> **Isomwa ry'urubanza** | <u>**Section 2:**</u> **Pronouncement of judgement** | <u>**Section 2:**</u> **Prononcé du jugement ou arrêt** |
| <u>**Ingingo ya 132:**</u> **Isomwa ry'urubanza mu ruhame** | <u>**Article 132:**</u> **Pronouncement of judgement in public** | <u>**Article 132:**</u> **Prononcé en audience publique** |
| Igihe cyose, urubanza rusomerwa mu ruhame, bitaba ibyo bigatuma urubanza ruta agaciro karwo. | In all cases, a judgement is pronounced in public, otherwise it becomes null. | Tout jugement ou arrêt, dans tous les cas et sous peine de nullité, est prononcé en audience publique. |
| Ica ry'urubanza rigaragaza ingingo zishingiye ku byabaye n'amategeko ryashingiyeho mu gufata icyemezo. | Reasons are given for the judgement, covering both the facts and legal cinsiderations. | Il est motivé en fait et en droit. |
| Urubanza rwose rugomba gusomwa n'umucamanza cyangwa abacamanza baruciye bahari kandi rwanditse mu ngingo zarwo zose. | Every judgement must be pronounced in the presence of the judge or judges having rendered it, be written in a way that it includes all its contents. | Tout jugement ou arrêt doit être prononcé en présence d'un jujge ou des juges qui l'ont rendu et rédigé en intégralité. |
| Icyakora, iyo umwe cyangwa bamwe mu bacamanza baciye urubanza kandi banashyize umukono ku mushinga w'urubanza batabonetse ku munsi w'isomwa ryarwo, ntibibuza ko rusomwa n'umwe cyangwa abacamanza bahari baruburanishije. | However, if one or some of the judges having heard the case and signed the draft judgement are absent on the date of pronouncement, the judgement is pronounced by one or more judges having heard it, and who are present. | Toutefois, l'empêchement d'assister au prononcé du jugement, pour l'un ou certains des juges qui ont participé au délibéré et signé le projet de ce jugement, ne fait pas obstacle à son prononcé par le juge ou les juges disponibles. |

| | | |
|---|---|---|
| Ariko iyo uwo mucamanza adashobora kuboneka mu isomwa ry'urubanza kubera impamvu zijyanye n'uko atakiri umucamanza mu rukiko rwaciye urubanza, isomwa ryarwo rirahagarara, Perezida w' urukiko agasimbuza umucamanza utakiri muri urwo rukiko, iburanisha ry'urubanza rigasubukurwa. | However, if such a judge is not available during the pronouncement of judgement because he/she is no longer a judge in the court having adjudicated the case, the pronouncement is suspended, and the president of the court finds a replacement for him/her before reopening the hearing. | Toutefois, si le motif d'empêchement résulte de la perte de sa qualité de juge dans la juridiction qui a rendu le jugement, le prononcé est obligatoirement suspendu et les débats rouverts, le Président de la juridiction procède au remplacement du juge qui n'est plus membre de cette juridiction et l'audience poursuit son cours. |
| Uretse igihe bidashoboka kubera impamvu zidasanzwe, urubanza rwose rugomba gusomwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uhereye igihe iburanisha ryasorejwe kandi umuburanyi agahita ahabwa kopi igihe yujuje ibisabwa. | Except in case of impossibility for extraordinary reasons, each judgement must be pronounced within one (1) month from the closing of hearings and the party is immediately given a copy of the judgement if he/she fulfils requirements. | Sauf en cas d'impossibilité pour des motifs extraordinaires, tout jugement doit être prononcé endéans une période d'un (1) mois qui prend cours à compter de la date de la clôture des débats et assorti d'une copie qui est immédiatement délivrée à une partie qui remplit les conditions exigées. |
| **<u>Ingingo ya 133</u>: Inyandikomvugo y'isomwa ry'urubanza** | **<u>Article 133</u>: Minutes of pronouncement of judgement** | **<u>Article 133</u>: Procès-verbal du prononcé de jugement** |
| Inyandikomvugo y'isomwa ry'urubanza igaragaza ibi bikurikira: | Minutes of pronouncement of judgement contain the following: | Le procès-verbal du prononcé de jugement doit contenir: |
| 1° nomero y'urubanza; | 1° the number of judgement; | 1° le numéro du jugement; |
| 2° urukiko rwaciye urubanza, aho rwasomewe; | 2° the court having delivered the judgement; | 2° la juridiction qui l'a rendu; |
| 3° itariki n'isaha rwasomeweho; | 3° the date and time of judgement; | 3° la date et le lieu du jugement; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° ababuranyi, niba bari bahari cyangwa bahagarariwe; | 4° the parties if they were present or represented; | 4° les parties, si elles étaient présentes ou représentées; |
| 5° ikiburanwa; | 5° the subject-matter; | 5° l'objet du litige; |
| 6° ibyemezo byafashwe; | 6° the decisions taken; | 6° les décisions prises; |
| 7° niba abacamanza bagize inteko yaciye urubanza bahari cyangwa hari udahari; | 7° indication of whether judges of the trial bench are present or one of them is absent; | 7° si tous les juges du siège sont présents ou s'il y en a un qui est absent; |
| 8° impamvu rwasomwe rutinze, niba rutarasomwe mu gihe giteganyijwe n'amategeko; | 8° the reasons for delay in the pronouncement of the judgement, if not pronounced within the period prescribed by law; | 8° les motifs du retard de prononcé, si il n'a pas été prononcé endéans le temps prévu par la loi; |
| 9° amazina y'ababuranyi n'imikono yabo; | 9° the names of parties and their signitures; | 9° les noms des parties et leur signature; |
| 10° amazina y'umucamanza/abacamanza n'umwanditsi n'imikono yabo. | 10° the names of judge/judges, the registrar and their signatures. | 10° les noms de juge/juges, de greffier et leurs signatures. |
| **<u>Ingingo ya 134:</u> Isubikwa ry'isomwa ry'urubanza** | **<u>Article 134:</u> Postponement of pronouncement of judgement** | **<u>Article 134:</u> Remise du prononcé de jugement** |
| Isubikwa ry'isomwa ry'urubanza rigomba gukorerwa inyandikomvugo igaragaza impamvu n'itariki ryimuriweho, kandi bigakorerwa mu ruhame mu cyumba cy'iburanisha. | The postponement of the pronouncement of judgement must be stated in courtroom and recorded in minutes which indicate the reasons for postponement and the date to which the pronouncement is postponed. | La remise du prononcé de jugement doit être actée dans un procès-verbal qui indique les motifs et la date de remise en audience publique. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo isubikwa ry'urubanza riturutse ku mpamvu itunguranye, umwanditsi w'Urukiko amenyesha ababuranyi umunsi n'isaha ryimuriweho nibura umunsi umwe mbere y'itariki ryari riteganyirijweho. | If the postponement is due to unforeseeable reasons, the court registrar communicates to the parties the date and time to which the pronouncement is postponed at least one day before the previsously scheduled date of pronouncement. | Quand la remise est due à des motifs imprévisibles, le greffier de la juridiction communique aux parties le jour et l'heure de remise au moins un jour avant la date fixée pour le prononcé. |
| Iyo ku munsi w'isomwa ry'urubanza hari umuburanyi utitabye kandi yari yaramenyeshejwe igihe ruzasomerwa, isomwa ryarwo rigasubikwa, ntibiba ngombwa ko yongera kumenyeshwa umunsi isomwa ry'urubanza ryimuriweho. | If, on the day of the pronouncement of judgement, there is a party who did not appear while having been informed of the date of pronouncement, and the pronouncement is postponed, it is not necessary to communicate to him/her the rescheduled date of pronouncement. | Si au jour du prononcé de jugement, il y a une partie qui ne s'est pas présentée alors qu'elle a été informée de la date du prononcé, et que le prononcé a été remis, il n'est pas nécessaire de lui communiquer encore le jour de la remise du prononcé. |
| Ntashobora no kwitwaza ko atamenye umunsi isomwa ry'urubanza ryimuriweho asobanura impamvu zatumye atubahiriza ibihe biteganywa n'amategeko mu kwiyambaza inzira z'ubujurire. | He/ she cannot invoke his/her failure to know the rescheduled date of pronouncement to justify the reasons for his/her failure to appeal within the period prescribed by law. | Elle ne peut pas se prévaloir de son ignorance du jour de remise de prononcé pour justifier des raisons ayant motivé le non-respect des délais prévus par la loi pour faire appel. |
| **<u>Ingingo ya 135:</u> Gusubika isomwa ry'urubanza kugira ngo hagire ibibanza gukorwa** | **<u>Article 135:</u> Postponement of pronouncement of judgement for further steps** | **<u>Article 135:</u> La remise du prononcée de jugement pour autres démarches** |
| Iyo isomwa ry'urubanza mu mizi risubitswe, Urukiko rugategeka ko hari ibizakorwa mu rubanza kandi ari ngombwa ko ababuranyi baba bahari, ruvuga ahantu, umunsi n'isaha bizakorerwaho. | When the pronouncement of judgement on the merits is adjourned, and the court decides that further steps are needed during the judgement and that parties must be present, the court shall indicate the place, date and time of reopening of debates. | Quand le prononcé du jugement au fond a été remis et que la juridiction décide qu'il y aura autres démarches qui se feront au cours du jugement et que les parties doivent être présents, la juridiction indique le lieu, la date et l'heure de réouverture des débats. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 136</u>: Ibigize kopi y'urubanza** | **<u>Article 136</u>: Contents of the copy of judgement** | **<u>Article 136</u>: Contenu de la copie de jugement** |
| Kopi y'Urubanza ruciwe igizwe n'ibi bikurikira: | The copy of judgement contains the following: | Toute copie de jugement doit contenir: |
| 1° nimero y'urubanza; | 1° the number of the judgement; | 1° le numéro de jugement; |
| 2° urukiko rwaciye urubanza, aho rwasomewe n'itariki rwasomeweho; | 2° the court having delivered it, the place and date of pronouncement; | 2° la juridiction qui a rendu le jugement, la place et la date du prononcé; |
| 3° umwirondoro wuzuye w'ababuranyi; | 3° full identities of parties; | 3° l'identité des parties; |
| 4° ikiburanwa; | 4° the subject-matter; | 4° l'objet du litige; |
| 5° imiterere y'urubanza; | 5° the nature of the jugement; | 5° la nature du jugement; |
| 6° urutonde rw'ibibazo bigize urubanza; | 6° the list of legal issues of the case; | 6° la liste des problèmes juridiques d'une instance; |
| 7° isuzuma rya buri kibazo rigaragaza imiburanire ya buri muburanyi n'umwanzuro w'urukiko kuri buri kibazo hashingiwe ku byabaye no ku mategeko; | 7° the analysis of each legal problem with the position of each party and the decision of the court based on facts and law; | 7° l'analyse de chaque problème juridique avec la position de chaque partie et la décision de la juridiction basée sur les faits et le droit ; |
| 8° icyemezo cy'urukiko; | 8° the court decision; | 8° la décision de la juridiction; |
| 9° itariki n'ahantu urubanza rwaciriwe; | 9° date et place of pronouncement; | 9° la date et le lieu du prononcée; |
| 10° izina cyangwa amazina y'abacamanza baruciye n'umwanditsi; | 10° the name or names of the judges having rendered it and court registrar; | 10° le nom ou les noms des juges qui l'ont rendu ou du greffier; |

| | | |
|---|---|---|
| 11° ko rukijijwe kandi rusomewe mu ruhame; | 11° indication that the judgement has been rendered and pronounced in public; | 11° que le jugement a été rendu et prononcé en public; |
| 12° impamvu zatumye rusomwa rutinze, mu gihe rwasomwe nyuma y'igihe cyari cyamenyeshejwe ababuranyi. | 12° the reasons for delay in the pronouncement if not pronounced within the period which had been notified to parties. | 12° les motifs du retard de prononcé, si le jugement n'a pas été prononcé dans les délais communiqués aux parties. |
| **<u>Ingingo ya 137:</u> Incamake y'urubanza** | **<u>Article 137:</u> Summary of the jugement** | **<u>Article 137:</u> Résumée du jugement** |
| Urubanza rukimara gucibwa, umucamanza ahita akora incamake yarwo igaragaza ibi bikurikira: | After pronouncement of the judgement, the judge immediately makes its summary containing the following: | Après avoir prononcé le jugement, le juge fait immédiatement son résumé contenant: |
| 1° nomero y'urubanza; | 1° the number of the judgement; | 1° le numéro de jugement; |
| 2° umwirondoro w'ababuranyi; | 2° the identities of parties; | 2° l'identité des parties; |
| 3° urukiko ruciye urubanza; | 3° the court having delivered the jugement; | 3° la juridiction qui a rendu ce jugement; |
| 4° itariki rusomeweho; | 4° the date of pronouncement; | 4° la date de prononcée; |
| 5° ikiburanwa; | 5° the subject-matter; | 5° l'objet du litige; |
| 6° incamake y'ibibazo byasuzumwe n'umwanzuro w'urukiko kuri buri kibazo; | 6° the summary of the legal problems and the decision of the court for each problem; | 6° le résumé des problèmes juridiques et la décision de la juridiction pour chaque problème; |
| 7° amagambo mpine ku bibazo nyamukuru bigize urubanza. | 7° the shortened form of legal issues of the judgement. | 7° l'abréviation sur les problèmes juridiques du jugement. |

| | | |
|---|---|---|
| <u>Icyiciro cya 3:</u> **Ibirego bisaba gusobanura cyangwa gukosora amakosa ari mu rubanza** | <u>Section 3:</u> **Application for interpretation or correction of a judgement** | <u>Section 3:</u> **Demandes en interprétation ou en rectification de jugement ou arrêt** |
| <u>Ingingo ya 138:</u> **Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego bisaba gusobanura cyangwa gukosora amakosa ari mu rubanza** | <u>Articles 138:</u> **Competent court to judge applications for interpretation or correction errors in judgement** | <u>Articles 138:</u> **Juridiction compétente pour juger les demandes en interprétation ou en rectification des erreurs qui sont dans un jugement** |
| Ibirego bisaba gusobanura cyangwa gukosora amakosa ari mu rubanza biregerwa urukiko rwaciye urwo rubanza bigasuzumwa n'umucamanza waruciye. Iyo bidashobotse bishyikirizwa undi mucamanza. | Applications for interpretation or correction of a judgement are filed with the court having rendered the judgement and examined by a judge having rendered the judgement. When it is not possible the case is entrusted to another judge. | Les demandes en rectification d'erreurs matérielles ou en interprétation en cas d'obscurité ou d'ambiguïté sont portées devant la juridiction qui a rendu la décision et sont examinées par le juge ayant rendu la décision. En cas d'impossibilité, elles sont soumises à un autre juge. |
| <u>Ingingo ya 139:</u> **Uburyo ibirego bisobanura cyangwa bikosora bitangwamo** | <u>rticle 139:</u> **Procedure for filing applications for interpretation or correction of a judgement** | <u>Article 139:</u> **Forme d'introduction des demandes en interprétation ou en rectification** |
| Ibirego bivugwa mu ngingo ya 138 y'iri tegeko bitangwa hakurikijwe uburyo busanzwe mu gutanga ibirego. Nta ngwate y'igarama bitangirwa. | Applications provided for under Article 138 of this Law are filed in accordance with ordinary rules relating to the filing of cases. However, they are exempted from the payment of court fees. | Les demandes visées à l'article 138 de la présente loi sont introduites selon les règles ordinaires d'introduction d'instance. Elles sont toutefois dispensées de la formalité de consignation de frais de justice. |
| <u>Ingingo ya 140:</u> **Iburanisha ku birego bikosora n'ibisobanura urubanza** | <u>Article 140:</u> **Hearing of applications for correction or interpretation of judgement** | <u>Article 140:</u> **Audience sur les demandes en rectification ou en interprétation** |
| Ikirego gikosora cyangwa gisobanura urubanza kiburanishwa nk'inyandiko | The application for correction or interpretation of a judgement is adjudicated as a unilateral | La demande en rectification ou en interprétation d'un jugement est examinée |

| | | |
|---|---|---|
| nsobanurakirego itanzwe n'umuranyi umwe. Urubanza rukosora urundi, rukosora gusa amakosa y'imyandikire. | application. The rectifying judgement corrects only errors of form. | comme une requête unilatérale. Le jugement ou arrêt rectificatif corrige seulement les erreurs de forme. |
| Urubanza rusobanura cyangwa rukosora urundi rwuzuza urubanza rwasabiwe gusobanurwa cyangwa gukosorwa. Rushobora kujuririrwa rwonyine cyangwa hamwe n'urubanza rw'iremezo mu gihe imanza zombi zishobora kujuririrwa. | The interpretative or rectifying judgement completes the judgement interpreted or rectified. It may be appealed alone or with the main judgement when both judgements may be subject to appeal. | Le jugement ou arrêt interprétatif ou rectificatif complète le jugement ou arrêt interprété ou rectifié. Il peut être attaqué en appel seul ou conjointement avec le jugement principal quand les deux jugements sont susceptibles d'appel. |
| Gusaba gukosora cyangwa gusobanura urubanza bikorwa mu gihe cy'ukwezi kumwe uhereye igihe umuburanyi yamenyeye imikirize y'urubanza. | The application rectification or interpretation of a judgement is filed within a period of one month from the notification of the judgement to the party. | La demande en rectification ou en interprétation d'un jugement se fait dans un délai d'un mois à compter du jour de la signification du jugement à une partie. |
| Igihe cy'ubujurire cy'urubanza rusobanura cyangwa rukosora urundi ni ukwezi kumwe gitangira kubarwa uhereye ku munsi w'isomwa ry'urwo rubanza rusobanura cyangwa rukosora urubanza rw'iremezo. | The time limit for appeal against an interpretative or rectifying judgement is one month, counted from the date of pronouncement of the judgement interpretating or rectifying the main judgement. | Le délai d'appel à un jugement interprétatif ou rectificatif est d'un mois à compter du jour du prononcé du jugement interprétatif ou rectificatif. |
| Iyo urubanza rw'iremezo rwarengeje igihe cyo kujuririrwa, kurukosora cyangwa kurusobanura bishobora gutuma rujurirwa, mu gihe ubujurire bushingiye gusa ku cyemezo cyafashwe ku byerekeye ikosorwa cyangwa isobanura ry'urubanza. | When the main judgement has exceeded the time limit for appeal, its interpretation or rectification may lead to appeal only when the appeal is related to the decision taken on the rectification or interpretation. | En cas de forclusion des délais d'appel pour le jugement principal, la rectification ou l'interprétation de ce dernier ne peut faire l'objet d'appel que lorsque l'appel est lié à la décision prise sur la rectification ou l'interprétation du jugement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 141:</u> Gukosora cyangwa gusobanura urubanza rwajuririwe** | **<u>Article 141:</u> Rectification or interpretation of judgement in appeal** | **<u>Article 141:</u> Rectification or interprétation du jugement en appel** |
| Uwifuza ko urubanza rukosorwa cyangwa rusobanurwa kandi rwarajuririwe, abigaragaza mu mwanzuro, Urukiko rwajuririwe rukabisuzumira hamwe n'izindi ngingo z'ubujurire. Muri icyo gihe Urukiko rwo hasi ntiruba rugifite ububasha bwo gukosora ayo makosa. | The party seeking the rectification or interpretation of a judgement at the appellate level must do so in his/her submissions, and the appellate court approves it at the same time as the other grounds of appeal. In this case, the lower court is no longer competent to correct these errors. | La partie qui désire que le jugement soit rectifié ou interprété au niveau d'appel, doit l'exposer dans ses conclusions, et la juridiction d'appel va l'apprécier en même temps que les autres motifs d'appel. Dans ce cas, la juridiction inferieure n'a plus de compétence de corriger ces erreurs. |
| **<u>INTERURO YA IV:</u> INZIRA ZO KUJURIRA** | **<u>TITLE IV</u>: PROCEDURES FOR APPEAL** | **<u>TITRE IV</u>: VOIES DE RECOURS** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INZIRA ZO KUJURIRA ZISANZWE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: ORDINARY PROCEDURES OF APPEAL** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: VOIES DE RECOURS ORDINAIRES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Gusubirishamo urubanza** | **<u>Section One</u>: Opposition** | **<u>Section première</u>: Opposition** |
| **<u>Ingingo ya 142:</u> Gusubirishamo urubanza rwaciwe uregwa adahari** | **<u>Article 142:</u> Opposition** | **<u>Article 142:</u> Opposition d'un jugement rendu par défaut** |
| Gusubirishamo urubanza bigamije ko urubanza rwaciwe uregwa adahari rwongera kuburanishwa. | Opposition seeks to have a default judgement reviewed. | L'opposition tend à rétracter un jugement rendu par défaut. |
| Gusaba ko urubanza rusubirishwamo bisabwa n'uwarezwe mu rukiko rwaciye urubanza rusabirwa gusubirishwamo. Bikorwa mu buryo bumwe n'ubwo gutanga ikirego. | Opposition is open to the respondent, in the court that adjudicated the case to be reviewed by opposition. It is formulated in the same way as filing any other claim. | La demande en opposition est portée par le défendeur devant la juridiction ayant rendu le jugement de l'affaire attaquée d'opposition. |

| | | |
|---|---|---|
| | | Elle est formulée de la même façon que l'introduction d'une action en justice. |
| Umwanzuro usaba ko urubanza rusubirishwamo ugomba kugaragaza impamvu zikomeye zatumye ubisaba ataboneka mu iburanisha ry'urubanza rusabirwa gusubirishwamo. | The submissions for opposition must contain serious reasons justifying the applicant's failure to appear in the hearing of the case to be reviewed in opposition. | Les conclusions en opposition doivent mentionner les motifs sérieux justifiant l'absence du requérant dans l'audience de l'affaire attaquée d'opposition. |
| Gusubirishamo urubanza bikorwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe abimenyeye. | Opposition to the judgement is done in less than fifteen (15) days from the day on which the respondent has knowledge of the decision. | L'opposition au jugement se fait dans moins de quinze (15) jours à compter du jour où le défendeur a eu connaissance de la décision. |
| **<u>Ingingo ya 143:</u> Kwemera ko urubanza rusubirishwamo** | **<u>Article 143:</u> Admissibility of opposition** | **<u>Article 143:</u> Recevabilité de l'opposition** |
| Gusaba ko urubanza rusubirwamo byemerwa gusa iyo uregwa utaritabye mbere ashobora kugaragaza impamvu idasanzwe kandi ikomeye yamubujije kwitaba. | Opposition is accepted only when the respondent who failed to appear in the first hearing presents an exceptional and serious reason for his/her absence. | L'opposition n'est recevable que si le défendeur défaillant excipe une cause exceptionnelle et grave qui justifie pleinement sa défaillance antérieure. |
| Urukiko rwaregewe ni rwo rugena mu bushishozi bwarwo agaciro ruha impamvu itanzwe yatumye umuburanyi atitaba, uko byagenda kose, ntabwo urubanza rwasabiwe gusubirwamo rwongera gusabirwa gusubirwamo bwa kabiri. | The court to which the claim is referred alone has the discretion to appreciate the alleged grounds for failure to appear in the first hearing. In any case, no one may apply for a new opposition. | La juridiction saisie apprécie souverainement la cause de défaillance alléguée. Opposition sur opposition ne vaut. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 144:</u> Iyakirwa ry'ikirego gisubirishamo urubanza** | **<u>Article 144:</u> Admissibility of an application for opposition** | **<u>Article 144:</u> Recevabilité d'une demande en opposition** |
| Icyemezo kirebana n'iyakirwa ry'ikirego gisaba gusubirishamo urubanza, gifatwa nk'urubanza rubanziriza urundi. | The decision on the admissibility of the opposition application is considered as interlocutory judgement. | La décision sur la recevabilité de la demande en opposition est considérée comme un jugement avant dire droit. |
| Iyo ikirego cyo gusubirishamo urubanza cyakiriwe, abari ababuranyi mu rubanza rwa mbere basubirana inshingano zabo; uwareze agakomeza kuba urega n'uregwa agakomeza kuba uregwa. | When an application for opposition is admitted, the parties remain with their original status in the trial; the claimant remains claimant and the respondent remains respondent. | Quand une demande en opposition est admise, les parties gardent leur qualité originaire dans le procès; le demandeur reste demandeur et le défendeur reste défendeur. |
| Iyo uwasubirishijemo urubanza yitabye wenyine, urukiko ruca urubanza rushingiye ku ngingo zaburanishijweho mu rubanza rwa mbere kimwe no ku ngingo z'uwasubirishijemo urubanza. | If the party who made opposition is the only one who appears, the court makes its decision based on the elements contained in former judgement and the grounds of defense of the opposing party. | Si la partie qui a formé opposition comparaît seule, la juridiction statue sur base des éléments contenus dans la décision attaquée et les moyens de défense de la partie opposante. |
| Iyo uwasubirishijemo urubanza atitabye, uwo baburana asaba ko hagumishwaho imikirize y'urubanza rwa mbere, bitabangamiye ko ashobora gusaba indishyi zihwanye n'ibyo yatakaje akurikirana urubanza rwa kabiri. | When a party who applied for the opposition defaults to appear in court, the other party may request for the confirmation of the first judgement without prejudice to the fact that he or she can ask for the damages equivalent to the costs incurred in the second trial. | Lorsque la partie qui a formé opposition ne comparaît pas, l'autre partie peut solliciter la confirmation de la première décision, sans faire obstacle à une demande en dommages-intérêts dus aux pertes encourues. |
| **<u>Ingingo ya 145:</u> Inkurikizi z'urubanza rwasubirishijwemo** | **<u>Article 145:</u> Effects of the judgement upon opposition** | **<u>Article 145:</u> Effet du jugement rendu sur opposition** |
| Gusubirishamo urubanza bituma ingingo zari zaciweho urubanza umuburanyi adahari | An opposition seeks a new judgement on the issues decided by default, from the same court, based on facts and law. | L'opposition remet en question, devant la même juridiction, les points jugés par défaut |

| | | |
|---|---|---|
| zongera gusuzumwa mu mizi n'urukiko rwari rwaraciye urubanza. | | pour qu'ils soient à nouveau statués en fait et en droit. |
| Urubanza rwasubirishijwemo ruteshwa agaciro n'urubanza ruruhindura. | The judgement that is subject to opposition is quashed only by the resulting new judgement. | Le jugement frappé d'opposition est anéanti par la décision qui le rétracte. |
| **<u>Ingingo ya 146:</u> Ihagarikwa ry'irangiza ry'urubanza rwaciwe uregwa atitabye** | **<u>Article 146:</u> Suspending the execution of a default judgement as a result of opposition** | **<u>Article 146:</u> Effet suspensif de l'exécution de jugement par le défaut du défendeur** |
| Ibihe byo gusubirishamo urubanza biteganyijwe n'amategeko no kurusubirishamo ubwabyo bihagarika irangizwa ryarwo keretse iyo urukiko rwagennye ko rurangizwa by'agateganyo. | The period for filing for opposition provided for by the law and the opposition itself suspend the execution of the judgement unless the court decided on the judgement's provisional execution. | Les délais d'opposition prévue par la loi et l'opposition soi-même, suspendent l'exécution du jugement sauf si la juridiction a ordonné son exécution provisoire. |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubujurire** | **<u>Section 2:</u> Appeal** | **<u>Section 2:</u> Appel** |
| **<u>Ingingo ya 147:</u> Umuburanyi ushobora kujurira** | **<u>Article 147:</u> Party with the capacity to appeal** | **<u>Article 147:</u> Partie pouvant interjeter appel** |
| Umuntu wabaye umuburanyi mu rubanza ku rwego rwa mbere ashobora kurujuririra iyo abifitemo inyungu, keretse iyo amategeko abigena ukundi. | A person who was a party to the proceedings in the first instance may appeal the judgement if that person has an interest therein, except when the law provides otherwise. | Une personne qui a été partie dans un procès au premier degré peut interjeter appel contre la décision rendue si elle y a intérêt et si la loi n'en dispose pas autrement. |
| Icyakora, kujuririra urubanza rubanziriza urundi bikorwa gusa iyo urubanza rw'iremezo rwaciwe kandi bigakorerwa rimwe. Muri icyo gihe, igihe cyo kujuririra urubanza rubanziriza urundi gitangira kubarwa kuva ku munsi | However, the appeal against an interlocutory judgement is made only jointly with the final judgement. In this case, the time limit for appealing against the interlocutory judgement starts running from the date the party gets | Toutefois, l'appel contre un jugement avant dire droit ne peut être interjeté qu'après le jugement définitif et conjointement avec l'appel de ce jugement. Dans ce cas, le délai d'appel pour le jugement avant dire droit ne |

| | | |
|---|---|---|
| umuburanyi yamenyeye ko urubanza rw'iremezo rwaciwe. | informed that the final judgement was rendered. | court que du jour où la partie a eu connaissance que le jugement principal a été rendu. |
| **<u>Ingingo ya 148:</u> Igihe cyo kujurira** | **<u>Article 148:</u> Time limit for lodging an appeal** | **<u>Article 148:</u> Délai d'appel** |
| Igihe ntarengwa cyo kujurira ni ukwezi kumwe (1) gitangira kubarwa kuva ku munsi umuburanyi yamenyeyeho ko urubanza rwasomwe. | The time limit for lodging an appeal is one (1) month that starts running from the day the party gets knowledge of the judgement pronouncement. | Le délai d'appel est d'un (1) mois qui court à partir du jour ou la partie a eu connaissance du prononcé du jugement. |
| Umuburanyi wari uhari iburanisha ripfundikirwa, n'iyo yaba atari ahari umunsi w'isomwa ry'urubanza, afatwa nk'uwamenye igihe urubanza rwasomewe. | A party who was present at the closing of the hearings, even if that party was not present at the time of judgement pronouncement, is considered to have been informed of the judgement pronouncement. | La partie qui était présente lors de la clôture des débats, même absent lors du prononcé, est réputée avoir eu connaissance du prononcé. |
| Iyo urubanza rwasomwe uregwa adahari kuko adafite aho abarizwa hazwi, amenyeshwa imikirize y'urubanza hakoreshejwe uburyo bw'imenyesharuhame. Umunsi wa mbere w'iryo menyesharuhame ni wo ntangiriro yo kubara igihe cyo kujurira. | When the judgement has been pronounced in the absence of the respondent because of unknown domicile, the judgement is notified according to the mode of public notification. The appeal time limit begins to run on the first day of public notification. | Quand le jugement a été prononcé en l'absence du défendeur faute de domicile connu, la signification du jugement se fait selon le mode de signification par avis public. Les délais d'appel commencent à courir le premier jour de cette signification par avis public. |
| **<u>Ingingo ya 149:</u> Uburyo bwo kujurira** | **<u>Article 149:</u> Form of appeal** | **<u>Article 149:</u> Forme d'appel** |
| Hajurira umuburanyi, umuburanira cyangwa uwo yahaye urubanza abikoze mu buryo bumwe n'ubwo gutanga ikirego akabishyikiriza urukiko rujuririrwa. | An appeal is instituted by a party, his/her counsel or his/her special authorized representative in the same way as filing a case, who submits it to the appeal Court. | L'appel est formé par une partie, son conseil ou par son fondé de pouvoir de la même façon que l'introduction d'une action en justice qui le soumet à la juridiction de recours. |

| | | |
|---|---|---|
| Itariki y'ijurira ni umunsi ubujurire bwashyikirijwe urukiko. | The date of appeal is the day on which the appeal is submitted to the court. | La date d'appel est le jour où l'appel est soumis à la juridiction. |
| **<u>Ingingo ya 150:</u> Ibikubiye mu mwanzuro w'ubujurire** | **<u>Article 150:</u> Contents of an application for appeal** | **<u>Article 150:</u> Contenu de l'acte d'appel** |
| Ubujurire bukorwa mu buryo bw'umwanzuro utanga ikirego, ugaragaza ibi bikurikira: | The application for appeal is done by means of submissions filing the claim and containing: | L'appel se fait au moyen des conclusions introductives d'instance dont le contenu est repris ci-après: |
| 1° umwirondoro wuzuye w'ujurira n'uw'uregwa mu bujurire; | 1° the full identity of appellant and respondent; | 1° l'identité complète de l'appelant et de l'intimé; |
| 2° urubanza rujuririwe n'urukiko rwaruciye; | 2° the judgement challenged and the court that rendered it; | 2° la décision attaquée et la juridiction qui l'a rendue; |
| 3° urukiko rwajuririwe; | 3° the appeal court; | 3° la juridiction d'appel; |
| 4° imiterere y'ikibazo mu ncamake; | 4° the summary of facts; | 4° le résumé des faits du litige; |
| 5° urutonde rw'inenge z'urubanza zisabirwa gukosorwa n'ibindi bibazo bigomba gusuzumwa; | 5° the list of grievances from the judgement and other issues to be analysed again; | 5° la liste des vices entachant le jugement faisant objet de demande en rectification et d'autres griefs devant être réexaminées; |
| 6° ibisobanuro kuri buri nenge cyangwa kuri buri kibazo bigaragaza amakosa yakozwe n'uburyo agomba gukosorwa hashingiwe ku mategeko n'ibimenyetso n'igisabwa urukiko; | 6° the motivation for each grievance or problem indicating the errors committed and the way in which they must be modified on the basis of the law and the means of proof and the claim; | 6° la motivation pour chaque grief ou problème indiquant les irrégularités commises et la façon de leur rectification basée sur des moyens de droit et des faits ainsi que sur la prétention; |

| | | |
|---|---|---|
| 7° ibisobanuro ku birego by'inyongera mu gihe ibyo birego bihari. | 7° the motivation for additional claim if there is one. | 7° la motivation des demandes additionnelles, s'il y en a. |
| **<u>Ingingo ya 151:</u> Gusubiza umwanzuro w'ubujurire** | **<u>Article 151:</u> Submissions to reply in appeal** | **<u>Article 151:</u> Conclusions en réplique en appel** |
| Uregwa mu bujurire akora umwanzuro mu buryo bumwe n'uwajuriye. | The respondent prepares his or her submissions in the same way as the appellant. | L'intimé prépare ses conclusions de la même façon que l'appelant. |
| Umwanzuro wo kwiregura usubiza kuri buri kibazo hakurikijwe urutonde rw'ibibazo byagaragajwe n'uwajuriye n'ibyo asaba urukiko. | The submissions to reply respond in the order of the issues raised and that of the claim made by the appellant. | Les conclusions en réplique donnent suite à chaque grief, en fonction de l'ordre des problèmes indiqués par l'appelant ainsi que ses prétentions. |
| **<u>Ingingo ya 152:</u> Ubujurire bwuririye ku bundi** | **<u>Article 152:</u> Filing a cross appeal** | **<u>Article 152:</u> Appel incident** |
| Uregwa mu rukiko rujuririrwa ashobora na we kugira ibyo asaba yiregura. | The respondent in appeal court may also have some claims to be made in his or her defense. | L'intimé peut lui aussi exprimer des chefs de demande dans ses conclusions en réplique. |
| Ubujurire bwuririye ku bundi bukorwa n'uwarezwe mu bujurire bwerekeye ku wajuriye cyangwa ku bandi barezwe mu bujurire. | A cross appeal is filed by the respondent against the appellant or against other respondents. | L'appel incident est formé par l'intimé tant contre l'appelant que contre les autres intimés. |
| Mu gihe ubujurire bw'ibanze butakiriwe, cyangwa bwasibwe, ntibibuza ko uregwa mu ubujurire asaba amafaranga y'ikurikiranarubanza. | The fact of not admitting or striking off the principal appeal does not prevent the appellant from seeking for legal fees. | Lorsque l'appel principal n'a pas été reçu ou a été radié du rôle, cela n'empêche pas que l'intimé puisse réclamer les frais de procédure. |
| Ubujurire bwuririye ku bundi ntibutangirwa ingwate y'amagarama. | A cross appeal shall not be subject to the deposit of court fees. | L'appel incident n'est pas soumis à la consignation de frais de justice. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 153:</u> Ubujurire bukozwe na bamwe mu baburanyi** | **<u>Article 153:</u> Appeal of some of the parties** | **<u>Article 153:</u> Appel fait par certains des parties** |
| Iyo bamwe mu baburanyi bajuriye abandi ntibajurire, ntibibuza ko bose bahamagarwa mu rubanza rw'ubujurire. | If some of the parties made an appeal to the judgement and others have not done so, it does not prevent the court to summon all of them in appeal. | Quand certaines des parties ont fait appel au jugement et que d'autres ne l'ont pas fait, rien n'empêche que toutes les parties soient appelées dans le jugement d'appel. |
| Muri icyo gihe, abatarezwe mu bujurire bashobora gusaba ijambo bagamije kurengera inyungu zabo. Bashobora kandi kuririra ku bujurire bakagira ibyo basaba kimwe n'uko bashobora gutakaza bimwe mu byo bari baragenewe mu rubanza rwajuririwe. | In that case, those who have not appealed can take part in proceedings to protect their interests. They can also make an incidental appeal to make some claims, as well they may lose those to which they are entitled to the first judgement. | Dans ce cas, les parties qui n'ont pas fait appel peuvent demander la parole pour défendre leurs intérêts. Elles peuvent aussi faire appel incident pour faire des demandes, tout comme elles peuvent perdre ce qui avait été ordonné en leur faveur dans le jugement faisant objet d'appel. |
| **<u>Ingingo ya 154</u>: Ibuzwa ry'ibirego bishya ku rwego rw'ubujurire** | **<u>Article 154</u>: Prohibition of filing new claims at the appeal level** | **<u>Article 154</u>: Interdiction des demandes nouvelles en appel** |
| Ku rwego rw'ubujurire ntihashobora gutangirwa ikirego gishya keretse kuregera guhwanya imyenda, cyangwa gutanga ikirego cyo kwiregura ku kirego cy'ibanze cyatanzwe mu rukiko rw'ubujurire. | No new claim may be lodged at the appeal level, unless it concerns compensation or if the new claim constitutes a defence to the principal action before the court of appeal. | Il ne peut être formé, en degré d'appel, aucune nouvelle demande, à moins qu'il ne s'agisse de compensation ou que la demande ne soit la défense à l'action principale. |
| Icyakora, ababuranyi bashobora kwaka inyungu, ibyishyuwe ku bukode n'ibindi bintu by'inyongera byabonetse kuva aho urubanza rwaciriwe n'indishyi z'igihombo umuburanyi yagize kuva urubanza ruciwe. | However, parties may claim interests, rents and other accessories which were realized since the pronouncement of the judgement and moral damages for the loss suffered from the time the judgement was delivered. | Toutefois, les parties peuvent demander des intérêts, arrérages, loyers et autres accessoires échus depuis le prononcé de la décision et les dommages intérêts pour le préjudice subi depuis le prononcé de ladite décision. |

| | | |
|---|---|---|
| Ntibibujijwe ariko mu rwego rw'ubujurire gutanga ibisobanuro bishya cyangwa ibimenyetso bishya bigamije kumvikanisha kurushaho ibyari byaraburanishijwe mu rwego rwa mbere. | It is not prohibited to submit in appeal new arguments or elements of evidence that were not heard at the first level. | Il n'est pas interdit, au niveau d'appel, de formuler des moyens nouveaux ou de déposer de nouvelles preuves qui n'ont pas été soulevés au premier degré. |
| **<u>Ingingo ya 155</u>: Inkurikizi y'ikirego cy'ubujurire** | **<u>Article 155</u>: Effect of an appeal suit** | **<u>Article 155</u>: Effet de l'appel** |
| Ikirego cy'ubujurire cyakiriwe gituma ikibazo gisubira uko cyari kimeze mbere y'uko gicibwaho urubanza rujuririrwa, ariko ku ngingo zajuririwe gusa. | An appeal that is admitted has the effect of returning a case to the situation as it was before the judgement, but only as to issues that are the subject-matter of appeal. | La demande en appel ayant fait objet de recevabilité a pour effet de remettre la cause à l'état où elle se trouvait avant le prononcé de la décision entreprise, et ce, seulement sur les points ayant fait objet de l'appel. |
| **<u>Ingingo ya 156</u>: Kuburanisha mu bujurire mu mbibi z'icyajuririwe** | **<u>Article 156</u>: Adjudication of appeal in the limit of the appeal subject-matter** | **<u>Article 156</u>: Jugement en appel limité par l'objet du litige** |
| Urukiko rwajuririwe ruburanisha gusa ubujurire mu mbibi z'icyajuririwe. | The subject-matter to be decided by the appeal court is limited to what is in the appeal. | L'affaire est dévolue à la juridiction d'appel dans les limites fixées par l'acte d'appel. |
| Urukiko rufata icyemezo ku ngingo zatumye uwatanze ubujurire ajurira cyangwa uwabwuririyeho na we akajurira. | The court only decides on the issues brought forth by the appellant and respondent at the appeal level. | La juridiction d'appel ne peut statuer que sur les chefs critiqués par l'appelant ou par l'intimé sur appel incident. |
| **<u>Ingingo ya 157</u>: Icyemezo ku rubanza rwajuririwe** | **<u>Article 157</u>: Decision on the appealed judgement** | **<u>Article 157</u>: Décision sur le jugement faisant objet d'appel** |
| Urukiko rwajuririwe rushobora guhindura urubanza rwajuririwe mu ngingo zarwo zose cyangwa zimwe muri zo, kwemeza uko rwari rwaciwe cyangwa kurutesha agaciro. | The appeal court may overrule the appealed judgement in all its clauses or some of them, uphold the rendered judgement or set aside the judgement. | La juridiction d'appel peut réformer la décision appelée sur certains ou tous ses points, confirmer la décision antérieure ou l'annuler. |

| | | |
|---|---|---|
| Urukiko rwajuririwe ruca urubanza mu mizi keretse iyo: | The appeal court tries the case in merits unless: | La juridiction d'appel connaît le fond de l'affaire, sauf si: |
| 1° Urubanza rwajuririwe rwaciwe n'urukiko rutabifitiye ububasha;<br>2° Urukiko rwariyambuye ububasha kandi rubufite;<br>3° Urukiko rwararegewe mu buryo bunyuranyije n'amategeko. | 1° the appealed judgement was rendered by a court lacking jurisdiction;<br>2° the court declared lack of jurisdiction while it had jurisdiction;<br>3° there was irregularity in referring the matter to the court. | 1° le jugement faisant objet d'appel a été rendu par une juridiction incompétente;<br>2° la juridiction s'est à tort déclarée incompétente;<br>3° la juridiction a été irrégulièrement saisie. |
| **<u>Ingingo ya 158</u>: Gutesha agaciro urubanza rwajuririwe** | **<u>Article 158:</u> To set aside the appealed judgement** | **<u>Article 158</u>: Annuler le jugement faisant objet d'appel** |
| Iyo Urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwararegewe mu rwego rwa mbere mu buryo budakurikije amategeko cyangwa rwararegeye urukiko rudafite ububasha, nyamara urwo rukiko rukaba rwarafashe icyemezo cyo kurwakira kandi rutaragombaga kurwakira, urukiko rwajuririrwe rwakira ubwo bujurire, rukagaragaza ko urwo rubanza rwajuririwe rwari rwararegewe urukiko rwa mbere mu buryo bunyuranyije n'amategeko, rugatesha agaciro ibyemezo byose byashingiye kuri iryo kosa; ubifitemo inyungu akaba yakongera agatanga ikirego bundi bushya. | When the appeal court finds that the first-instance court has been seized irregularly or the court seized is not competent, but the lower court has decided to decide on the case whereas it should not; the appeal court receives that appeal and motivates that the appeal case was irregularly filed at the first level, and the appellate court quashes all the decisions taken on the basis of this error; the interested party may file a new claim. | Quand la juridiction d'appel trouve que la juridiction au premier degré a été irrégulièrement saisie ou que la juridiction saisie n'était pas compétente et que celle-ci a décidé de se saisir de l'affaire alors qu'elle ne le devait pas, la juridiction d'appel reçoit cet appel, déclare que l'affaire faisant objet d'appel avait été irrégulièrement portée à la juridiction du premier degré et annule toutes les décisions prises sur base de cette erreur; la partie intéressée peut intenter une action de nouveau. |
| Nyamara, iyo Urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwari rwaregewe mu buryo bukurikije amategeko urukiko rwaruciye ku | However, if the appeal court finds that the seizure of jurisdiction at the first degree was lawful and that court declared it inadmissible | Toutefois, si la juridiction d'appel trouve que la saisine de juridiction au premier dégrée était régulière et que cette juridiction l'a |

| | | |
|---|---|---|
| rwego rubanza rukavuga ko rutakiriwe kandi rwaragombaga kwakirwa, Urukiko rwajuririwe rurarwakira, rukagaragaza ko rwagombaga kwakirwa ku rwego rwa mbere; rukarutesha agaciro maze rukarusubiza Urukiko rwari rwaruciye kugira ngo ruruburanishe mu mizi, nta yindi ngwate y'amagarama itanzwe. | when it was to receive and judge this case, the court of appeal hears the case and declares that it was of the competence of that lower court; it declares this judgement void and refers the case to the first instance court so that it hears it again on the merits, without payment of any other court fees. | déclarée non recevable alors qu'elle devait recevoir et juger cette affaire, la juridiction d'appel reçoit cette affaire et déclare qu'elle était de la compétence de la juridiction inferieure; la juridiction d'appel déclare ce jugement nul et renvoie cette affaire à la juridiction qui l'a rendu pour que l'affaire soit encore jugée au fond, sans payement d'autres frais de consignation. |
| Urukiko rwohererejwe uru rubanza ntirushobora kwanga kuruburanisha rwitwaje ko rwafashe icyemezo kuri iryo burabubasha. | The court to which the case was referred cannot refuse to rule on the case, on the grounds that it has already ruled on it for incompetence. | La juridiction auprès de laquelle une affaire est renvoyée ne peut pas refuser d'y statuer, invoquant qu'elle a déjà statué sur son incompétence. |
| **<u>Ingingo ya 159</u>: Ihagarikwa ry'irangiza ry'urubanza kubera ubujurire** | **<u>Article 159</u>: Suspension of execution of judgement due to appeal** | **<u>Article 159</u>: Suspension de l'exécution de jugement pour Appel** |
| Iyo ibihe byo kujuririra urubanza biteganyijwe n'amategeko bitararangira cyangwa rwarajuririwe, irangizwa ryarwo riba rihagaze keretse iyo urukiko rwagennye ko rurangizwa by'agateganyo. | In case the time limit of lodging an appeal provided for by the law has not yet elapsed or where the appeal has been lodged, the execution of judgement is suspended except if the court ordered for its provisional execution. | Les délais prévus par la loi pour interjeter appel et l'appel lui-même suspendent l'exécution du jugement à moins que la juridiction n'accorde l'exécution provisoire. |
| **<u>Ingingo ya 160</u>: Ingingo zihuriweho ku rwego rw'ibanze no ku rwego rw'ubujirire** | **<u>Article 160</u>: Common provisions to first instance and appeal level** | **<u>Article 160</u>: Dispositions communes au premier degré et au degré d'appel** |
| Usibye ibiteganyijwe ukundi n'iki cyiciro, izindi ngingo z'amategeko zikurikizwa imbere y'inkiko ziburanisha mu rwego rwa mbere zinakurikizwa no mu nkiko ziburanisha mu rwego rw'ubujurire. | Unless otherwise provided for by this Section, other provisions applicable before first instance courts also apply before appeal courts. | Sauf exceptions établies par la présente section, les autres règles établies pour les juridictions de premier degré sont observées mutatis mutandis devant les juridictions d'appel. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INZIRA ZO KUJURIRA ZIDASANZWE** | **<u>CHAPTER II</u>: EXTRAORDINARY PROCEDURES OF APPEAL** | **<u>CHAPITRE II</u>: VOIES DE RECOURS EXTRAORDINAIRES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Gutambamira urubanza** | **<u>Section One</u>: Third party opposition** | **<u>Section première</u>: Tierce opposition** |
| **<u>Ingingo ya 161</u>: Gutambamira urubanza** | **<u>Article 161</u>: Third party opposition** | **<u>Article 161</u>: Tierce opposition** |
| Gutambamira urubanza ni ugushaka ko ruvanwaho cyangwa ruhindurwa bisabwe n'umuntu utararuburanye. | A third party opposition seeks to quash or change a judgement to the benefit of the third party appealing against it. | La tierce opposition tend à faire rétracter ou réformer une décision au profit du tiers qui l'attaque. |
| Gutambamira urubanza bireba gusa, bitewe n'uwabisabye, ingingo zasuzumwe anenga, kugira ngo hasuzumwe bundi bushya uko byagenze n'uko amategeko abiteganya. | It brings back into question, depending on the applicant, the issues already adjudicated challenged to be re-examined based on facts and law. | Elle remet en question, relativement à son auteur, les points jugés qu'il critique pour qu'il y soit à nouveau statué en fait et en droit. |
| Hatambamirwa urubanza rwafashwemo icyemezo mu mizi kandi rutagishoboye kujuririrwa. | A third party opposition concerns the court judgement on its merits and no longer subject to appeal. | La tierce opposition ne concerne que la décision d'un jugement au fond non susceptible d'appel. |
| Imanza zaciwe n'Urukiko rw'ubujurire cyangwa urw'Ikirenga ntizitambamirwa. | Judgements rendered by the Supreme Court and the Court of Appeal shall not be subject to third party opposition. | Les décisions rendues par la Cour d'Appel ou la Cour Suprême ne peuvent pas faire objet de tierce opposition. |
| **<u>Ingingo ya 162</u>: Abemerewe gutambamira urubanza** | **<u>Article 162</u>: Persons allowed to exercise a third party opposition** | **<u>Article 162</u>: Personnes pouvant faire la tierce opposition** |
| Umuntu utareze cyangwa ngo aregwe mu rubanza ariko arufitemo inyungu, ashobora gutambamira urwo rubanza rumurenganya | A person who was not a party to a case but who has an interest in it may make a third party opposition to set aside a judgement which is prejudicial to his or her rights and if neither | Une personne qui n'a pas été partie au procès mais qui y a un intérêt peut former tierce opposition à une décision qui préjudicie à ses |

| | | |
|---|---|---|
| ashaka ko rusubirwamo iyo, ari we cyangwa ari n'abo ahagarariye nta warutumiwemo. | that person nor the person he or she represents were called at the trial. | droits, et lors duquel ni lui ni ceux qu'il représente n'ont été appelés. |
| Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba uwashyingiranywe n'umuburanyi cyangwa abana babo mu gihe ikiburanwa ari umutungo w'umuryango, kereka iyo bigaragaye ko bahishwe urubanza hagamijwe kubariganya. | Provisions of Paragraph one of this Article do not apply to a spouse of the party or their children when the subject-matter is the family property unless there is evidence that the default to notify them of the case was due to fraud. | Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas au conjoint ou aux enfants des parties au cas où l'objet du litige porte sur le patrimoine familial, sauf lorsqu'il s'avère qu'ils ont été empêchés de connaître l'existence du procès avec une intention frauduleuse. |
| **<u>Ingingo ya 163</u>: Itambamirwa ry'urubanza rusangiwe n'ababuranyi benshi** | **<u>Article 163</u>: Third party opposition against several joint parties** | **<u>Article 163</u>: Tierce opposition en cas d'indivisibilité des parties** |
| Iyo urubanza rutambamirwa rusangiwe n'ababuranyi benshi, bose barutumirwamo. | If the third party opposition concerns several parties, all the parties are summoned to the hearing. | Lorsque la tierce opposition concerne plusieurs parties, toutes ces parties sont appelées à l'instance. |
| **<u>Ingingo ya 164</u>: Igihe cyo gutambamira urubanza** | **<u>Article 164</u>: Time limit for filing a third party opposition** | **<u>Article 164</u>: Délai pour faire une tierce opposition** |
| Igihe cyo gutambamira urubanza ni amezi abiri (2) abarwa uhereye igihe utanze ikirego yabimenyeyeho. Iyo hari ibimenyetso bigaragaza neza ko yamenye urubanza rutambamirwa igihe rwaburanishwaga, icyo kirego nticyakirwa. | The time limit for filing a third party opposition is two (2) months from the date that the person filing the case was notified. If it can be proved that he or she had knowledge of the judgement, such action is not admitted. | Le délai pour former la tierce opposition est de deux (2) mois à compter de la date à laquelle la personne qui fait l'opposition a eu connaissance du jugement. Lorsqu'il peut être prouvé que la personne a eu connaissance du jugement, cette action n'est pas enregistrée. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 165</u>: Uburyo gutambamira urubanza bikorwamo**<br><br>Ikirego cy'iremezo kigamije gutambamira urubanza gitangwa mu rukiko rwaciye urwo rubanza rusabirwa gusubirwamo. Gutambamira urubanza rwaciwe ntibihagarika irangiza ryarwo, keretse iyo rihagaritswe n'urukiko rwaregewe, bisabwe n'umuburanyi. | **<u>Article 165</u>: Procedure for third party opposition**<br><br>A third party opposition against a judgement in principal action is brought before the court which rendered the contested judgement. An opposition by a third party shall not automatically suspend execution of the contested judgement, unless the execution is suspended by the court upon request of a party. | **<u>Article 165</u>: Mise en œuvre de la tierce opposition**<br><br>La tierce opposition formée par voie d'action principale est portée devant la juridiction qui a rendu la décision attaquée. La tierce opposition n'est pas suspensive, à moins que, sur requête d'une partie, la juridiction saisie de la demande ne suspende l'exécution de la décision. |
| **<u>Ingingo ya 166</u>: Gutambamira urubanza rushamikiye ku rundi**<br><br>Iyo hari urubanza ruburanwa umuburanyi akagaragaza ko rufitanye isano n'urwo yatambamiye, urukiko rusuzuma iyo sano, rwasanga idahari, rugakomeza iburanisha. Iyo rusanze koko hari isano hagati y'izo manza, ruhagarika iburanisha, rugategereza ko urubanza rwatambamiwe rucibwa. | **<u>Article 166</u>: Third party opposition incidental to another case**<br><br>Where there is a case under judgement and the party proves the relationship with it, the court examines the relationship and continues the hearing if there is not any. If the relationship is found, the court suspends the hearing and waits the judgement of the third party opposition. | **<u>Article 166</u>: Tierce opposition incidente sur une autre contestation**<br><br>Lorsqu'il y a un jugement en cours et qu'une partie prouve sa connexité avec le jugement qu'elle attaque en tierce opposition, la juridiction examine cette connexité et, lorsqu'elle constate qu'il n'y en a pas, elle continue le jugement. Si tribunal constate qu'il y a connexité entre ces jugements, il sursoit à statuer en attendant le jugement sur la tierce opposition. |
| **<u>Ingingo ya 167</u>: Inkurikizi z'urubanza rwemera ko itambama rifite ishingiro**<br><br>Urukiko rwaregewe itambama rusuzuma ingingo zibangamiye uwarutambamiye gusa. | **<u>Article 167</u>: Effects of judgement accepting grounds of a third party opposition**<br><br>The court seized for the third party opposition examines only grounds which are prejudicial to the applicant party. | **<u>Article 167</u>: Effets du jugement faisant droit à la tierce-opposition**<br><br>La juridiction saisie de la tierce opposition n'examine que les points qui sont préjudiciables à la partie qui a fait la demande. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 168</u>: Inzira zo kujurira ku rubanza ruciwe n'urukiko habaye itambamirarubanza** | **<u>Article 168</u>: Procedures of appeal against a third party opposition judgement** | **<u>Article 168</u>: Voies de recours contre une décision rendue sur tierce opposition** |
| Urubanza ruciwe n'urukiko habaye itambamirarubanza rushobora kujuririrwa hakoreshejwe inzira zimwe nk'izikoreshwa mu kujuririra izindi manza. | A judgement rendered following a third party opposition may be subject to the same procedures of appeal applicable to other judgements. | La décision rendue sur tierce opposition est susceptible d'être attaquée selon les mêmes voies que celles suivies pour le recours formulé contre les autres jugements. |
| Urubanza rutambamira urundi rushobora kujuririrwa rimwe gusa. | A third party opposition judgement is subject to appeal only once. | La décision rendue sur tierce opposition peut faire objet d'appel une seule fois. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Section 2</u>: Case review** | **<u>Section 2</u>: Recours en révision** |
| **<u>Ingingo ya 169</u>: Abemerewe gusaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 169</u>: Persons allowed to exercise application for review** | **<u>Article 169</u>: Personnes autorisées à faire le recours en révision** |
| Gusaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya byemererwa gusa abantu babaye ababuranyi cyangwa bahagarariwe mu rubanza rusabirwa gusubirwamo. | An application for review is allowed only to persons who have been parties or represented to the judgement subject for review | Le recours en révision est autorisé seulement aux personnes qui ont été parties ou représentées au jugement faisant objet de recours en révision. |
| **<u>Ingingo ya 170</u>: Impamvu zituma habaho gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 170</u>: Reasons for application for review** | **<u>Article 170</u>: Causes d'ouverture du recours en révision** |
| Urubanza rushobora gusubirishwamo ingingo nshya kubera imwe mu mpamvu zikurikira: | An application for review can be made due to one of the following reasons: | Le recours en révision n'est ouvert que pour l'une des causes suivantes : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° habayemo uburiganya bwagize ingaruka ku mikirize y'urubanza, kandi bukaba butarigeze bumenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana; | 1° if there was fraud that had effects on the judgement and it was unknown to the losing party during the course of the proceedings; | 1° s'il y a eu dol personnel ayant motivé la décision et qui était inconnu de la partie perdante en cours de l'instance; |
| 2° urubanza rwaciwe hashingiwe ku mpapuro cyangwa ku buhamya byaje kugaragara cyangwa kwemezwa n'urukiko ko ari ibihimbano nyuma y'icibwa ry'urwo rubanza; | 2° if the judgement was based on pieces of evidence, testimony or oaths which were subsequently recognised or declared by the court to be false; | 2° si un jugement a été rendu sur base des pièces, témoignages ou serments ultérieurement reconnus ou judiciairement déclarés faux depuis la décision; |
| 3° iyo, kuva aho urubanza ruciriwe, habonetse ikimenyetso gishya kimara impaka kigaragaza neza akarengane katewe n'urubanza rusabirwa gusubirwamo; | 3° if, since the time of rendering the judgement, there is discovery of a decisive element of evidence proving that there was injustice due to the judgement for which the review is sought; | 3° si, depuis la décision, il a été découvert une pièce décisive démontrant à suffisance l'injustice de la décision attaquée; |
| 4° urubanza rushingiye ku rubanza rw'inshinjabyaha rwaje gukurwaho nyuma; | 4° if the decision was based on a criminal judgement which was subsequently quashed; | 4° si la décision est fondée sur une décision rendue en matière répressive qui a été ensuite annulée; |
| 5° urubanza rushingiye ku byakozwe mu iburanisha bikozwe mu izina ry'umuntu utarigeze atanga ubwo bubasha mu buryo ubwo ari bwo bwose, cyangwa ngo yemere cyangwa yemeze ibyakozwe. | 5° if the judgement is based on a procedural act done in the name of a person who did not explicitly or implicitly grant permission to approve or confirm what was done. | 5° si la décision est fondée sur un acte de procédure accompli au nom d'une personne, sans qu'elle ait, soit donné mandat exprès ou tacite à cette fin, soit ratifié ou confirmé ce qui a été fait ; |
| Haseguriwe ibivugwa mu gace ka gatatu (3) k'iyi ngingo, ikimenyetso gishya ni ikimenyetso umuburanyi atashoboraga | Subject to provisions of item 3º of this Article a new evidence is that a party could not know its existence and found it after the judgement | Sous réserve du point 3º de cet article, une pièce nouvelle est une preuve que la partie ne pouvait pas connaître et dont elle a eu |

| | | |
|---|---|---|
| kumenya ko cyaba gihari, akakibona nyuma cyangwa akaba atarabashaga kukigeraho igihe yaburanaga. | or was not enable to access it during the proceedings. | connaissance ultérieurement ou à laquelle elle ne pouvait pas accéder pendant le procès. |
| Ikimenyetso n'iyo ari gishya gihabwa agaciro gusa iyo gishobora kuvuguruza ibyari byashingiweho mu ica ry'urubanza rusabirwa gusubirishwamo ingingo nshya. | The evidence even so new is admitted only when it can contradict the elements on which it was based for the judgement subject to review. | La pièce même nouvelle n'est admissible que si elle peut contredire les éléments sur lesquels s'était basé le jugement attaqué en révision |
| **<u>Ingingo ya 171</u>: Igihe cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 171</u>: Time limit to apply for review** | **<u>Article 171</u>: Délai pour former le recours en révision** |
| Igihe ntarengwa cyo kuregera gusubirishamo urubanza ingingo nshya rwaciwe burundu ni amezi abiri (2) kuva igihe impamvu ituma urwo rubanza rusabirwa gusubirwamo yabonekeye. | The time limit within which to apply for review is two (2) months starting from the date of the discovery of the fact giving rise to the review. | Le délai pour faire le recours en révision est de deux (2) mois à compter du jour de la découverte de la cause qui donne ouverture à ce recours. |
| Icyo gihe ntikibarwa ku bantu badafite ubushobozi bwo kwiregera mu gihe cyose baba batarabubona. | This time limit does not apply to persons declared incapable to sue in court during the period of their incapacity. | Ce délai ne court pas contre les incapables pendant la durée de leur incapacité. |
| Iyo umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo gusubirishamo urubanza ingingo nshya apfuye, mbere y'igihe cyateganyijwe mu kurusubirishamo, icyo gihe cyari gisanzwe cyongererwaho igihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) ku bagomba kumuzungura. | In the case of the death of a party having the right to sue for review before the time allowed for its application has run, this time limit is extended by twelve (12) months in favour of his or her heirs. | En cas de décès de la partie qui avait droit de faire recours en révision, avant l'expiration du délai prévu, ce délai est prorogé de douze (12) mois en faveur de ses héritiers. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 172: Urukiko ruburanisha ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **Article 172: Competent court to hear an application for review** | **Article 172: Juridiction compétente pour connaître d'une demande en révision** |
| Ikirego cy'iremezo cyo gusaba ko urubanza rwaciwe burundu rusubirishwamo ingingo nshya kijyanwa mu rukiko rwaciye urwo rubanza mu mizi ariko rugizwe n'undi cyangwa abandi bacamanza bataruburanishije. | The application for review of a final judgement is brought before the same court that rendered it but with a judge or judges that did not preside over the hearing. | La demande en révision principale est portée devant la juridiction qui a rendu en dernier ressort la décision attaquée, autrement composée. |
| Icyo kirego gitangwa mu nzira zimwe nk'izubahirizwa mu gutanga ibindi birego. | An application for review is instituted through the same procedure as filing ordinary claims. | Cette demande est introduite selon la même procédure que celle suivie pour l'introduction d'autres demandes. |
| **Ingingo ya 173: Irangizwa ry'urubanza mu gihe cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **Article 173: Execution of a contested judgement pending the application for review** | **Article 173: Exécution du jugement en cas de recours en révision** |
| Gusubirishamo urubanza ingingo nshya ntibirubuza kurangizwa, keretse iyo iryo rangizwa ryahagaritswe n'urukiko rwaregewe gusubirishamo urubanza ingingo nshya. | An application for review does not obstruct the execution of the contested judgement, unless the execution has been suspended by the court to which the review has been referred. | La révision n'empêche pas l'exécution de la décision attaquée, sauf suspension accordée par la juridiction saisie du recours en révision. |
| **Ingingo ya 174: Kwakira gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **Article 174: Admissibility of the application for review** | **Article 174: Recevabilité du recours en révision** |
| Urukiko rwaregewe gusubirishamo urubanza ingingo nshya rubanza gusuzuma ibijyanye n'iyakirwa ry'ikirego, rukabifataho icyemezo. | The court seized for a case review examines firstly the admissibility of the application and makes a decision. | Le tribunal saisi du recours en révision statue d'abord sur la recevabilité de la demande et en prend une décision. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo ikirego cyo gusubiramo urubanza kitakiriwe, urubanza rwa mbere rugumana agaciro karwo. | If the application for review is not admitted, the previous judgement remains valid. | Lorsque la demande sur le recours en révision n'est pas recevable, le jugement antérieur reste valable. |
| **<u>Ingingo ya 175</u>: Igihe ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya kitakirwa** | **<u>Article 175</u>: Inadmissibility of the application for review** | **<u>Article 175</u>: Cas d'irrecevabilité du recours en révision** |
| Ikirego gisabira urubanza rwaciwe burundu gusubirishwamo ingingo nshya ntabwo cyakirwa, iyo cyerekeye urubanza rwabisabiwe mbere ku kimenyetso kimwe cyangwa ku mpamvu imwe. | An application for review of a final judgement shall not be admitted if it seeks the review of a judgement rendered upon application for review basing on the same evidence or same reason. | La demande sur le recours en révision n'est pas recevable si elle est dirigée contre une décision ayant déjà fait objet de recours en révision sur base d'un même élément de preuve ou d'un même motif. |
| **<u>Ingingo ya 176</u>: Ukutajuririrwa kw'icyemezo gifashwe mu gusubirishamo urubanza ingingo nshya** | **<u>Article 176</u>: Lack of procedures of appeal against a decision on the application for review** | **<u>Article 176</u>: Absence de recours contre la décision rendue en matière de révision** |
| Urubanza ruciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya, ntirwemera inzira z'ubujurire izo arizo zose uretse gutambamira urubanza cyangwa kurusubirishamo ku mpamvu z'akarengane. | A decision on the application for review shall not be subject to any procedure of appeal except for third party opposition or the application for review due to injustice. | La décision rendue en matière de révision n'est susceptible d'aucune voie de recours, à l'exception de la tierce opposition ou du recours en révision pour cause d'injustice. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>INTERURO YA V</u>: IMIBURANISHIRIZE YIHARIYE** | **<u>TITLE V</u>: SPECIAL PROCEEDINGS** | **<u>TITRE V</u>: PROCEDURES PARTICULIERES** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'UBUTEGETSI** | **<u>CHAPTER ONE</u>: PROCEDURES IN ADMINISTRATIVE MATTERS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: PROCEDURE EN MATIERE ADMINISTRATIVE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ikirego gisaba gukuraho ibyemezo by'ubutegetsi n'iburanisha ry'urubanza mu mizi yarwo** | **<u>Section One</u>: Application for annulment of administrative decisions and full jurisdiction action** | **<u>Section première</u>: Recours en annulation des décisions administratives et recours de pleine juridiction** |
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Ikirego gisaba gukuraho ibyemezo by'ubutegetsi** | **<u>Subsection One</u>: Action for annulment of administrative decisions** | **<u>Sous-section première</u>: Recours en annulation des décisions administratives** |
| **<u>Ingingo ya 177</u>: Umwihariko w'ikirego cy'ubutegetsi** | **<u>Article 177</u>: Speciality of an administrative claim** | **<u>Article 177</u>: Spécialité de la requête administrative** |
| Umwanzuro utanga ikirego cy'ubutegetsi womekwaho kopi y'icyemezo cy'ubuyobozi kinengwa iyo cyanditse, kimwe n'inyandiko igaragaza ugutakamba kwakorewe umuyobozi wo ku rwego rwisumbuye ku rwafashe icyemezo. | The submission of the administrative claim encloses the copy of the administrative decision attacked if written as well as the document of an appeal lodged with the immediate superior authority to the one who took that decision. | Les conclusions introductives d'une requête administrative sont accompagnées d'une copie de la décision administrative attaquée si celle-ci est écrite ainsi que d'un document prouvant le recours hiérarchique fait à l'autorité supérieure à celle qui a pris la décision en question. |
| **<u>Ingingo ya 178</u>: Iyakirwa ry'ikirego gisaba gukuraho icyemezo** | **<u>Article 178</u>: Admissibility of the action for annulment of a decision** | **<u>Article 178</u>: Recevabilité du recours en annulation d'une décision** |
| Ikirego gisaba gukuraho icyemezo cy'umuyobozi cyakirwa iyo cyerekeye icyemezo cy'umuyobozi cyaba cyeruye cyangwa kiteruye. | The action for annulment of an administrative decision is admissible only if it relates to an explicit or implicit decision of an administrative authority. | Le recours en annulation n'est recevable que contre une décision explicite ou implicite d'une autorité administrative. |

| | | |
|---|---|---|
| Mbere yo gutanga ikirego, unenga icyemezo cy'umuyobozi agomba kubanza gutakambira umuyobozi ufite ububasha bwisumbuye k' uwafashe icyemezo kinengwa. | Before filing an action, the aggrieved party who is against the administrative decision is required to first lodge an informal appeal with the immediate superior authority to the one who took the challenged decision. | Avant d'introduire son recours en annulation, celui qui attaque la décision administrative doit, au préalable, avoir fait un recours hiérarchique à l'autorité supérieure à celle qui a pris la décision en question. |
| Umuyobozi utakambiwe agomba gusubiza ubwo butakambe mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) kubarwa uhereye umunsi yabuboneyeho. Iyo adasubije, ubutakambe bufatwa nk'aho bufite ishingiro. | The authority is required to respond in a period of one (1) month which runs from the date he/she received the informal appeal. If he/she does not respond, the request is considered as founded. | L'autorité saisie du recours hiérarchique doit y donner suite dans un délai d'un (1) mois à compter de sa réception. En cas de silence, le recours est réputé fondé. |
| Mu gihe uwatakambye atishimiye igisubizo yahawe, afite igihe cy'amezi atandatu (6) cyo kuregera urukiko gitangira kubarwa kuva ku munsi yaboneyeho igisubizo. | An applicant who is not satisfied with the decision has a period of six (6) months to file a claim which runs from the date when the applicant received the response. | Le requérant qui n'est pas satisfait de la décision dispose d'un délai de six (6) mois dans lequel il doit exercer un recours en annulation qui commence à courir à compter de la signification de la décision. |
| Iyo nta gisubizo yahawe kandi atasubijwe uburenganzira bwe, ashobora gusaba urukiko ruburanisha imanza z'ubutegetsi gutegeka ko uburenganzira bwe bwubahirizwa. Icyo kirego gitangwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. | In case the applicant does not get response and not recover his/her rights, he/she can request an administrative court to order the appicant to be reinstated in his/her rights. The claim is filed whithin one (1) month by way of unilateral request. | Lorsque le requérant n'obtient aucune réponse et qu'il n'est pas rétabli dans ses droits, il peut demander à la juridiction administrative d'ordonner le respect de ses droits. Cette demande est introduite dans un délai n'excédant pas un (1) mois sous forme de requête unilatérale. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 179</u>: Inkurikizi zo gutakambira icyemezo cy'umuyobozi cyangwa kukiregera** | **<u>Article 179</u>: Effects of an appeal against an administrative decision or suing in court** | **<u>Article 179</u>: Effets du recours administratif ou saisine de la juridiction** |
| Gutakambira icyemezo cy'umuyobozi cyangwa kukiregera mu rukiko ntibihagarika ishyirwa mu bikorwa ryacyo kugeza igihe urukiko rufatiye icyemezo ku kirego rwaregewe. | An appeal against an administrative decision or suing against an administrative decision in court shall not suspend the execution of the decision until the court rules on the matter. | Le recours administratif ou la saisine du tribunal contre une décision administrative n'emporte pas suspension de son exécution jusqu'à la décision de la juridiction saisie de la requête. |
| Mu gihe hari icyihutirwa, umuburanyi ashobora gusaba urukiko, abinyujije mu buryo bw'ikirego cyihutirwa, cyangwa inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe mu gihe nta kirego kiragera mu rukiko, gufata icyemezo gihagarika ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo mu gihe kugishyira mu bikorwa bishobora kumuviramo kononerwa ku buryo budasubirwaho. | In case of emergency, a party may request the the court through exparte application, or by unilateral request if no other claim has been filed in court, to suspend the execution of the administrative decision being attacked if its execution would cause an irreparable harm. | En cas d'urgence, une partie peut demander, sous forme de référé ou de requête unilatérale, à la juridiction saisie de décider la suspension de l'exécution de la décision, lorsque son exécution risque d'entraîner un préjudice irréparable. |
| Ikirego gisaba guhagarika gushyira mu bikorwa icyemezo cy'umuyobozi gitangwa mu kirego gitandukanye n'icy'iremezo kandi ntigitangirwa ingwate y'amagarama. | The application for stay of execution of an administrative decision is made in a separate application from the principal action and does not require the deposit of court fees. | La demande aux fins de sursis à exécution d'une décision administrative est présentée par une requête séparée de la requête principale. Elle n'exige pas la consignation des frais de justice. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Ikirego cyerekeye iburanisha ry'urubanza rw'ubutegetsi mu mizi yarwo** | **<u>Subsection 2</u>: Action relating to proceedings in an administrative case on merits** | **<u>Sous-section 2</u>: Action relative au jugement d'une demande administrative** |
| **<u>Ingingo ya 180</u>: Ikirego kigamije gusaba indishyi** | **<u>Article 180</u>: Action for damages** | **<u>Article 180</u>: Demande en réclamation des dommages-intérêts** |
| Umuburanyi ashobora gutanga ikirego mu manza z'ubutegetsi agamije gusaba indishyi z'igihombo yatewe n'icyemezo cy'ubuyobozi cyafashwe kimubangamiye. | A party may file an administrative claim for compensation of the loss incurred while challenging an administrative decision that was taken against him or her. | Une partie peut introduire une demande contre une décision administrative prise en son encontre en vue des dommages - intérêts dus aux préjudices subis. |
| Umuburanyi ashobora gutanga icyo kirego cy'indishyi mu kirego kimwe n'igisaba gukuraho icyemezo cy'umuyobozi kidakurikije amategeko. | A party may file a joint claim for damages together with a petition for the annulment of the illegal administative decision. | Une partie peut introduire une telle demande en dommages-intérêts conjointement avec une demande en annulation de la décision administrative entachée d'illégalité. |
| Umuburanyi ashobora no gutanga ikirego cy'indishyi cyonyine imbere y'urukiko ruburanisha imanza z'ubutegetsi bitabaye ngombwa ko aregera gukuraho icyemezo cy'umuyobozi kitubahirije amategeko, akagaragariza urukiko gusa inenge z'icyo cyemezo. | A party may as well file a separate claim for damages before an administrative court without requesting for the annulment of the illegal administrative decision by only proving the illegality of such a decision. | Une partie peut également introduire une demande en dommages-intérêts séparément devant une juridiction administrative sans toutefois demander l'annulation de la décision administrative entachée d'illégalité en prouvant seulement l'illégalité de la décision administrative. |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 2: Igihano gihatira ubuyobozi kubahiriza icyemezo cy'urukiko** | **Section 2: Sanction forcing an administrative authority to execute a court decision** | **Section 2: Astreinte administrative** |
| **Ingingo ya 181: Icyemezo mu manza z'ubutegetsi** | **Article 181: Decision in administrative matters** | **Article 181: Décision en matière administrative** |
| Iyo urukiko rufashe icyemezo mu manza z'ubutegetsi, rushobora gutegeka ubuyobozi gukora icyo rwemeje cyangwa kudakora icyo rubujije kandi rugateganya igihano cyubahirizwa guhera ku itariki rugena mu gihe icyo rwemeje cyaba kidakurikijwe. | If a court makes a decision in administrative matters, it may issue to an administrative authority, an order to do or an injunction restraining the administrative authority from doing an act, and prescribe a penalty for the non complicance with a determined date. | Lorsqu'une juridiction prend une décision en matière administrative, elle peut adresser des injonctions à l'administration et spécialement lui prescrire ou interdire de faire un acte ou une opération déterminée et peut assortir de sa décision d'une astreinte en cas d'inexécution et ce, à compter d'une date qu'elle détermine. |
| **Ingingo ya 182: Itangwa ry'igihano gihatira kurangiza urubanza** | **Article 182: Imposition of a sanction forcing execution** | **Article 182: Condamnation à l'astreinte** |
| Urukiko rushobora gutegeka igihano gihatira kurangiza urubanza mu buryo bw'umubare mbumbe w'amafaranga cyangwa umubare w'amafaranga azajya atangwa buri gihe hazajya hashira igihe rugennye. | The court may fix the penalty forcing execution at a determined amount or at a sum per unit of time. | La juridiction peut fixer l'astreinte soit à une somme unique soit à une somme déterminée par unité de temps. |
| Iyo rwemeje ko igihano gihatira kurangiza urubanza ari umubare w'amafaranga azajya atangwa buri gihe hazajya hashira igihe rugennye, urukiko rushobora kwemeza umubare ntarengwa w'amafaranga y'igihano gihatira kurangiza urubanza. | When the court fixes the penalty forcing execution at an amount determined per unit of time, it may also determine the amount beyond which the penalty forcing execution lapses. | Lorsque la juridiction fixe l'astreinte à une somme déterminée par unité de temps, elle peut aussi déterminer un montant au-delà duquel la condamnation à l'astreinte cesse ses effets. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 183</u>: Igihe amafaranga yagenywe n'urukiko yishyurirwamo** | **<u>Article 183</u>: Period of paying the money fixed by the decision of court** | **<u>Article 183</u>: Délais de payement de l'argent fixé par la décision de la juridiction** |
| Iyo urubanza rwabaye itegeko rutegeka Leta, Umujyi wa Kigali, ubuyobozi bw'Akarere cyangwa urundi rwego rwa Leta kuriha amafaranga rwagennye, ayo mafaranga agomba kwishyurwa mu mezi atandatu (6) uhereye ku munsi w'imenyeshwa ry'urubanza. | When a judicial decision is final and binding against the Government, the Kigali City, a District or a Government institution or organ for the payment of a sum of money fixed by the decision, the amount must be paid within a period of six (6) months from the time of notification of the decision. | Lorsqu'une décision juridictionnelle passée en force de chose jugée a condamné l'Etat, la Ville de Kigali, le District ou un établissement ou organe public au paiement d'une somme d'argent dont le montant est fixé par la décision elle-même, cette somme doit être payée dans les six (6) mois à compter de la signification du jugement. |
| Iyo amafaranga ahari adahagije, ubwishyu bukorwa hatangwa abonetse. Amafaranga asigaye kwishyurwa ateganywa mu ngengo y'imari ikurikiraho, kandi akishyurwa mu mezi atandatu (6) abanza. | When the available funds are insufficient, payment may be made with the available funds. The outstanding balance is provided for in the next budget and paid within the first six (6) months of the new fiscal year. | Si les fonds disponibles sont insuffisants, le paiement est fait dans la limite des fonds disponibles. Les ressources nécessaires pour le compléter doivent être prévues pour l'exercice budgétaire suivant et le paiement effectué dans les premiers six (6) mois de l'exercice fiscal. |
| **<u>Ingingo ya 184</u>: Ibihano ku muyobozi wanze gushyira mu bikorwa ibyategetswe mu rubanza** | **<u>Article 184</u>: Sanctions against an administrative authority for non execution of a judgement** | **<u>Article 184</u>: Non-exécution du jugement par une autorité administrative** |
| Umuyobozi wanze kubahiriza ibyategetswe mu rubanza ashobora guhamagarwa mu rukiko rwafashe icyemezo kugira ngo yisobanure ku mpamvu zamubujije kubyubahiriza, bisabwe n'umuburanyi ubifitemo inyungu. | An administrative authority that fails to execute a court judgement may be summoned to the court that issued the decision to justify reasons of the non- compliance upon request by an interested party. | L'autorité administrative qui a manqué à l'exécution du jugement peut, sur demande de la partie intéressée, être citée à comparaître devant la juridiction qui a rendu la décision, pour qu'elle s'explique sur les raisons qui ont empêché l'exécution. |
| Iyo impamvu zatumye atabyubahiriza zifite ishingiro, hakurikijwe imiterere y'izo | If the reasons of non execution are valid, the administrative authority may, depending on | Si les raisons invoquées se trouvent justifiées, il est accordé, compte tenu des circonstances, |

| | | |
|---|---|---|
| mpamvu, ahabwa igihe ntarengwa agomba kubahirizamo urwo rubanza. | circumstances, be given an extended time limit within which to execute the judgement. | un délai maximum dans lequel le jugement doit être exécuté. |
| Iyo impamvu zatumye atabyubahiriza nta shingiro zifite cyangwa se iyo igihe cyavuzwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo kitubahirijwe, urukiko rugena igihano gihatira umuyobozi ubwe kubahiriza urubanza mu gihe cyose ruzaba rutararangizwa. | If the reasons are without merit or the time limit provided in paragraph 2 of this Article was not observed, the court imposes a sanction for non compliance to the administrative authority as long as the judgement remains unexecuted. | Si les raisons invoquées ne sont pas fondées ou si le délai accordé conformément à l'alinéa 2 du présent article n'a pas été respecté, la juridiction ayant prononcé la décision fixe une astreinte qui sera supportée par l'autorité administrative elle-même, aussi longtemps que le jugement ne sera pas exécuté. |
| Ikirego kireba umuyobozi wanze kubahiriza ibyategetswe mu rubanza, gitangwa mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. | A claim against an administrative authority who failed to comply with the court judgement is filed by way of unilateral application. | La demande contre l'autorité administrative qui a manqué à l'exécution de la décision de la juridiction est introduite sous forme de requête unilaterale. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA ZISABA UBWIHUTIRWE BWIHARIYE** | **<u>CHAPTER II</u>: PROCEEDINGS RELATED TO SUMMARY PROCEDURE** | **<u>CHAPITRE II</u>: JUGEMENT DES REFERES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ingingo zerekeye ibirego byihutirwa** | **<u>Section One</u>: Provisions relating to summary procedure** | **<u>Section première</u>: Dispositions relatives à la procédure de référé** |
| **<u>Ingingo ya 185</u>: Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego byihutirwa** | **<u>Article 185</u>: Competent court in terms of summary procedure** | **<u>Article 185</u>: Juridiction compétente en matière de référé** |
| Iyo hari ikirego cy'iremezo, ariko hagomba kugira icyemezwa by'agateganyo mu buryo bwihuta ku rubanza rwaregewe urukiko rutaraburanishwa, ikirego cyihutirwa gishyikirizwa umucamanza ushinzwe kurangiza impaka zihutirwa w`aho zigomba | If there is need to have an interim ruling on a matter which requires urgent resolution, an action is filed in accordance with the ordinary procedure regarding principal suits, before an urgent applications judge in the jurisdiction where the urgent measure is required in | Lorsqu'il s'agit de statuer provisoirement sur une contestation dont la solution s'impose d'urgence, pendante devant une juridiction saisie de la demande principale, la requête est portée devant le juge des référés du lieu où la |

| | | |
|---|---|---|
| gukemurirwa hakurikijwe uburyo busanzwe bw'ihamagara.<br><br>Ikirego cyihutirwa gitangwa mu buryo bumwe n'ubw'ikirego gisanzwe. | accordance with ordinary summons procedure.<br><br>An application for summary procedure is instituted through the same procedure as ordinary proceedings. | mesure d`urgence s`impose conformément à la procédure ordinaire d'introduction d'instance.<br><br>La demande en référé est formée par voie d'acte introductif d'instance. |
| **<u>Ingingo ya 186</u>: Ihamagara n'iburanisha ry'ikirego cyihutirwa** | **<u>Article 186</u>: Summons and proceedings in summary procedure** | **<u>Article 186</u>: Assignation et jugement des référés** |
| Ihamagara n'iburanisha ry'ikirego cyihutirwa bikorwa nibura mu minsi ine (4) y'akazi kuva cyanditswe. Iyo uregwa adatuye cyangwa adacumbitse mu Rwanda cyangwa atahaba, icyo gihe kirongerwa kugeza ku minsi cumi n'itanu (15).<br><br>Ikirego cyihutirwa kiburanishwa mu ruhame, ababuranyi bose bahari kandi bakiregura.<br><br>Umucamanza uburanisha ikirego cyihutirwa afata icyemezo ku byo yaregewe ariko mu buryo butabangamiye urubanza rw'iremezo mu mizi yarwo.<br><br>Icyemezo gifatwa mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe iburanisha kuri icyo kirego rirangiriye. | The period of summons for summary procedure is at least four (4) working days since the claim is registered. If the respondent is neither domiciled nor a resident in Rwanda, the time limit is extended to fifteen (15) days.<br><br>Summary procedure claim is heard in public with adversarial arguments from both parties.<br><br>The summary procedure judge decides by way of orders, but without prejudicing the merits of the principal suit.<br><br>The judge's order is delivered within forty-eight (48) hours from the time of the closing of hearings. | Le délai d'assignation et de jugement pour une demande en référé est de quatre (4) jours ouvrables au moins à compter de la formulation écrite de cette dernière. Si le défendeur n'a ni domicile, ni résidence au Rwanda, le délai est porté à quinze (15) jours.<br><br>La demande en référé est entendue en audience publique et en débats contradictoires.<br><br>Le juge des référés statue par voie d'ordonnance sur tous les cas dont il reconnaît l'urgence, sans que sa décision puisse porter préjudice au principal.<br><br>L'ordonnance du juge est rendue au plus tard quarante-huit (48) heures après la clôture des débats. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 187</u>: Irangizwa ry'agateganyo ry'icyemezo ku kirego cyihutirwa** | **<u>Article 187</u>: Provisional execution of summary procedure orders** | **<u>Article 187</u>: Exécution provisoire des ordonnances de référé** |
| Icyemezo cyafashwe ku kirego cyihutirwa, kirangizwa by'agateganyo kandi nta ngwate itanzwe n'iyo byasabirwa gusubirwamo cyangwa bikajuririrwa. | Summary procedure orders are subject to provisional execution, notwithstanding any pending application for opposition or appeal and without any security. | Les ordonnances de référé sont exécutoires par provision, nonobstant opposition ou appel, et sans constitution de garantie. |
| **<u>Ingingo ya 188</u>: Gusubirishamo no kujuririra ibyemezo byafashwe ku birego byihutirwa** | **<u>Article 188</u>: Opposition and appeal against summary procedure orders** | **<u>Article 188</u>: Opposition et appel des ordonnances de référé** |
| Igihe cyo gusubirishamo icyemezo cyafashwe ku birego byihutirwa ni iminsi itarenze itanu (5) y'akazi ibarwa uhereye igihe uregwa yamenyeye icyo cyemezo. | The deadline for applying for opposition to a summary procedure order is five (5) working days from the day the accused was aware of the decision. | Le délai pour former opposition à une ordonnance du juge des référés est de cinq (5) jours ouvrables au maximum à compter du jour où le défendeur a eu connaissance de l'ordonnance. |
| Igihe cyo kujuririra icyemezo ni iminsi itarenze itatu (3) y'akazi uhereye ku munsi icyemezo cyasomeweho cyangwa ababuranyi bakimenyeyeho. Urubanza narwo rucibwa mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. | The appeal is made within three (3) working days from the time the order was pronounced or from the day the parties were aware of the decision. The case also is decided in a period not exceeding three (3) days. | Le délai pour former appel est de trois (3) jours ouvrables au maximum à compter de la date du prononcé de l'ordonnance ou du jour où les parties ont eu connaissance de l'ordonnance. Le jugement est également rendu dans un délai de trois (3) jours ouvrables. |
| Ubujurire bw'ibyemezo byafashwe ku birego byihutirwa bushyikirizwa, urukiko rwisumbuyeho kandi bijuririrwa inshuro imwe gusa. | Appeals against summary procedure orders are submitted to a superior court and are appealable only once. | L'appel des ordonnances de référé est formé devant la juridiction immédiatement supérieure et ne peut être exercé qu'une seule fois. |

| | | |
|---|---|---|
| Izindi nzira zo kujurira ziteganyijwe n`amategeko zirabujijwe mu miburanishirize y'imanza z'ikirego cyihutirwa. | Other procedures for appeal provided for by the law are prohibited in respect to summary procedure claims. | Les autres voies de recours prévues par la loi ne sont pas applicables en matière de référé. |
| <u>Icyiciro cya 2</u>: **Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe n'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'ababuranyi bombi** | <u>Section 2</u>: **Ex parte application and exparte application by both parties** | <u>Section 2</u>: **Requête unilatérale et requête conjointe** |
| <u>Ingingo ya 189</u>: **Igisobanuro cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe** | <u>Article 189</u>: **Definition of ex parte application** | <u>Article 189</u>: **Définition de la requête unilatérale** |
| Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe ni uburyo budasanzwe bwo kuregera umucamanza umusaba kugira ibyo aramira mu buryo bwihuse. Ibikubiye muri iyo nyandiko bigomba kandi kuba ari ibibazo bigaragara ko nta mpaka biteye ku buryo byaba ngombwa ko undi muburanyi ahamagarwa. | Ex parte application is a special way to seize the court by requesting it to take urgent measures to safeguard certain interests. The content of the application must be issues which seem not to be controversial and not necessarily requiring the intervention of the other party. | La requête unilatérale est une voie exceptionnelle de saisir le juge en lui demandant de prendre une mesure d'extrême urgence pour la sauvegarde des intérêts du requérant. Le contenu de cette requête doit consister en des questions qui, manifestement, ne peuvent pas susciter un débat contradictoire nécessitant de faire intervenir la partie adverse. |
| Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe ishobora gukoreshwa mu bibazo byose bisaba ko hafatwa icyemezo cyihuse bitari ngombwa ko habanza gutangwa ikirego cy'iremezo. | Ex parte application applies in all matters relating to provisional measures and seizure and in other matters requiring a very urgent decision without necessarily filing a principal claim. | La procédure de requête unilatérale peut s'appliquer dans toutes les matières, requérant des mesures provisoires ainsi que dans d'autres circonstances requérant une décision d'extrême urgence sans toutefois introduire une demande principale. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 190</u>: Iburanisha ry'inyandiko nsobanurakirego gitanzwe n'umuburanyi umwe** | **<u>Article 190</u>: Proceedings for an ex parte application** | **<u>Article 190</u>: Introduction de la requête unilatérale** |
| Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe itangwa hakurikijwe uburyo busanzwe bwo gutangamo ibirego. | An exparte application is filed following the ordinary way of filing cases. | La requête unilatérale est introduite selon la procédure ordinaire d`introduction d`instance. |
| Umucamanza washyikirijwe ikirego, aragisuzuma, yasanga ari ngombwa ko ahamagaza uwagitanze n'abandi bose abona ko bashobora kuza muri icyo kibazo akabahamagaza. Agomba kubumva mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) ikirego gitanzwe. | The judge to whom an ex parte application is referred is required to verify it and summons the applicant and all other parties he or believes that they may be heard in the case. The judge must hear them within two (2) days from the day of filing the appplication. | Le juge saisi d'une requête unilatérale vérifie la requête et peut, s'il juge nécessaire, convoquer le requérant et les autres parties intervenantes endéans quarante-huit (48) heures pour être entendues dans un délai de deux (2) jours suivant l'introduction de la requête. |
| Guhamagaza abagomba kugira icyo bavuga muri icyo kibazo bikorwa n'umwanditsi w`urukiko hakurikijwe uburyo busanzwe bw'ihamagara ry'ababuranyi. | Summoning of the parties to the hearing is done by the court registrar following the ordinary summoning procedures. | La convocation est adressée aux parties par le greffier conformément à la procédure ordinaire d'assignation des parties. |
| **<u>Ingingo ya 191</u>: Irangizwa ry'agateganyo ry'icyemezo cy'umucamanza** | **<u>Article 191</u>: Provisional execution of the judge's order** | **<u>Article 191</u>: Exécution provisoire de l'ordonnance du juge** |
| Icyemezo gifatwa n'umucamanza kirangizwa by'agateganyo kabone nubwo cyajuririrwa kandi nta ngwate itanzwe keretse iyo umucamanza abigennye ukundi. | The judge's order is subject to provisional execution even if there is a pending appeal, and without furnishing security, unless the judge has decided otherwise. | L'ordonnance du juge est exécutoire par provision, nonobstant tout recours et sans caution, à moins que le juge n'en décide autrement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 192</u>: Kujuririra icyemezo cy'umucamanza**<br><br>Kujuririra icyemezo cy'umucamanza bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye igihe ababuranyi bakimenyeyeho kandi kijuririrwa incuro imwe gusa.<br><br>**<u>Ingingo ya 193</u>: Gutambamira icyemezo cy'umucamanza**<br><br>Umuntu utaragobotse mu isuzuma ry'inyandiko nsobanurakirego ashobora, mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) kuva igihe abimenyeye gutambamira icyemezo cyafashwe n'umucamanza mu gihe kibangamira inyungu ze.<br><br>**<u>Ingingo ya 194</u>: Ihindura n'ikurwaho ry'icyemezo cy'umucamanza**<br><br>Uwatanze inyandiko nsobanurakirego cyangwa uwayigobotsemo ashobora, mu gihe hari ibyahindutse, gutanga ikirego gisaba umucamanza wafashe icyo cyemezo kugira ibyo ahindura cyangwa akura ku byo yari yemeje mbere, ariko bitabangamira uburenganzira bw'abandi ku byo bahawe n'icyo cyemezo. | **<u>Article 192</u>: Appeal against the judge's order**<br><br>An appeal against the judge's order taken on an exparte petition is lodged within five (5) days from the date the parties were notified of the order and for only once.<br><br>**<u>Article 193</u>: Third party opposition against the judge's order**<br><br>A person who did not intervene in proceedings may, within one (1) month after receiving the notice, file a third party opposition against the judge's order, if it adversely affects his or her interests.<br><br>**<u>Article 194</u>: Modification and revocation of the order**<br><br>The applicant or intervening party may, if circumstances have changed, file an application for modification or revocation of the order to the judge who issued it, provided the third party`s rights are secured. | **<u>Article 192</u>: Appel de l'ordonnance**<br><br>L'appel de l'ordonnance est formé dans un délai n'excédant pas cinq (5) jours à partir de la signification aux parties et ne peut être exercé qu'une seule fois.<br><br>**<u>Article 193</u>: Tierce opposition à l'ordonnance**<br><br>Une personne qui n'est pas intervenue à la requête unilatérale peut, dans un délai d'un (1) mois de la connaissance de la décision, former tierce opposition à l'ordonnance qui préjudicie à ses intérêts.<br><br>**<u>Article 194</u>: Réformation et rétractation de l'ordonnance**<br><br>Le requérant ou la partie intervenante peut, lorsque les circonstances ont changé et sous réserve des droits acquis par les tiers, demander par requête la modification ou la rétractation de l'ordonnance au juge qui l'a rendue. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 195</u>: Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'ababuranyi bombi** | **<u>Article 195</u>: Joint application by parties** | **<u>Article 195</u>: Requête conjointe** |
| Iyo ababuranyi bombi bemeranyijwe gukemura amakimbirane bafitanye cyangwa bashobora kugirana, bashobora kuregera urukiko mu mwanzuro umwe utanzwe n'impande zombi kandi ugaragaza ikibazo bifuza ko rubakemurira. | If parties agreed to settle their litigation, they may file the case to court in one submission signed by both parties indicating the point of disagreement they require the court to resolve. | Lorsque deux parties conviennent de résoudre leur litige né ou pouvant surgir, elles peuvent en saisir la juridiction par des conclusions communes, soumis conjointement par les parties et indiquant le litige à trancher. |
| Si umuburanyi uba urega undi ahubwo ababuranyi bombi baba bifuza ko urukiko rubakiranura. | It is not one party who accuses another but both parties wish the court resolve their litigation. | Il ne s'agit pas d'une partie qui en assigne une autre; les deux parties visent plutôt que la juridiction règle leur litige. |
| Ibyo bibaho nk'iyo: | This happens when: | Ce cas se présente notamment: |
| 1° ababuranyi bifuza ko urukiko rubafasha kugabana irage; | 1° parties require the court to help them in partition of the will; | 1° lorsque les parties souhaitent que la juridiction les assiste pour le partage de leur testament; |
| 2° abaturanyi bifuza ko urukiko rubafasha kwemeranya aho urukuta rusange rubagabanya rwubakwa n'uburyo rwubakwa; | 2° neighbors require the court to assist them to make agreement on where and how to build the wall in condominium; | 2° lorsque les voisins souhaitent que le tribunal les assiste à se convenir sur l'endroit et le mode de construction du mur mitoyen ; |
| 3° amasezerano impande zombi zagiranye zifuza ko nadashyirwa mu bikorwa azahita arangizwa n'umuhesha w'inkiko hatabayeho urundi rubanza cyangwa abayagiranye | 3° parties want the agreement between them if not executed be enforced by the bailiff without any judgement or want the agreement be executed by other persons not only parties; | 3° en cas de clause par voie parée ou de clause dont les parties souhaitent étendre l'application à d'autres personnes. |

| | | |
|---|---|---|
| bifuza ko yubahirizwa n'abandi bantu atari abayagiranye gusa. | | |
| Ikirego gitangwa mu rukiko rufite ububasha bwo kuburanisha hakurikijwe agaciro k'ikiburanwa. | The joint application by parties is filed in the competent court in accordance with the value of the matter of litigation. | La demande est portée devant la juridiction compétente, en fonction de la valeur de l'objet du litige. |
| Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'ababuranyi bombi itangwa kandi ikaburanishwa mu buryo bumwe n'ubw' Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. | The joint application by parties is filed and adjudicated in the same way as an exparte application filed by one party. | La requête conjointe est introduite et examinée selon la même procédure que celle suivie lors de la requête unilatérale. |
| **<u>UMUTWE WA III:</u> IMIBURANISHIRIZE Y'IBIREGO BISHINGIYE KU KIBURANWA GIFITE AGACIRO GATO** | **<u>CHAPTER III:</u> SMALL CLAIM PROCEDURE** | **<u>CHAPTER III</u>: PROCEDURE REGISSANT LES PETITS LITIGES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingingo rusange** | **<u>Section One</u>: General provisons** | **<u>Section première</u>: Dispositions générales** |
| **<u>Ingingo ya 196:</u> Igisobanuro cy' urubanza rushingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **<u>Article 196:</u> Definitions of "Small claim case"** | **<u>Article 196:</u> Définitions du «petit litige»** |
| Muri uyu mutwe, urubanza rushingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato ni urubanza rugizwe n'ikiburanwa cy'iremezo kitarengeje miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 frws) hatabariwemo inyungu n'amafaranga y'ikurikiranarubanza. | In this Chapter, a small claim case is that whose main subject-matter's value is of five million Rwandan francs (5.000.000 frw) maximum excluding interests of this value and procedural fees. | Aux fins du présent chapitre, le petit litige est celui dont la valeur de l'objet principal est de cinq million de francs rwandais (5.000.000) au plus, les intérêts dudit montant et les frais de procédure non compris. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 197</u>: Ababuranyi barebwa n'imiburanishirize y'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **<u>Article 197</u>: Litigants subject to small claim case procedure** | **<u>Article 197</u>: Parties soumises à la procédure régissant les petits litiges** |
| Imiburanishirize iteganyijwe muri uyu mutwe yubahirizwa gusa iyo urega ari byo ahisemo. | The procedure specified in this chapter applies only to a party who opts for it. | La procédure visée au présent chapitre ne s'applique qu'à une partie qui en fait le choix. |
| **<u>Ingingo ya 198:</u> Gusubizwa ikiburanwa** | **<u>Article 198:</u> Restitution of the claimed property** | **<u>Article 198:</u> Restitution de l'objet du litige** |
| Mu miburanishirize y'imanza zishingiye ku kiburanwa gito, utsinze urubanza ashobora gusubizwa icyo atsindiye cyose uko cyakabaye iyo gishobora kuboneka. | Under small claim procedure, the court may order the restitution of the entirety of the claimed property to the winning party if it is available. | Dans les procès des affaires relatives aux petits litiges, le juge peut ordonner la restitution de l'entièreté du bien objet du litige à la partie gagnante, s'il est disponible. |
| Iyo kidashobora kuboneka ashobora guhabwa ingurane yacyo mu mafaranga cyangwa agahabwa ikindi kintu binganya agaciro iyo uwatsinze abyemeye. | If the property is not available, the court may order its replacement in kind or its equivalent in money if the winning party agrees. | Au cas où le bien n'est pas disponible, la partie gagnante peut en obtenir la substitution en espèce ou par l'octroi d'une autre chose de même valeur, si la partie gagnante y consent. |
| Iyo icyo aburana cyangiritse, ashobora kugihabwa uko kiri hiyongereyeho indishyi zingana n'agaciro k'igice cyangiritse. | In case the property at issue is damaged, the court may order the restitution of the remaining part including the damages equivalent to the value of the damaged part. | Si le bien objet du litige est endommagé, la partie gagnante peut l'obtenir en son état actuel, avec en complément, les dommages équivalents à la partie endommagée. |
| **<u>Ingingo ya 199:</u> Ukudatangwa kw'indishyi** | **<u>Article 199:</u> Non-payment of moral damages** | **<u>Article 199:</u> Non-octroi des dommages moraux** |
| Indishyi z'akababaro ntizitangwa mu manza z'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato. | No moral damages are awarded in small claim cases. | Les dommages moraux ne peuvent pas être accordés, en matière de procédure régissant les petits litiges. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 200:</u> Umubare ntarengwa w'amafaranga y'ikurikiranarubanza** | **<u>Article 200:</u> Maximum of procedural fees** | **<u>Article 200:</u> Maximum des frais de procédure** |
| Mu manza zifite agaciro gato, amafaranga y'ikurikiranarubanza atangwa ntashobora kurenza atanu ku ijana (5%) y'agaciro k'ikiburanwa. | In small claim cases, the procedural fees paid cannot exceed five percent (5%) of the value of the claim. | En matière de procédure régissant les petits litiges, les frais de procédure accordés ne peuvent pas dépasser cinq pour cent (5%) de la valeur du litige. |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Imanza ziburanishwa mu buryo bw'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **<u>Section 2:</u> Cases governed by the small claim procedure** | **<u>Section 2:</u> Affaires soumises à la procédure applicable aux petits litiges** |
| **<u>Ingingo ya 201:</u> Imanza z'imbonezamubano n'iz'ubucuruzi** | **<u>Article 201:</u> Civil and commercial cases** | **<u>Article 201:</u> Affaires civiles et commerciales** |
| Haseguriwe ibiteganyijwe n'andi mategeko, Inkiko z'ibanze ziburanisha imanza z'imbonezamubano zerekeranye n'imitungo yimukanwa n'itimukanwa zitari mu bubasha bwa komite y'abunzi n'imanza z'ubucuruzi zishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato, mu gihe cyose ikiburanwa cy'iremezo gifite agaciro katarengeje miliyoni eshanu (5.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda. | Subject to other legal provisions, under small claims procedure, Primary Tribunals have jurisdiction on civil claims related to movable or immoveable property which does not fall within the jurisdiction of Abunzi Committees and on commercial cases whose subject-matter value does not exceed five millions rwandan francs (5,000,000 RWF): | Sous réserve d'autes dispositions legales les Tribunaux de Base connaissent les petits litiges relatifs aux biens meubles et immeubles qui ne rentrent pas dans la compétence des Comités des Conciliateurs et les affaires commerciales, toutes les fois que la valeur du litige ne dépasse pas cinq million (5.000.000) de francs rwandais. |
| **<u>Ingingo ya 202</u>: Imanza zigamije kugaruza umutungo wibwe, wambuwe, warengerewe cyangwa wangijwe** | **<u>Article 202:</u> Cases aimed at recovering stolen, extorted, encroached on or damaged assets** | **<u>Article 202:</u> Action en recouvrement des biens volés, extorqués, empiétés ou abimés** |
| Haseguriwe ibiteganyijwe n'andi mategeko, inkiko z'ibanze ziburanisha mu buryo | Subject to other legal provisions, under small claim procedure, Primary Courts hear cases | Sous réserve d'autres dispositions légales, les Tribunaux de Base connaissent, en matière de |

| | | |
|---|---|---|
| bw'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato, imanza zigamije kugaruza umutungo wibwe, wambuwe, warengerewe cyangwa wangijwe biturutse ku byaha bikurikira, iyo agaciro k'umutungo uburanwa katarengeje miliyoni eshanu (5.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda: | aimed at recovering stolen, extorted, encroached on or damaged asset due to the following offences, if the subject-matter does not exceed five million (5,000,000) rwandan francs. | procédure applicable aux petits litiges, les actions en recouvrement des biens volés, extorqués, abimés, ou empiétés à l'occasion des infractions suivantes, si la valeur de l'objet du litige ne dépasse pas cinq millions (5.000.000) de francs Rwandais: |
| 1° gukuraho, kwimura imbibi cyangwa kuzonona; | 1° to remove, displace or damage landmarks | 1° enlever, déplacer ou endommager les bornes; |
| 2° kwangiza no konona ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi; | 2° to damage and spoil trees, crops, agriculture and breeding tools; | 2° endommager et abîmer des arbres,des récoltes ou des outils d'agriculture ou d'élevage; |
| 3° gutwika ku bushake amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe; | 3° to deliberately burn forests, crops still in the field, cut down trees or harvested crops; | 3° incendier volontairement la forêt, des cultures dans le champs,des arbres coupées ou la récolte; |
| 4° ubujura budakoresheje kiboko cyangwa ibikangisho; | 4° non -violent or threat theft; | 4° vol sans violence ou menace; |
| 5° ubwambuzi bushukana n'ububeshyi; | 5° Fraud and deceit; | 5° escroquerie et tromperie; |
| 6° ubuhemu; | 6° breach of trust; | 6° abus de confiance; |
| 7° kwihesha icyo uzi ko utaribwishyure; | 7° dine and dash; | 7° la grivèlerie; |
| 8° kubika ku bw'uburiganya ikintu cy'undi watoraguye; | 8° to fraudulently keep another person's found item; | 8° détention frauduleuse d'un bien d' autrui trouvé; |

| | | |
|---|---|---|
| 9° kwiba, gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica ku bw'inabi; | 9° to steal, mistreat or kill domestic animals; | 9° maltraiter, blesser ou tuer des animaux domestiques; |
| 10° gusenya cyangwa konona inyubako utari nyirazo. | 10° to demolish or damage another person's building. | 10° détruire ou endommager des bâtiments d'autrui. |
| Iyo uwangirijwe ahisemo kurega mu buryo bw'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato agamije kugaruza umutungo, urukiko ruburanisha gusa ibyerekeye igaruzwa ry'umutungo cyangwa agaciro kawo, bitabujije ko Ubushinjacyaha bwakurikirana ibyerekeye icyaha hakurikijwe amategeko asanzwe abiteganya. | If the aggrieved party prefers filing a case under small claim procedure, the court hears only the case on asset recovery, without prejudice for the prosecution, if need be, to proceed with the criminal action following applicable laws. | Si la partie lésée préfère intenter une action en justice suivant la procédure applicable aux petits litiges, le juge s'entient au recouvrement de biens en nature ou par équivalent, sans préjudice à l'opportunité pour l'Organe de Poursuite Judiciaire de poursuivre l'action publique, suivant les lois en vigueur. |
| Ntawakwitwaza ko hari urubanza rw'inshinjabyaha rukiburanishwa ngo abangamire iburanishwa ry'ikirego kigamije kugaruza umutungo mu buryo buteganywa n'iri tegeko; | Nobody can oppose the fact that there is a pending criminal case in order to avoid the proceedings on asset recovery under small claim procedure as provided in this Law. | Personne ne peut se prévaloir du fait qu'il y a une affaire pénale en cours pour s'opposer à la poursuite de l'action en recouvrement, suivant la procédure prévue par la présente loi. |
| <u>**Ingingo ya 203**</u>**: Ibirego bisaba ko sheki itazigamiwe cyangwa izindi nyandiko mvunjafaranga byishyurwa** | <u>**Article 203:**</u> **Claims requesting payment of bouncing cheque or other negotiable instruments** | <u>**Article 203:**</u> **Actions en paiement des chèque sans provision ou d'autres titres négociables** |
| Uwahawe sheki itazigamiwe cyangwa indi nyandiko mvunjafaranga itarengeje agaciro ka miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 frw) ashobora gushyikiriza Urukiko rw'Ibanze ruburanisha mu buryo bw'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite | Any person who is given a bouncing cheque or any other negotiable instrument whose value does not exceed five million rwandan francs (5.000.000 RWF) can institute a claim before the primary court under small claim | Toute personne titulaire d'un chèque sans provision ou d'un autre titre négociable dont la valeur ne dépasse pas cinq million (5.000.000) de francs rwandais peut saisir le Tribunal de Base d'une action en paiement de la valeur inscrite sur ce chèque ou titre négociable. |

| | | |
|---|---|---|
| agaciro gato ikirego asaba kwishyurwa ayo mafaranga. | procedure, requesting payment of the same amount. | |
| **<u>Icyiciro cya 3:</u> Itangwa ry'ikirego gishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato n'imiburanishirize yacyo** | **<u>Section 3:</u> Case filing and proceedings under small claim procedure** | **<u>Section 3:</u> Introduction d'une action en justice et procédure applicable en matière de petits litiges** |
| **<u>Ingingo ya 204:</u> Itangwa ry'ikirego gishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato** | **<u>Article 204:</u> Case filing under small claim procedure** | **<u>Article 204:</u> Introduction d'une action en justice en matière de petits litiges** |
| Gutanga ikirego gishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato, kumenyesha uwarezwe no kumusaba gusubiza bikorwa hakurikijwe amategeko asanzwe agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano. | Filing a small small claim procedure, summoning the respondent as well as requesting him or her to respond follow ordinary rules of civil procedure. | L'introduction d'une action en justice en matière de petits litiges, l'assignation et la réplique du défendeur sont régis par les règles ordinaires de procédure civile. |
| **<u>Ingingo ya 205:</u> Ingwate y'amagarama** | **<u>Article 205:</u> Court fees deposit** | **<u>Article 205:</u> Frais de consignation** |
| Ingwate y'amagarama itangwa mu manza ziburanishwa mu buryo bw'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato ingana n'ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.000 frw). | The deposit of court fees to be paid under small claim procedure is ten thousand (10,000) Rwandan francs. | Les frais de consignation en matière de petits litiges s'élèvent à dix mille (10.000) franc rwandais. |
| **<u>Ingingo ya 206:</u> Gusubiza imyanzuro y'urega** | **<u>Article 206</u>: Reply to the claimant pleadings** | **<u>Article 206:</u> Répondre aux conclusions du requérant** |
| Uregwa afite igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) cyo kuba yasubije imyanzuro y'urega. | The respondent is required to reply to the claimant pleadings within fiffteen (15) days. | Le défendeur a quinze (15) jours pour répondre aux conclusions du demandeur. |
| Icyakora muri icyo gihe ashobora guhitamo kugaragariza urega mu nyandiko uburyo | However, in that period, the respondent may propose to the claimant a written payment plan | Cependant, pendant cette période, il peut lui proposer un plan écrit de remboursement de la |

| | | |
|---|---|---|
| azishyura umwenda remezo inyungu n'amafaranga y'ikurikiranarubanza. Iyo urega yemeye ibikubiye muri iyo nyandiko abimenyesha Urukiko, akarusaba kumukorera icyemezo gishobora gutuma ayo masezerano ashyirwa mu bikorwa, bitabaye ngombwa ko habaho iburanisha. Icyo cyemezo gitangwa mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye igihe urukiko rwashyikirijwe amasezerano yo kwishyura. | of the principle debt, interests and court fees. A claimant who accepts the content of the proposed plan requests the court a written order thereto enabling the execution of such a plan, without any further court proceeding. Such an order is granted within twenty four (24) hours since the court has received the payment plan. | dette principale, des intérets et des frais de procédure. Si le demandeur est favorable à ce plan de remboursement, il demande au tribunal d'en prendre acte et de lui faire une ordonnance à cet effet, sans qu'il soit nécessaire de procéder à l'audience. Cette ordonnance est délivrée endéans vingt-quatre (24) heures de la réception par le tribunal du plan de remboursement. |
| Iyo iminsi cumi n'itanu (15) ishize ntacyo bemeranyije, urubanza rukomeza mu nzira zisanzwe ziteganyijwe muri uyu mutwe. | If parties do not reach an agreement within fifteen (15) days, the proceedings continue in accordance with the provisions of this Chapter. | Si les parties n'arrivent pas à un commun accord dans les quinze (15) jours, le procès continue suivant les dipositions du présent chapitre. |
| **<u>Ingingo ya 207:</u> Igihe cy'iburanisha** | **<u>Article 207:</u> Time for case hearing** | **<u>Article 207:</u> Délai pour tenir l'audience** |
| Iburanisha ry'imanza zishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato rikorwa mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi ukurikira uwa nyuma uwarezwe agomba kuba yasubirijeho imyanzuro. Bene izi manza ntizibanzirizwa n'inama nteguraru banza. | Hearing of small claim procedure takes place within five (5) working days after the deadline given to the respondent to reply expires. Such proceedings are not subject to pre-trial session. | En matière de petits litiges, l'audience a lieu endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de l'échéance accordée au défendeur pour répondre aux conclusions du demandeur. Une telle audience n'est pas soumise à la réunion de mise état de l'affaire. |
| **<u>Ingingo ya 208:</u> Uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa** | **<u>Article 208:</u> Right to be assisted or represented** | **<u>Article 208:</u> Droit d'être assisté ou représenté** |
| Mu iburanisha ry'ibirego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato ababuranyi bashobora kwiburanira, kunganirwa cyangwa guhagararirwa. | Under small claim procedure, parties are allowed to plead themselves, to be assisted or represented. | En matière de petits litiges, les parties peuvent plaider eux-mêmes, se faire assister ou se faire représenter. |

| | | |
|---|---|---|
| Amashyirahamwe, imiryango n'ibigo bifite ubuzima gatozi cyangwa ibitabufite bishobora guhagararirwa n'umuntu uwo ari we wese byabihereye ububasha. | Associations, organizations and institutions with or without legal personality can be represented by anybody provided with the power of attorney. | Les associations, organisations et institutions dotées ou non dotées de la personalité juridique peuvent être représentées par toute personne munie d'une procuration. |
| Umuburanyi uhisemo kunganirwa cyangwa guhagararirwa na avoka agomba kwirengera ikiguzi cyabyo. Ntiyemerewe gusaba urukiko gutegeka uwo baburana kumwishyura ayo mafaranga. | A party who prefers to be assisted or represented by an advocate bears the related cost himself. The party is not allowed to request the court to order the other party to pay for him or her that cost. | La partie qui préfère être assistée ou représentée par un avocat en supporte les frais. Il ne lui est pas permis de demander à la cour d'ordonner la partie advese à en supporter le payement. |
| **<u>Ingingo ya 209:</u> Uko iburanisha riyoborwa** | **<u>Article 209:</u> Conducting the hearing** | **<u>Article 209:</u> Conduite de l'audience** |
| Umucamanza uburanisha imanza zishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato asesengura ibimenyetso, akabaza ababuranyi ibibazo bigamije mbere na mbere gutahura ukuri kandi akabafasha kukwemeranyaho igihe cyose bishoboka, hanyuma agahita afata icyemezo ashingiye ku byabaye no ku mategeko n'ibimenyetso. | Before he or she takes a final decision based on facts, proof and laws, the judge under small claim procedure, conducts the hearing which consists in asking questions aiming at discovering the truth in order to reach a common agreement between parties and takes a decision based on evidence and law. | Avant de prendre une décision finale motivée en fait et en droit, le juge en matière de petits litiges conduit une audience publique qui consiste en l'instruction en faits et en droit du dossier, en interrogatoire et contre interrogatoire des parties et des témoins, le cas échéans, dont le but principal est de faire éclater la vérité, et dans la mesure du possible, amène les parties à un accord. |
| Iyo amaze gufata icyemezo asaba uwatsinzwe kugaragaza uburyo azishyura, ingengabihe yabyo n'urutonde rw'imitungo rugaragaza uko yakurikiranwa mu gutezwa cyamunara mu gihe uwatsinzwe atubahirije ingengabihe yahawe mu kwishyura. | After the verdict, the judge requests the losing party to propose the execution plan of the judgement, the deadline (s) and the list of assets which indicate the order by which they will be auctioned in case the loser does not respect the execution plan. | Après ce verdict, le juge intime à la partie perdante de proposer un plan d'exécution du jugement, les échéances et la liste de ses biens indiquant l'ordre chronologique de leur vente aux enchères s'il advenait que le plan d'exécution du jugement n'est pas repecté. |

| | | |
|---|---|---|
| Uwatsinze asabwa kugira icyo abivugaho hanyuma umucamanza agafata icyemezo kigomba guhita cyubahirizwa nta yindi mihango. | The winning party is requested to give his position before the judge takes the final decision to be immediately enforced without any further procedure. | La partie gagnante et invitée à donner sa position après quoi le juge rend le jugement définitif immédiatement exécutoire, sans aucune autre forme de procédure. |
| **<u>Ingingo ya 210:</u> Ibigomba kugaragazwa muri kopi y'urubanza** | **<u>Article 210:</u> Content of a judgement** | **<u>Article 210:</u> Contenu du jugement** |
| Urubanza ruciwe ku kiburanwa gifite agaciro gato rugaragaza kuri buri ngingo ibyaburanywe, amategeko n'ibimenyetso byashingiweho, ibyo ababuranyi bemeranyijweho, ibyo batemeranyijweho, n'ibyemejwe nk'ukuri n'umucamanza. | The judgement rendered under the small claim procedure includes for every issue at hand, the position of parties justified by evidence and laws, matters on which parties agreed or disagreed and the truth as justified by the judge. | Le jugemnt rendu en matiere de petits litiges, pour chaque chef, la motivation en droit et en fait, les points sur lesquels les ont un commun accord et ceux sur lesquels elles divergent ainsi que la vérité arrêtée, selon la conviction du juge. |
| Iyo habaye kumvikana, urubanza rugaragaza ibyo impande zombi zumvikanyeho. | In case the dispute was settled by agreement, the judgement includes the elements of agreement. | Si le conflit a été résolu par voie de médiation, le jugement comprend aussi les points sur lesquels le parties sont tombées d'accord. |
| Urubanza rugaragaza kandi uburyo utsinzwe azishyura, ingengabihe kimwe n'urutonde rw'imitungo yatezwa cyamunara n'uko izakurikirana mu igurishwa igihe uwatsinzwe yaba atubahirije gahunda yemejwe y'uburyo bwo kwishyura. | The judgement also includes the execution plan, deadlines and the list of assets which indicates the order by which they will be auctioned in case the loser does not respect the execution plan. | Le jugement comprend en outre son plan d'exécution, les échéances ainsi que la liste des biens indiquant l'ordre chronologique de leur vente aux enchères s'il advenait que le plan d'exécution du jugement n'est pas repecté. |
| Uretse igihe ababuranyi babyumvikanye ukundi, igihe ntarengwa cyo kwishyura ni iminsi mirongo itatu (30). | Unless litigants agree otherwise, the time limit for the execution of the judgement is thirty (30) days. | A moins que les plaideurs n'en conviennent autrement, le délai maximal d'éxecution du jugement est de trente (30) jours. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 211:</u> Ubujurire** | **<u>Article 211:</u> Appeal** | **<u>Article 211:</u> Appel** |
| Imanza ziciwe ku birego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato ntizijuririrwa. | Cases adjudicated under small claim procedure are not subject to appeal. | Les jugements rendus en matière de petits litiges ne sont pas susceptible d'appel. |
| **<u>INTERURO YA VI</u>: GUSHINGANISHA IMITUNGO, KUYIFATIRA NO KURANGIZA IMANZA** | **<u>TITLE VI</u>: SURETY, SEIZE AND EXECUTION OF JUDGEMENTS** | **<u>TITLE V</u>: SURETE, SAISIE ET EXECUTION DES JUDGEMENTS** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: GUSHINGANISHA NO GUFATIRA IMITUNGO** | **<u>CHAPTER ONE</u>: SURETY AND SEIZURE** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: SURETE ET SAISIE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Gushinganisha umutungo** | **<u>Section One</u>: Surety of property** | **<u>Section première</u>: Sûreté de la propriété** |
| **<u>Ingingo ya 212:</u> Gushinganisha umutungo** | **<u>Article 212</u>: Surety of property** | **<u>Article 212</u>: Sûreté de la propriété** |
| Umuntu uberewemo umwenda udashidikanywaho kandi ugejeje igihe cyo kwishyurwa cyangwa se utinya ko uwo baburana yarigisa umutungo we agamije kuburizamo irangiza ry'urubanza, ashobora gusaba urukiko rwaregewe ko umutungo w'uwo baburana ushinganishwa cyangwa hagatangwa ingwate y'amafaranga ingana n'agaciro k'ikiburanwa kugeza igihe urubanza rw'iremezo rubaye ndakuka cyangwa ababuranyi bahisemo kurangiza ikibazo mu bwumvikane. | A person whose debt is due and certain or who has fear that the respondent conceals his or her property in order to annihilate the execution of the judgement requests the court seized to put under surety the property of his or her respondent or to provide a guarantee of sum of money equivalent to the matter of litigation until the final principal judgement be rendered or until when parties agree to resolve their problem amicably. | Une personne ayant une dette est due et certaine ou qui craint que la partie défenderesse dissimule son patrimoine en vue d'annihiler l'exécution du jugement peut demander au tribunal de mettre sous caution la propriété de la partie défenderesse ou de constituer en garantie une somme d'argent équivalant à la valeur de l'objet du litige jusqu'au jugement définitif de la demande principale ou jusqu'à ce que les parties se conviennent de régler le litige à l'amiable. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyo kirego gitangwa kandi kigafatirwa umwanzuro mu buryo bw'ibirego byihutirwa. | Such claim is instituted and decided through the same procedure as that of summary procedure. | Une telle demande est introduite et examinée suivant la même procédure que celle des référés. |
| **<u>Ingingo ya 213</u>: Gutambamira ihinduzamutungo ry'ibintu bitimukanwa** | **<u>Article 213</u>: Preventing the transfer of the immovable property** | **<u>Article 213</u>: Opposition à la mutation d'un immeuble** |
| Uberewemo umwenda wese cyangwa umuntu wese ubifitemo inyungu, ashobora gusaba Umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka, ushinzwe ubutaka ku Murenge cyangwa ku Karere w'aho ikitimukanwa kiri kubuza umubereyemo umwenda gukora ihinduzamutungo ry'ibintu bye bitimukanwa. | Any creditor or interested party may submit a request to the Registrar of land titles or to the officer in charge of land in the Sector or the District in the area where the property is located in order to prevent any transfer of the immovable property belonging to the debtor. | Tout créancier ou toute personne intéressée peut former opposition entre les mains du Conservateur des titres fonciers ou du Secrétaire Exécutif de Secteur ou de District du lieu de l'immeuble afin d'empêcher toute mutation de la propriété immobilière appartenant à son débiteur. |
| Icyakora iyo ataregeye umwenda we mu Rukiko mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) abisabye, ikibazo cye kigamije gutambamira ihinduzamutungo kiburiramo. | However, if the creditor does not file a claim in court for paymnent of his or her debt within one (1) month from the date of the application, that application to prevent the transfer becomes void. | Cette opposition est nulle de plein droit si le créancier n'exerce pas son action en remboursement de sa créance endéans un (1) mois à compter de la date de la demande. |
| **<u>Ingingo ya 214</u>: Inkurikizi y'ishinganishamutungo** | **<u>Article 214</u>: Effets of the surety of property** | **<u>Article 214</u>: Effets de la sûreté de la propriété** |
| Umutungo ushinganye uguma mu maboko ya nyirawo. Ntiwemerewe kugurishwa, gutizwa, gutangwa cyangwa gutangwaho ingwate igihe cyose icyemezo kiwushinganisha kitaravanwaho n'urukiko cyangwa iyishyurwa ry'uwasabye ko ushinganishwa. | Property under surety remains in the owner's possession. It should not be sold, lent, donated given as a guarantee as long as the decision to put it under surety is not waived by the court or by the payment of the person who requested the surety. | La propriété constituée en sûreté reste dans les mains du propriétaire. Elle ne peut faire objet ni de vente, ni de prêt, ni de don ou de garantie aussi longtemps que la décision de la constituer en sûreté n'est pas levée par le tribunal ou le payement de la personne en ayant poursuivi la constitution. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo urukiko rufashe icyemezo gishinganisha umutungo utimukanwa cyangwa rugikuyeho, ruha kopi umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka. | If the court decides to put under surety immovable property or to waive it, it provides the copy to the Registrar of land titles. | Lorsqu'une juridiction décide ou enlève la constitution en sûreté sur un bien immobilier, elle en donne une copie au Conservateur des titres fonciers. |
| Hashinganishwa umutungo utimukanwa, naho umutungo wimukanwa ushobora gusabirwa gufatirwa. | The immovable property is subject to surety whereas movable property is subject to seizure. | La constitution en sûreté ne porte que sur les biens immobiliers tandis que les biens meubles ne font que l'objet de saisie. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Ifatira ry'umutungo** | **<u>Section 2</u>: Seizure of property** | **<u>Section 2</u>: Saisie de la propriété** |
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Ingingo rusange** | **<u>Subsection One</u>: General provisions** | **<u>Sous-section première</u>: Dispositions générales** |
| **<u>Ingingo ya 215</u>: Ifatira** | **<u>Article 215</u>: Seizure** | **<u>Article 215</u>: Saisie** |
| Umuntu wese ufite urubanza rwabaye ndakuka cyangwa inyandikompesha ashobora gusaba umuhesha w'inkiko gufatira umutungo w'umubereyemo umwenda hakurikijwe amategeko abigenga. | Any person with a final judgement or an enforcement order may request a court bailiff to proceed to the seizure of his/her creditor's property in accordance with relevant laws. | Toute personne disposant d'un jugement définitif ou de l'un quelconque des titres exécutoires peut demander à l'huissier de justice de procéder à la saisie de la propriété de son débiteur suivant la législation en la matière. |
| Icyakora, n'i**y**o urubanza rwaba rutaracibwa, umuburanyi ufite impungenge ko umutungo wimukanwa aburana ushobora kurigiswa cyangwa kwangirika, ashobora gusaba ko ufatirwa bikozwe mu buryo bw'ikirego kihutirwa. Uwari ufite umutungo wafatiriwe awutakazaho ububasha bwose mu gihe ugifatiriwe. | However, even if the final judgement is not rendered, the party who fears that the movable property of the respondent would be dissimulated or damaged may request its seizure by the way of summary procedure. The owner of the seized property loses all the power on it as long as it remains seized. | Néanmoins, même si le jugement définitif n'est pas rendu, la partie qui craint que la propriété mobilière de la partie adverse ne soit dissimulée ou endommagée, peut demander sa saisie selon la procédure des référés. Une personne en possession d'un bien grevé de saisie en perd tout droit tout au long de cette saisie. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyemezo cy'ifatira kigaragaza uburyo ibyafatiriwe bizacungwamo, ikiguzi cyo kubicunga n'uzishyura icyo kiguzi ndetse n'uzabiryozwa igihe byangiritse. | The decision to seize indicates the management of the seized property, the cost for management, the person to pay for it and the person to be liable in case of damage. | La décision de saisie indique les modalités de gestion de la propriété saisie, le coût y relatif et la personne qui en supporte la charge ainsi que celle en encourt la responsabilité, en cas d'endommagement. |
| **<u>Ingingo ya 216</u>: Igice cy'ibintu byimukanwa kidashobora gufatirwa** | **<u>Article 216</u>: Unseizable movable property** | **<u>Article 216</u>: Propriété mobilière insaisissable** |
| Igice cy'ibintu byimukanwa gishobora gutuma ufatirwa yabera umutwaro abandi cyangwa Leta, ntigishobora gufatirwa. | The portion of the movable property which would expose the debtor to extreme poverty or make him or her dependent on the community is not permitted. | Est insaisissable la part de la propriété mobilière dont la saisie réduirait le débiteur saisi à la misère et à la charge de la communauté. |
| Kubera izo mpamvu, ibintu bikurikira ntibishobora gufatirwa: | For that reason, the following items are not subject to seizure: | Ainsi les biens qui suivent ne peuvent pas faire objet de saisie: |
| 1° ibiryamwamo n'ibyambarwa bya ngombwa kuri nyir'ugufatirwa n'umuryango we; | 1° necessary beddings and clothings of the distrainee and his / her family; | 1° les objets de couchage et d'habillement nécessaires au saisi et à sa famille; |
| 2° ibikoresho bya ngombwa mu murimo ubeshejeho umuntu, mu mwuga cyangwa mu murimo nyir'ugufatirwa n'urugo rwe babura ntibabeho; | 2° tools which are essential for the vital activity, profession, trade or activity in the absence of which the distrainee and his / her family cannot survive; | 2° les outils indispensables à l'activité vitale, à la profession, au métier, ou au travail personnel du saisi et de sa famille; |
| 3° bibiri bya gatatu (2/3) by'ibiribwa bitunze nyir'ugufatirwa n'umuryango we; | 3° two thirds (2/3) of the food required for the life and survival of the distrainee and his / her family; | 3° deux-tiers (2/3) des provisions de bouche strictement nécessaires à la vie et à la subsistance du saisi et de sa famille; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° igice cy'umushahara amategeko y'umurimo avuga ko kidafatirwa na kimwe cya gatatu (1/3) cya pansiyo y'umuntu utagira ikindi yiyambaza cyatuma abaho. | 4° quota of the total remuneration declared unattachable by labor laws and one third (1/3) of the pension of a worker who does not have any other means of subsistence. | 4° la quotité de la rémunération globale déclarée insaisissable par la législation sur le travail, et le tiers (1/3) de la rente ou de la pension d'une personne qui ne dispose pas d'autres moyens de subsistance. |
| **<u>Ingingo ya 217</u>: Uburyo ifatira rikorwa** | **<u>Article 217</u>: Seizure procedure** | **<u>Article 217</u>: Procédure de saisie** |
| Umuhesha w'inkiko akora inyandikomvugo y'ifatira igaragaza ku buryo busobanuye neza urutonde rw'umutungo ufatiriwe, ibiwuranga, aho uherereye, uwo bifatiriwe mu maboko n'ushinzwe kubirinda. Kopi y'iyo nyandikomvugo ihabwa uwafatiwe ibintu. | The bailiff prepares a seizure statement indicating clearly the list of seized property, its identification, location, the garnishee and the guardian. The copy of the statement is submitted to the owner of seized property. | L'huissier de justice dresse un procès-verbal de saisie qui indique clairement la liste de la propriété saisie, son identification, la localisation, la personne dans les mains de laquelle elle se trouve ainsi que son gardien. La copie du procès-verbal est donnée au propriétaire de la propriété saisie. |
| Umuhesha w'inkiko afatira ibintu hari nibura nyir'ibintu bifatirwa cyangwa uwo basangiye umutungo cyangwa ubibitse, hari n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari umutungo ufatirwa uherereyemo cyangwa umuhagarariye. | The bailiff seizes property in the presence of at least the owner or the co-owner, the garnishee and the executive secretary of the cell where the property is located or his or her representative. | L'huissier procède à la saisie en présence au moins du propriétaire des biens, copropriétaire ou de la personne qui les détient et du secrétaire exécutif ou de son représentant de la cellule où se trouve les biens saisis. |
| Iteka rya Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze rigaragaza mu buryo burambuye imiterere y'inyandiko zikoreshwa mu ifatira. | An Order of the Minister in chage of Justice determines in detail the model of forms used in seizure. | Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine en détails les formulaires modèles utilisés lors de la saisie. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 218</u>: Gutegekwa kugaragaza umutungo ugomba gufatirwa** | **<u>Article 218</u>: Order to indicate proprety for seizure** | **<u>Article 218</u>: Ordre d'indiquer la propriété à saisir** |
| Uwategetswe n'urubanza cyangwa indi nyandiko mpesha kwishyura umwenda, ategetswe kugaragariza mu nyandiko umuhesha w'inkiko ushaka gufatira, umutungo we, aho uri hose, uko uteye n'uko ungana, no kugaragaza muri wo ukwiye guherwaho mu kwishyura. | The person ordered by a judgement or an enforcement order to pay a debt is obliged to indicate in writing to the court bailiff willing to seize his/her property wherever that property is located, its identification and quantity as well as to indicate which property should be given priority for paying. | Une personne ordonnée par un jugement ou un titre exécutoire à payer une dette doit indiquer par écrit à l'huissier de justice qui veut procéder à la saisie, sa propriété, quel que soit le lieu où elle se trouve, son identification et sa quantité et en indiquer l'ordre de préférence pour effectuer le payement. |
| Iyo atabikoze mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24) abarwa uhereye igihe abisabiwe, Umuhesha w'inkiko afatira imitungo ashobora kubona, kandi mu gihe cy'igurishwa ryawo akaba yahera ku wo ariwo wose. | If the person does not do it within twenty-four (24) hours starting from when he or she requested to do so, the court bailiff seizes the available property and starts by any property while selling it. | A défaut de le faire endéans vingt-quatre (24) heures à partir du moment où elle a été requise de le faire, l'huissier de justice saisit ses biens disponibles et, lors de la vente aux enchères, ce dernier peut suivre l'ordre se son choix. |
| Iyo Umuhesha w'inkiko abona ko ugomba kwishyura yahishe imitungo ye, ashobora gusaba urukiko kumutegeka kuyigaragaza, akanacibwa ihazabu ingana na gatanu ku ijana (5%) by'agaciro k'imitungo yahishe, bitabujije indishyi n'amafaranga y'ikurikiranarubanza. | If the bailiff notices that the debtor dissimulated his/her property may request the court to order him/her to indicate it and to pay a fine of 5% of the dissimulated property without prejudice to pay damages and related to the cost of proceedings. | Lorsque l'huissier de justice constate que le débiteur a dissimulé les biens, il peut demander à la juridiction de l'ordonner à les déclarer et de payer une amende équivalent à cinq pour cent (5%) de la propriété dissimulée, sans préjudice au payement des dommages-intérêts et aux frais de procédure. |
| Bene ibyo birego bitangwa kandi bikaburanishwa mu buryo bw'inyandiko itanzwe n'umuburanyi umwe. | Such claims are instituted and adjudicated through the same procedure as that of exparte application. | Ces requêtes sont introduites et jugées selon la même procédure que celle de la requête unilatérale. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 219</u>: Kurinda ibyafatiriwe** | **<u>Article 219</u>: Appointment of a custodian of a seized property** | **<u>Article 219</u>: Constitution d'un gardien des biens saisis** |
| Umuhesha w'inkiko ashobora gushyiraho umurinzi w'ibyafatiriwe akamusigira kopi y'inyandikomvugo y'ifatira. | A bailiff may appoint a custodian of seized property to whom a copy of the statement of the seizure is remitted. | L'huissier de justice peut constituer un gardien des biens saisis auquel il est laissé une copie du procès-verbal de la saisie. |
| Inyandikomvugo ishyirwaho umukono cyangwa igikumwe n'umurinzi cyangwa ikandikwaho impamvu zimubujije gusinya. | The statement is signed or bear a fingerprint of the custodian or a mention be made of the reasons preventing him/her from signing. | Le gardien signe le procès-verbal ou y appose son empreinte digitale ou, à défaut, y mentionne les causes l'empêchant de signer. |
| Umurinzi ntashobora gukoresha no gushaka inyungu mu byo yarindishijwe cyangwa kubitiza, kandi ntashobora kubuzwa kurangiza inshingano ze n'uwo ari we wese. | The custodian cannot use and benefit from the property under his/her custodianship or rent them and cannot be prevented from performing his/her responsibility by anyone. | Le gardien ne peut se servir ni tirer bénéfice des objets confiés à sa garde ou les prêter et n'est privé d'exercer sa responsabilité par qui que ce soit. |
| Ikiguzi cy'uburinzi gicibwa nyir'ibintu byafatiriwe iyo ifatira rirangiye kandi ntigishobora kurenza rimwe ku gihumbi (1/1000) ku munsi cy'agaciro k'ibyafatiriwe. | The cost of custodianship is met by the owner of seized property at the end of seizure and cannot exceed one per thousand (1/1000) per day of the value of the seized property. | Les frais de gardiennage sont à charge du propriétaire de la propriété saisie à la fin de la saisie et ne peut pas dépasser un pour mille (1/1000) par jour de la valeur de la propriété saisie. |
| **<u>Ingingo ya 220</u>: Kugenzura ko ibyafatiriwe bikiriho n'uko bimeze** | **<u>Article 220</u>: Verifying the existence and state of seized property** | **<u>Article 220</u>: Vérification de l'existence et de l'état des objets saisis** |
| Abyibwirije cyangwa se abisabwe n'uwafatiriye, umuhesha w'inkiko ashobora kugenzura ko ibintu byafatiriwe bikiriho n'uko bimeze. | A bailiff may on his or her own initiative or upon request by the distrainer, verify the existence of the seized property and their state. | L'huissier peut vérifier d'office ou lorsqu'il en est requis par le saisissant, l'existence des objets saisis et leur état. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 221</u>: Ibihano by'umuntu urigisa cyangwa wonona umutungo ufatiriwe** | **<u>Article 221</u>: Penalties for concealing or damaging the seized property** | **<u>Article 221</u>: Sanctions pour la personne qui dissimule ou endommage la propriété saisie** |
| Uwafatiriye ibintu by'undi, umurinzi wabyo cyangwa undi muntu wese, wiba, unyereza, ukoresha, wangiza cyangwa akica ibintu azi ko byafatiriwe ashobora kubiryozwa mu manza mbonezamubano hashingiwe ku gaciro k'ibyafatiriwe. | A distrainer, a guardian or any other person who steals, diverts, uses, damages or destroys property knowing that it has been seized is liable through civil proceedings on basis of the value of the seized property. | Le saisissant, le gardien ou toute autre personne qui soustraient, détourne, fait usage, endommage ou détruit un bien qu'il savait saisi, peut en encourir la responsabilité civile, à concurrence de la valeur du bien saisi. |
| Ashobora kandi no kubikurikiranwaho mu manza nshinjabyaha mu rukiko rubifitiye ububasha. | The person may also be prosecuted through criminal proceedings before a competent court. | Il peut également en encourir la responsabilité pénale devant la juridiction compétente. |
| **<u>Ingingo ya 222</u>: Irangira ry'ifatira** | **<u>Article 222</u>: End of seizure** | **<u>Article 222</u>: Fin de la saisie** |
| Ifatira rirangira iyo: | The seizure ends when: | La saisie prend fin lorsque: |
| 1° ugomba kwishyurwa adohoye agasaba Umuhesha w'inkiko kuvanaho ifatira mu nyandiko isinyweho n'uwishyuzwa n'uwishyurwa. Icyo gihe umuheha w'inkiko akabikorera inyandikomvugo; | 1° the creditor forgives and requests the bailiff through writing signed both by the debtor and the creditor to lift the seizure. In this case, the bailiff makes a statement; | 1° le créancier use de sa clémence et fait une demande écrite qu'il signe conjointement avec le débiteur et adresse à l'huissier de justice pour lever la saisie; |
| 2° ugomba kwishyura yishyuye ku bushake, bigakorerwa inyandikomvugo n'umuhesha w'inkiko; | 2° the debtor voluntarily pays with a statement thereof issued by the court bailiff; | 2° le débiteur paye volontairement et l'huissier de justice en fait le procès-verbal; |
| 3° umutungo wafatiriwe utejwe cyamunara kugira ngo uberewemo umwenda yishyurwe; | 3° the seized property auctioned for the payment of the creditor; | 3° la propriété saisie est vendue aux enchères en vue de payer le créancier; |
| 4° bitegetswe n'urukiko. | 4° ordered by the court. | 4° la cour en fait une ordonnance. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 223</u>: Gusaba urukiko kuvanaho icyemezo cy'ifatira ryakozwe ku mutungo w'utarebwa n'umwenda** | **<u>Article 223</u>: Request the court to lift the decision of seizure operated to the property not belonging to the debtor** | **<u>Article 223</u>: Demande faite à la juridiction pour mainlevée de la mesure de saisie faite sur une propriété n'appartenant pas au débiteur** |
| Nyir'ibintu byafatiriwe kandi atarebwa n'urubanza cyangwa indi nyandikompesha birangizwa asaba mu nyandiko umuhesha w'inkiko wabifatiriye kuvanaho ifatira ku neza amaze kumwereka gihamya ko ari ibye. Iyo birenze amasaha makumyabiri n'ane (24) atarabivanaho ifatira, ashobora gusaba kuvanaho icyemezo cy'ifatira bitabujije kuba yamuryoza indishyi. Uru rubanza ruburanishwa mu bihe biteganywa ku birego bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. | The owner of seized property who is not concerned with the judgement or any enforcement order with due enforcement requests, in writing, the bailiff to lift voluntarily the seizure after showing the proof that it belongs to him/her. If twenty-four (24) hours elapse without lifting the seizure, he or she may request to lift the measure to seize without prejudice to claim damages. Such claim is adjudicated within periods provided for an ex parte application. | Le propriétaire au détriment duquel un bien été saisi alors qu'il n'est pas concerné par le jugement ou un autre tire exécutoire pour lequel l'exécution est poursuive adresse une demande écrite à l'huissier de justice pour la main levée volontaire de la mesure de saisie, après avoir fourni la preuve que la propriété saisie lui appartient. Si, endéans vingt-quatre (24) heures, l'huissier de justice ne procède pas à la main levée de la saisie, la personne concernée peut en demander la main levée sans préjudice au payement des dommages-intérêts. Cette demande est jugée dans les mêmes délais que ceux prévus pour la requête unilatérale. |
| **<u>Ingingo ya 224</u>: Abashinzwe kurangiza imanza n'izindi nyandikompesha n'uburyo barengerwa mu nshingano zabo** | **<u>Article 224</u>: Staff in charge of execution of judgements and other enforcement orders** | **<u>Article 224</u>: Agents chargés de l'exécution des décisions judiciaires et autres titres exécutoires** |
| Abashinzwe kurangiza imanza n'izindi nyandikompesha ni aba bakurikira: | Persons in charge of execution of judicial decisions and other enforcement orders are: | Les agents chargés de l'exécution des décisions judiciaires et des autres titres exécutoires sont les suivants: |
| 1° Abahesha b'inkiko b'umwuga bashyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze; | 1° profesional bailiffs appointed by an order of the Minister in charge of Justice; | 1° les huissiers de justice professionnels qui sont nommés par arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° abahesha b'inkiko batari ab'umwuga bakurikira:<br><br>a) Umuyobozi wa gereza;<br>b) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;<br>c) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;<br>d) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari;<br>e) umukozi wa Leta wabiherewe ububasha na Minisitiri ufite mu nshingano gukurikirana irangizwa ry'imanza;<br><br>f) abakozi b'ibiro by'ubutabera bishinzwe kugira inama abaturage babiherewe ububasha;<br>g) abandi babihererwa ububasha n'amategeko. | 2° non profesional bailiffs who are the following:<br><br>a) the Director of prison;<br>b) Executive Secretary of the District;<br>c) Executive Secretary of the Sector;<br>d) Executive Secretary of the Cell;<br>e) officer of the Ministry in charge of enforcement of judgements;<br><br>f) assistant coordinators of Access to Justice Bureaus;<br>g) other officials determined by law. | 2° les huissiers de justice non professionnels suivants:<br><br>a) le Directeur de la prison;<br>b) le Secrétaire Exécutif du District;<br>c) le Secrétaire Exécutif du Secteur;<br>d) le Secrétaire Exécutif de la Cellule;<br>e) un agent du Ministère chargé de l'exécution des jugements;<br><br>f) les assistants des coordinateurs des Maisons d'Accès à la Justice ;<br>g) d'autres agents déterminés par la loi. |
| **<u>Ingingo ya 225</u>: Ububasha bw'umuhesha w'inkiko** | **<u>Article 225</u>: Competence of bailiffs** | **<u>Article 225</u>: Compétence des huissiers** |
| Umuhesha w'inkiko afite ububasha bukurikira: | The bailiff has the following powers: | L'huissier de justice a les compétences suivantes: |
| 1° gushyikiriza inyandiko z'inkiko n'ibyemezo byazo abo bireba; | 1° to transmit judicial documents and decisions to concerned persons; | 1° transmettre les documents et décisions judiciaires aux personnes concernées; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° guhamya ko inyandikompesha zujuje ibya ngombwa ku buryo zishobora guhita zirangizwa; | 2° to certify enforcement orders with due requirements for being enforced; | 2° certifier que les titres exécutoires remplissent les conditions pour être exécutés; |
| 3° guhamya ibyabaye yiboneye abisabwe n'uwifuza ko bikorerwa inyandiko mvugo ; | 3° to certify things noticed based on the request of the person willing its statement; | 3° certifier les faits constatés sur demande de la personne qui en souhaite le procès-verbal; |
| 4° gufata icyemezo cy'ifatira n'inyandiko mvugo yabyo; | 4° to take decision for seizure and its statement; | 4° prendre la décision sur la saisie et dresser des procès-verbaux y relatifs; |
| 5° kugena uburyo bwo gucunga ibyafatiriwe; | 5° to determine management of seized properties; | 5° déterminer le mode de gestion des biens saisis; |
| 6° kugurisha muri cyamunara no gukora raporo yabyo; | 6° to proceed to public auction and its statement; | 6° procéder à la vente aux enchères et dresser un procès-verbal y relatif; |
| 7° ibindi biteganywa n'itegeko. | 7° other duties provided for by the law. | 7° autres tâches prévues par la loi. |
| Iteka rya Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze rigena uburyo ubwo bubasha bukoreshwa n'imiterere y'inyandiko zifashishwa. | An Order of the Minister in charge of Justice determines the modalities of fulfilling duties and the format of forms used. | Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine les modalités d'exercer ces attributions et spécifie des formulaires utilisées à cette fin. |
| **Ingingo ya 226: Uburyo abahesha b'inkiko barengerwa mu nshingano zabo** | **Article 226: Protection of bailiffs** | **Article 226: Protection des huissiers de justice** |
| Umuhesha w'inkiko ntakumirwa mu nshingano ze. | A bailiff is not obstructed in his or her duties. | L'huissier de justice n'est pas entravé dans ses fonctions. |

| | | |
|---|---|---|
| N'iyo inzugi zifunze cyangwa banze gufungura ku bushake, yitabaza inzego z'umutekano agafungura ku ngufu. | Even when doors are closed or in case of deliberate refusal to open, the bailiff seeks assistance from security organs to open by force. | Si les portes sont fermées ou si l'ouverture lui en est refusée, l'huissier de justice se fait assister par les services de sécurité pour procéder à l'ouverture par force. |
| Ashobora kandi kuziyambaza iyo abona ashobora kugirirwa urugomo. | The bailiff also may resort to such organ if he or she anticipates acts of violence. | Il peut aussi recourir à ces organes lorsqu'il remarque qu'il peut subir les actes de violence. |
| Umuhesha w'inkiko ugiriwe urugomo urwo arirwo rwose, akora umurimo ashinzwe, yandika inyandiko mvugo igaragaza urugomo yakorewe, ababikoze, ababibonye n'igihe byabereye, dosiye akayishyikiriza ubugezacyaha. | The bailiff who is subject to acts of violence while exercising his/her duties makes a statement indicating the acts of violence, their perpetrators, witnesses and the time they were committed and submit the file to the judicial police. | L'huissier de justice qui subit les actes de violence dans ses fonctions dresse un procès-verbal, indique ces actes de violence, les auteurs, les témoins, le temps de leur survenance et transmet le dossier à la police judiciaire. |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Amoko y'ifatira n'uko ashyirwa mu bikorwa** | **<u>Subsection 2</u>: Types of seizure and their execution** | **<u>Sous- section 2</u>: Types de saisie et leur exécution** |
| **<u>Ingingo ya 227</u>: ifatira ry'umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko y'undi muntu** | **<u>Article 227</u>: Seizure of the property of the debtor in the hands of a third party** | **<u>Article 227</u>: Saisie de la propriété du débiteur dans les mains d'un tiers** |
| Umuhesha w'inkiko yemerewe gufatira ibintu byimukanwa by'ugomba kwishyura biri mu maboko y'undi muntu amaze kumugaragariza urubanza ruriho inyandikompuruza cyangwa indi nyandikompesha. | The bailiff is allowed to seize the movable property of the debtor in the hands of a third party after showing him/her the judgement or any enforcement order bearing enforcement formula. | L'huissier de justice est autorisé à saisir la propriété mobilière du débiteur dans les mains d'un tiers après lui avoir montré le jugement ou tout autre titre exécutoire revêtu de la formule exécutoire. |
| Ubitse ibintu by'ugomba kwishyura byafatiriwe, akimara kubisabwa n'umuhesha w'inkiko, ategetswe kumugaragariza mu | The third party in whose hands is the property of the debtor upon request by the bailiff is obliged to indicate in writing all the property | Dès qu'elle en est requis par l'huissier de justice, la tierce personne dans les mains de laquelle se trouve les biens saisis du débiteur |

| | | |
|---|---|---|
| nyandiko umutungo wose w'ugomba kwishyura abitse, aho uri hose, uko uteye n'uko ungana. | of the debtor in his hands, anywhere it is located, its identification and quantity. | est tenue d'indiquer toute la propriété du débiteur dans ses mains, où qu'elle se trouve, son identification et sa quantité. |
| **<u>Ingingo ya 228</u>: Gufatira umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko ya Leta cyangwa imiryango yigenga cyangwa ibigo bya Leta bifite ubuzimagatozi** | **<u>Article 228</u>: Seizure of the property of the debtor in the hands of the Government or non governmental organizations or public institutions with legal personality** | **<u>Article 228</u>: Saisie de la propriété du débiteur dans les mains du Gouvernement ou des organisations non gouvernementales ou des institutions publiques dotées de la personnalité juridique** |
| Umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko ya Leta ufatirwa mu maboko y'urwego rwa Leta ruwucunga bikamenyeshwa Intumwa Nkuru ya Leta. | The property of the debtor in hands of the Government is seized in hands of the public institution in charge of its mangement and the State Attorney is notified. | La propriété du débiteur se trouvant dans les mains du Gouvernement est saisie dans les mains de l'institution publique chargée de sa gestion et le Garde des Sceaux en est notifié. |
| Naho umutungo w'ugomba kwishyura uri mu maboko y'umuryango wigenga cyangwa ikigo cya Leta gifite ubuzimagatozi ugafatirwa mu maboko yacyo bikamenyeshwa abahagarariye iyo miryango cyangwa ibyo bigo. Abo bantu bashyira umukono wabo kuri iryo menyesha. | The property of the debtor in hands of non governmental organization or public institution with legal personality is seized in its hands and its representatives are notified. These representatives sign such notification. | La propriété du débiteur dans les mains de l'organisation non gouvernementale ou de l'institution publique dotées de la personnalité juridique est saisie dans leurs mains et leurs représentants sont notifiés. Ces personnes apposent leurs signatures sur cette notification. |
| **<u>Ingingo ya 229</u>: Ifatira ngaruzamutungo** | **<u>Article 229</u>: Seizure of recovered property** | **<u>Article 229</u>: Saisie-revendication** |
| Ifatira ngaruzamutungo ni uburyo nyir'umutungo wimukanwa, uri mu maboko y'undi, akoresha kugira ngo awushinganishe, bityo woye kononekara, mu gihe agitegereje kuwusubirana. | The seizure of recovered property is the procedure whereby the owner of movable property held by a third party has it placed in the hands of the court to ensure its preservation while waiting for getting it back. | La saisie-revendication est la procédure par laquelle le titulaire d'un droit de suite sur un meuble détenu par un tiers tend à en assurer la conservation, en attendant qu'il soit à même d'en jouir à nouveau. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo ugomba kwishyurwa afite inyandikompesha, asaba umuhesha w'inkiko kumuhesha umutungo we ako kanya. | If the creditor has an enforcement order, he or she requests a court bailiff immediate execution of the order. | Lorsque le créancier a un titre exécutoire, il demande à l'huissier de justice de procéder pour la remise de ses biens sans délai. |
| Iyo ugomba kwishyurwa adafite inyandiko mpesha, asaba umuhesha w'inkiko kuwufatira, ariko mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunanai (48), agatanga ikirego mu rukiko rw'Ibanze ruri hafi kugirango abone uburenganzira busesuye ku mutungo washinganishijwe. Icyo kirego kiburansihwa mu bihe biteganyirijwe ibirego byihutirwa. | If the creditor has no enforcement order, he/she requests the seizure of the property by a court bailiff and, in a period not exceeding forty-eight hours (48), submits a claim to the nearest primary court in order to acquire full rights on the preserved property. The submitted claim is heard in the same period as the one provided for a summary procedure. | Lorsque le créancier n'a pas de titre exécutoire, il en demande la saisie des biens par un huissier de justice et, à condition de saisir le Tribunal de Base le plus proche, dans un délai n'excédant pas quarante huit (48) afin d'acquérir tous les droits sur la propriété saisie. Cette requête est examinée dans les même délais que ceux prévus pour les référés. |
| Iyo urubanza rwa burundu rwemeye uburenganzira bw'ugaruza ibye, aho gutegeka ko babiteza cyamunara, rutegeka ko bisubizwa nyirabyo cyangwa uko byari bimeze mbere. | If the definitive judgement of the court approves the right of a party to recover his or her property, the court rejects the auction and orders the owner to recover his/her property or that the property is restituted in their former state. | Si le jugement définitif confirme le droit du propriétaire revendiquant, il ordonne, non pas la vente aux enchères des biens, mais leur restitution au propriétaire revendiquant ou à leur restitution dans leur premier état. |
| Ifatira ngaruzamutungo rikoreshwa igihe cyose umuntu afite uburenganzira bwo gukurikirana icye no kukigarura vuba, nk'iyo cyibwe, cyatakaye, cyanyerejwe, cyahawe undi muntu, cyakoreshejwe atabyemeye, igihe ugurisha ibihererekanywa adahereyeko yishyurwa cyangwa iyo ibintu biri mu nzu bibereye ingwate byayivanywemo nyirayo atabyemeye. | Seizure of recovered property is done anytime the owner has the right to proceed to the recovery of his stolen, lost or embezzled property or when his property was given to another person, used without his consent, sold without being paid or when a security is removed without the consent of its owner. | La saisie revendication est utilisée toutes les fois qu'une personne a un droit de suite sur un meuble notamment lorsque celui-ci a été volé, perdu ou détourné, aliéné, utilisé contre son gré, lorsque le vendeur au comptant n'a pas été payé ou que les meubles formant le gage du propriétaire ont été détournés de l'immeuble. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 230</u>: Ifatira ry'ibintu by'umugenzi**<br><br>Iyo ukubereyemo umwenda ari umugenzi mu Karere agusanzemo kandi mudatuye mu Karere kamwe, ushobora gusaba umuhesha w'inkiko gufatira ibintu bye afite muri urwo rugendo iyo ufite inyandikompesha.<br><br>Iyo nta nyandikompesha iriho, umuhesha w'inkiko ashobora guhita afatira ibyo bintu, ariko mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunanai (48), uberewemo umwenda agatanga ikirego cy'iremezo mu rukiko rubifitiye ububasha kugirango hemezwe umwenda aberewemo.<br><br>Iryo fatira rigumaho, keretse iyo muri urwo rubanza uwafatiriwe asabye ko rivaho akabyemererwa n'urukiko.<br><br>Urubanza rwa burundu ku kirego cy'iremezo rutuma ifatira rihinduka ifatirabwishyu iyo uwareze atsinze.<br><br>**<u>Ingingo ya 231</u>: Ifatira ry'ibyimukanwa by'utishyuye ubukode**<br><br>Iyo ukodesha inzu, umurima cyangwa ibindi bintu yanze kwishyura ubukode, nyir'umutungo ukodeshwa ashobora gusaba | **<u>Article 230</u>: Seizure of an itinerant's property**<br><br>If the debtor is an itinerant and does not reside in the district of the creditor's residence, the creditor may request a bailiff, to seize the property in the itinerant's possession, in case the creditor has an enforceable order.<br><br>If the creditor has no enforcement order, the bailiff may proceed with seizure of the itinerant's property and the creditor files a claim within forty-four (48) hours for the competent court to confirm the debt.<br><br>The seizure mentioned in Paragraph 2 of this Article persists unless it is cancelled by the court on the request of the owner of the property.<br><br>The final judgement on the principal claim turns the seizure into distrain if the claimant wins the case.<br><br>**<u>Article 231</u>: Seizure of a tenant's movable property**<br><br>If the tenant of a house, land or other goods refuses to pay rents, the owner may request from the bailiff the seizure of movable | **<u>Article 230</u>: Saisie foraine**<br><br>Lorsque le débiteur est de passage et ne réside pas dans le quartier de la résidence du créancier, le créancier peut demander à l'huissier de justice, la saisie foraine, au cas où le créancier aurait un ordre exécutoire.<br><br>En cas de défaut du titre exécutoire, l'huissier peut procéder à la saisie des biens de l'itinérant, à charge, pour le créancier, de déposer une demande principale dans un délai n'excédant pas quarante-huit (48) heures à la juridiction compétente pour la confirmation de sa dette.<br><br>La saisie subsiste à moins qu'elle ne soit annulée par une juridiction à la demande du saisi et sous l'autorisation de la juridiction.<br><br>Le jugement définitif sur l'affaire principale transforme la saisie en saisie exécution, en cas de gain de cause.<br><br>**<u>Article 231</u>: Saisie des biens meubles d'un locataire**<br><br>Lorsque le locataire de maisons, de terrains ou d'autres biens refuse de payer les loyers, le propriétaire peut demander à l'huissier, la |

| | | |
|---|---|---|
| umuhesha w'inkiko gufatira ibintu byimukanwa, ibihingwa cyangwa ibindi biri muri uwo mutungo by'ukodesha ndetse n'ibyahakuwe atabyemeye. | property or other goods which belong to the tenant, found in the leased buildings and on the land, or which were removed without their consent. | saisie de biens mobiliers ou d'autres biens appartenant au locataire, trouvés dans les maisons ou terrains loués, ou qui y étaient déplacés sans son consentement. |
| Ubwo bubasha buhabwa kandi uwakodesheje nawe agakodesha abandi ariko ntibamwishyure. | Such powers are also given to a sublessor who does not get payment from a sublessee. | Une telle compétence est également accordée aux sous-bailleurs qui ne reçoivent pas le paiement du sous-loyer. |
| Akimara gusaba umuhesha w'inkiko gufatira, uberewemo umwenda agomba guhita atanga ikirego cy'iremezo mu rukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunanai (48) kugira ngo hemezwe umwenda aberewemo. | After requesting the seizure from the bailiff, the creditor must file a complaint for confirmation before a competent court to know the substance of the case, within forty-eight (48) hours of seizure. | Après avoir demandé la saisie à l'huissier de justice, le créancier doit déposer une plainte pour confirmation devant une juridiction compétente pour connaître le fond de l'affaire, dans les quarante-huit (48) heures de la saisie. |
| Iryo fatira rigumaho, keretse iyo muri urwo rubanza uwafatiriwe asabye ko rivaho akabyemererwa n'urukiko. | The seizure mentioned in Paragraph 2 of this Article persists unless it is cancelled by the court on the request by the property's owner. | La saisie mentionnée à l'alinéa 2 de cet article subsiste à moins qu'elle ne soit annulée par le tribunal à la demande du propriétaire du bien. |
| Urubanza rwa burundu ku kirego cy'iremezo rutuma ifatira rihinduka ifatirabwishyu iyo uwareze atsinze. Bene urwo rubanza ruburanishwa mu buryo bw'ikirego cyihutirwa. | The final judgement on the principal claim turns the seizure into distrain if the claimant wins the case. | Le jugement définitif convertit la saisie foraine en saisie-exécution, en cas de gain de cause. |
| **<u>Ingingo ya 232</u>: Ifatira ry'umwenda w'ubucuruzi** | **<u>Article 232</u>: Commercial seizure** | **<u>Article 232</u>: Saisie commerciale** |
| Umuntu wese: | Any person: | Toute personne: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° ufite urwandiko rw'ubucuruzi rutegeka urimo umwenda kwishyura; | 1° who bears a bill of exchange; | 1° qui porte une lettre de change ; |
| 2° ufite urwandiko rw'amasezerano y'ubwishyu; | 2° who bears a promissory note; | 2° qui porte un billet à ordre ; |
| 3° ufite sheki itazigamiwe ; | 3° who bears an unpaid cheque; | 3° qui porte un chèque impayé ; |
| 4° uberewemo umwenda ushingiye ku gikorwa cy'ubucuruzi; | 4° a creditor whose right is based on a legal commercial transaction; | 4° qui est créancier et dont le droit est basé sur une transaction commerciale légale |
| ashobora gusaba umuhesha w'inkiko gufatira ibintu by'umubereyemo umwenda amaze kugenzura agaciro k'inyandiko zavuzwe haruguru no guhamya ko umwenda utishyuriwe. | may request from the bailiff the seizure after assessing the authenticity of the above mentioned documents and stating that the debt is unpaid. | peut demander à l'huissier de justice, la saisie des biens de son débiteur, après avoir évalué l'authenticité des documents mentionnés ci-dessus et déclaré que la dette n'a pas été payée. |
| Mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48), uberewemo umwenda agomba kandi kuba yagejeje ikirego cy'iremezo mu rukiko rubifitiye ububasha kugirango hemezwe umwenda aberewemo. | The creditor must file a complaint within forty-eight (48) hours of seizure, before a competent court, for confirmation of the debt. | Dans un délai n'excédant pas quarante-huit (48) heures, le créancier doit déposer la demande principale devant la juridiction compétente pour la confirmation de la dette. |
| Ifatira rivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo rigumaho, keretse iyo muri urwo rubanza uwafatiriwe asabye ko rivaho akabyemererwa n'urukiko. Urubanza rwa burundu ku kirego cy'iremezo rutuma ifatira rihinduka ifatirabwishyu iyo uwareze atsinze. Bene urwo rubanza ruburanishwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa. | The seizure mentioned in Paragraph 2 of this Article persists unless it is cancelled by the court on the request of the property's owner. The final judgement on the principal claim changes the seizure into distrain. The case is heard in the form of summary procedure. | La saisie mentionnée à l'alinéa 2 du présent article subsiste, à moins qu'elle ne soit annulée par une juridiction à la demande du propriétaire du bien. Le jugement définitif sur la demande principale convertit la saisiecommerciale en saisie saisie-exécution, en cas de gain du procès. Ces demandes sont examinées sous forme de référés. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 233</u>: Ifatira ry'umutungo utimukanwa usangiwe n'abantu benshi** | **<u>Article 233</u>: Seizure of immovable property belonging to several joint owners** | **<u>Article 233</u>: Saisie de biens immobiliers en indivision** |
| Iyo umutungo utimukanwa usangiwe n'abantu benshi, uberewemo umwenda abanza kuregera urukiko ngo rutegeke ko ugabanywa cyangwa ko ugurishwa. | If the immovable property belongs to several joint owners, the creditor first applies to court for its partition or sale. | Si le bien immobilier est dans l'indivision, le créancier doit d'abord adresser une requête à la juridiction afin que cette dernière décide sur sa division ou sa vente. |
| Ibivugwa mu gika kibanziriza iki ntibireba umutungo w'abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo rusange, keretse umwe muri bo agaragaje ko impamvu zatumye habaho ifatira batari bazumvikanyeho. Icyakora, impamvu zigaragazwa ntizireba uburyozwe budashingiye ku masezerano. | Provisions of the preceding paragraph are not applicable to the property of spouses married under the regime of community of property unless one spouse proves that there had been no mutual consent on the causes that led to seizure. However, reasons given do not apply in case of civil liability. | Les dispositions de l'alinéa précédent ne s'appliquent pas aux biens des époux mariés sous le régime de la communauté universelle des biens, sauf si l'un d'eux prouve que les raisons ayant motivé la saisie n'ont pas fait objet d'accord. Cependant, les raisons devant faire objet de preuve ne concernent pas la responsabilité civle. |
| Ikirego gisaba kugabanya cyangwa kugurisha umutungo utimukanwa wafatiriwe usangiwe n'abantu benshi gitangirwa rimwe n'ikirego gisaba kugena agaciro k'uwo mutungo no kugena impuguke n'igihembo cyayo. Iki kirego gitangwa kandi kikaburanishwa hakurikijwe inzira n'ibihe biteganyirizwa ikirego cyihutirwa. | A complaint aimed at partition or sale of an immovable property belongs to several joint owners is filed at the same time with a complaint aimed at an assessment of value of the property, the expert and his reward. The claim is submitted and heard in the same way and period as the one provided for a summary procedure. | Une plainte visant la division ou la vente d'un immeuble en indivision est déposé en même temps que la plainte visant l'évaluation de sa valeur, la désignation d'un expert et les honoraires de ce dernier. Cette requête est introduite et examinée selon les mêmes procédure et délais que ceux prévus pour des référés. |
| **<u>Ingingo ya 234</u>: Ifatirabwishyu** | **<u>Article 234</u>: Distraint** | **<u>Article 234:</u> Saisie-exécution** |
| Ifatirabwishyu ni ifatira rikorwa n'umuhesha w'inkiko iyo umuburanyi watsinzwe urubanza rwabaye itegeko cyangwa urimo umwenda | Distraint is a seizure carried by a bailiff if the losing party in a definitive judgement, or if a debtor whom an enforcement order is imposed | La saisie-exécution est une saisie à laquelle procède un huissier lorsque la partie perdante dans un jugement devenu définitif ou lorsqu'un |

| | | |
|---|---|---|
| wagaragarijwe indi nyandikompesha batubahirije ibyemezo by'izo nyandiko mu gihe cyategetswe, hagamijwe guteza ibintu bye cyamunara. | has not complied with the decision in the required period, and the purpose of the seizure is the public auction. | débiteur ayant fait objet de commandement d'un titre exécutoire ne s'y conforme pas dans les délais requis, dans le but de procéder à la vente aux enchères des biens du débiteur. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: KURANGIZA IMANZA** | **<u>CHAPTER II</u>: EXECUTION OF JUDGEMENTS** | **<u>CHAPITRE II</u>: EXECUTION DES JUGEMENTS** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Irangiza ry'urubanza ry'agateganyo** | **<u>Section One</u>: Provisional execution of judgement** | **<u>Section Première</u>: Exécution provisoire du jugement** |
| **<u>Ingingo ya 235</u>: Igihe irangizwa ry'urubanza ry'agateganyo ribujijwe** | **<u>Article 235</u>: Prohibition of provisional execution of judgement** | **<u>Article 235</u>: Interdiction d'exécution provisoire d'un jugement** |
| Irangizwa ry'urubanza ry'agateganyo ribujijwe: | Provisional execution of a judgement is prohibited: | L'exécution provisoire d'un jugement est interdite: |
| 1° mu byerekeye amafaranga yose y'ibyakozwe mu rubanza; | 1° in matters relating to all costs that were incurred in the course of trial; | 1° en matière de tous les frais de procédure; |
| 2° mu byerekeye imimerere y'abantu; | 2° in civil status cases; | 2° en matière de statut des personnes; |
| 3° mu byerekeye ibintu bitimukanwa, iyo ari byo biburanwa; | 3° in matters relating to immovable property if it is the object of the litigation; | 3° en matière immobilière, si elle fait l'objet du litige; |
| 4° mu byerekeye ibindi bintu n'ibihe byateganyijwe n'itegeko. | 4° in all other matters and instances provided for by the law. | 4° dans d'autres matières et cas prévus par la loi. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 236</u>: Igihe irangiza ry'urubanza ry'agateganyo ari itegeko** | **<u>Article 236</u>: Case of compulsory provisional execution** | **<u>Article 236</u>: Cas où l'exécution provisoire est de droit** |
| Irangiza ry'agateganyo rishobora gukorwa n'iyo ryaba ritategetswe n'urukiko, ku byemezo by'abacamanza bigomba kurangizwa by'agateganyo ubwabyo, cyane cyane: | Provisional execution may be made even if it is ordered by the court, for decisions that require immediate execution as of right, especially in orders given upon: | L'exécution provisoire peut être faite même si elle n'a pas été ordonnée par le tribunal, pour les décisions qui nécessitent une exécution immédiate de plein droit, notamment dans les cas suivants: |
| 1° ibyemezo ku birego byihutirwa; | 1° court decisions on summary proceedings; | 1° une ordonnance en cas de référé; |
| 2° ibyemezo bifashwe ku birego by'agateganyo bitanzwe n'umwe mu baburanyi; | 2° decisions on provisional applications given by one party to the case; | 2° les décisions prises sur demandes provisoires faites par une partie au procès; |
| 3° ibyemezo bifashwe ku birego bisaba indezo no kurera abana mu gihe cy'urubanza rw'ubutane; | 3° decisions on applications for maintenance allowance and custody of children in divorce cases; | 3° les demandes relatives à la pension alimentaire et à la garde des enfants lors d'une instance en divorce; |
| 4° Ibyemezo bifashwe ku manza zemeza igihombo; | 4° decisions on judgements given in bankruptcy cases; | 4° les jugements rendus en matière de faillite; |
| 5° ibyemezo by'urukiko bitegeka ko hafatwa ibyemezo by'agateganyo mu gihe cy'iburanisha. | 5° rulings which provide for protective measures in the course of proceedings. | 5° les décisions qui prescrivent des mesures provisoires pour le cours de l`instance et celles qui ordonnent des mesures conservatoires. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 237</u>: Igihe irangiza ry'urubanza ry'agateganyo ritangwa ntawe urisabye** | **<u>Article 237</u>: Provisional execution ordered by court** | **<u>Article 237</u>: Cas où l'exécution provisoire est accordée d'office** |
| Irangizwa ry'agateganyo ryemezwa n'urukiko rubyibwirije ndetse nta ngwate, iyo: | Provisional execution order is issued by the court on its own motion, even without a security if: | L'ordre d'exécution provisoire est émis par une juridiction, de sa propre initiative, même sans garantie lorsque: |
| 1° ikimenyetso cy'ikiburanwa ari inyandikomvaho; | 1° the evidence of litigation is an authentic deed; | 1° la preuve d'un litige est un acte authentique; |
| 2° ikiburanwa ari umwenda wemewe mu rubanza n'uregwa. | 2° the matter of litigation is the debt acknowledged by the debtor in the case. | 2° l'objet du litige est la dette reconnue par le débiteur au cours du procès. |
| **<u>Ingingo ya 238</u>: Igihe irangiza ry'urubanza ry'agateganyo ritangwa ari uko risabwe n'umwe mu baburanyi** | **<u>Article 238</u>: Provisional execution upon application by one party** | **<u>Article 238</u>: Exécution provisoire sur demande d'une partie** |
| Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 220, 221 n'iya 222 z'iri tegeko, irangiza ry'urubanza ry'agateganyo rishobora gutegekwa gusa, bisabwe n'umwe mu baburanyi, ku bintu byose byatsindiwe cyangwa ku gice cyabyo, iyo urukiko rusanga iryo rangiza ry'urubanza ritabaye bishobora kwangiriza ku buryo budasubirwaho umuburanyi ubisabye. | Notwithstanding provisions of Articles 220, 221 and 222 of this Law, provisional execution may be authorized, upon application by a party, on the whole or part of the awarded, if it is found that lack of the provisional execution is likely to result into irreparable damage to the person applying for it. | Nonobstant les dispositions des articles 220, 221 et 222 de la présente loi, l'exécution provisoire peut être autorisée sur demande par une partie, sur tout ou partie de la condamnation, s'il est constaté que l'absence d'exécution provisoire est susceptible de causer un préjudice irréparable à la personne qui en fait la demande. |
| Urukiko rwemeje irangiza ry'urubanza ry'agateganyo, rushobora gutegeka urisabye gutanga ingwate. Rushobora no gutegeka uwanga ko rurangizwa by'agateganyo kuba ariwe uyitanga. | If the Court authorizes provisional execution, it may order the applicant for the execution to furnish a security. The order may as well be given to the respondent. | Lorsqu'une juridiction autorise provisoirement l'exécution prévue à l'alinéa premier du présent article, elle peut ordonner à la partie qui a demandé l'exécution de fournir |

| | | |
|---|---|---|
| | | une garantie. L'ordre peut également être donné au défendeur. |
| Urukiko, rukurikije uko umuburanyi abyifuza, rwemeza uko ingwate ingana n'uko imeze. Ingwate ishobora kuba umwishingizi, amafaranga cyangwa impapuro mvunjwafaranga. | The court, depending on what the applicant for the provisional execution wishes, determines the amount and nature of the security to be deposited. The security may be in the form of a guarantor, money or negotiable instrument. | La juridiction détermine, sur offre du demandeur à l'exécution provisoire, le montant et la nature de la garantie qui pourra consister notamment en une caution ou en un dépôt d'espèces ou de valeurs. |
| Urubanza rutegeka irangiza ry'agateganyo rugomba kugaragaza igihombo kidasubirwaho uwarisabye yagira aramutse atabyemerewe. Iyo rutegetse ingwate, rugaragaza ko ihagije kugirango ihwane n'ibisubizwa n'indishyi. | The judgement ordering the provisional execution justifies the type of irreparable damage the one who applies for it is likely to suffer if not granted. When the court orders the issuance of a security, it proves that the security covers refunds and reparations. | Le jugement ordonnant l'exécution provisoire doit justifier le type de dommage irréparable que celui qui en fait la demande est susceptible de subir si elle n'est pas accordée. Lorsqu'il ordonne une garantie, il indique qu'elle est suffisante pour couvrir tous les remboursements et réparations possibles. |
| **<u>Ingingo ya 239</u>: Guhagarika irangizarubanza by'agateganyo mu rukiko rwajuririwe** | **<u>Article 239</u>: Suspension of provisional execution before the appeal court** | **<u>Article 239</u>: Suspension de l'exécution provisoire devant la cour d'appel** |
| Uwishyuzwa ashobora gusaba ko irangizarubanza ry'agateganyo rihagarikwa mu rukiko rwajuririwe iyo: | A debtor may request suspension of provisional execution before an appeal court if: | Un débiteur peut demander la suspension de l'exécution provisoire devant la juridiction d'appel dans les cas suivants: |
| 1° ryatanzwe mu nzira zinyuranyije n'amategeko; | 1° it has been ordered in a manner that is inconsistent with the law; | 1° lorsque l'exécution a été ordonnée contrairement à la loi; |
| 2° ahisemo gushinganisha amafaranga cyangwa impapuro mvunjwafaranga bihagije kugira ngo bibe ingwate y'ibyo yatsindiwe; | 2° a security deposit of valuable sufficient to cover the principal amount of the penalty, interest and costs awarded; | 2° il choisit de constituer un dépôt de garantie de valeur suffisante pour couvrir le montant principal de la |

| | | |
|---|---|---|
| | | condamnation, des intérêts et des frais adjugés; |
| 3° asanga irangizarubanza ry'agateganyo rikwiye gukorwa ku gice kimwe cy'amafaranga yagenwe mu rubanza. | 3° only part of the total damages awarded by the provisional execution to be paid if the execution on the whole amount is unjustified. | 3° il estime que l'exécution provisoire peut se faire seulement sur une partie du total des dommages-intérêts accordés par le jugement. |
| Ikirego gisaba guhagarika irangizarubanza by'agateganyo mu rukiko rwajuririwe bitangwa kandi bikaburanishwa mu bihe biteganwa ku kirego cyihutirwa. | A request of suspension of provisional execution of judgements is heard in accordance with procedures for summary judgements. | Les demandes de suspension provisoires d'exécution des jugements sont introduites et entendues conformément aux procédures de référé. |
| Icyemezo gifashwe ku kirego gisaba guhagarika irangizarubanza ry'agateganyo mu rukiko rwajuririwe, ntikijuririrwa. | The decision on a claim requesting for the suspension of provisional execution of judgement submitted during the appeal is not appealable. | La demande de suspension de l'exécution provisoire du jugement présentée devant une juridiction d'appel ne fait pas l'objet de recours. |
| **<u>Ingingo ya 240</u>: Icungwa ry'ingwate n'inshingano z'umwishingizi** | **<u>Article 240</u>: Management of securities and obligations of guarantor** | **<u>Article 240</u>: Dépôt de titres** |
| Ingwate yategetswe n'urukiko ibitswa kuri konti y'ingwate yabigenewe iri muri Banki Nkuru y'Igihugu cyangwa kuri konti y`iyo Banki iri mu zindi banki. | The security ordered by a court is kept in a special deposit account maintained in the National Bank of Rwanda or in one of its accounts maintained in other banks. | Les dépôts de titres sont conservés dans un compte de dépôt spécial tenu à la Banque Nationale du Rwanda ou dans l'un de ses comptes tenus dans d'autres banques. |
| Iyo ingwate ari umutungo utari amafaranga cyangwa inyandiko mvunjwafaranga ucungwa mu buryo bumwe nk'ubwo umutungo ufatiriwe. Iyo ingwate ari umutungo utimukanwa ucungwa mu buryo bumwe nk'ubwo umutungo washinganishijwe.Iyo | When the security is made of a property other than money or negotiable instrument, it ise managed in the same way as a seized property. When the security is made of immovable property, it is managed in the same way as a mortgage. When a person agrees to be a | Lorsque la garantie consiste en une propriété autre que de l'argent ou des bons du Trésor, elle es gérée de la même manière qu'une propriété saisie. Lorsque la garantie consiste en un bien immeuble, celui-ci est géré de la même manière qu'une hypothèque. Lorsqu'une |

| | | |
|---|---|---|
| umuntu yemeye kuba umwishingizi mu mwanya w'ingwate aba yiyemeje kwishyurira uwo yishingiye igihe atubahirije inshingano ze. | guarantor instead of giving a security, he/she is committed to pay for the creditor, in case the creditor does not respect his/her obligations. | personne accepte d'être une caution au lieu de donner une garantie, elle s'engage à payer pour pour le compte de la personne pour laquelle elle s'engage, au cas où celle-ci ne respecterait pas ses obligations. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Irangiza rya burundu ry'urubanza rwabaye itegeko n'iry'izindi nyandikompesha** | **<u>Section 2</u>: Execution of final judgements and enforcement orders** | **<u>Section 2</u>: Exécution des jugements définitifs et des titres exécutoires** |
| **<u>Ingingo ya 241</u>: Igisobanuro n'amoko y'inyandikompesha** | **<u>Article 241</u>: Definition and types of enforcement orders** | **<u>Article 241</u>: Définition et types de titres exécutoires** |
| Inyandikompesha ni inyandiko zishingiye ku byemezo by'inzego zibifitiye ububasha cyangwa byemeranyijweho n'abo bireba, zishobora kurangizwa ku gahato zimaze kugenzurwa no kwemezwa n'umwanditsi w'urukiko, cyangwa undi mukozi ubifitiye ububasha. | Enforcement orders are documents based on decisions of competent authorities or agreement of parties, and the orders can be compulsory executed after being checked and approved by a court registrar or any other competent public officer. | Les titres exécutoires sont des documents fondés sur les décisions des autorités compétentes ou sur l'accord des parties, et qui peuvent être exécutés après avoir été vérifiés et approuvés par un greffier du tribunal ou tout autre officier public compétent. |
| Inyandikompesha ni izi zikurikira: | Enforcement orders are as follows: | Les titres exécutoires sont les suivantes: |
| 1° imanza zaciwe n'inkiko; | 1° judgements rendered by courts; | 1° les jugements rendus par des juridictions; |
| 2° ibyemezo by'abacamanza; | 2° decisions of judges; | 2° les décisions des juges; |
| 3° imanza z'inkiko nkemurampaka; | 3° arbitral awards; | 3° les sentences arbitrales; |
| 4° imyanzuro ya komite y'abunzi; | 4° resolutions of *abunzi* committee; | 4° les résolutions du comité d'*abunzi* ; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° inyandikomvaho zirimo ingingo zemerera uberewemo umwenda kugurisha icyagwatirijwe bitagombye urubanza; | 5° authentic deeds containing clauses permitting creditors to sell mortgaged property without recourse to judicial proceedings; | 5° les actes authentiques contenant des clauses permettant aux créanciers de vendre des biens hypothéqués sans recourir à des procédures judiciaires ; |
| 6° amasezerano yo kwikiranura yakorewe imbere ya noteri; | 6° contract certified by a notary; | 6° contrat certifié par le notaire; |
| 7° inyandiko y'ubwumvikane iriho umukono w'impande zombi n'ubwunzi byakorewe hanze y'urukiko; | 7° agreement contract signed by the parties and dispute mediation concluded out of court; | 7° le contrat d'entente signé par les deux parties et la médiation extra-judiciaires; |
| 8° inyandikomvaho n'imanza z'inkiko zo mu mahanga abacamanza bo mu Rwanda babifitiye ububasha bemeye ko ziharangirizwa; | 8° authentic foreign deeds and judgements bearing the exequatur formula by a competent Rwandan judicial authority; | 8° les actes étrangers authentiques et jugements portant la formule exécutoire d'une autorité judiciaire rwandaise compétente; |
| 9° izindi nyandiko zishyirwaho n'amategeko. | 9° other documents that may be established by laws. | 9° d'autres documents pouvant être établis par des lois. |
| **<u>Ingingo ya 242</u>: Inyandikompuruza** | **<u>Article 242</u>: Enforcement formula** | **<u>Article 242</u>: Formule exécutoire** |
| Inyandikompuruza ni ikimenyetso kigaragaza ko ibyemejwe mu nyandikompesha zavuzwe mu ngingo ya 241 y'iri tegeko bishobora guhita bishyirwa mu bikorwa ku neza cyangwa ku ngufu za Leta. | An enforcement formula is a symbol that approves the voluntary or compulsory immediate enforcement of provisions of the enforcement orders mentioned in Article 241 of this Law. | La formule exécutoire est une preuve authentifiant que les dispositions des titres exécutoires mentionnés à l'article 241 de la présente loi peuvent être d'application immédiate volontaire ou obligatoire. |
| Imiterere y'inyandikompuruza igenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze. | The content of an enforcement formula is determined by an Order of the Minister in charge of justice. | Le contenu d'une formule exécutoire est déterminé par un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 243</u>: Gutesha agaciro inyandikompuruza** | **<u>Article 243</u>: Invalidation of an Enforcement formula** | **<u>Article 243</u>: Invalidation d'une formule exécutoire** |
| Iyo inyandikompesha ishyizweho inyandikompuruza bitari bikwiye, umuburanyi wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba mu nyandiko Perezida w'Urukiko rwashyizeho inyandikompuruza kuyitesha agaciro. | When an enforcement formula is illegitimately put on an enforcement order, any interested person may address a written request to the president of the court that provided the enforcement formula, for invalidation of the enforcement formula. | Lorsqu'une formule exécutoire est irrégulièrement apposée sur un titre exécutoire, toute personne intéressée peut adresser une demande écrite au président du tribunal qui a fourni la formule exécutoire, pour l'invalidation de la formule. |
| Inyandiko isaba gutesha agaciro inyandikompuruza, igomba kumenyeshwa abarebwa n'ikibazo bose. Abarebwa n'ikibazo bose bafite iminsi itanu (5) yo kuba bagira icyo bavuga ku nyandiko isaba gutesha agaciro inyandikompuruza. | A copy of the letter requesting the invalidation of an enforcement formula must be given to all the parties to the dispute. The parties to the dispute react to the request on invalidation of the enforcement formula, within five (5) days. | Une requête pour invalidation d'une formule exécutoire doit être remise à toutes les parties concrnées par le litige. Celles-ci réagissent à la requête d'invalidation de la formule exécutoire, dans un délai de cinq (5) jours. |
| Mu masaha mirongo ine n'umunani (48) nyuma y'igihe kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Perezida w'urukiko cyangwa uwo yabihereye ububasha, ashingiye ku nyandiko yashyikirijwe, afata icyemezo gisobanuye impamvu gishingiyeho. | Within forty-eight (48) hours after the period mentioned in Paragraph 2 of this Article, the President of the court or his/her delegate, making a reference to the submitted letter, takes a decision and specifies the grounds for his decision. | Dans les quarante-huit (48) heures suivant le délai visé à l'alinéa 2 du présent article, le président de la juridiction ou toute personne autorisée par lui, se référant à la requête lui soumise, prend une décision et précise les motifs de sa décision. |
| Icyemezo cya Perezida ku bijyanye no gutesha agaciro inyandikompuruza ni icyemezo cy'ubuyobozi. | The decision of the president of court on invalidation of an enforcement formula is an administrative decision. | La décision du président du tribunal sur l'invalidation d'une formule d'exécution est une décision administrative. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Ingaruka z'urubanza rubaye itegeko cyangwa indi nyandikompesha** | **<u>Section 3:</u> Effects of a definitive judgement or other enforcement order** | **<u>Section 3</u>: Effets d'un jugement définitif ou d'un autre titre exécutoire** |
| **<u>Ingingo ya 244</u>: Irangizwa ry'imanza n'izindi nyandikompesha n'ifasi zirangirizwamo** | **<u>Article 244</u>: Execution of judgements and other enforcement orders and territorial jurisdiction** | **<u>Article 244</u>: Exécution des jugements et autres titres exécutoires et compétence territoriale** |
| Urubanza rubaye itegeko cyangwa indi nyandikompesha biba bishobora guhita birangizwa kugira ngo ibyo byemeza bishyirwe mu bikorwa. | A final judgement or another enforcement order may be immediately enforced in order to execute its provisions. | Un jugement définitif ou un autre titre exécutoire sont susceptibles d'exécution immédiate afin de mettre en pratique ses dispositions. |
| Imanza zaciriwe mu Rwanda n'izindi nyandikompesha zahakorewe zishobora kurangirizwa mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda yose, n'ubwo irangiza ryazo ritabera mu ifasi y'urukiko rwaciye izo manza cyangwa mu Karere izo nyandiko zakorewemo cyangwa zandikiwemo. | Judgements rendered and deeds made in Rwanda are enforceable on the entire territory of the Republic of Rwanda, even if the execution takes place outside of the territorial jurisdiction of the court which rendered the judgements or outside the District which passed the deeds. | Les jugements rendus et titres exécutoires constatés au Rwanda sont exécutoires sur tout le territoire de la République du Rwanda, quand bien même leur exécution n'aurait pas lieu dans la juridiction territoriale de la juridiction qui a rendu les jugements ou du District dans la juridiction duquel ces actes ont été constatés ou dressés. |
| **<u>Ingingo ya 245</u>: Ingaruka ku mutungo w'ugomba kwishyura** | **<u>Article 245</u>: Effects on the property of the debtor** | **<u>Article 245</u>: Effets sur la propriété du débiteur** |
| Kuva urubanza rubaye itegeko cyangwa hasohotse indi nyandikompesha, imitungo itimukanwa y'uwatsinzwe iba ishinganishijwe ku bw'itegeko kugira ngo izavemo ubwishyu bw'ugomba kwishyurwa. Umuhesha w'Inkiko ashingiye ku bivugwa muri iyi ngingo kandi nta rundi rubanza rubaye, ashobora gukora | If a judgement becomes final or an enforcement order is issued, all the immovable property of the debtor is seized according to laws in order to get back the property of the creditor. The bailiff makes reference to the provisions of this article, without any further judgement and may make a surety of the | Lorsqu'un jugement est devenu définitif ou qu'un autre titre exécutoire est émis, tous les biens immeubles du débiteur sont constitués en garantie par la force de la loi pour servir de source pour le payement du du créancier. L'huissier de justice, sur base des dispositions du présent article et, sans un autre jugement, |

| | | |
|---|---|---|
| ifatira ry'imitungo yimukanwa kugirango itarigiswa. | immovable property to protect it from diversion. | peut saisir les biens meubles pour éviter leur dissimullation. |
| Ishinganisha rivaho ku mpamvu zimwe nk'izifatira nk'uko ziteganywa mu ngingo ya 222 y'iri tegeko. | The grounds for removing a surety made on a property are the same as for a seizure, as provided for by Article 222 of this Law. | La révocation de caution en garantie est soumise aux mêmes motifs que ceux prévus pour la saisie visés à l'article 222 de la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 246</u>: Ingaruka zo kurenga ku mategeko agenga ibyashinganishijwe** | **<u>Article 246</u>: Effects of violating provisions related to surety** | **<u>Article 246</u>: Effets de la violation des dispositions relatives à la caution** |
| Uwatsinzwe urubanza wirengagije ibivugwa mu ngingo ya 245 y'iri tegeko, igikorwa akoze cyose ku mutungo ushinganishijwe cyangwa ufatiriwe kiba impfabusa kandi ntigihagarika Umuhesha w'Inkiko kurangiza urubanza. Muri icyo gihe, uwatsinzwe urubanza acibwa gatanu ku ijana (5%) by'umwenda yagombaga kwishyura, agashyirwa mu isanduku ya Leta nta rundi rubanza rubayeho. Umuhesha w'Inkiko abikorera inyandikomvugo. | For the party that lost a case and who does not comply with provisions of Article 245 of this Law, all his actions on the surety or seized property are invalid and they do not interrupt the bailiff who enforce the judgement. At that time, the losing party is liable to five per cent (5%) of his/her debt and they are transferred to the Treasury without any further judgement, and the bailiff makes a statement of the act. | Toute acte posé par une partie qui a perdu un procès et qui ne se conforme pas aux dispositions de l'article 245 de la présente loi sur un bien saisie ou constitué en garantie est de nul effet n'empêche pas l'huissier à exécuter le jugement. Dans ce cas, la partie perdante encoure la charge de payer cinq pour cent (5%)déposé au Trésor Public sans un autre jugement. L'huissier en fait un proces-verbal. |
| **<u>Ingingo ya 247</u>: Irangiza ry'urubanza cyangwa indi nyandikompesha ku bushake** | **<u>Article 247</u>: Voluntary execution of a judgement or other enforcement order** | **<u>Article 247</u>: Exécution volontaire d'un jugement ou d'un autre titre exécutoire** |
| Mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kuva urubanza rubaye itegeko cyangwa hasohotse indi nyandikompesha, uwatsinzwe yegera uwamutsinze amumenyesha uburyo yifuza gushyira mu bikorwa ibyo icyo cyemezo | Within thirty (30) days from the day when the judgement or any other enforcement act is final, the party that lost the case may contact the winning party in order to make an agreement on the execution of the court decision or the enforcement order. | Dans les trente (30) jours suivant la date à laquelle un jugement est devenu définitif ou celle d'emission d'un autre titre exécutoire, la partie ayant perdu le procès peut contacter la partie gagnante afin de conclure un accord sur |

| | | |
|---|---|---|
| cy'urukiko cyangwa indi nyandikompesha bitegeka kugira ngo babyumvikaneho. | | l'exécution de la décision de la juridiction ou du titre exécutoire. |
| Ugomba kwishyura kandi ategetswe kugaragaza umutungo we ushobora kuvanwamo ubwishyu binyuze muri cyamunara igihe atubahirije amasezerano; akanagaragaza urutonde n'uburyo byakurikiranywa mu kubigurisha. | The debtor must also disclose his/her property from which payment may result through public auction, in case he/she does not comply with the agreement, and how the components of his/her property may respectively be sold. | Le débiteur doit également révéler la propriété en sa possession pouvant serivr de source pour le payement du créancier le paiement par vie de vente aux enchères publiques, au cas où il ne se conforme pas à l'accord. Il doit également en indiquer l'ordre de préférence pou la vente. |
| Iyo bumvikanye, ayo masezerano afatwa nk'inyandikompesha agatangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa n'uwatsinzwe cyangwa Umuhesha w'Inkiko. | If the parties make an agreement, it is considered as an enforcement order and published on the Database of Judgements enforced by the losing party or by the bailiff. | Si les parties parviennent à un accord, celui-ci est considéré comme un titre exécutoire et publié sur la Base de Données d'Exécution des Jugements, par la partie perdante ou par l'huissier. |
| **<u>Ingingo ya 248</u>: Ingaruka zo kutubahiriza ibyumvikanyweho cyangwa kutagaragaza ubushake bwo kumvikana** | **<u>Article 248</u>: Effects of noncompliance with an agreement or lack of will of agreement** | **<u>Article 248</u>: Effets du non-respect d'un accord ou absence de volonté d'accord** |
| Iyo amasezerano avugwa mu ngingo ya 243 y'iri tegeko atubahirijwe uko yakabaye, urubanza cyangwa indi nyandikompesha birangizwa ku ngufu za Leta hifashishijwe umuhesha w'inkiko kugirango uberewemo umwenda yishyurwe, imitungo y'ugomba kwishyura itezwe cyamunara kugirango ivanwemo ubwishyu, nta rundi rubanza rubaye. Ni nako bigenda iyo mu minsi mirongo itatu (30) ivugwa mu ngingo ya 247 y'iri tegeko, uwatsinzwe atigeze yegera | If the agreement mentioned in Article 243 of this Law is not entirely respected, the judgement or other enforcement order is compulsorily executed by a court bailiff in order to get the due of the creditor, by auctioning the property of the debtor in order to get payment from it, without any further judgement. The same process is followed when, within the period of thirty (30) days mentioned in Article 247 of this Law, the | Lorsque l'accord mentionné à l'article 243 de la présente loi n'est pas entièrement respecté, le jugement ou le titre exécutoire est obligatoirement exécuté par un huissier de justice afin d'obtenir le paiement du créancier, en mettant aux enchères la propriété du débiteur afin d'obtenir paiement sans autre jugement. Le même processus est suivi lorsque, dans le délai de trente (30) jours mentionné à l'article 247 de la présente loi, la |

| | | |
|---|---|---|
| uwamutsinze ngo bumvikane uburyo azamwishyura. | losing party did not show any will to agree with the winning party on how to pay him/her. | partie perdante ne manifeste aucune volonté de s'entendre avec la partie gagnante |
| **<u>Ingingo ya 249</u>: Gusaba kurangiza urubanza cyangwa indi nyandikompesha ku gahato** | **<u>Article 249</u>: Request for compulsory execution of a judgement or other enforcement order** | **<u>Article 249</u>: Requête en exécution forcée d'un jugement ou d'un autre titre exécutoire** |
| Iyo iminsi mirongo itatu (30) ivugwa mu ngingo ya 247 y'iri tegeko ishize nta bwumvikane bubaye, uwatsinze yiyambaza umuhesha w'inkiko amusaba kumwishyuriza. Umuhesha w'inkiko ahita akora inyandikomvugo y'ifatirabwishyu mu gihe kitarenze iminsi icumi y'akazi (10) igaragaza urutonde, ubwoko n'imiterere y'ibintu bizagurishwa muri cyamunara, iyo nyandiko mvugo igatangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa. | At the end of the period of thirty (30) days referred to in Article 247 of this Law, without reaching to an agreement, the winning party requests from the court bailiff the execution of the judgement. The court bailiff makes a statement of seizure within ten (10) working days, which shows the inventory, types and nature of the property to be auctioned, and the statement is published on the Database of Judgements Enforcement. | Si au terme d'un délai de trente (30) jours visé à l'article 247 de la présente loi, aucun accord n'a eu lieu, la partie gagnante demande à l'huissier de justice l'exécution du jugement. L'huissier de justice fait une déclaration de saisie dans les dix (10) jours ouvrables, qui indique l'inventaire, les types et la nature de la propriété à vendre aux enchères, et la déclaration est publiée sur la Base de Données d'Exécution des Jugements. |
| **<u>Ingingo ya 250</u>: Kurangiriza mu Rwanda imanza n'inyandikomvaho byo mu mahanga** | **<u>Article 250</u>: Exequatur** | **<u>Article 250</u>: Exequatur** |
| Uretse mu gihe haba hari amasezerano mpuzamahanga abivuga ukundi, imanza zaciwe n'inkiko zo mu mahanga n'inyandikomvaho zo mu mahanga zakozwe n'ababigenewe ntizishobora kurangizwa mu Rwanda zitemejwe n'Urukiko rubifitiye ububasha. | Except where international agreements provide otherwise, judgements ruled by foreign courts and foreign deeds issued by foreign officials are not subject to execution in Rwanda, unless they are rendered enforceable by the competent Court. | Sauf lorsque les accords internationaux en disposent autrement, les jugements rendus par des tribunaux étrangers et les actes étrangers faits par des fonctionnaires étrangers ne sont pas soumis à l'exécution au Rwanda, sauf s'ils sont rendus exécutoires par une juridiction compétente. |

| Kinyarwanda | English | Français |
| --- | --- | --- |
| **Icyiciro cya 4: Guteza cyamunara umutungo w'ugomba kwishyura** | **Section 4: Auctioning the property of a debtor** | **Section 4: Vente aux enchères de la propriété d'un débiteur** |
| **Ingingo ya 251: Ufite ububasha bwo guteza cyamunara** | **Article 251: Competent person to conduct public auction** | **Article 251: Personne compétente pour conduire une vente aux enchères publiques** |
| Guteza cyamunara bikorwa n'umuhesha w'inkiko. | Public auction is conducted by a court bailiff. | La vente aux enchères publiques est menée par un huissier de justice. |
| **Ingingo ya 252: Gukora igenagaciro ry'ibyafatiriwe** | **Article 252: Valuation of seized property** | **Article 252: Evaluation des biens saisis** |
| Umuhesha w'inkiko umaze gukora inyandikomvugo y'ifatirabwishyu, akoresha igenagaciro ry'imitungo yafatiriwe mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) yifashishije impuguke ahawe n'Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro, raporo y'igenagaciro akayishyikiriza nyir'umutungo ufatiriwe n'uberewemo umwenda, akagenera kopi umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari uherereyemo. Iyo raporo y'igenagaciro itangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa. | A court bailiff who has done a statement of seizure looks for an expert from the Institute of Real Property Valuers to make a valuation of the seized property within fifteen (15) days, and the report of valuation is submitted to the owner of the property and to the creditor, with a copy to the Executive Secretary of the cell where the property is located. The valuation report is published on the Database of Judgements Enforcement. | Après avoir fait la déclaration de saisie, l'huissier de justice procède à l'évaluation des bien saisis dans un délai de quinze (15) jours en faisant recours à un expert provenant de l'Ordre des Evaluateurs Immobiliers. Il en fait un rapport d'évaluation qu'il soumet au propriétaire de la propriété et au créancier, avec une copie au Secrétaire Exécutif de la cellule où la propriété est située. Ce rapport d'évaluation est publié sur la Base de Données d'Exécution des Jugements. |
| Uwishyuza n'uwishyuzwa bafite uburenganzira bwo kunyomoza igenagaciro ryakozwe bifashishije impuguke bahawe n'Urugaga rw'Abagenagaciro. Iyo habayeho impaka, Umuhesha w'inkiko yemeza igiciro | The debtor and the creditor have the right to contest the valuation made by opposing a report of another expert from the Institute of Real Property Valuers. When a dispute arises, the bailiff approves the average value basing on the valuation made by both valuers. | Le débiteur et le créancier ont le droit de contester l'évaluation faite par un expert provenant de l'ordre des évaluateur immobiliers. En cas de désaccord, l'huissier de justice approuve la valeur moyenne basée sur l'évaluation faite par tous les évaluateurs. |

| | | |
|---|---|---|
| mpuzandengo gishingiye ku gaciro katanzwe n'abagenagaciro bose. | | |
| **<u>Ingingo ya 253</u>: Itangazwa rya cyamunara** | **<u>Article 253</u>: Publication of a public auction** | **<u>Article 253</u>: Publication d'une vente aux enchères publiques** |
| Mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani (48) kuva Umuhesha w'Inkiko yemeje igiciro cy'umutungo ugomba kugurishwa, akora itangazo rya cyamunara rigaragaza umutungo ugomba gutezwa cyamunara, umwirondoro wa nyirawo, umwirondoro w'ugomba kwishyurwa, impamvu ya cyamunara, aho umutungo uherereye, itariki cyamunara izaberaho n'isaha izatangiriraho. | The court bailiff is required, within forty-eight (48) hours after he or she approves the value of the property to be auctioned, publish a notice of public auction that specifies the property to be auctioned, the identity of the owner of the property and of the creditor, the purpose of the auction, location of the property, the date and time of the public auction. | Dans les quarante-huit (48) heures après que l'huissier de justice ait approuvé la valeur de la propriété à vendre aux enchères, il publie une annonce de vente aux enchères publiques spécifiant la propriété à vendre aux enchères, l'identité du propriétaire, l'identité du créancier, le but de la vente aux enchères, l'emplacement de la propriété, la date et l'heure de la vente aux enchères publiques. |
| Itangazo rya cyamunara rishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa, hariho ifoto y'umutungo ugurishwa n'icyemezo gihamya ko nyir'umutungo. Rigomba kandi gushyikirizwa nyir'umutungo ugurishwa, ugomba kwishyurwa, umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari k'aho umutungo uherereye, rikanatangazwa kuri Radio cyangwa Televiziyo n'ikinyamakuru cyandika bikorera mu Rwanda. | The notice of public auction is published on the Database of Judgements Enforcement together with a photo and title of the property subject to public auction; a copy of the announcement must be given to the owner of the property, the creditor, the Executive Secretary of the Cell where the property is located, and announced on the radio, television and in a newspaper operating in Rwanda. | L'annonce de l'enchère publique est publiée sur la Base de Données d'Exécution des Jugements avec une photo et un titre de propriété des biens faisant l'objet de l'enchère publique; une copie de l'annonce doit être remise au propriétaire, au créancier, au secrétaire exécutif de la cellule où est située la propriété, et annoncée à la radio, à la télévision et dans deux journaux éxerçant leur activité au Rwanda. |
| Iyo ari umutungo utimukanwa itangazo rya cyamunara rimanikwa ku Biro by'Akagali k'aho uwo mutungo uherereye. Ibintu byafatiriwe ntibishobora kugurishwa muri | If the auction concerns an immovable property, the notice of public auction is publicised by posting at the location of the property. The seized property are not | Lorsque la vente aux enchères concerne un bien immobilier, l'annonce de la vente aux enchères publiques est rendue publique par l'affichage à l'emplacement de la propriété. Les biens saisis ne peuvent pas être vendus aux |

| | | |
|---|---|---|
| cyamunara mbere y'iminsi itanu (5) cyamunara itangajwe. | auctioned within five (5) days of publication of the public auction. | enchères avant l'expiration de cinq (5) jours suivant la publication de la vente aux enchères publiques. |
| **<u>Ingingo ya 254</u>: Gutambamira cyamunara** | **<u>Article 254</u>: Opposition to public auction** | **<u>Article 254</u>: Opposition à la vente aux enchères publiques** |
| Uvuga ko ibintu byafatiriwe byose cyangwa bimwe muri byo ari ibye, ashobora kubuza kubigurisha, atanga ikirego cyihutirwa mu Rukiko rw'Ibanze rw'aho ibyafatiriwe biri cyangwa mu Rukiko rw'ubucuruzi iyo ibifatirwa biri mu rwego rw'ubucuruzi, bikamenyeshwa uwafatiriye n'uwafatiriwe ibintu n'ushinzwe kugurisha ibintu muri cyamunara nibura mbere y'uko igurisha rirangira. Ikirego gikorwa mu buryo bw'umwanzuro ukubiyemo ibimenyetso bigaragaza ko ibyo bintu ari ibye koko. | A person who claims to be the owner of all or part of the seized property may object to their sale by filing a summary procedure to the primary court that has jurisdiction where the seized property is located or to a commercial court if the seized property is in commerce, and notify the distrainer and the distrainee and the court bailiff at least before the auction ends. The complaint is filed in the way of a submission which specifies elements of evidence of ownership of the property. | Une personne qui prétend être le propriétaire de tous ou d'une partie de la propriété saisie peut s'opposer à la vente en déposant une demande en référé auprès du Tribunal de Base du lieu où se trouve la propriété saisie ou auprès du Tribunal de Commerce, lorsque les biens saisis relèvent de la matière commerciale et en aviser le saisissant, le saisi et la personne chargée de la vente aux enchères au moins avant la fin de celle-ci. La plainte est déposée au moyen de conclusions qui précisent les preuves de propriété. |
| Urukiko ruburanisha icyo kirego mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) ruregewe, uwafatiriye n'uwafatiriwe ibintu n'ushinzwe kugurisha ibintu muri cyamunara bahari, rugafata icyemezo mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24). | The court hears such case within forty-eight (48) hours of reception of the complaint, in the presence of the distrainer, the distrainee and the court bailiff, and the jugement is rendered within twenty-four (24) hours. | Le tribunal statue sur cette affaire dans les quarante-huit (48) heures suivant la réception de la plainte, en présence du saisissant, saisi et de l'huissier de justice, et le jugement y relatif est rendu dans les vingt-quatre (24) heures. |
| Iyo uvuga ko ibintu ari ibye atsinzwe acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana abiri (200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000), bitabujije indishyi | A complainant claiming the ownership of the property who loses is ordered to pay damages from two hundred thousand Rwandan francs (200, 000 Frw) up to five hundred thousand (frw 500, 000), notwithstanding damages ad | Si le plaignant qui revendique la propriété perd, il est condamné à payer des dommages et intérêts d'au moins deux cent mille (200.000)mais n'excédant pas cinq cent mille (500.000) francs rwandais, sans préjudice aux |

| | | |
|---|---|---|
| n'amafaranga y'ikurikiranarubanza bishobora guhabwa uwatewe igihombo wese muri urwo rubanza. | costs incurred in the trial that may be given to any injured party in the case. | dommages et intérêts qui peuvent être donnés à toute partie lésée dans l'affaire. |
| Nyir'ibintu byafatiriwe nawe ashobora gusaba indishyi akazihabwa iyo bigaragaye ko ibyafatiriwe ari ibye. | The distrainee may also request damages if the court decides that he/she is the owner of the seized property. | Le propriétaire des biens saisis peut également demander et en obtenir l'octroi des dommages-intérêts, lorqu'il est constaté que les biens saisis lui appartiennent. |
| **Ingingo ya 255: Uburyo icyamunara gikoreshwa** | **Article 255: Auction modalities** | **Article 255: Modalités de vente aux enchères** |
| Cyamunara ikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga mu buryo bukurikira: | The auction is conducted in an electronic way as follows: | La vente aux enchères par voie électronique est menée comme suit: |
| 1° Umuhesha w'Inkiko atangaza, hakoreshejwe ikoranabuhanga ryabigenewe, igiciro fatizo gihwanye n'igiciro cy'igenagaciro rivugwa mu ngingo ya 252 y'iri tegeko; | 1° the bailiff publishes in specific electronic way a reference price which is equivalent to the valuation price mentioned in Article 252 of this Law; | 1° l'huissier publie, par voie électronique appropriée, le prix de référence égal au prix des évaluateurs mentionné à l'article 252 de la présente loi; |
| 2° Abifuza bose gukora ipiganwa buzuza ahabigenewe ku rubuga rw'imanza zirangizwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, igiciro bumva bakwegukaniraho uwo mutungo. Ibyo biciro bishyirwa mu ibanga, hakoreshejwe ikoranabuhanga ryabigenewe, kugeza umunsi wa cyamunara; | 2° bidders fill in the appropriate form on the Databse of Judgements Enforcement the price they intend to offer for the property. Such prices are kept in secret electronically until the auction day; | 2° tous les soumissionnaires remplissent à l'endroit spécifié dans la Base de Données d'Exécution des jugements leurs propositions de prix du bien. Ces prix sont gardés de façon confidentielle par voie électronique; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° Ibiciro byashyizwe mu ibanga bigaragarizwa Umuhesha w'Inkiko n'abapiganiwe uwo mutungo bose, hakoreshejwe ikoranabuhanga, ku munsi wa cyamunara, mbere y'uko isaha ya cyamunara igera; | 3° the prices kept in secret are disclosed to the bailiff and all the bidders in an electronic way on the auction day before the opening time; | 3° les prix gardés confidentiellement sont révélés à l'huissier et a tous les soumissionaires par voie électronique au jour des la vente aux encheres avant l'heure de la vente; |
| 4° ku isaha ivugwa muri iyi ngingo, Umuhesha w'Inkiko abaza abapiganwe, ari aho igitezwa cyamunara kiri kandi akoresheje ijwi riranguruye, niba mubari batanze ibiciro kandi bari aho cyamunara ibera hari uwongera ku giciro gihanitse mubyari byatanzwe; | 4° on the time specified in this Article, the bailiff asks all thi bidders being att he place of location of the property in a loud voice if there is among the bidders present any person wishing to offer a higher price to proposed prices; | 4° a l'heure mentionnée au présent article, l'huissier demande aux soumissionnaires, étant au lieu où se trouve le bien à vendre et à haute et intelligible voix, s'il ya un soumissionnaire présent prêt à revoir son prix à la hausse; |
| 5° Hashize iminota itanu (5) ntawe uratanga igiciro kirenze ibyatanzwe, Umuhesha w'Inkiko atangaza ko cyamunara irangiye ku mugaragaro. Ibiciro by'inyongera bihita bivugirwaho mu ijwi riranguruye, bigahita bishyirwa ahabigenewe mu buryo bw'ikoranabuhanga bikemezwa n'Umuhesha w'Inkiko; | 5° the bailiff declares the auction officially closed when, after an offer of a bidder, five (5) minutes elapse without a better offer. The bidder who offered the last price is the one who acquires the property. Higher prices are announced in a loud voice and recorded electronically and validated by the bailiff; | 5° passé cinq (5) minutes sans qu'il y ait de soumissionnaire qui propose une offre supérieure, l'huissier déclare la vente aux enchères officiellement terminée. Les offres de prix supplémentaires sont lus à haute voix et sont inscrits à l'endroit approprié et de façon électronique et sont validés par l'huissier; |
| 6° Uwatanze igiciro gihanitse niwe wegukana cyamunara kandi akishyura mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) kandi akaba yohereje inyemezabwishyu muri icyo gihe, yuzuza ahabigenewe mu ikoranabuhanga. Iyo icyo gihe kirangiye atarabikora, uwatanze | 6° the bidder who offered the highest price is declared the successful bidder and must pay the price within twenty-four (24) hours and send the payment receipt within that period fillin in the appropriate form electronically. Passed that time without having paid, the bidder who offered the second | 6° le soumissionnaire le plus offrant est déclaré gagnant et paie le prix endéans vingt -quatre (24) heures et doit avoir envoyé le bordereau de versement dans ce délai par voie électronique. Passé ce délai sans le faire, le soumissionaire ayant offert le deuxième prix est déclaré gagnant et |

| | | |
|---|---|---|
| igiciro gikurikira niwe wegukana cyamunara, nawe akubahiriza ibisabwa nk'uwari watanze igiciro gihanitse. | highest price becomes the auction successful bidder and must comply with the same requirements as the first winner. | doit aussi se confomer aux exigences du plus offrant. |
| Uwafatiriye cyangwa uwafatiriwe bafite uburenganzira bwo kwanga ibiciro byatanzwe bitarenze inshuro ebyiri (2), mu gihe muri ibyo biciro nta na kimwe kigejeje ku gaciro k'ijanisha rya mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'agaciro fatizo kagenwe. | The distrainer or the distrainee have the right to decline the offered prices not more than twice in case no price reaches at least seventy-five percent (75%) of the reference value. | Le créancier saisissant ou le débiteur saisi ont le droit de refuser les prix proposés deux fois au plus, lorsqu'aucun de ces prix n'atteint au moins soixante-quinze (75%) pour cent de la valeur de référence déterminée. |
| Ku nshuro ya gatatu (3), umutungo utezwa cyamunara wegukanwa n'uwatanze igiciro kinini. | At the third round, the auctioned property is given to the bidder who offered the highest price. | Au troisieme tour, le bien est vendu au soumissionaires le plus offrant. |
| Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena imikoreshereze y'urubuga rw'imanza zirangizwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Rigena kandi ubundi uburyo bukoreshwa mu gihe uburyo bw'ikoranabuhanga butabasha gukora kubera impamvu zitandukanye. | An Order ot the Minister om charge of justice determines modalities of using the Database of Judgements Enforcement and substitute system to be used in case the electronic system fails to operate for various reasons. | Un arreté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine les modalités d'utilisation de la Base de Données d'Exécution des Jugements ainsi que d'autres modalités utilisées en cas de non fonctionnement de la Base de données pour des raisons diverses. |
| **<u>Ingingo ya 256</u>: Iyimurwa ry'umunsi wa cyamunara** | **<u>Article 256</u>: Adjournment of a public auction** | **<u>Article 256</u>: Remise d'adjudication** |
| Iyo imitungo yafatiriwe itagurishijwe ku munsi wa cyamunara, Umuhesha w'Inkiko ashyiraho undi munsi wa cyamunara akawutangaza akurikije ibivugwa mu ngingo ya 253 y'iri tegeko. | If the seized property is not sold on the day set for the auction, the bailiff sets another day for auction and publishes it in accordance with provisions of Article 253 of this Law. | Lorsque la propriété saisie n'est pas vendue au jour fixé pour la vente aux enchères, l'huissier de justice fixe un autre jour aux enchères et en fait une publication conformément aux dispositions de l'article 253 de la présente loi. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyimurwa ry'umunsi wa cyamunara rikorwerwa raporo igaragaza impamvu yaryo n'umunsi ryimuriweho rigatangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa. Iyo cyamunara yimuwe, ikorwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi cyamunara yimuriweho. | The postponement of the day of auction is acted in a report mentioning the reasons for adjournment and the day for the new auction which are published on the Database for Judgements Enforcement. In case of adjournment of auction, a new auction is conducted within seven (7) days from the date of adjournment. | La remise de la date de la vente aux enchères fait l'objet d'un rapport faisant état des raisons de la remise ainsi que de la nouvelle date de fixation qui sont publiés à la Base de Données d'Exécution des Jugements. En cas de remise de vente aux enchères, la nouvelle vente doit être faite endéans sept (7) jours à partir de la date ou la remise a été décidée. |
| **<u>Ingingo ya 257</u>: Cyamunara ku bintu byinshi bitimukanwa cyangwa ibice byinshi by'ikintu kimwe kitimukanwa gishobora kugurishwa ibice** | **<u>Article 257</u>: Auction of several immovable properties or several parts of an immovable property that may be sold in pieces** | **<u>Article 257</u>: Vente aux enchères de plusieurs biens immeubles ou de plusieurs parties d'un bien immeuble qui peut être vendu en pièces** |
| Igihe hafatiriwe ibintu byinshi bitimukanwa cyangwa ibice byinshi by'ikintu kimwe kitimukanwa gishobora kugurishwa ibice, urimo umwenda wafatiriwe ibintu aba afite ububasha bwo kubwira ugurisha mu cyamunara uko azakurikiranya ibintu bye bitezwa cyamunara. | If several pieces of immovable property or several parts of a piece of immovable property is seized, the debtor whose property has been seized always has the right to indicate to the auctioneer the order according to which the assets are to be sold. | Si plusieurs parties de biens immobiliers ou plusieurs parties d'une pièce d'immeuble sont saisis, le débiteur saisi dont la propriété a été saisie a toujours le droit d'indiquer au commissaire-priseur l'ordre selon lequel les biens sont vendu. |
| Cyamunara igenda ikorwa kuri buri mutungo cyangwa kuri buri gice cy'umutungo hakurikijwe uko umwenda ungana, ikarangizwa n'uko habonetse amafaranga ahagije yo kwishyura umwenda wose nk'uko wemejwe n'urubanza cyangwa indi nyandikompesha hongeweho amafaranga yakoreshejwe mu kurangiza urubanza | The auction is to be conducted on each immovable or on each part of an immovable in accordance with the value of the debt, and is closed after acquirement of enough money to pay the debt as decided in the judgement or other enforcement order after adding the expenses of execution as explained in the statement of the court bailiff. | L'enchère doit être effectuée sur chaque bien ou sur chaque partie d'un bien en fonction de la valeur de la dette et est fermée après l'acquisition de l'argent suffisant pour payer la dette telle que décidée dans le jugement ou autre titre exécutoire après addition des dépenses d'exécution comme expliqué dans la déclaration de l'huissier de justice. |

| | | |
|---|---|---|
| yasobanuwe mu nyandiko n'umuhesha w'inkiko. | | |
| **<u>Ingingo ya 258</u>: Ingaruka za cyamunara ikozwe ku mutungo uri mu masezerano y'ubukode adafite itariki izwi** | **<u>Article 258</u>: Effects of an auction on a property subject to leases for unspecified duration** | **<u>Article 258</u>: Effets d'une vente aux enchères sur un bien objet de bail pour une durée indéterminée** |
| Uwaguze umutungo utimukanwa muri cyamunara cyangwa uberewemo umwenda ugomba kwishyurwa ku kintu kitimukanwa kiri mu bukode bw'amasezerano adafite igihe azarangirira kizwi yari asanzweho mbere y'inyandikomvugo y'ifatira, ashobora gusaba ko aseswa mu buryo bw'ikirego cyihutirwa mu rukiko rubifitiye ububasha. | A person who purchased an immovable property in a public auction or a debtor whose debt is to be paid through an immovable property subject to leases for an unspecified duration existing on the date of the order to pay may ask its cancellation by summary procedure in the competent court. | Une personne qui a acheté un immeuble dans une vente aux enchères publique ou un débiteur dont la dette doit être payée sur un immeuble faisant l'objet d'un bail pour une durée indéterminée existant à la date de l'injonction de payer peut demander son annulation par voie de référé auprès d'une juridiction compétente. |
| Ikodesha ryose ryagizwe n'urimo umwenda yarabonye nyuma y'ikorwa ry'inyandikomvugo y'ifatira ivugwa mu ngingo ya 249 y'iri tegeko kwishyuza nta gaciro rigira, keretse uberewemo umwenda cyangwa uwaguze ibyatejwe cyamunara ari bo babyiyemereye. | Any lease granted by the debtor after the date of the statement of seizure mentioned in article 249 of this Law becomes automatically void, unless the creditor or purchaser of the auctioned property give their consent. | Tout bail accordé par le débiteur après la date de la déclaration de saisie mentionnée à l'article 249 de la présente loi devient automatiquement nulle, à moins que le créancier ou l'acheteur de la propriété mise aux enchères ne donne son consentement. |
| **<u>Ingingo ya 259</u>: Kutagurisha mu cyamunara inzu umukene atuyemo** | **<u>Article 259</u>: Seizure prohibited on the house of a destitute** | **<u>Article 259</u>: Interdiction de saisir l'habitation d'un indigent** |
| Ntawe ugurisha mu cyamunara inzu umukene atuyemo na kimwe cya kane (1/4) cya hegitari cy'ubutaka bwagenewe ubuhinzi bitunga uwafatiriwe n'urugo rwe babura ntibabeho, keretse biramutse bigaragajwe ko afite ibindi | The house of a destitute and a quarter (1/4) of one hectare of surrounding land necessary for the survival of the distrainee and his or her family may not be seized unless it is proven that he or she possesses or is able to acquire | Il ne peut être procédé à la vente aux enchères d'une habitation d'un indigent et d'un quart (1/4) de hectare de terrain de culture indispensable à la vie du saisi et de sa famille à moins qu'il ne soit prouvé qu'il en possède |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa ashoboye kubibona atagizwe umukene ngo abere umuzigo Leta. | another house or farmland without being turned into a pauper and becoming dependent on the community. | d'autres biens ou qu'il soit à même de s'en procurer sans être réduit à la misère et mis à charge de la communauté. |
| Kutagurisha umutungo bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba umutungo watanzweho ingwate. | The non sale of the property provided for in paragraph one of this Article does not apply to the property given in security. | La non vente mentionnée à l'alinéa premier du présent article n'est pas d'application en cas de biens donnés en garantie. |
| **Ingingo ya 260: Guhagarika no gutesha agaciro cyamunara** | **Article 260: Staying the auction** | **Article 260: Surseoir à la vente aux enchères** |
| Umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba Urukiko rw'Ibanze rw'aho cyamunara igomba kubera kuyihagarika iyo: | Any interested person may ask the staying of the auction to the primary court which has jurisdiction at the place of the auction, if: | Toute personne intéressée peut demander le sursis de la vente aux enchère au Tribunal de Base dans la juridiction duquel la vente aux enchères a lieu, si: |
| 1° hatubahirijwe amategeko agenga ishinganisha, ifatira n'itangazwa rya cyamunara; | 1° there is a lack of compliance with the laws related to surety, seizure and publication of auction; | 1° il y a un manque de respect des lois relatives à la caution, la saisie et la publication de la vente aux enchères; |
| 2° umutungo ugomba kugurishwa udashobora kugurishwa kubera ubukene bwa nyirawo nk'uko biteganywa mu ngingo ya 259 y'iri tegeko; | 2° when the property to be auctioned cannot be sold since the owner is a destitute as provided for by Article 259 of this Law; | 2° lorsque les biens à mettre aux enchères ne peuvent être vendus puisque le propriétaire est un indigent tel que prévu à l'article 259 de la présente loi; |
| 3° hari ikimenyetso kidashidikanywaho kigaragaza ko umutungo ugiye kugurishwa atari uw'uryozwa kwishyura. | 3° when there is a certain evidence that the property to be auctioned does not belong to the debtor. | 3° lorsqu'il existe une preuve irréfutable que la propriété à vendre aux enchères n'appartient pas au débiteur. |
| Izi mpamvu ni nazo zishingirwaho mu kirego gisaba gutesha agaciro cyamunara yakozwe. | The same grounds mentioned are also referred to when a person requests the invalidation of an auction. | Les motifs mentionnés à l'alinéa premier du présent article sont également soulevés |

| | | |
|---|---|---|
| | | lorsqu'une personne demande l'invalidation d'une vente aux enchères. |
| Usaba gutesha agaciro cyamunara, ashobora no kurega umuhesha w'inkiko muri urwo rubanza, iyo hari ibyo ashaka kumuryoza. | A person who requests the invalidation of an auction may also file a complaint against a court bailiff to make him or her accountable for a damage. | Une personne qui demande l'annulation d'une vente aux enchères peut également déposer une plainte contre un huissier de justice pour le rendre responsable d'un dommage. |
| Ikirego gisaba gutesha agaciro cyamunara gitangwa mu gihe kitarenza iminsi cumi n'itanu (15) uhereye umunsi cyamunara yabereyeho. | A request for the invalidation of auction is filed within fifteen (15) days from the date on which the auction was conducted. | Une demande d'annulation de la vente aux enchères est introduite dans un délai de quinze (15) jours à partir de la date de remise de la vente aux enchères. |
| Ibirego bivugwa muri iyi ngingo bitangwa kandi bikaburanishwa mu bihe by'ibirego byihutirwa. | The claims referred to in this Article are heard in the same period as the one provided for a summary procedure. | Les requêtes visées au présent article sont introduites et examinées dans les même délais que ceux prévus pour les référés. |
| Guhagarika no gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru, bisabwa Umwanditsi Mukuru. Umwanditsi Mukuru atanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. Iyo hari utishimiye igisubizo cy'Umwanditsi Mukuru cyangwa udahawe igisubizo mu gihe giteganywa muri iki gika, abitangira ikirego mu rukiko rw'ubucuruzi hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yamenyeye icyo gisubizo. | The suspension or invalidation of auction conducted basing on the decision of the Registrar General is requested to the Registrar General. The Registrar General responds within three (3) working days. In case there is a party not satisfied by the decision of the Registrar General or who does not get response in the time limit provided for by in this paragraph, the party files a claim in the commercial court in accordance with provisions of this Article within five (5) working days running from the date the party was notified of the decision. | La suspension ou l'invalidation de la vente aux enchères menée sur base de la décision du Registraire Général est adressée au Registraire Général. Le Registraire Général y répond endéans trois (3) jours ouvrables. Au cas ou une partie n'est satisfaite de la réponse du Registraire Général ou ne reçoit pas de réponse dans les délais prévus au présent alinéa, cette partie introduit une demande devant une juridiction commerciale conformément aux dispositions du présent article endéans cinq (5) jours ouvrables à partir de la date de notification de la décision à la partie |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 261</u>: Inyandiko y'igurisha n'uburyo bwo kwishyura mu cyamunara** | **<u>Article 261</u>: Deeds of the auction and terms of payment of auction price** | **<u>Article 261</u>: Actes de vente aux enchères et conditions de paiement du prix de la vente aux enchères** |
| Umuhesha w'inkiko ushinzwe guteza cyamunara akora inyandiko y'igurisha mu cyamunara, kopi y'inyandikomvaho y'igurisha igahabwa uwaguze amaze kugaragaza icyemezo cy'ubwishyu cy'igiciro cyemejwe muri iryo gurisha. | The court bailiff responsible for the public auction shall issue the deed of the auction; an original copy of the deed of auction is given to the successful purchaser upon production of the proof that he or she paid the required amount of money charged during the auction. | L'huissier de justice responsable de la vente aux enchères publiques délivre l'acte de vente aux enchères; une copie de l'original de l'acte d'adjudication est remise à l'acheteur retenu sur présentation de la preuve qu'il a payé la somme d'argent requise lors de la vente aux enchères. |
| Uwaguze umutungo mu cyamunara awegukana amaze kwishyura kandi ashobora kuwandikisha ku izina rye amaze kugeza ku rwego rubishinzwe kopi y'inyandikomvaho yemeza ubugure. | The successful purchaser of movable or immovable property, may register the property on his/her name after submitting a copy of deed of sale to competent authorities. | L'acheteur retenu de biens meubles ou immeubles peut les faire enregistrer sous son nom après soumission d'une copie l'acte authentique de vente aux autorités compétentes. |
| Uwaguze yishyura ako kanya, bitaba ibyo, akishyura mu gihe kitarenze umunsi umwe (1) w'akazi ukurikira cyamunara. Umuhesha w'Inkiko ahita yishyura uberewemo umwenda, agashyira ubwishyu kuri konti yamumenyesheje, itaboneka, agashyirwa kuri konti yagenwe na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, ari nayo ishyirwaho arenze kuyavuye muri iyo cyamunara. | The purchaser makes payment immediately or within one (1) working day after the auction. The court bailiff immediately pays the creditor's debt and the payment is made into a bank account given by the creditor if any, or the bank account determined by the Minister in charge of Justice. The balance is also deposited in the same bank account determined by the Minister. | L'acheteur doit effectuer le paiement immédiatement ou dans un (1) jour ouvrable après la vente aux enchères. L'huissier de justice paie immédiatement la dette du créancier et le paiement doit être effectué sur un compte bancaire donné par le créancier, le cas échéant, ou sur le compte bancaire déterminé par le Ministre ayant la justice dans ses attributions. Le solde est aussi déposé sur le même compte bancaire déterminé par le Ministre. |
| Umuhesha w'inkiko ni we wishyuza amafaranga y'icyo amaze kugurisha. Iyo | The court bailiff is responsible of payment of the sold property. If he or she does not demand | L'huissier de justice est chargé du recouvrement du prix de vente de l'objet |

| | | |
|---|---|---|
| atayishyuje kandi ntiyongere kukigurisha, ni we ubazwa icyo kiguzi. | payment of the sold property and omits to re-auction it in case of non-payment, he/she is personally liable for the price. | adjugé. A défaut de la faire, et en cas d'omission de remettre en vente l'objet adjugé, il est personnellement responsable de la valeur du prix. |
| Amafaranga yose yakoreshejwe kuva mu ifatira, kugeza cyamunara ibaye yishyurwa na nyir'imitungo igurishwa, akavanwa mu giciro cy'ibyagurishijwe. | All expenses made since the seizure until completion of the auction are paid by the owner of the auctioned property, from the amount obtained from the auction. | Toutes les dépenses effectuées dès la saisie jusqu'à la fin de la vente aux enchères sont à la charge du propriétaire de la propriété vendue aux enchères et sont déduites du montant du prix de la vente aux enchères. |
| **Ingingo ya 262: Iyishyurwa ry'uberewemo umwenda** | **Article 262: Payment of the creditor** | **Article 262: Paiement du créancier** |
| Amafaranga avuye mu cyamunara yishyurwa ku buryo bukurikira: | The proceeds from auction are distributed as follows: | Les fonds provenant de la vente aux enchères sont distribués dans l'ordre repris ci- après: |
| 1° amafaranga ya Leta afitanye isano n'urubanza;<br>2° ikiguzi cy'ibyakozwe;<br>3° igihembo cy'umuhesha w'Inkiko;<br>4° uberewemo umwenda;<br>5° abandi bafite inyandiko mpesha babimenyekanishije mbere y'uko cyamunara irangira;<br>6° nyir'umutungo iyo hari asigaye. | 1° money to pay to public treasury related to the case;<br>2° costs of activities performed;<br>3° remuneration of the bailiff;<br>4° the creditor;<br>5° other persons bearing enforcement orders who declared themselves as creditors before the closing of the auction;<br>6° the property's owner if any money is left. | 1° des frais dus au Trésor Public ayant trait au procès;<br>2° le coût des dépenses encourues;<br>3° les honoraires de l'huissier;<br>4° le créancier;<br>5° d'autres personnes ayant des titres exécutoires ayant déclaré leurs créances avant la fin de la vente aux enchères;<br>6° le propriétaire du bien vendus, en cas d'excédants. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 263</u>: Kugabana amafaranga yavuye mu cyamunara ku bandi bagomba kwishyurwa** | **<u>Article 263</u>: Sharing the proceeds of the auction for other creditors** | **<u>Article 263</u>: Partage du produit de la vente aux enchères** |
| Abandi baberewemo umwenda batafatiriye ntabwo bashobora kuza kugabana amafaranga yavuye mu byafatiriwe keretse bamaze kwerekana inyandikompesha ihamya ko umwenda wabo ushobora kwishyurwa kandi ko uriho koko. | Creditors other than the distrained who applied for seizure may share in the distribution of the proceeds of the sale only after having the liquidity and certainty of the debts in an enforcement order. | Les créanciers autres que les saisis qui ont demandé la saisie ne peuvent participer à la distribution du produit de la vente qu'après avoir eu la liquidité et la certitude des dettes dans un titre exécutoire. |
| Abagomba kwishyurwa, bishyurwa hakurikijwe uko basumbana mu buryo buteganywa n'amategeko. | The creditors are paid in accordance with their order of priority as provided for by the law. | Les créanciers sont payés en tenant compte du rang des créanciers et ce respectivement à leurs parts proportionnelles. |
| Iyo bari mu rwego rumwe, igabana rikorwa hakurikijwe uruhare rwa buri wese ku mwenda. Mbere yo kubagabanya, Umuhesha w'inkiko akora icyemezo kigaragaza ubusumbane bw'ababerewemo umwenda hakurikijwe amategeko n'uruhare rwa buri wese, akaba aricyo aheraho abagabanya. Iryo gabana rikorerwa inyandiko mvugo, buri wese agasinyira amafaranga ahawe. | If the creditors are in the same rank, the distribution is conducted in accordance with the role of each creditor on the debt. Before distribution, the court bailiff prepares an order indicating the hierarchy of creditors in accordance with law and the role of each and such an order is the basis of sharing. The distribution is subject to a statement to which each creditor is required to sign. | La distribution du produit de la vente entre les créanciers de même rang se fait au marc le franc. Avant d'opérer le partage, l'huissier de justice établit une ordonnance faisant état l'ordre hiérarchique des créanciers sur base de la loi et de la part de chacun. Ce partage fait objet d'un procès-verbal et chacun des crèanciers signe pour accord de la part qu'il reçoit. |
| **<u>Ingingo ya 264</u>: Kongera guteza cyamura icyari cyaguzwe** | **<u>Article 264</u>: Reauctioning the property** | **<u>Article 264</u>: Remise de l'objet en vente aux enchères** |
| Iyo uwaguze mu cyamunara atishyuye mu gihe giteganyijwe, cyamunara yakozwe ihita ita agaciro, icyo yari yaguze kikongera | If the successful bidder does not pay in the time limit provided for, the auction is immediately invalidated and the property is | Si le meilleur enchérisseur ne paie pas dans le délai imparti, la vente aux enchères perd sa valeur et la propriété est remise en vente aux |

| | | |
|---|---|---|
| gutezwa cyamunara mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7). Uwatsinze ipiganwa ntiyishyure aryozwa igihombo gishingiye ku gukoresha iryo gurisha rya kabiri, ariko iyo habonetsemo inyungu si we uyihabwa ihabwa nyiri umutungo watejwe cyamunara. | auctioned again within seven (7) days. The successful bidder who failed to pay the price is liable for the loss which ought to result from the second auction, but not entitled to claim any surplus if the second price is higher, the surplus goes rather to the property's owner. | enchères dans un délais de sept (7) jours. Le meilleur enchérisseur qui n'en fait pas le payement est tenu da payer la perte résultant de la deuxième vente aux enchères, mais,en cas d'excédent, il n'en bénéficie pas. |
| **<u>Ingingo ya 265</u>: Gukemura impaka zivutse mu igabana ry'amafaranga ya cyamunara** | **<u>Article 265</u>: Resolution of disputes arise during the distribution of the proceeds of the auction** | **<u>Article 265</u>: Règlement des différends nés lors de la distribution des produits de la vente aux enchères** |
| Impaka zivutse mu igabana ry'amafaranga yavuye mu byagurishijwe muri cyamunara, biregerwa urukiko rw'ibanze rw'aho cyamunara yabereye cyangwa Urukiko rw'ubucuruzi mu gihe harangizwa urubanza rwaciwe n'inkiko z'ubucuruzi. Bene izo manza ziburanishwa mu bihe bw'ibirego byihutirwa. | Disputes that arise during the distribution of the proceeds of the auction are filed in the primary court which has jurisdiction where the auction took place, or in commercial court in case the executed judgement was issued by a commercial court. Such judgements are heard in the same period as a for a summary procedure. | Les litiges nés lors de la distribution du produit de l'enchère sont portés devant le Tribunal de Base compétent du lieu de la vente aux enchères, ou devant un tribunal de commerce si le jugement exécuté a été rendu par un tribunal de commerce. Ces litiges sont examinés dans les même délais que ceux des référés. |
| **<u>Ingingo ya 266</u>: Raporo isoza cyamunara** | **<u>Article 266</u>: Reporting the closing of an auction** | **<u>Article 266</u>: Notification de la clôture d'une vente aux enchères** |
| Raporo isoza cyamunara igaragaza ibi bikurikira: | The report of the closing of an auction includes the following: | Le rapport de clôture d'une vente aux enchères comprend les éléments suivants: |
| 1° urubanza cyangwa inyandikompesha byarangizwaga; | 1° the judgement or enforcement order that was executed; | 1° le jugement ou titre exécutoire exécuté; |
| 2° niba harabayeho amasezerano y'ubwumvikane nta yabayeho; | 2° mention of the concluding of an agreement contract, if any; | 2° mention de la conclusion d'un contrat d'accord, le cas échéant; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° niba harakozwe ifatira ry'ibigomba kugurishwa n'igihe byafatiriwe; | 3° mention of the seizure made, if any, on the property to be auctioned and the date of seizure; | 3° mention de la saisie effectuée, le cas échéant, sur la propriété à vendre aux enchères et la date de la saisie; |
| 4° urutonde rw'ibyafatiriwe; | 4° a list of seized property; | 4° la liste des biens saisis; |
| 5° niba cyamunara yaratangajwe n'igihe byakorewe; | 5° mention of the publication of the auction, and the date of publication; | 5° mention de la publication de l'enchère et de la date de publication; |
| 6° urutonde rw'ibyagurishijwe muri cyamunara; | 6° a list of items sold in the auction; | 6° la liste des objets vendus dans la vente aux enchères; |
| 7° urutonde rw'abapiganye muri cyamunara; | 7° a list of the competitors in the auction; | 7° la liste des concurrents de l'enchère; |
| 8° igiciro cyagenwe n'abagenagaciro; | 8° the price fixed by valuers; | 8° le prix fixé par les experts; |
| 9° igiciro fatizo cyabwiye abapiganwa batagombaga kujya munsi; | 9° the minimum price given to competitors; | 9° le prix minimum donné aux concurrents; |
| 10° igiciro umutungo wagurishijweho muri cyamunara; | 10° the final price at which the property was sold; | 10° le prix final auquel la propriété a été vendue; |
| 11° umwirondoro w'uwawegukanye; | 11° the identity of the purchaser; | 11° l'identité de l'acheteur; |
| 12° uburyo n'igihe yishyuriye; | 12° the way and time of payment; | 12° le mode et l'heure du paiement; |
| 13° igihe ugomba kwishyurwa yishyuriwe n'uburyo yishyuwemo. | 13° the time and way of payment of the creditor. | 13° l'heure et le mode de paiement du créancier. |
| Iyo cyamunara yasubitswe, yataye agaciro bitewe no kutishyura cyangwa yateshejwe agaciro ikongera gutangira, na byo bigaragazwa muri raporo. | When an auction is suspended, invalidated by failure to pay, or cancelled, and opens again, it is mentioned in the report. | Lorsqu'une enchère suspendue, invalidée pourdéfaut de paiement, ou annulée est réouverte, la réouverture doit faire objet d'un rapport. |

| | | |
|---|---|---|
| Inyandiko zigaragaza ibyakozwe byose zishyirwa ku mugereka w'iyi raporo igashyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa. | Documents specifying all actions taken are annexed to the report and the latter is published in the Database of Judgements Enforcement. | Les documents précisant toutes les mesures prises sont annexés au rapport et ce dernier est publié dans la Base de Données d'Exécution des Jugements. |
| **<u>Ingingo ya 267</u>: Ibishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa** | **<u>Article 267</u>: Database of Judgements Enforcement** | **<u>Article 267</u>: Base de données d'exécution des Jugements** |
| Inyandiko zikurikira zishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa: | The following documents are published on the Database of Judgements Enforcement: | Les documents suivants sont publiés sur la base de données d'exécution des Jugements: |
| 1° Imanza zateweho inyandikompuruza n'izindi nyandikompesha; | 1° judgements which have enforcement formula, and other enforcement orders; | 1° les jugements ayant une formule d'exécution et d'autres titres exécutoires; |
| 2° Amasezerano y'ubwumvikane yo kurangiza urubanza; | 2° contracts of agreement on the execution of judgements; | 2° contrats d'accord sur l'exécution des jugements; |
| 3° Inyandikomvugo y'ifatirabwishyu; | 3° statements of seizure; | 3° déclarations de saisie; |
| 4° Itangazo rya cyamunara; | 4° notices of public auction; | 4° avis d'enchères publiques; |
| 5° Raporo isoza cyamunara. | 5° reports of closing of auctions. | 5° rapports de clôture des enchères. |
| Imiterere y'Urubuga rw'Imanza zirangizwa, uko rucungwa n'ibindi bishobora kurujyaho bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze. | The organization, management and other possible content of the Database of Judgements Enforcement are determined by the Minister in charge of justice. | L'organisation, la gestion et tout autre contenu possible de la Base de Données d'Exécution des Jugements sont déterminés par le ministre ayant la justice dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 268</u>: Ihanwa ry'Umuhesha w'Inkiko utubahirije inshingano ze** | **<u>Article 268</u>: Sanctions against a court bailiff for violation of his/her duties** | **<u>Article 268</u>: Sanctions contre un huissier de justice pour violation de ses devoirs** |
| Umuhesha w'Inkiko utubahirije inshingano ze cyangwa utazubahirije mu bihe biteganywa n'amategeko ahanishwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000) bitabujije uwabikoze kuba yacibwa indishyi zikwiye umuburanyi warenganyijwe n'iryo kosa n'ibindi bihano biteganywa n'amategeko. | A court bailiff who violates his/her duties or who does not comply with time limits provided for by laws is liable to payment of damages from one hundred thousand (Frw 100.000) to two hundred thousand (Frw 200,000) Rwandan francs, without prejudice to other damages which he or she may be ordered to pay to a party who is a victim of the violation, and other sanctions provided for by laws. | Un huissier de justice qui enfreint ses devoirs ou qui ne respecte pas les délais prévus par la loi est passible de dommages et intérêts d'au moins cent mille (100.000) francs rwandais mais n'excédant pas deux-cent mille (200.000) francs rwandais, sans préjudice aux autres dommages-intérêts auxquels il peut être condamné à payer à la victime de la violation et aux autres sanctions prévues par la loi. |
| Bene ibi birego biregerwa Urukiko rw'Ibanze rw'aho umutungo wafatiriwe uherereye cyangwa Urukiko rw'Ubucuruzi mu gihe harangizwa urubanza cyangwa izindi nyandikompesha zirekeranye n'ubucuruzi. | Such claims are filed in the primary court which has jurisdiction where the seized property is located, or in commercial court in case the executed judgement or other enforcement orders related to commerce. | Ces litiges sont portés devant le Tribunal de Base compétent du lieu des biens saisis, ou devant un tribunal de commerce, en cas d'exécution d'un jugement ou d'autres titres exécutoires de nature commerciale. |

| | | |
|---|---|---|
| **INTERURO YA VII: AMAGARAMA Y'URUKIKO** | **TITLE VII: COURT FEES** | **TITRE VII: FRAIS DE JUSTICE** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGWATE Y'AMAGARAMA** | **CHAPTER ONE: COURT FEES** | **CHAPITRE PREMIER: FRAIS DE JUSTICE** |
| **Ingingo ya 269: Itangwa ry'ingwate y'amagarama n'isubizwa ryayo** | **Article 269: Depositing and refunding of court fees** | **Article 269: Dépôt et remboursement des frais de justice** |
| Ingwate y'amagarama igenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano. Itangwa mu bihe bikurikira: | Deposit of court fees is provided by the Minister in charge of justice. The deposit is done in case of: | Le dépôt des frais de justice est assuré par le Ministre ayant la justice dans ses attributions. Le dépôt est effectué dans les cas suivants: |
| 1° gutanga ikirego; | 1° filing action; | 1° l'acte introductif d'instance; |
| 2° gusubirishamo urubanza; | 2° opposition; | 2° l'opposition; |
| 3° kujurira; | 3° appeal; | 3° l'appel; |
| 4° gutambamira urubanza; | 4° third party opposition; | 4° la tierce opposition; |
| 5° kubyutsa urubanza rwasibwe; | 5° application for reintroduction of proceedings; | 5° la réintroduction d'instance; |
| 6° gusubirishamo urubanza ingingo nshya; | 6° application for review; | 6° le recours en révision; |
| 7° kugoboka ku bushake mu rubanza rw'abandi; | 7° voluntary interventions; | 7° l'interventions volontaires; |
| 8° gutanga ikirego cy'inyandiko nsobanurakibazo itanzwe n'umuburanyi umwe; | 8° experte application; | 8° la requête unillarale; |
| 9° gutanga ikirego cy'inyandiko nsobanurakibazo isinyweho n'ababuranyi bombi; | 9° file a joint application; | 9° la requête conjointe; |
| 10° ahandi hagenwa n'itegeko. | 10° another location provided for by law. | 10° d'autres cas pouvant être déterminés par la loi. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo urega atsinze, urukiko rutegeka ko uwatsinzwe amusubiza amafaranga ahwanye n’ingwate y’amagarama yatanzwe. Iyo uwasonewe gutanga ingwate y’amagarama atsinze, amafaranga y’igarama acibwa uwatsinzwe ashyirwa mu isanduku ya Leta. | When the claimant wins the case, the court orders the respondent to refund him/her with the equivalence of the court fees paid. When a claimant is exempted from paying court fees and wins the case, the court fees are charged on the respondent and transferred to the Public Treasury. | Lorsque le demandeur gagne le procès, la juridiction ordonne au défendeur de le restituer les frais de justice consignés. Lorsqu'un demandeur dispensé de payer les frais de justice gagne le procès, les frais de justice sont déposés au au Trésor Public. |
| **<u>Ingingo ya 270</u>: Abantu basonewe gutanga ingwate y’amagarama** | **<u>Article 270</u>: Persons exempted from depositing court fees** | **<u>Article 270</u>: Personnes exemptées de la consignation de frais de justice** |
| Aba bakurikira basonerwa gutanga ingwate y’amagarama: | The following persons are exempted from depositing court fees: | Les personnes suivantes sont exemptées de la consignation de frais de justice: |
| 1° abatishoboye, iyo berekanye icyemezo gitangwa n’inzego z’ubutegetsi zibishinzwe z’aho batuye; | 1° a destitute with a certificate of indigence issued by competent authority of their residence; | 1° un indigent avec un certificat d'indigence délivré par l'autorité compétente de sa résidence; |
| 2° Leta y’u Rwanda, uretse ibigo byayo n’inzego zayo bifite ubuzima gatozi; | 2° the Government of Rwanda, except its corporations with legal personality; | 2° le gouvernement du Rwanda, à l'exception de ses établissements et institutions ayant une personnalité morale; |
| 3° abana bahagariwe n’abatishoboye; | 3° children represented by destitute persons; | 3° les enfants représentés par des indigents; |
| 4° abahagarariye abana baregeye indishyi mu manza z’ibyaha byerekeye gusambanya umwana. | 4° representatives of children who filed complaints for the payment of damages, in criminal cases related to child defilement. | 4° les enfants ayant fait des demandes en paiement de dommages-intérêts, dans les affaires pénales liées au viol sur enfant. |
| Abavugwa muri iyi ngingo basonewe gutanga amagarama, basonerwa no gucibwa amagarama iyo batsinzwe urubanza. | Persons mentioned in this Article who do not pay court fees are also exonerated from paying court fees when they lose the case. | Les personnes mentionnées dans cet article qui ne paient pas les frais de justice sont également |

| | | |
|---|---|---|
| | | exonérés de payer les frais de justice lorsqu'ils perdent le procès. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: UMUBARE W'AMAFARANGA Y'URUKIKO** | **<u>CHAPTER II</u>: SCALE OF COURT FEES** | **<u>CHAPITRE II</u>: TARIF DES FRAIS DE JUSTICE** |
| **<u>Ingingo ya 271</u>: Ikiguzi cy'inyandiko zitangwa mu nkiko** | **<u>Article 271</u>: Fees for documents submitted to court** | **<u>Article 271</u>: Tarifs des documents soumis à la justice** |
| Buri rupapuro rwa dosiye y'urukiko rurishyurwa iyo urusaba akeneye kurutwara. | Any page of a document from the court is subject to payment when an interested person wants to get a copy from it. | Toute page d'un document émanant d'une juridiction est sujette à une taxe, si une personne intéressée veut en obtenir une copie. |
| Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena ikiguzi cya buri rupapuro. | An order of the Minister in charge of Justice determines the price per page. | Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine le prix par page. |
| Abasonerwa kwishyura ingwate y'amagarama, basonerwa no kwishyura inyandiko zivugwa muri iyi ngingo iyo bazikeneye. Munsi y'urwo rupapuro rutanzwe, bandikaho ko rutangiwe ubuntu, impamvu na gihamya cyabyo, kopi yabyo ikabikwa mu rukiko. | Persons exempted from depositing court fees are also exempted from paying the documents referred to in this Article when they need copies. In the margin of the document, it is mentioned that it is delivered free of charge, the reason and justification, and a copy of the delivered document is conserved in court. | Les personnes exemptées du dépôt de la consignation de frais de justice sont également exemptées du paiement des documents mentionnés dans cet article lorsqu'elles en ont besoin. En marge la la page du document, il est mentionné qu'il est livré gratuitement, la raison et la justification, et une copie du document délivré est conservée à la cour. |
| **<u>Ingingo ya 272</u>: Igenwa ry'amafaranga y'ibyakoreshejwe mu iburanisha** | **<u>Article 272</u>: Determination of court proceedings expenses** | **<u>Article 272</u>: Détermination des frais de procédure judiciaire** |
| Iteka rya Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze rigena uburyo amafaranga | An Order of the Minister in charge of Justice sets the methods for calculating the allowances | Un arrêté du Ministre ayant la Justice dans ses attributions fixe les modalités de calcul de la |

| | | |
|---|---|---|
| ahabwa abatangabuhamya, abaganga, abasemuzi n'abandi bahanga, abarwa. | to be paid to witnesses, medical doctors, interpreters and other experts. | indemnités à verser aux témoins, médicaux médecins, interprètes et autres experts. |
| **<u>Ingingo ya 273</u>: Ibishingirwaho mu kugena amafaranga akoreshwa mu iburanisha** | **<u>Article 273</u>: Methods for calculating fees spent during the hearings** | **<u>Article 273</u>: Méthodes de calcul des frais dépensés lors des audiences** |
| Amafaranga ahabwa abatangabuhamya, abaganga, n'abandi bahanga **a**genwa n'inteko y'Urukiko imaze kubona impapuro zikubiyemo ibi bikurikira: | The allowances payable to witnesses, medical doctors, other experts, are determined by the trial bench after receiving documents that contain: | Les indemnités à allouer aux témoins, médicaux, médecins et autres experts sont déterminés par le siège au vu de mémoires contenant: |
| 1° umunsi imirimo yasabiweho gukorwa n'izina ry'umucamanza wayisabye; | 1° the date of request for the services and the name of the requesting judge; | 1° la date de la réquisition et le nom du juge dont elle émane; |
| 2° ubwoko bw'urubanza n'amazina y'ababuranyi; | 2° the nature of the case and the names of the parties; | 2° la nature du litige et les noms des parties; |
| 3° ubwoko bw'imirimo, umunsi yakoreweho n'igihe yakozwemo, kimwe n'ibisobanuro byerekana umubare w'amafaranga yayitanzweho. | 3° the nature, date and duration of the services rendered as well as the details surrounding their costs; | 3° la nature, la date et la durée des prestations ainsi que les éléments du calcul de leur coût ; |
| Amafaranga avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, yishyurwa n'umuburanyi watsinzwe. Urukiko rushobora igihe bibaye ngombwa kwishyura amafaranga akenewe mu guhemba inzobere cyangwa umusemuzi. | Allowances and fees referred to in paragraph One of this Article are drawn from the court and refunded by the losing party. The court may, whenever necessary, pay required fees for an expert or an interpreter. | Les indemnités et frais visés à l'alinéa premier du présent article sont avancées par la caisse de la juridiction mais remboursés par la partie perdante. La juridiction peut, si nécessaire, payer les honoraires d'un expert ou un interprète. |
| Urukiko rushobora mu gihe bibaye ngombwa gusaba ababuranyi gutanga amafaranga akenewe mu guhemba inzobere cyangwa | The court may, where necessary, request the parties to pay honoraria for experts and interpreters. The losing party refunds to the | La juridiction peut, en cas de nécessité, demander aux parties de payer les honoraires des experts et des interprètes. La partie |

| | | |
|---|---|---|
| umusemuzi. Utsinze urubanza yishyurwa n'uwatsinzwe amafaranga yatanze ku nzobere no ku musemuzi. | winning party the honoraria's paid to experts and interpreters. | perdante rembourse à la partie ayant obtenu gain de cause les frais versés pour les honoraires des experts et des interprètes. |
| **<u>INTERURO YA VIII</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>TITLE VIII</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>TITRE VIII</u>: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO ZINYURANYE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: MISCELLANEOUS PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS DIVERSES** |
| **<u>Ingingo ya 274</u>: Ingingo zigenga ibihe byagenwe** | **<u>Article 274</u>: Provisions governing fixed time limits** | **<u>Article 274</u>: Dispositions régissant les délais établis** |
| Usibye mu gihe itegeko ryaba ribiteganya ukundi, ibihe byagenwe mu manza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz`ubutegetsi bikurikiza amategeko avugwa muri uyu mutwe. | Unless the law provides otherwise, time limits fixed in civil, commercial, labour and administrative cases are governed by the provisions of this Chapter. | Sauf si la loi en dispose autrement, les délais établis en matière de procédure civile, commerciale, sociale et administrative sont soumis aux règles énoncées au présent chapitre. |
| **<u>Ingingo ya 275</u>: Ibarwa ry'ibihe bibarwa mu minsi cyangwa mu masaha** | **<u>Article 275</u>: Calculating time limits set in terms of days or hours** | **<u>Article 275</u>: Computation des délais fixés en jours ou en heures** |
| Ku bihe bibarwa mu minsi cyangwa mu masaha, bibarwa umunsi ku munsi, n'isaha ku isaha hakurikijwe igihe bimara kandi umunsi igikorwa cyakoreweho ntubarwamo, ahubwo habarwa umunsi wa nyuma kigomba kurangiriraho. | The time limits set in terms of days or hours shall be calculated from date to date, or hour to hour. The day of the act or event that gave rise to the claim is not taken into account but the day of expiration is included. | Les délais fixés en jour ou en heures se comptent de jour au jour ou d'heure à heure et ne comportent point le jour de l'acte ou de l'événement qui leur donne cours, tandis qu'ils comprennent intégralement le jour de leur échéance. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 276</u>: Ibarwa ry'ibihe ku birebana n'iminsi y'ikiruhuko yemewe n'iminsi y'impera y'icyumweru** | **<u>Article 276</u>: Calculating official public holidays and week ends** | **<u>Article 276</u>: Computation des jours fériés officiels et weekends** |
| Iminsi y'ikiruhuko yemewe n'iminsi y'impera y'icyumweru ntabwo ibarwa mu kubara ibihe bivugwa mu ngingo ya 275. Nyamara, iyo umunsi igikorwa kigomba kurangiriraho ari umunsi w`ikiruhuko, icyo gihe cyongerwaho umunsi ukurikira w'akazi. | Official public holidays and weekends are not included in computing the periods provided for by Article 275. However, if the last date on which an act is supposed to end is a public holiday, the expiry of the time limit is extended to the next working day. | Les jours fériés officiels et les weekends ne sont pas compris dans les délais prévus à l'article 275 de la présente loi. Toutefois, si le jour de l'échéance est un jour férié officiel, l'échéance du délai est reportée au plus prochain jour ouvrable. |
| **<u>Ingingo ya 277</u>: Ibarwa ry'ibihe byagenwe mu mezi no mu mwaka** | **<u>Article 277</u>: Counting periods fixed in months and years** | **<u>Article 277</u>: Computation des délais établis en mois et en années** |
| Ku bihe byagenwe mu mezi no mu mwaka, bibarwa kuva ku itariki ibanza kugeza ku munsi ubanziriza itariki ya nyuma igikorwa kigomba kurangiriraho. | The periods fixed in months and years are counted from the first date to the eve of the last day. | Les délais établis en mois et en années se comptent de quantième à veille de quantième. |
| **<u>Ingingo ya 278</u>: Igihe umuburanyi yakererewe kwiyambaza inzira zo kujurira** | **<u>Article 278</u>: Delay in filing an appeal** | **<u>Article 278</u>: Introduction d'un recours tardif** |
| Igihe umuburanyi yakererewe kwiyambaza inzira z'ubujurire bitewe n'impamvu zikomeye zitunguranye kandi zidaturutse ku bushake bwe, igihe cyo kujurira kirongerwa kugeza igihe izo mpamvu zirangiriye. | If a party delays in complying with time limits of appeal procedures due to exceptional reasons that are beyond his/her control, the time limit for filing the appeal is extended until such reasons cease to exist. | En cas d'introduction d'un recours tardif, par suite d'une circonstance exceptionnelle indépendante de la volonté du demandeur, le délai de recours est prolongé d`office jusqu'à la cessation de l'empêchement. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA II: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER II: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE II: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 279: Cyamunara ikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga** | **Article 279: Auction by electronic means** | **Article 279: Vente aux enchères fait par voie électronique** |
| Cyamunara ikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga itangira gukurikizwa nyuma y'amezi atandatu (6) uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Mbere y'icyo gihe hakoreshwa uburyo bwa cyamunara bwari busanzwe. | Auction conducted by electronic means starts operating six (6) months from the date of pulication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. Before that date, the existing auction modalities continue to be applicable. | La vente aux enchères fait par voie électronique entre en vigueur dans un délai de six (6) mois à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda. Toute la période antérieure est soumise à la procédure de vente aux enchères qui était précédamment en vigueur. |
| **Ingingo ya 280: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu Nkiko** | **Article 280: Law applicable to pending cases** | **Article 280: Loi applicable aux affaires pendantes** |
| Imanza zikiburanishwa mu nkiko igihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa, ziburanishwa mu buryo bukurikije iri tegeko, ariko ntacyo rihinduye ku mihango y'iburanisha yakozwe mbere y'uko ritangazwa. | Cases pending before courts at the time of publication of this Law are governed by provisions of this Law. However, procedural acts already conducted before its publication remain valid. | Les affaires pendantes devant les cours et tribunaux à la date d`entrée en vigueur de la présente loi sont jugées en application de la présente loi sans aucun effet rétroactif sur les actes de procédure accomplis avant la publication de la présente loi. |
| **Ingingo ya 281: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **Article 281: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 281: Initiation, examen et adoption de la présente loi.** |
| Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 282</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 282</u>: Repealing provision** | **<u>Article 282</u>: Disposition abrogatoire** |
| Itegeko n°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 rigena imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Law n° 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, and all other prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed. | La Loi n° 21/2012 du 14/06/2012 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative et toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 283</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 283</u>: Commencement** | **<u>Article 283</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 29/04/2018<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | Kigali, on 29/04/2018<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | Kigali, le 29/04/2018<br><br>(sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| (sé)<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe | (sé)<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Prime Minister | (sé)<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>(sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |